# IKINYARWANDA

## AMASHURI NDERABAREZI (TTC)

## IGITABO CY'UMWARIMU

# 2

### ISHAMI RY'INDIMI N'UBUREZI

© 2020 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze,
Iki gitabo ni umutungo wa Leta y' u  Rwanda

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki  gitabo bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

## IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

| | |
|---|---|
| **NCDC** | National Curriculum Development Center |
| **REB** | Rwanda Basic Education Board |
| **CTLRD** | Curriculum Teaching and Learning Resources Department |
| **USSD** | Unstructured Supplimentary Service Data |
| **MTN** | Mobile Telephone Network |
| **SMS** | Short Message Service |
| **RFI** | Radio France Internationale |
| **WWW** | World Wide Web |
| **Gov.** | Government |
| **Rw** | Rwanda |
| **Ltd** | Limited |
| **FRW** | Franc Rwandais |
| **VISA** | Virtual Instrument System Architecture |
| **nt.** | Inteko |
| **GR** | Ingombajwi y'indagi |
| **D** | Indomo |
| **J** | Inyajwi |
| **C** | Igicumbi |
| **Co** | Igicumbi kirimo inyajwi o |
| **Ce** | Igicumbi kirimo inyajwi e |
| **Z** | Umuzi |
| **Zo** | Umuzi urimo inyajwi o |
| **Ze** | Umuzi urimo inyajwi e |
| **RT** | Indanganteko |
| **RS** | Indangasano |
| **Rkzn** | Indangakinyazina |
| **GNT** | Igenantego |
| **Rsh** | Indanganshinga |
| **Rgh** | Indangagihe |
| **KN** | Akano |
| **RU** | Indangacyuzuzo |
| **MPN** | Impakanyi |
| **GRK** | Ingereka |
| **+** | Ukwiyunga kw'inyajwi cyangwa ingombajwi. |
| **→** | Ihinduka, bibyara |
| **Ø** | Iburizwamo, ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya. |

# IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze runejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa mbere, kigenewe amashuri nderabarezi, Ishami rya Siyansi n'Uburezi n'Ishami ry' Imbonezamubano n'Uburezi.

Iki gitabo kizababafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri hanozwa imyigishirize y'ibiteganyijwe mu nteganyanyigisho yashyizwe ahagaragara mu mwaka wa 2019.

Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegura abanyeshuri kugira ngo bagire ubushobozi buzababafasha mu mirimo iboneka mu muryango nyarwanda no gukomeza amashuri yabo muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru bitandukanye.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi  kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo  ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu, abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose.

Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganywe muri iyo myigire. Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira :

- Gutegura isomo no  gutegura imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa

buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.

- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udushya kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye.

Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu :

Igice cya mbere gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose n'ibikorwa byose biri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo abanyeshuri bamurikira abandi.

Twizeye ko iki gitabo kizafasha umwarimu kwigisha neza Ikinyarwanda no gutoza umuco kibumbatiye. Kizamufasha kandi gukundisha abanyeshuri umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize kugira ngo bakurane inyota yo gutahura ibyiza by'Ikinyarwanda, kugisesengurana ubushishozi no kugikundisha abandi.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**
**Umuyobozi Mukuru wa REB**

## GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kwandikwa uko bikwiye iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi. Nejejwe no gushima ubufatanye n'ubwitange batugaragarije.

Mbere na mbere ndashimira inzego nkuru zishinzwe uburezi mu Rwanda zakurikiraniye hafi umurimo wo kwandika iki gitabo.

Ndashimira abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kwandika ibitabo by'amashuri nderarezi.

Ndashimira nanone abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye bitanze batizigamye kugira ngo iki gitabo gishobore kwandikwa.

Byongeye kandi ndashimira abayobozi b'ibigo by'amashuri bitandukanye bemereye abarimu babo kuza gufatanya natwe kwandika no gukosora iki gitabo.

Ndashimira kandi abashushanyije amashusho yakoreshejwe muri iki gitabo n'abatuganyije iki gitabo.

Ndangije nshimira by'umwihariko, Ikigo cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) ku bufatanye gihuriyeho na Leta y'u Rwanda kibinyujije mu mushinga USAID Soma Umenye, cyateye inkunga bimwe mu bikorwa byo kwandika iki gitabo.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**
**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho (CTRLD)**

## ISHAKIRO


**IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE .......................... iii**

**IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE ...................................... 1**

1. Imiterere y'igitabo ...................................................................... 1
2. Imbonezamasomo ........................................................................ 2

**IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO ................................................................ 13**

1. Isomo ryo gusoma no kumva umwandiko ................................ 13
2. Isomo ryo gusoma no gusesengura umwandiko ......................... 17
3. Isomo ry'ubuvanganzo ................................................................. 22
4. Isomo ry'ikibonezamvugo ........................................................... 26

**IGICE CYA III: IMBONEZAMASOMO Z'AMASOMO ARI MURI BURI MUTWE ..................................................................... 30**

UMUTWE 1: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE .......................... 31

I.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ......................................... 31
I.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ..................................... 31
I.3. Ingingo nsanganyamasomo ....................................................... 31
I.4. Igikorwa cy'umwinjizo ............................................................... 32
I.5. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe agenewe .............. 32
I.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere ............................. 53
I.7. Isuzuma risoza umutwe wa mbere ........................................... 54
I.8. Ibikorwa by'inyongera ............................................................... 57
I.9. Amakuru y'inyongera .................................................................. 58

UMUTWE 2: UMUCO NYARWANDA ................................................ 61

II.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ........................................ 61
II.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi .................................... 61
II.3. Ingingo nsanganyamasomo ...................................................... 61
II.4. Igikorwa cy'umwinjizo .............................................................. 62
II.5. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe agenewe ............. 62
II.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri .......................... 142
II.7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri .......................................... 142
II.8. Ibikorwa by'inyongera ............................................................ 146
II.9. Amakuru y'inyongera ............................................................... 148

UMUTWE 3: UBUZIMA BW'IMYORORORKERE ............................ 151

III.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ..................................... 151
III.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ................................ 151
III.3. Ingingo nsanganyamasomo ................................................ 151
III.4. Igikorwa cy'umwinjizo ....................................................... 152
III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe agenewe ......... 152
III.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatatu ........................ 186
III.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu ..................................... 187
III.8. Ibikorwa by'inyongera ........................................................ 191
III.9. Amakuru y'inyongera .......................................................... 193

UMUTWE 4: KUBAKA UMUCO W'AMAHORO ............................. 195

IV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ..................................... 195
IV.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ............................... 195
IV.3. Ingingo nsanganyamasomo ................................................ 195
IV.4. Igikorwa cy'umwinjizo ....................................................... 195
IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe agenewe ........... 196
IV.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane .......................... 232
IV.7. Isuzuma risoza umutwe wa kane ....................................... 232
IV.8. Ibikorwa by'inyongera ....................................................... 235
IV.9. Amakuru y'inyongera ......................................................... 239

UMUTWE 5: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE .......................... 241

V.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ...................................... 241
V.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ................................ 241
V.3. Ingingo nsanganyamasomo ................................................. 241
V.4. Igikorwa cy'umwinjizo ........................................................ 242
V.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe agenewe ......... 242
V.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatanu ........................ 253
V.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu ..................................... 254
V.8. Ibikorwa by'inyongera ......................................................... 257
V.9. Amakuru y'inyongera ........................................................... 258

UMUTWE 6: GUKUNDA IGIHUGU ............................................. 261

VI.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe .................................... 261
VI.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ............................... 261
VI.3. Ingingo nsanganyamasomo ................................................ 261
VI.4. Igikorwa cy'umwinjizo ....................................................... 262
VI.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe agenewe ... 262

VI.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu ..................286
VI.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu ...............................287
VI.8. Ibikorwa by'inyongera .........................................................290
VI.9. Amakuru y'inyongera ..........................................................293

UMUTWE 7: GUKUNDA UMURIMO ............................................295

VII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ....................................295
VII.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ..............................295
VII.3. Ingingo nsanganyamasomo ................................................295
VII.4. Igikorwa cy'umwinjizo .......................................................396
VII.5. Amasomo ari mu mutwe wa karindwi n'igihe agenewe....396
VII.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa karindwi ..................327
VII.7. Isuzuma risoza umutwe wa karindwi ................................327
VII.8. Ibikorwa by'inyongera........................................................330
VII.9 Amakuru y'inyongera...........................................................331

UMUTWE 8: UMUCO WO KUZIGAMA..........................................333

VIII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe ..................................333
VIII.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi .............................333
VIII.3. Ingingo nsanganyamasomo...............................................333
VIII.4. Igikorwa cy'umwinjizo .....................................................334
VIII.5. Amasomo ari mu mutwe wa munani n'igihe agenewe ...334
VIII.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa munani ..................352
VIII.7. Isuzuma risoza umutwe wa munani.................................353
VIII.8. Ibikorwa by'inyongera .......................................................356
VIII.9. Amakuru y'inyongera ........................................................360

UMUTWE 9: UBUKORONI .............................................................361

IX.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe .....................................361
IX.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi ................................361
IX.3. Ingingo nsanganyamasomo..................................................361
IX.4. Igikorwa cy'umwinjizo .........................................................362
IX.5. Amasomo ari mu mutwe wa kenda n'igihe agenewe..........362
IX.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kenda ........................387
IX.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu......................................387
IX.8. Ibikorwa by'inyongera ..........................................................390
IX.9. Amakuru y'inyongera ...........................................................392

# IGICE CYA I: INTANGIRIRO RUSANGE

## 1. Imiterere y'igitabo

Iki gitabo kigenewe umwarimu wigisha mu mwaka wa kabiri mu ishuri nderabarezi, Ishami ry'Indimi n'Uburezi. Iki gitabo ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kumworohereza kwigisha amasomo atandukanye y'Ikinyarwanda. Iki gitabo kijyanye n'igitabo cy'umunyeshuri. Ni yo mpamvu umwarimu atagikoresha ukwacyo; ahubwo cyuzuzanya n'icy'umunyeshuri. Cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) mu mwaka wa 2019.

Iki gitabo kigabanyijemo ibice bitatu: Igice cya mbere kigizwe n'intangiriro rusange, igice cya kabiri kigizwe n'imiteguro y'amasomo atandukanye, igice cya gatatu kigizwe n'imbonezamasomo z'amasomo ari muri buri mutwe.

Iki gitabo kigizwe n'imitwe ikenda. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wibandaho kandi izo nsanganyamatsiko zikavugwaho mu myandiko inyuranye no ngero z'interuro zitangwa. Izo nsanganyamatsiko ni izijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye, umuco nyarwanda, ubuzima bw'inyororokere, kubaka umuco w'amahoro, kubungabunga ibidukikije, gukunda Igihugu, gukunda umurimo, umuco wo kuzigama n'ubukoroni. Muri buri mutwe harimo kandi ubumenyi bw'ururimi umunyeshuri akeneye mu gukoresha ururimi yubaka interuro ziboneye, avuga cyangwa yandika.

Buri mutwe ugiye ugabanyijemo amasomo anyuranye bitewe n'imiterere y'ibyigwa. Bityo buri somo rigenerwa igihe rizigishwamo bitewe n'uko riteye. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rizafasha umwarimu gusuzuma ubushobozi bw'abanyeshuri kugira ngo arebe ko ari ngombwa guhita atangira undi mutwe cyangwa se ko agomba gusubira mu masomo atarumvikanye neza.

Muri iki gitabo harimo imyitozo myinshi n'ibisubizo byayo. Nyuma ya buri somo hateganyijwe imyitozo ndetse na nyuma ya buri suzuma hateganyijwe imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi. Iyo myitozo ikurikirwa n'imyitozo y'inyongera. Icyakora imyitozo iri mu gitabo si kamara umwarimu yayiherago agashaka indi akurikije ikigero abanyeshuri bagezeho n'aho ishuri rye riherereye.

Muri iki gitabo kandi hateganyijwe amasomo ntangarugero afasha umwarimu gutegura no gutanga amasomo ye uko bikwiye. Harimo kandi n'ubumenyi bw'inyongera ku mitwe imwe n'imwe bitewe n'aho bukenewe.

Iki gitabo kirimo imbonezamasomo ihishurira umwarimu uburyo bwo kwigisha amasomo anyuranye ku buryo abanyeshuri babasha kugera ku bushobozi busabwa muri ayo masomo. Mu kwigisha rero, umwarimu asabwa gusuzuma ko intego yihaye yagezweho nyuma ya buri somo ndetse ko n'ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe bwagezweho.

**Dore uko amasomo akurikirana muri iki gitabo:**

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

Isomo rya kane : Kungurana ibitekerezo

Isomo rya gatanu: Ubuvanganzo/ ikibonezamvugo

Mu isomo rya kane haba hakubiyemo umwitozo wo kungurana ibitekerezo. Ariko uyu mwitozo si ngombwa ko ugaruka buri gihe muri buri gice; biterwa n'ibisabwa mu bikorwa by'umunyeshuri biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Igice cya gatanu kigaragaramo ubuvanganzo, ikibonezamvugo cyangwa ubumenyi bw'ururimi. Cyakora hari igihe byose bishobora kuba biteganyijwe mu nteganyanyigisho bityo n'umubare w'amasomo mu mutwe runaka ukiyongera.

## 2. Imbonezamasomo

### 2.1. Imyigishirize ishingiye ku bushobozi

Guhera mu mwaka wa 2015 mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye u Rwanda rwasezereye imyigire n'imyigishirize yari ishingiye ahanini ku bumenyi, rwinjira mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bukomatanya ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha. Bityo imyigire n'imyigishirize yahaga umwarimu umwanya munini isimburwa n'imyigire n'imyigishirize iha abanyeshuri uruhare runini. Ni imyigire iha umunyeshuri ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bimufasha gushyira mu bikorwa ibyo yize ndetse no gutanga ibisubizo by'ibibazo ahura na byo mu buzima bwe n'ubw'abandi.

Mu myigire ishingiye ku bushobozi abanyeshuri ni bo bahabwa uruhare runini mu myigire yabo. Umwarimu ahera ku byo abanyeshuri basanzwe bazi kandi bafitiye ubushobozi, akababafasha kuvumbura ibindi bungurana ibitekerezo mu matsinda yabo. Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda umwarimu agenda abayobora atanga ubufasha ku babukeneye. Iyo barangije kungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyo bagezeho, nyuma bagafatanya n'umwarimu kunonosora iby'ingenzi basigarana. Abanyeshuri ntibagomba gufatwa nk'aho nta cyo bazi, kandi nta bwo umwarimu akwiye kumva ko ari we ufite ubumenyi agomba kubapakiramo, bo nta cyo bakora mu myigire yabo.

**Ubushobozi nsanganyamasomo**

Iki gitabo cy'umwarimu cy'umwaka wa kabiri giteguye ku buryo hagaragaramo ubushobozi nsanganyamasomo bukurikira: ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, ubushakashatsi, gusabana mu Kinyarwanda, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Ibibazo bimwe na bimwe byo kumva no gusesengura umwandiko biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse. Bimufasha gukemura ibibazo ahura na byo yifashishije ibyo yize. Mu bisubizo by'ibyo bibazo ni ho ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bugaragarira. Ahandi ubwo bushobozi bugaragarira ni mu myanzuro y'ibibazo byo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Ni mu gihe kandi kuko biba ari ibibazo bituma abanyeshuri batekereza cyane uburyo bakemura ibibazo bashobora guhura na byo mu buzima bwabo bwa buri munsi.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitozo yo guhanga iha abanyeshuri urubuga rwo guhanga imyandiko y'ingeri z'ubuvanganzo zinyuranye. Iyi myitozo ni yo ituma abanyeshuri bimakaza umuco wo guhanga udushya.

Mu myitozo y'inyunguramagambo abanyeshuri basabwa gukoresha inkoranyamagambo bashaka ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe, ni ho ubushakashatsi bugaragarira. Iki gitabo kandi giteguye ku buryo umwarimu asaba abanyeshuri gukora ubushakashatsi bitabira amasomero bagahabwa ibibazo bakwifashisha kugira ngo basesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo runaka.

Abanyeshuri basabana kandi mu Kinyarwanda bajya impaka cyangwa bungurana ibitekerezo na bagenzi babo. Umwarimu agomba kubatoza kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi babo mu bwubahane.

Hakubiyemo kandi imyitozo isaba abanyeshuri gukorera mu matsinda anyuranye. Iyi myitozo ituma abanyeshuri bagira ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

Mu gihe umunyeshuri yiga, ahabwa kandi imikoro inyuranye akorera ahandi hatari ku ishuri nko mu rugo cyangwa mu isomero. Iyi myitozo ni yo imufasha kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.

Iyo umwarimu yigisha agomba kwita ku myitozo ikubiyemo ubu bushobozi nsanganyamasomo kugira ngo intego zabwo zigerweho.

## 2.2. Ingingo nsanganyamasomo

Ingingo nsanganyamasomo zibanzweho muri iki gitabo ni umunani. Izo ngingo nsanganyamasomo ni umuco w'amahoro, umuco wo kuzigama, umuco w'ubuziranenge, kubungabunga ibidukikije, jenoside, ubuzima bw'imyororokere, uburezi budaheza n'uburinganire n'ubwuzuzanye. Izi ngingo nsanganyamasomo zigaragarira mu mashusho, mu myandiko, mu bikorwa by'umunyeshuri no mu myitozo itandukanye kandi zigenda zigaragara mu mitwe itandukanye y'iki gitabo.

## 2.3. Kwita ku buryo bunyuranye bw'imyigire y'abanyeshuri

Mu myigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi bw'uwiga, umwarimu agomba kuzirikana ko abanyeshuri yigisha barimo ingeri zitandukanye. Mu ishuri abanyeshuri ntibanganya ubushobozi mu myigire yabo kandi n'uburyo bakoresha mu myigire yabo buratandukanye. Buri wese agira uburyo bwihariye bwo kwiga bumworohera kandi bumubangukira. Bamwe biga neza iyo bahawe ibisobanuro birambuye intambwe ku ntambwe, mu magambo cyangwa mu nyandiko, abandi bakiga neza babonye ibisobanuro rusange cyangwa inshamake.

Hari abiga neza ari uko bakoze ubushakashatsi bakivumburira, abandi bakiga neza bahereye ku mashusho, ibimenyetso no kureba uko ibintu bikorwa, mu gihe abandi biga neza ari uko bahuje ibintu bakabona amasano bifitanye. Hari abakunda guhanga udushya aho gusubira mu bintu bimwe naho abandi bakiga neza iyo bajya impaka banasobanurirana n'abandi.

Umwarimu rero agomba kugira uburyo bwo kwigisha butandukanye bufasha abo banyeshuri bose mu myigire yabo ariko yita buri gihe ku ihame ry'uko umunyeshuri ari we pfundo ry'imyigire n'imyigishirize. Ibi kandi abikora ahereye ku miterere ya buri somo, intego yaryo, imfashanyigisho zikoreshwa n'igihe rimara, uburyo bwihariye buri munyeshuri akoresha mu myigire ye, ubushobozi bwe n'uko asobanukirwa ibyo yiga.

## 2.4. Kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu ishuri, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Iyo umwarimu asoma, arangurura ijwi kugira ngo afashe abatumva neza ndetse n'abafite ubumuga bwo kutabona. Abatumva neza umwarimu abicaza hafi, akabasaba kumureba avuga, agakoresha amashusho aho bishoboka hose, agakoresha ibimenyetso n'amarenga uko abishoboye.

Abafite imbogamizi zo kutabona neza abicaza akurikije imiterere y'ubumuga bwo kutabona bafite bwaba ari imbonahafi cyangwa imbonakure. Bityo abafite imbonahafi abicaza hafi naho abafite imbonakure akabicaza ahitaruye. Abafite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, umwarimu abashakira umwanya bicaramo ubafasha mu myigire yabo.

Abafite ubumuga bwo mu mutwe, umwarimu atangira abafasha mu byo bakora ariko gahorogahoro akagenda agabanya ubufasha abagenera. Umwarimu arabareka bagakorana n'abandi banyeshuri kandi akabatera umwete mu byo bagenda bageraho n'imbaraga bakoresha.

Abagenda buhoro mu myigire yabo bagomba gushyirwa mu matsinda y'ababyumva kurusha abandi kugira ngo babazamure, kandi umwarimu akabibandaho ababaza n'iyo baba batateye urutoki kugira ngo basubize. Bahabwa kandi imyitozo yihariye ituma bazamura ubushobozi bwabo.

### 2.5. Uburyo isuzuma rikorwa

Umwarimu agomba kugenzura imyigire n'imyigishirize akusanya amakuru ajyanye n'uburyo buri munyeshuri yiga ndetse no gufata umwanzuro ku byo umunyeshuri yagezeho hashingiwe ku bipimo byagenwe mbere yo gukora isuzuma. Isuzuma rero ni igice k'ingenzi mu myigire n'imyigishirize. Muri iki gitabo cy'umwarimu, amasuzuma na yo yateguwe ashingiye ku bushobozi. Hakubiyemo ibibazo binyuranye bijyanye n'ubuzima bwa buri munsi bituma umunyeshuri ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Amasuzuma ari muri iki gitabo ari ukubiri: imyitozo y'isuzuma umwarimu agomba guha abanyeshuri nyuma y'isomo asuzuma ko intego z'isomo zagezweho. Hari kandi n'imyitozo y'isuzuma risoza umutwe ituma umwarimu afata umwanzuro wo gutangira undi mutwe. Kuri buri suzuma hategurwa kandi imyitozo nzamurabushobozi ikorwa n'abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma ryakozwe, hakaba n'indi myitozo nyagurabushobozi igenerwa abanyeshuri bagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo bize kurusha abandi ku buryo budasanzwe. Ibyo bifasha buri munyeshuri gukomeza gutera intambwe ashingiye ku bushobozi amaze kugeraho.

Nyuma yo gukora isuzuma, umwarimu agabanya abanyeshuri mu byiciro bibiri. Abatashoboye gutsinda isuzuma ryatanzwe akabaha imyitozo nzamurabushobozi ibafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize. Mu gihe barimo kuyikora, abagaragaje ubushobozi bwo kumva ibyo biga kurusha abandi bo baba bakora imyitozo nyagurabushobozi.

Isuzuma ritegurwa hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo cyangwa ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe. Isuzuma riteguye ku buryo risaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize.

Cyakora hagenda hagaragaramo n'ibibazo bike bimusaba kugaragaza ubumenyi bw'ibyo yize. Mu itegurwa ry'iri suzuma ibibazo bikurikirana hashingiwe ku nzego z'intego z'imyigire n'imyigishirize zagenwe n'umuhanga mu iyigandero Bulumu (Bloom). Ni ukuvuga ko ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego z'isomo ari byo bihabwa umwanya ugaragara muri iki gitabo kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi.

## 2.6. Imyigishirize ya buri somo

**Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

Muri iki gice hakubiyemo amasomo ajyanye no gusoman'inyunguramagambo

**Imbonezamasomo yo gusoma no gusobanura umwandiko.**

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko biganisha ku mwandiko bagiye gusoma. Ibyo bibazo bishobora gushingira ku mashusho ari mu gitabo cyangwa ku buzima busanzwe. Ibibazo bishingiye ku mashusho abanyeshuri babisubiza babanje kwitegereza amashusho yo ku mwandiko bagiye gusoma.

**b) Uko isomo ryigishwa**

- **Gusoma bucece**

Iyo abanyeshuri basoma umwandiko, babanza kuwusoma bucece nyuma bakaza kuwusoma baranguruye. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya. Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Umwarimu abatoza gusoma bucece badahwihwisa.

Mu gihe basoma bucece, umwarimu abasaba kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece umwarimu ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ni ibibazo byoroheje bidasaba kwinjira mu mwandiko cyane, abanyeshuri basubize bavuga.

- **Gusoma baranguruye**

Iyo abanyeshuri barangije gusoma umwandiko, bucece umwarimu abanza kuwubasomera by'intangarugero agaragaza isesekaza maze abanyeshuri

bakaza kuwusoma bamwigana. Mu gihe cyo gusoma baranguruye, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma batajijinganya.

Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo kugeza umwandiko urangiye. Umwarimu agomba kugenda akosora abanyeshuri aho basoma nabi, anagenzura kandi ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Cyanecyane Iyo ari umwandiko wihariye w'ubuvanganzo nk'umuvugo, igisigo, ikivugo n'ibindi... Umwarimu agenzura ko basomye bubahiriza injyana yabyo.

Iyo basoma baranguruye, umwarimu akora ku buryo yita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Buri wese amufasha bitewe n'ikibazo afite. Nk'iyo mu ishuri harimo umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva neza, umwarimu asaba umunyeshuri ugiye gusoma kurangurura ijwi ku buryo na we yumva.

- **Inyunguramagambo**

Iyo abanyeshuri barangije gusoma baranguruye umwarimu abafasha gukora amatsinda anyuranye bakoreramo umwitozo w'inyunguramagambo. Iyo bakora umwarimu abafasha kuyakora ku buryo agenda anyuranya: babiribabiri, batatubatatu cyangwa banebane.

Si byiza gukora amatsinda arengeje abanyeshuri batanu. Amatsinda kandi agomba kuba arimo ibitsina byombi aho bishoboka. Umwarimu agenda avanga abanyeshuri bumva vuba kurusha abandi n'abagenda buhoro mu myigire yabo. Abagize buri tsinda bitoramo umuyobozi w'itsinda ugenda yandika ibyo bumvikanyeho akaza kubimurika igihe kigeze.

Mu gihe cyo gukora umwitozo w'inyunguramagambo, umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko bari mu matsinda yabo bagenda bagerageza gusobanura amagambo batasobanukiwe banditse igihe basomaga bucece. Abasaba kandi gukora umwitozo w'inyunguramagambo watanzwe mu bitabo byabo akabaha igihe cyo kubikora. Umwarimu agenda akurikirana buri tsinda kandi atanga ubufasha aho bukenewe.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umunyeshuri umwe muri buri tsinda wagiye yandika ibyo bumvikanyeho ajya kubigaragaza imbere ya bagenzi be, abandi bakurikiye kandi bagakomeza gusimburana muri icyo gikorwa. Mu gihe cyo kumurika ibyavuye mu matsinda, amatsinda yose agenda asimburana mu kugaragaza bimwe mu byo bagezeho, ibyo barangije kumvikanaho, abandi bakirinda kubisubiramo. Ubu buryo bwo kumurika ibyavuye mu matsinda ni na bwo bukoreshwa ahandi hose hari umwitozo ukorerwa mu matsinda.

Umwarimu afatanya n'abanyeshuri gukora ubugororangingo ku bisubizo

bikwiye maze bikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

**c)Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha hanyuma bakawukorera hamwe; ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

**Imbonezamasomo yo gusoma no kumva umwandiko**

Kumva umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda akabasaba gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byatanzwe mu bitabo byabo. Iyo ibibazo byatanzwe ari byinshi, umwarimu arabibagabanya; amatsinda amwe agakora bimwe andi agakora ibindi. Mu gihe cyo kubimurika hamurika amatsinda afite ibibazo bitandukanye, ibisubizo bya buri tsinda bigakorerwa ubugororangingo. Iyo ibibazo byatanzwe atari byinshi buri tsinda rirabisubiza bityo uburyo bwo kubimurika bugakorwa nko ku mwitozo w'inyunguramagambo.

**Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

Muri iki gice hakubiyemo ibibazo byo gusesengura umwandiko. Ibi bibazo biba byerekeranye no kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kuvuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko, kuvuga isomo ryo mu buzima busanzwe riri mu mwandiko, guhina umwandiko n'ibindi bibazo byimbitse umunyeshuri asubiza ahereye ku mwandiko agakoresha ubundi bumenyi bwe.

**Imbonezamasomo yo gusoma no gusesengura umwandiko**

Gusesengura umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Mbere y'uko abanyeshuri batangira isesengura ry'umwandiko, umwarimu abashyira mu matsinda, akabasaba kongera kuwusoma kugira ngo bawiyibutse. Uyu mwitozo wo gusesengura umwandiko ukorerwa mu matsinda nk'uko umwitozo wo kumva umwandiko ukorwa.

Mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko,umwarimu afasha abanyeshuri kubisubiza ababaza ibindi bibazo bituma bagera ku bisubizo bikwiye.

**Urugero**

Iyo umunyeshuri asabwa gushaka insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, umwarimu amubaza gutahura ingingo yibanzweho mu mwandiko cyangwa akamusaba gushaka undi mutwe yaha umwandiko. Ibi byamufasha gutahura insanganyamatsiko rusange ivugwa mu mwandiko.

Iyo umunyeshuri asabwa gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, umwarimu ashobora kumubaza gutahura igitekerezo k'ingenzi kiri muri buri gika cy'umwandiko.

Iyo ari ikibazo cyo guhina umwandiko, umwarimu amusaba guhuriza hamwe ingingo z'ingenzi agasa n'uzirambura ashingiye ku burebure busabwa.

Iyo ari ikibazo cyo kuvuga isomo akuye mu mwandiko, umwarimu amusaba guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe, bityo bikamufasha gutahura isomo umwandiko umusigiye.

Ku bindi bibazo byimbitse, umwarimu ashakisha ubundi buryo bufasha umunyeshuri kugera ku gisubizo gikwiye.

Iyo igihe cyagenwe kirangiye, abanyeshuri bamurika ibyakorewe mu matsinda, umwarimu akagenda abafasha kubinoza.

**Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo**

**Imbonezamasomo yo kungurana ibitekerezo**

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku isomo baheruka kwiga. Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga, bityo bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uburyo bwo kungurana ibitekerezo**

Kungurana ibitekerezo bikorerwa mu matsinda anyuranye. Iyo bagiye kungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo ugaragara mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo uyobora abandi mu gutanga ibitekerezo byabo. Mu gihe bungurana ibitekerezo, umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize n'abakeneye ubufasha abubahe.

Iyo kungurana ibitekerezo mu matsinda birangiye, abagize itsinda bumvikana ku bitekerezo by'ingenzi, umuyobozi wa buri tsinda akabisangiza ayandi matsinda. Umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo ukandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

**Isomo rya gatanu: Ikibonezamvugo/ ubuvanganzo**

Muri uyu mwaka, ikibonezamvugo kigishwa mu mitwe irindwi ya mbere. Umutwe wa munani n'umutwe wa kenda nta kibonezamvugo kigaragaramo. Ku bijyanye n'ubuvanganzo, imitwe umunani yigwamo aya masomo uretse umutwe wa gatanu.

**Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ikibonezamvugo**

Iyo higishwa ikibonezamvugo, umwarimu agomba guca mu ntera eshatu z'ingenzi ari zo intangiriro, uko isomo ryigishwa n'imyitozo.

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro, umwarimu ashobora kubanza kugenzura uko abanyeshuri bakoze umukoro mu gihe uhari. Iyo ibyo birangiye, abaza abanyeshuri isomo baheruka kwiga.

Umwarimu kandi asaba abanyeshuri gusoma bitegereza interuro cyangwa igika byavuye mu mwandiko baheruka kwiga birimo amagambo yanditse aciyeho akarongo cyangwa atsindagiye yafasha gutahura ikibonezamvugo bagiye kwiga. Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ayo magambo akababaza ibibazo

biganisha ku kibonezamvugo kigiye kwigwa.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Iyi ntera itangirana n'igikorwa cy'umwinjizo. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora ibisabwa ku gikorwa cy'umwinjizo kiri mu bitabo byabo bari mu matsinda. Muri aya matsinda, abanyeshuri bakora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba amatsinda yose yakoze neza umurimo yahawe hanyuma agatoranya amatsinda make rimwe rikamurikira ayandi ibyo ryakoze ku gice runaka, irindi ku kindi, bityobityo.

Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**c) Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akababafasha hanyuma bakawukorera hamwe; ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Imbonezamasomo yo kwigisha isomo ry'ubuvanganzo**

**a) Intangiriro**

Mu ntangiriro umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibukiranya isomo baheruka kwiga, bikamufasha gushimangira ibyizwe mbere. Mu ntangiriro kandi umwarimu ashobora gukosora umukoro niba hari uwo yahaye abanyeshuri.

**b) Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu yongera gusaba abanyeshuri kongera gusoma bitegereza imiterere y'umwandiko w'ubuvanganzo. Akabasaba gutahura inshoza n'uturango byawo.

Umwarimu ahereye ku bisubizo by'abanyeshuri ababwira ubuvanganzo bagiye kwiga ubwo ari bwo.

Ahereye ku biri mu gikorwa cy'umwinjizo, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora ubushakashatsi ku bibazo byatanzwe ku nteruro

cyangwa ku gika bivugwa mu mwinjizo. Kugira ngo ubushakashatsi bwabo bugende neza, umwarimu arangira abanyeshuri ibitabo bakwifashisha mu nzu y'isomero ndetse akanabaha ibindi bibazo bibayobora mu bushakashatsi bwabo kugira ngo bashobore gukora ubushakashatsi bwimbitse. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora, cyarangira akabasaba kumurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo.

**c) Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha hanyuma bakawukorera hamwe; ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ikitonderwa**

Hari ubundi bumenyi bw'ururimi butavuzwe muri ibyo bice bufite imbonezamasomo yihariye. Muri bwo twavuga guhanga, kuririmba, gukina bigana n'ibindi.

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma ikibazo kijyanye no guhanga kiri mu bitabo byabo kikandikwa ku kibaho no mu makayi yabo.

Iki kibazo akibaha nk'umukoro. Umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa gukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda buri tsinda rikagaragaza uko ribona igihangano ryasomye. Umwarimu agenda akosora agaragariza buri tsinda cyangwa buri wese ibitagenda neza mu bihangano byakozwe.

Iyo ari ugukina bigana, umwarimu abanza gusobanurira abanyeshuri imiterere ya bamwe mu bakinankuru basabwa kwigana, akabasaba gukina nka bo . Umwarimu agenda abakosora kugeza igihe bagereye ku byo basabwa kwerekana imbere ya bagenzi babo.

# IGICE CYA II: INGERO Z'IMITEGURO Y'AMASOMO NTANGARUGERO

## 1. Isomo ryo gusoma no kumva umwandiko

**Izina ry'ishuri**: ..............................................**Amazina y'umwarimu: ........................**

| Igihembwe cya | Itariki | Inyigisho | Umwaka wa | Umutwe wa | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'abanyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ....... | ........ | Ikinyarwanda | Kabiri | Kabiri | 2 muri 18 | Iminota 80 | ....... |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.** | | | **Abanyeshuri babiri batumva neza** | | | | |
| **Umutwe wa kabiri** | **Umuco nyarwanda** | | | | | | |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | - Gusesengura igitekerezo k'ingabo agaragaza ingingo z'ingenzi zigikubiyemo.<br>- Gusoma no gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami agaragaza ingingo z'ingenzi zizikubiyemo.<br>- Kuvuga no kwandika interuro yubahiriza ibihe by'inshinga. | | | | | | |
| **Isomo** | Gusoma no kumva umwandiko: Igitero k'i Butembo | | | | | | |
| **Intego ngenamukoro** | Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma neza, adategwa.<br>- Gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko. | | | | | | |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. | | | | | | |
| **Imfashanyigisho** | Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri... | | | | | | |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda... | | | | | | |

| Ibice by'isomo + igihe | Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, amashusho n'izindi mfashanyigisho zifatika afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro**<br>Iminota 5 | -Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.<br>**Urugero rw'ibibazo:**<br>1. Ni inde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?<br>2. Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko? | - Gusubiza ibibazo babajijwe.<br>**Urugero rw'ibisubizo :**<br>1. Umwandiko duheruka kwiga ni "Igitero k'i Butembo".<br>2. Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko y'imigendekere y'igitero mu Rwanda rwo hambere. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu bikorwa umwarimu aha abanyeshuri b'ibitsina byombi cyangwa mu ngero zitangwa. |
| **2. Isomo nyirizina**<br>Iminota 25 | | | |
| 2.1. **Kwivumburira**<br>**ibikubiye mu isomo** | -Gushyira abanyeshuri mu matsinda.<br>- Gusaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu matsinda. | -Kwicara mu matsinda<br>- Gusomera umwandiko mu matsinda | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | -Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza.<br>-Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko byabajijwe.<br>-Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe. | -Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br>-Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa. | - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Umuco w'amahoro: mu kungurana ibitekerezo mu matsinda abanyeshuri barashishikarizwa gukorera mu bwumvikane. |
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | -Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda | Kumurika ibyavuye mu matsinda. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi mu gihe abaha ibikorwa binyuranye. |
| **2.3. Kunoza ibyamuritswe** | Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda. | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.<br>**Urugero rw'ibisubizo** byanogejwe: Reba aho iryo somo riri mu gitabo cy'umwarimu. | -Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.4. Umusozo w'isomo/ Inshamake** | Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>**Urugero rw'ikibazo:**<br>Muvuge iby'ingenzi mwize muri uyu mwandiko "Igitero k'i Butembo". | Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>**Urugero rw'igisubizo:**<br>Iby'ingenzi byizwe mu mwandiko:<br>- Mu Rwanda rwo hambere, inkomoko y'igitero, imihigo y'igitero, imigendekere y'igitero, ibirori by'imyiyereko n'imvano y'ikivugo "Inkatazakurekera" | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku banyeshuri b'bitsina byombi. |
| **3. Isuzuma**<br>Amasomo 10 | Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko bumvise umwandiko | Gusubiza ibibazo by'isuzuma babajijwe | Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro ku mwandiko bize. | Kwandika umukoro.<br>Gukora umukoro. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>-Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).<br>-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza<br>Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri bafite ubushobozi cyane kurusha abandi. |
| **Kwisuzuma (umwarimu)** | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari). | | |

## 2. Isomo ryo gusoma no gusesengura umwandiko

**Izina ry'ishuri**: ...............................................**Amazina y'umwarimu: ......................................**

| **Igihembwe cya** | **Itariki** | **Inyigisho** | **Umwaka wa** | **Umutwe wa** | **Isomo rya** | **Igihe isomo rimara** | **Umubare w'abanyeshuri** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ....... | ........ | Ikinyarwanda | kabiri | kabiri | 3 muri 18 | Iminota 80 | ....... |

| | |
|---|---|
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo.** | Abanyeshuri babiri batumva neza |
| **Umutwe wa kabiri** | **Umuco nyarwanda** |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | - Gusesengura igitekerezo k'ingabo agaragaza ingingo z'ingenzi zigikubiyemo.<br>- Gusoma no gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami agaragaza ingingo z''ingenzi zizikubiyemo.<br>- Kuvuga no kwandika interuro yubahiriza ibihe by'inshinga. |
| **Isomo** | Gusoma  no gusesengura umwandiko:**Igitero k'i Butembo.** |
| **Intego ngenamukoro** | - Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri arashobora:<br>- Gusoma adategwa.<br>- Gusubiza neza  ibibazo byo gusesengura umwandiko. |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. |
| **Imfashanyigisho** | Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri. |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

| Ibice by'isomo + igihe | Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | Umwarimu yifashishije umwandiko watanzwe, afasha abanyeshuri gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko byawubajijweho, abafite ibyo bagenerwa byihariye bitabwaho. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro**<br><br>Iminota 5 | -Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka kwiga.<br><br>**Urugero rw'ibibazo:**<br><br>1. Ni irihe somo duheruka kwiga?<br><br>2. Ni iki wigishijwe n'uwo mwandiko? | - Gusubiza ibibazo babajijwe.<br><br>**Urugero rw'ibisubizo :**<br><br>1. Mu isomo duheruka kwiga twasomye umwandiko igitero k'i Butembo tunasubiza ibibazo byo kumva umwandiko.<br><br>2. Imigendekere y'igitero, umuco w'ubutwari no gukunda igihugu byaranze Abanyarwanda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburinganire n'ubwuzuzanye: Bugaragarira mu bikorwa umwarimu agenera abanyeshuri no mu ngero zitangwa. |
| **2. Isomo nyirizina**<br><br>Iminota 25 | | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.1.Kwivumburira**<br><br>**ibikubiye mu isomo** | -Gushyira abanyeshuri mu matsinda.<br>- Gusaba abanyeshuri kongera gusomera umwandiko mu matsinda.<br>-Gusaba amatsinda arimo abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza kujya basoma baranguruye kugira ngo na bo bashobore kumva neza.<br>-Gusaba abanyeshuri gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko byabajijwe.<br>-Kugendagenda mu matsinda atanga ubufasha aho bukenewe. | -Kwicara mu matsinda<br>- Gusomera umwandiko mu matsinda<br>-Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>-Gusaba ubufasha bw'umwarimu iyo bibaye ngombwa. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza (buri wese ufite ibyo agenerwa byihariye agomba gufashwa kugira ngo adatakara).<br>Umuco w'amahoro: Kungurana ibitekerezo mu matsinda |
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | - Gusaba abanyeshuri kumurika ibyavuye mu matsinda | -Kumurika ibyavuye mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.3. Kunoza ibyamuritswe** | Kunoza no kwandika ku kibaho ibyavuye mu matsinda. | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo.<br>Urugero rw'ibisubizo byanogejwe: Reba aho iryo somo riri mu gitabo cy'umwarimu. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |
| **2.4.Umusozo w'isomo/ Inshamake** | Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi bize mu mwandiko basesenguye<br>**Urugero rw'ikibazo:**<br>Muvuge iby'ingenzi mwasesenguye muri uyu mwandiko "Igitero k'i Butembo". | Kuvuga iby'ingenzi bize mu mwandiko basomye.<br>**Urugero rw'igisubizo:**<br>Iby'ingenzi byasesenguwe mu mwandiko:<br>Mu Rwanda rwo hambere, inkomoko y'igitero, imihigo y'igitero, imigendekere y'igitero, ibirori by'imyiyereko n'imvano y'ikivugo "Inkatazakurekera" | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye: Umwarimu yita ku bitsina byombi. |
| **3. Isuzuma**<br>Iminota 10 | Kubaza abanyeshuri ibibazo byo gusuzuma ko bumvise umwandiko | Gusubiza ibibazo by'isuzuma babajijwe | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | Ingingo nsanganyamasomo<br>**Uburezi budaheza:**<br>Umwarimu atanga umwitozo wihariye ku banyeshuri bagaragaza ubushobozi cyane kurusha abandi. Uwo mwitozo uzaba ukomeyeho ugereranyije n'uwatanzwe ku bandi, kugira ngo na bo bakore ibigendeye ku kigero cyabo. |
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro ku mwandiko bize. | Kwandika umukoro.<br><br>Gukora umukoro. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>-Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).<br>-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza<br>Umwarimu ateganya umukoro ku banyeshuri bagaragaza ubushobozi cyane kurusha abandi. |
| Kwisuzuma (umurezi) | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari). | | |

## 3. Isomo ry'ubuvanganzo

**Izina ry'ishuri**: ................................... **Amazina y'umwarimu: ...................**

| **Igihe-mbwe cya** | **Itariki** | **Inyigisho** | **Umwaka wa** | **Umutwe wa** | **Isomo rya** | **Igihe isomo rimara:** | **Umubare w'abanyeshuri:** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| ...... | ....... | Ikinyarwanda | Kabiri | Kabiri | 4 muri 18 | Iminota 120 | ........... |
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirizen'umubare wabo:** | | | Abatabona neza ibiri kure : 2 | | | | |

| | |
|---|---|
| **Umutwe wa kabiri** | **Umuco nyarwanda** |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | - Gusesengura igitekerezo k'ingabo agaragaza ingingo z'ingenzi zigikubiyemo.<br>- Gusoma no gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami agaragaza ingingo z''ingenzi zizikubiyemo.<br>- Kuvuga no kwandika interuro yubahiriza ibihe by'inshinga. |
| **Isomo** | **Ingeri z'ubuvanganzo nyabami** |
| **Intego ngenamukoro** | Ahereye ku mwandiko yahawe, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza y'ubuvanganzo nyabami, ingeri zabwo n' uturango twabwo.<br>- Guhanga umwandiko ahereye ku ngeri z'ubuvanganzo nyabami. |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo riratangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu matsinda. |
| **Imfashanyigisho** | Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri... |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda, imbuga nkoranyambuga. |

| **Ibice by'isomo + Igihe** | Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora<br>Umwarimu yifashishije umwandiko wizwe ubushize, abaza ibibazo bifasha abanyeshuri gutahura inshoza y'ubuvanganzo nyabami, ingeri n'uturango twabwo kandi abafite ibyo bagenerwa byihariye bagafashwa bicajwe mu myanya y'imbere aho bareba neza ibyanditse. | | **Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo** |
|---|---|---|---|
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| **1. Intangiriro:**<br>Iminota 10 | - Kubaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko baheruka gusesengura.<br>1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?<br>2. Vuga muri make akamaro k'ibitero byo mu Rwanda rwo hambere. | - Gusubiza ibibazo ku mwandiko.<br>- Duheruka kwiga umwandiko ku nsanganyamatsiko ivuga ku bitero byo mu Rwanda rwo hambere.<br>- Ibitero byatumaga u Rwanda rwaguka, Abanyarwanda babonaga andi maboko yo gukorera Igihugu nk'abaja n'abagaragu. | Ubushobozi nsanganyamasomo<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa) |
| **2. Isomo nyirizina:** Iminota 50 | | | |
| **2.1 Kwivumburira ibikubiye mu isomo** | - Gushyira abanyeshuri mu matsinda no kubasaba kongera gusoma umwandiko **"Igitero k'i Butembo"** bitegereza imiterere yawo, banasubiza ikibazo gikurikira: | - Gusomera umwandiko mu matsinda bitegereza imiterere yawo no gushakira ibisubizo ikibazo babajijwe. | **Ubushobozi** nsanganyamasomo<br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>- Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese yisanzura mu gutanga ibitekerezo) |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | **Kora ubushakashatsi** utahure ingeri y'ubuvanganzo uyu mwandiko uherereyemo n'inshoza y'ubwo buvanganzo, rondora izindi ngeri z'ubwo buvanganzo kandi unagaragaze uturango tw'ingeri z'ubwo buvanganzo. | | - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>-Uburinganire n'ubwuzuzanye(mu gukora amatsinda)<br>Uburezi budaheza<br>(Abafite ibyo bagenerwa byihariye barafashwa bigishwe bimwe n'iby'abandi ) |
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | - Gusaba abanyeshuri kumurika ibyakorewe mu matsinda bagaragaza ingeri y'ubuvanganzo nyabami.<br><br>Gusaba abanyeshuri gutahura inshoza, ingeri n'uturango by'ubuvanganzo nyabami | Kumurika ibyagezweho batahura ubwoko bw'ubuvanganzo. *Ubuvanganzo nyabami*<br><br>-Gutahura inshoza, ingeri uturango by' ubuvanganzo nyabami. | |
| **2.3. Kunoza ibyamuritswe** | -Gufasha abanyeshuri kunonosora ibyavuye mu matsinda. ( Bigaragara mu gitabo cy'umwarimu ahari isomo ryo kwigisha ubuvanganzo nyabami).<br><br>- Gusaba abanyeshuri kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe | - Kunoza ibyavuye mu matsinda bafatanyije n'umwarimu<br><br>Kwandukura mu makayi yabo ibyanogejwe | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.4. Umusozo w'isomo:**<br>Iminota: 20<br><br>**Inshamake** | -Gusaba abanyeshuri kugaragaza mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza ingeri n'uturango by'ubuvanganzo nyabami. | -Kuvuga mu nshamake ibyo bamaze kwiga ku nshoza ingeri n'uturango by'ubuvanganzo nyabami. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br><br>- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br><br>- Ubushakashatsi<br><br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.<br><br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br><br>Uburezi budaheza:<br><br>Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye |
| **3. Isuzuma** | **Gutanga ibibazo by'isuzuma.**<br><br>*Urugero rw'ibibazo*<br><br>*- Garagaza ubuvanganzo nyabami icyo ari cyo,ingeri zabwo n'uturango twabwo.*<br><br>*-Gusaba abanyeshuri gutanga inshoza, ingeri n'uturango by'ubuvanganzo nyabami* | **Gusubiza ibibazo by'isuzuma.**<br><br>- Ubuvanganzo nyabami ni ubuvanganzo bugizwe n'ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami. Ingeri zabwo ni amazina y'inka, ibitekerezo by'ingabo,ibisigo nyabami, ubwiru, ubucurabwenge, inanga zivuga iby'ibwami, ibyivugo, indirimbo z'ingabo. | |
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro | Kwandukura umukoro no kuzawukora ku giti cyabo | **Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza<br>Umukoro utangwa abanyeshuri bose bagomba kuwukora kimwe |
| Kwisuzuma (umurezi) | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye n'uko baryakiriye.<br>- Kugaragaza imbogamizi kuri iryo somo (igihe zihari). | | |

## 4. Isomo ry'ikibonezamvugo

**Izina ry'ishuri**: ....................................**Amazina y'umwarimu:..........................................**

| Igihembwe cya | Itariki | Inyigisho | Umwaka wa | Umutwe wa | isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'abanyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| …… | ........ | Ikinyarwanda | Kabiri | Kabiri | 17 muri 18 | Iminota 40 | ....... |

| | |
|---|---|
| **Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo** | Abanyeshuri babiri basiga abandi n'abatabona neza ibyanditse kure. |
| **Umutwe wa kabiri** | **Umuco nyarwanda** |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | - Gusesengura igitekerezo k'ingabo agaragaza ingingo z'ingenzi zigikubiyemo.<br>- Gusoma no gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami agaragaza ingingo z''ingenzi zizikubiyemo.<br>-Kuvuga no kwandika interuro yubahiriza ibihe by'inshinga. |
| **Isomo** | Inshinga: Inshoza n'ubwoko by'inshinga |
| **Intego ngenamukoro** | Ahereye ku nteruro zinyuranye umwarimu yandika ku kibaho, umunyeshuri ashobora:<br>Kugaragaza inshoza n'ubwoko by'inshinga. |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri, aho bishoboka abanyeshuri bicaye mu buryo bw'igice cy'uruziga. Abafite ibyo bagenerwa bicaye aho babona neza ibyanditse. |
| **Imfashanyigisho** | Imfashanyigisho z'iyumvabona, imfashanyigisho zitegwa amatwi, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri... |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho n'ibindi bitabo binyuranye by'Ikinyarwanda. |

| Ibice by'isomo + igihe | Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | Umwarimu yifashishije interuro zakuwe mu mwandiko araziheraho afatanye n'abanyeshuri kugaragaza inshoza n'ubwoko by'inshinga. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |
| 1. Intangiriro<br>Iminota<br>10 | Kubaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga<br>**Urugero rw'ibibazo :**<br>1. Ni irihe zina ry'umwandiko duheruka kwiga ?<br>2. Ni ayahe masomo wagusigiye? | - Gusubiza ibibazo<br>**Urugero rw'ibisubizo**<br>1. Duheruka kwiga umwandiko Igitero k'i Butembo.<br>2. Uwo mwandiko wansigiye byinshi harimo umuco karande w'Abanyarwanda: ubutwari, gukunda igihugu, ibitero byagabwe mu rwego rwo kwagura Igihugu, inzego z'ubutegetsi, ibyo bivugaga urugamba rurangiye,... Ibyo byose mbansigiye umuco wo gukunda Igihugu, kukitangira, kwimakaza umuco w'ubutwari, kubaha no kubahana... | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira kunoza ibisubizo bitangwa)<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburinganire n'ubwuzuzanye ab'ibitsina byombi bitabwaho. |
| **2. Isomo nyirizina** (iminota 50) | | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **2.1. Kwivumburira ibikubiye mu isomo** | -Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda Bagakora ubushakashatsi ku nteruro bahawe bakavumbura inshinga , inshoza, amoko n'ibihe by'inshinga bahereye ku nteruro bahawe n'umwarimu. | -Gukora amatsinda bakagaragaza , inshoza,amoko n'ibihe by'inshinga.<br><br>-Gutahura inshoza, amoko n'ibihe by'inshinga. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>-Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva).<br>-Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi. |
| **2.2. Kumurika ibyagezweho** | Gusaba abanyeshuri kumurika no kunoza ibyavuye mu matsinda | Kumurika ibyavuye mu matsinda. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Gusabana mu Kinyarwanda (buri wese agahabwa umwanya wo kuvuga uko abyumva). |
| **2.3. Kunoza ibyavuye mu matsinda** | Kunoza ibyavuye mu matsinda no ku bikorera ubugororangingo ( bigaragara mu gitabo cy'umwarimu) | Gufatanya n'umwarimu kunoza ibyavuye mu matsinda no kubyandika mu makayi yabo. | Ubushobozi nsanganyamasomo Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza |
| **2.4. Umusozo w'isomo/**<br>**Ikomatanya** | Kubaza abanyeshuri iby'ingenzi ku nshinga. | Kuvuga iby'ingenzi bize ku nshinga: inshoza, ubwoko n'ibihe by'inshinga. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze). |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **3. Isuzuma** iminota 20 | Gutanga ibibazo by'isuzuma. | Gusubiza ibibazo by'isuzuma. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo (buri wese aharanira gutanga ibisubizo binoze).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza:<br>Umwarimu yita ku banyeshuri bose kimwe akanafasha abafite ibyo bagenerwa byihariye |
| **4. Umukoro** | Gutanga umukoro | Kwandukura umukoro.<br>Kuzawukosora | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br>Ubushakashatsi (buri wese aharanira kunguka ibindi byiyongera ku byo yize).<br>-Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi (buri munyeshuri ashishikarira kunguka byinshi no kwirinda guta ishuri).<br>**Ingingo nsanganyamasomo**<br>Uburezi budaheza<br>Umukoro utangwa abanyeshuri bose bagomba kuwukora kimwe. |
| **Kwisuzuma** (umurezi) | - Kugaragaza ikigero abanyeshuri bumviseho isomo akurikije intego yari yihaye.<br>- Kugaragaza imbogamizi yahuye na zo (igihe zihari). | | |

## IMBONEZAMASOMO Z'AMASOMO ARI MURI BURI MUTWE

UMUTWE WA

1

# UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

## I.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku buringanire n'ubwuzuzane mu Rwanda atahura ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusesengura amazina y'urusobe agaragaza ibiyaranga, ubwoko bwayo n'uturemajambo twayo.

## I.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bikorwa bitandukanye birimo ibiganiro mpaka, no mu myandiko basomye. Urugero mu mwandiko: "Yarazikabije".
- Gutandukanya izina bwite n'izina rusange.
- Gushaka intego n'inteko by'amazina rusange.

## I.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| **Uburinganire n'ubwuzuzanye** | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda", ku mashusho ari mu mwandiko wo muri uyu mutwe cyangwa mu bikorwa umwarimu atanga bigaragaza iyi ngingo. |
| **Uburezi budaheza** | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda" ku mashusho ari mu mwandiko wo muri uyu mutwe cyangwa mu bikorwa umwarimu atanga igihe yigisha. |
| **Umuco w'ubuziranenge** | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda" mu mashusho aho abantu bari kubaka bambaye imyenda yagenewe umurimo. |

| | |
|---|---|
| **Umuco wo kuzigama** | Iyi ngingo nsanganyamasoko iragaragarira mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda" ahagaragara ingingo zijyanye no guhabwa umunani, ibikorwa byinjiza amafaranga n'umutungo bwite. |

**Ikitonderwa:**

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyenshuri.

## I.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo**

*Ushingiye ku bumenyi ufite, usobanure mu magambo yawe bwite uburinganire n'ubwuzuzanye icyo ari cyo, hanyuma ugaragaze uko bumeze mu Rwanda kuva keza kugeza ubu.*

Umwarimu arategа amatwi ingingo abanyeshuri batanga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu Rwanda kuva kera kugeza ubu, maze agende abafasha kunoza ibitekerezo batanga.

## I.5. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe agenewe

| **Umutwe wa mbere: Uburinganire n'ubwuzuzanye** | | **Umubare w'amasomo: 12** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda** | | |
| Amasomo | Intego rusange | Umubare w'amasomo |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | Isomo 1 |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | Isomo 1 |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | Isomo 1 |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya kane:** Kungurana ibitekerezo. | Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo. | Isomo 1 |
| **Amazina y'urusobe** | | |
| **Isomo rya gatanu:** Inshoza, uturango n'ubwoko by'amazina y'urusobe | Gutahura inshoza, kugaragaza uturango n'ubwoko by'amazina y'urusobe. | Amasomo 2 |
| **Isomo rya gatandatu:** Intego n'amategeko y'igenamajwi | Gusesengura amazina y'urusobe bagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi. | Amasomo 3 |
| Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri. | | Isomo 1 |
| Isuzuma risoza umutwe wa mbere. | | Amasomo 2 |

## I.5.1. Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atarasobanukiwe ari mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Kuri iyi shusho hariho abafundi b'igitsina gabo n'ab'igitsina gore.

b) Aba bafundi bari he kandi bameze bate?

Abafundi bamwe bari ku gikwa, abandi bari kuvaga isima n'umucanga, abandi bari kuzana amatafari bayahereza abubaka.

c) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho,

muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Uraza kuvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mirimo inyuranye.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo abayeshuri bashobora kudasobanukirwa:**

1. Uruhimbi: Agatanda gatunganije neza baterekaho amata.
2. Kuvuza uruhindu: Kuboha ibyibo ukoresheje uruhindu.
3. Kubuganiza amata: Gusuka amata mu gisabo.
4. Impumbu: Umugore cyangwa umukobwa utazi gucunda.
5. Inumbiri: Igisabo kinini cyane.
6. Kuzira inka: Kujya mu mihango y'ukwezi ku gitsina gore.
7. Guha undi urwuya: Kuryamana na we mukaba mwakorana imibonano mpuzabitsina.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

1. Koresha amagambo akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye: ikantarange, guhakwa, gitabarira igihugu, ubufatanye, ubwuzuzanye.

a) **Ikantarange :**Uwimana yaburiye umuti aho atuye awukura **ikantarange.**

b) **Guhakwa:** Mu Rwanda rwo hambere abagabo bajyaga **guhakwa** ibwami.

c) **Gitabarira igihugu:**Umuntu wiyemezaga **gutabarira Igihugu** yitwaga umutabazi.

d) **Ubufatanye: Ubufatanye** mu muryango ni imbarutso y'iterambere.

e) **Ubwuzuzanye:** Kamari na Kamariza biteje imbere kubera kubahiriza ihame ry'uburinganire n'**ubwuzuzanye.**

2. Urebye mu merekezo yose, garagaza amagambo ari muri iki kinyatuzu afitanye isano n'umwandiko:

| | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| U | B | U | R | I | N | G | A | N | I | R | E |
| M | B | M | J | Y | J | M | S | D | | I | O |
| U | M | W | K | U | K | U | R | W | A | N | A |
| I | I | O | U | G | I | B | I | S | I | G | O |
| M | B | W | A | Z | W | K | Y | H | T | A | G |
| P | L | K | H | T | U | I | S | Z | F | R | C |
| U | B | W | U | Z | U | Z | A | N | Y | E | I |
| G | D | S | K | I | K | N | A | L | N | C | J |
| U | Z | V | A | B | Z | A | L | N | G | M | A |
| U | H | O | M | I | R | I | M | I | Y | I | G |
| M | Y | G | E | C | B | J | R | U | K | E | N |
| L | I | T | E | R | A | M | B | E | R | E | I |

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni nde watwibutsa umwandiko duheruka kwiga?** Umwandiko duheruka kwiga ni "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?** Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. Tandukanya uburinganire n'ubwuzuzanye ushingiye ku byavuzwe mu mwandiko.

| Uburinganire | Ubwuzuzanye |
|---|---|
| - Uburyo bw'ibitsina byombi bwo kugira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'Igihugu mu mahoro no mu butabera busesuye.<br>- Uburinganire bugaragara cyane imbere y'ibigenwa n'amategeko. | - Uburyo ibitsina byombi bigira ubushobozi, uburenganzira n'uruhare rugaragara bwo gukorera umuryango n'Igihugu mu mahoro no mu butabera busesuye.<br>- Ubwuzuzanye bugaragara cyane ku bushobozi bw'umuntu hakurikijwe imiterere kamere ye bityo icyo umwe ashoboye ntikibe urwitwazo rwo gukandamiza mugenzi we. |

2. Vuga inshingano ebyiri z'abagabo n'ebyiri z'abagore zahindutse uko ibihe byagiye bihinduka.

| Ku bagore | Ku bagabo |
|---|---|
| Ubu abagore bubaka amazu, batwara imodoka, barakanika, bafata ibyemezo… | Ubu barera abana, barateka, batera intabire aho bishoboka… |

3. Subiza yego cyangwa oya.

a) Imirimo myinshi isa n'aho yagenewe abagore cyangwa abagabo, ni iyagenwe n'umuco aho kugenwa n'imiterere kamere y'umuntu. Kubera iyo mpamvu, ikaba ishobora guhindurwa. **(Yego)**

b) Abagabo n'abagore bashobora kugaragarizwa icyubahiro ku buryo butandukanye. (**Oya)**

c) Muri iki gihe nta masomo Umunyarwandakazi ahejwe kwiga. (**Yego)**

d) Umugabo ni we uzungura umutungo w'umuryango. (**Oya)**

4. Tanga ingero ebyiri zavuzwe mu mwandiko zigaragaza uburyo imyumvire yo kuvuga ko igitsina gore kitakora imirimo runaka yagiye ihinduka?
   - Ndabaga wagiye gukura se ku rugerero.
   - Nyirarumaga watangije inganzo y'ibisigo.
5. Abagore basigaye bakora imirimo inyuranye. Muri iki gihe bigaragarira he?

   Mu nzego zitandukanye z'imirimo, mu mashuri ubu abana b'abakobwa biga ibyo bashaka, bigana n'abasaza babo aho bishoboka hose, mu nzego z'ubutegetsi n'ahandi hashobora gufatirwa ibyemezo usanga umubare w'igitsina gore utubutse…
6. Kubera iki abantu b'igitsina gore n'ab'igitsina gabo bagomba kubahana bakabana mu mahoro, bakuzuzanya?

   Ni ukugira ngo ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryubahirizwe.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego yihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwuvugwamo no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.<br>- Guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Isomo duheruka kwiga ni ugusoma no kumwa umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda".

**b) Uburinganire n'ubwuzuzanye burangwa n'iki?**

Burangwa n'ubufatanye muri byose, buri wese akarangiza inshingano ze ntawubangamiye undi.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange**

**kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko?

**Ingingo z'ingenzi zigaragara mu mwandiko ni:**

- Uburinganiro n'ubwuzuzanye;
- Ubusumbane hagati y'ibitsina byombi mu Rwanda rwo hambere;
- Imirimo yagenewe abagore;
- Imirimo yagenewe abagabo;
- Uburyo imyumvire yagiye ihinduka;
- Uburinganire n'ubwuzuzanye muri iki gihe.

2. Kuri wowe uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

Abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu bose barashoboye; igihe bazaba bashyize hamwe bazagera ku iterambere rirambye. Kugira ngo bigerweho mu mucyo, bagomba kuzuzanya mu nshingano za buri wese.

3. Tanga ingingo zigaragaza uburyo Abanyarwandakazi bari barapyinagajwe kuva kera na kare.

a) Mu rwego rw'uburere, uburezi n'umuco:

- Yagombaga kuba imuhira agenewe kuba umugore na nyina w'abana;
- Batozwaga kuba ba "mutima w'urugo", aho amashuri aziye bize batinze;
- Aho bigiye nabwo, bashyizwe mu mashuri abaha amasomo abateguraira kuzaba ababyeyi beza, bacunga neza urubyaro n'imirimo yo mu rugo;
- Abacikishirije hagati amashuri yabo ku mpamvu zitandukanye ntibagize uburenganzira bwo kuba bagaruka igihe bagiriye ubushobozi;
- Abahungu wasangaga ari bo bahabwa amahirwe yo kwiga, bitwaje ko umwana w'umukobwa ari umwana w'imuhana, aho ashakira akungura indi miryango;
- Amashami yigirwamo amasomo y'ubuhanga yigwaga n'abahungu;
- Mu rwego rw'ubukungu n'umutungo:
- Ntibagiraga ijambo ku mutungo w'ingo kandi ntibagiraga n'uruhare

- nk'urwa basaza babo mu mutungo w'umuryango;
- Nta burenganzira bwo gukungahara no kuba batunga ibintu byabo bwite, nta burenganzira ku minani no kuzungura ibintu by'ababo;
- Nta mutungo bwite bagiraga, nta kazi gahemberwa umushahara, nta n'ibikorwa byabazaniraga amafaranga bagiraga;

b) Mu rwego rw'amategeko:

- Nta mugore cyangwa umwari w'i Rwanda wari ufite ubumenyi ku mategeko amurengera cyangwa se amurenganura,
- Nta mugore cyangwa umwari wari ufite ubumenyi ku mategeko amubangamira cyangwa amupyinagaza; iyo yabaga ahohoterwa, nta tegeko ryari rihari ngo ryubahirizwe rimurenganura,
- Nta tegeko ry'izungura ndetse n'iririrebana n'iminani ryarengeraga umwari n'umutegarugori w'i Rwanda.

c) Mu rwego rw'ubutegetsi na poritiki:

- Nta mugore cyangwa umwari wagaragaraga neza ku rubuga rw'ubutegetsi na poritiki,
- Nta nzego zifatirwamo ibyemezo abantu b'igitsina gore bagaragaragamo mu buryo bugaragara,
- Nta washoboraga gutinyuka kwiyamamariza cyangwa gupiganira kwinjira mu nzego z'ubuyobozi na poritiki…

4. Kuri wowe ni ibihe byiza by'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango nyarwanda?

Ibisubizo byatandukana bitewe n'imyumvire y'abanyeshuri, umwarimu akabafasha kubinoza.

## Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| Intego zihariye |
| --- |
| Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura insanganyamatsiko zatanzwe no kuzunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.<br>- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw'ibibazo:**

a) Kuri wowe uyu mwandiko wagusigiye irihe somo?

Abagabo n'abagore, abakobwa n'abahungu bose barashoboye. Igihe bazaba bashyize hamwe bizababafasha kugera ku iterambere rirambye. Kugira ngo ibi bigerweho, hagomba ubwuzuzanye mu nshingano za buri wese.

b) Sobanura ibyagezweho kugira ngo abari n'abategarugori bacike ku ngoyi yo gukandamizwa mu Rwanda.

Abana b'ibitsina byombi barerwa kimwe nta busumbane, amategeko yaravuguruwe, ubu buri wese ahabwa ijambo ku burenganzira bwe, imirimo yagenerwaga bamwe ubu ikorwa na buri wese uyishoboye,...

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko ikirukira; akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'Igihugu.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibitekerezo byatangwa:**

- Gufashanya mu iterambere ry'urugo,
- Kuzamura Igihugu muri demokarasi,
- Kubahana mu muryango, ...

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri, buri wese ku giti ke. Umwarimu aha abanyeshuri uwo mwitozo nk'umukoro, bakazagaruka mu ishuri ku wundi munsi barangije kuwukora.

Mu gukosora imyandiko itandukanye abanyeshuri bahanze areba niba ari umwandiko isanzwe, imivugo...). Umwarimu agenzura ko umutwe

w'umwandiko uhura koko n'insanganyamatsiko "Uwigishije umugore aba yigishije umuryango".

### I.5.2. Amazina y'urusobe

**Isomo rya gatanu: Inshoza, uturango n'ubwoko by'amazina y'urusobe**

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza, uturango n'ubwoko by'amazina y'urusobe.<br>- Gukoresha izina ry'urusobe mu nteruro. |
| Imfashanyigisho:Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, agafata ibihangano byabo kugira ngo azabikosore.

Iyo umwarimu amaze gufata ibihangano by'abanyeshuri, yandika ku kibaho interuro zirimo amazina y'urusobe, yanditse n'ibara rigaragara cyane, hanyuma agasaba abanyeshuri kuzisoma bitegereza amagambo ari mu ibara hanyuma bagasubiza ikibazo kizibajijweho.

**Urugero rw'interuro :**

1. Umuvandimwe wange yitwa Nzamukosha.
2. Nyirasenge wa Byarugamba akunda ibikorwa by'amajyambere.
3. Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mwengo, aca imanza atajenjetse.

**Urugero rw'ikibazo:**

Amazina yanditse mu ibara ari mu nteruro umaze gusoma, atandukaniye he n'amazina mbonera wize?

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri bamusubije akababwira ko bagiye kwiga amazina y'urusobe.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma interuro zikurikira witegereza amagambo y'umukara tsiri yavuye mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda". Ukore ubushakashatsi utahure inshoza, uturango n'ubwoko by'amazina y'urusobe.*

a) Ubu **Umunyarwandakazi** afite uruhare runini mu **iterambere** ry'igihugu.

**b) Nyirasenge** wa **Semuhanuka** yari **umusizikazi**.

c) Uburinganire n'ubwuzuzanye bwatumye abantu bava mu **rungabangabo** bagera ku **majyambere** arambye.

**d) Rukaburacumu** na **Gasharankwanzi** bavugwa cyane mu **buvanganzo nyarwanda**.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba amatsinda yose yakosoye neza interuro yabahaye hanyuma agatoranya amatsinda atatu rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku nshoza, irindi ku turango irindi na ryo ku bwoko bw'amazina y'urusobe. Igihe ayo matsinda amurika ibyo yakoze abagize andi matsinda baba bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo buri tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'izina ry'urusobe**

Iyo bavuze izina ry'urusobe twumva izina rishobora kugira uturemajambo turenze udusanzwe tw'izina nyakimwe/mbonera. Iyo usesenguye izina ry'urusobe usanga rifite indomo ebyiri, indangazina ebyiri, ibicumbi bibiri cyangwa se ugasanga rifite indomo, indanganteko n'igicumbi, ariko rikagira n'ubundi bwoko bw'ijambo bwiyomekaho.

Ubwoko bw'amagambo ashobora kwiyomeka ku izina nyakimwe akabyara izina ry'urusobe, hari ikinyazina, umusuma n'akabimbura, gashobora kwihagika mu izina nyakimwe rikabyara izina ry'urusobe.

**b) Uturango tw'izina ry'urusobe**

Izina ry'urusobe ni izina rikomoka ku magambo arenze rimwe, yiyunga akarema ijambo rimwe rifite inyito imwe. Mu rwego rw'intêgo, usanga ari izina rifite uturemajambo turenze utw'izina nyakimwe. Izina ry'urusobe, rishobora kugira uturemajambo tw'izina twivanzemo utw'inshinga cyangwa ubundi bwoko bw'ijambo nk'ikinyazina, umugereka...

c) **Ubwoko bw'izina ry'urusobe**

- Amazina y'urusobe tuyasangamo amoko atandukanye:
- Amazina y'inyunge
- Amazina y'urujyanonshinga
- Amazina y'akabimbura
- Amazina y'umusuma
- Amazina agaragaza amasano

**Amazina y'inyunge**

Izina ry'inyunge ni izina rigizwe n'amazina abiri yiyunze agakora izina rimwe. Muri ayo mazina abiri usanga irya kabiri riba risobanura izina riribanjirije. Amazina y'inyunge nubwo aba agizwe n'amazina abiri yiyunze agira inyito imwe itari igiteranyo cy'ayo mazina abiri yiyunze. Cyakora iyo irya kabiri rifutura irya mbere yandikwa atandukanye.

**Ingero:**

- Mwanankundi
- Mugabonake
- Itegekoteka

Amazina y'inyunge ashobora kuba agizwe n'amazina abiri yunzwe n'ikinyazina ngenera. Ayo mazina abiri yunzwe n'ikinyazina ngenera ntagira inyito ebyiri, ahubwo arema inyito imwe n'ubwo aba agizwe n'amagambo abiri.

**Ingero:**

- Insina z'amatwi
- Inkondo y'umura
- Inkono y'itabi
- Amaso y'ikibuno
- Amaso y'ikirayi
- Utwunyu twa nyamanza

**Amazina y'urujyanonshinga**

Aya mazina y'urujyanonshinga aba ashingiye ku nshinga yiyunze n'icyuzuzo cyayo, gishobora kuba icyuzuzo mbonera cyangwa icyuzuzo nziguro (izina, inshinga, ikinyazina, umugereka), agakora izina rimwe.

| Izina ry'urujyanonshinga | Inshinga | Icyuzuzo | Ubwoko bw'ijambo ribereye inshiga icyuzuzo |
|---|---|---|---|
| Iterambere | gutera | Imbere | Umugereka |
| Umugiraneza | kugira | neza | Umugereka |
| Umutegarugori | Gutega | Urugori | Izina |
| Amatakirangoyi | gutaka | ingoyi | Izina |
| Abashinjacyaha | gushinja | icyaha | Izina |
| Imbanzirizakubarusha | kubanza | kubarusha | Inshiga iri mu mbundo |
| Inyigaguhuma | kwiga | guhuma | Inshiga iri mu mbundo |
| Indiragukinduka | kurya | gukiduka | Inshiga iri mu mbundo |
| Umujyahabi | kujya | habi | Ntera |
| Inshamake | guca | make | Ntera |
| Inkirirahato | gukira | hato | Ntera |
| Amashyirahamwe | gushyira | hamwe | Ikinyazina |
| Ikimenyabose | kumenya | bose | Ikinyazina |
| Amaburakindi | kubura | ikindi | Ikinyazina |
| Ubwirakabiri | kwira | kabiri | Umugereka |
| Ikiryakare | Kurya | kare | Umugereka |
| Inyangabirama | kwanga | birama | Inshinga itondaguye |
| Indirakarame | kurya | karame | Inshinga itondaguye |

**Amazina y'akabimbura**

Akabimbura ni akaremajambo kihagika imbere y'izina risanzwe mu rurimi bikabyara izina rishya.

**Akabimbura -nya-**

Akabimbura -nya- kagira ingingo y'ikinyazina ngenera

**Ingero:**

- Ikinyamateka;
- Umunyamuryango;
- Umunyenzara;
- Umunyamakuru;
- Umunyeshuri;

**Akabimbura nyiri-**

Akabimbura nyiri- gafite ingingo isa neza n'iy'ikinyazina ngenera.

**Ingero:**

- Nyiri umuringa;
- Nyiri urugo
- Nyiri impuhwe;
- Nyiri ibambe

**Akabimbura nyira-**

Iyo kihagitse mu mazina bwite y'abantu, kagira ingingo y'igitsina gore.

**Ingero:**

- Igikari : Nyirabikari
- Intabire : Nyirantabire
- Intama : Nyirantama

**Akabimbura sa- cyangwa se-**

Akabimbura sa- cyangwa se- gafite inyangingo y'ikinyazina ngenera. Iyo kihagitse mu mazina bwite, usanga afite ingingo y'igitsina gabo kandi nta ndomo ayo mazina mashya agira.

**Ingero:**

- Amahoro: Semahoro
- Uburo: Seburo
- Umusure: Samusure

**Akabimbura –ene-**

Akabimbura –ene- gafite ingingo nk'iy'ikinyazina ngenera. Amazina bwite agafite akunze kuba ari amazina rusange. Gashobora kandi kongerera izina kihagitsemo ingingo igaragaza isano abantu bafitanye.

**Ingero:**

- Imana: Benimana
- Ihirwe: Benihirwe
- Ikenewabo

**Akabimbura -ka- kifitemo ingingo ivuga ngo "umugore wa"**

Usanga kiganje mu mazina bwite y'igitsina gore.

**Ingero:**

- Macumu: Mukamacumu
- Rutamu: Mukarutamu
- Ntwari: Mukantwari
- Muhire: Mukamuhire

Akabimbura -a- gafite ingingo y'ikinyazina ngenera

Gakoreshwa cyane mu mazina bwite kandi amazina kihagitsemo nta ndomo agira.

**Ingero:**

- Inkazi: Kankazi
- Amagana: Rwamagana
- Imana: Kamana
- Imanzi: Kamanzi

**Amazina y'imisuma**

Umusuma ni akaremajambo kongerwa ku izina. Gashobora kuba gafite igisobanuro cyangwa ari ntacyo. Ikindi ni uko umusuma udasesengurika. Amazina y'umusuma ni ukuvuga amagambo yongerwaho akaremajambo kadasesengurwa kitwa umusuma. Dufite imisuma iri mu byiciro bitatu bikurikira:

**Umusuma: -kazi**: uyu musuma wumvikanisha igitsina gore.

**Ingero:**

- Umunyarwanda→Umunyarwandakazi,
- Inkoko→Inkokokazi,
- Umurundi→Umurundikazi,
- Umugabe→umugabekazi...

**Ikitonderwa:** amazina yose aherwa na **–kazi** si ko aba ari ay'umusuma. Hari amazina nkomoranshinga ateye nk'ay'umusuma ariko atari yo.

**Ingero:**

- Umupfakazi
- inkundwakazi

**Umusuma nsuzuguzi** (**-azi**) ni ukaremajambo gafite inyito yo gusuzugura cyangwa gutesha agaciro.

**Ingero:**

- Umuheto→umuhetazi,
- Umugabo→umugabazi,
- Ibuga→ibugazi,
- Ibitaka→ibitakazi…

**Amazina agaragaza amasano**

Amazina y'urusobe agaragaza amasano yubakiye ahanini ku mazina asanzwe agaragaza amasano **"data, mama"** yisanisha muri ngenga ya mbere, ya kabiri, n'iya gatatu **(mama/ma, nyoko, nyina/nyira, data, so, se, soko)** maze akiyunga n'uturemajambo dufite inyito y'amasano **buja, rume, senge, bukwe, kuru, kuruza**.

**Ingero:**

| Ngenga | Igitsina | bukwe | buja | rume | senge | kuru(za) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Ng.1 | gabo | databukwe | databuja | marume | - | sogokuru(za) |
| | gore | mabukwe | mabuja | - | masenge | nyogokuru(za) |
| Ng. 2 | gabo | sobukwe | shobuja | nyokorome | - | sogokuru(za) |
| | gore | nyokobukwe | nyokobuja | - | nyogosenge | nyogokuru(za) |
| Ng. 3 | gabo | sebukwe | shebuja | nyirarume | - | sekuru(za) |
| | gore | nyirabukwe | nyirabuja | - | nyirasenge | nyirakuru(za) |

**Ikitonderwa**

Amagambo y'urusobe yandikwa umujyo umwe. Gusa mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro n'amagambo arenze ane, yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

**Ingero:**

Umuhanurabinyoma, Rukemanganizi, Karahangabo, Karikumutima... (aya ni amazina y'urusobe yanditswe umujyo umwe)

Ubwo "Ishyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arahashinze.

Ubwo "Rumenerangabo Ntarindwa ku mukondo wa Rukaburabimashi" ati: "Ba!"

**Akabimbura "so" kagira impindurantego "sho".**

**Urugero:** shobuja.

**Akabimbura "se" gakomoka ku izina ise cyangwa se**, kakagira inyito y'umuntu w'igitsina gabo ufite cyangwa se utunze nyakuvugwa. Akenshi ayo mazina aba ari amazina bwite. Usanga gakora nka "nyira" ikomoka ku izina nyina.

**Ingero:** Serugo, Sebatunzi

**Akabimbura "nya" gafitanye isano na "nyira", kakaba gakora kuri ubu buryo:**

Iyo -a- ya nya- ikurikiwe na i y'indomo cyangwa se y'indangahantu, iyo ndomo ishobora gutakara cyangwa zombi zikiyungamo - e- biturutse ku igenamajwi

**Urugero:**

- nya + inzara = umunyenzara
- nya + ishuri = umunyeshuri
- nya + imari = umunyemari

**Impugukirwa:**

Akabimbura "nya-" gashobora kuba akabimbura nyifuzo iyo kiyunze n'inshinga iri mu mbundo.

**Ingero:** nyagutuma, nyakumanikwa, nyakubyara; …

Akabimbura "nya-" gashobora kwiyunga n'ikinyazina cyangwa n'izina kagafata inyito yo guhamya (gutsindagira) ikivugwa.

**Ingero:** inzu nyanzu, abakobwa nyabakobwa; bariya bazaba abategarugori nyabo.

Akabimbura nya- gashobora kwiyunga n'izina kakagira inyito y'utunze cyangwa ufite nyakuvugwa.

**Ingero:**

Umunyamerwe, umunyamahanga, umunyabintu, umunyenzoga…

Akabimbura sa- gashobora gukora mu mazina nka Saruhara, Gasabwoya, Gasamagera, Sabato, Sakabaka…

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya banebane, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

a) **Uhereye ku mbonerahamwe ikurikira, shaka amazina atanu y'urusobe kuri buri bwoko atigeze avugwa mu isomo.**

| Ubwoko bw'izina ry'urusobe | Ingero zisabwa |
|---|---|
| Inshinga+ikinyazina | amaburakindi, imberabyombi, ikimenyabose, ikiryabyose,... |
| Inshinga+izina | ikinamico, abategarugori, umwihanduzacumu, iyigamajwi, umuhuzabikorwa,… |
| Inshinga na ntera | imbonabyinshi, inshamake, ubujyahabi, mutimamuke, murindahabi,… |
| Amazina y'akabimbura | Sewanyana, Kankera, Nyirabiyoro, ikenewabo, abanyamiheto |
| Amazina y'umusuma | Umusizikazi, inkokokazi, umugabazi, ikintazi |

**b) Wifashishije ubwoko bw'amazina y'urusobe agaragaza amasano, tanga ingero ebyirebyiri kuri buri bwoko unasobanura inkomoko yayo.**

- Akabimbura **ma-(maa)** gakomoka ku izina mama. Gafite inyito y'umuntu w'umugore kakarema amazina ateye atya: mabukwe, mabuja, marume, masenge;
- Akabimbura **nyoko** gateye nk'izina gakomokaho (nyoko). Inyito yako ni iy'umuntu w'igitsina gore ubyara uvugwa, ufite cyangwa utunze nyakubwirwa.
- Ingero zikurikira zirabigaragaza: nyogokuru, nyokobuja, nyogosenge;
- Akabimbura **nyira** gafite isano n'imiterere, n'inyito y'amazina nyina cyangwa nyiri. Gafite inyito y'umuntu w'igitsina gore ubyaye uvugwa cyangwa se utunze nyakuvugwa. Ingero: nyiramabano, nyirabukwe, nyiribyinshi, nyiriminega, nyirubwite;
- Akabimbura **data** gasangiye intego n'izina gakomokaho. Kagira inyito y'umuntu w'igitsina gabo ubyaye uvugwa kakarema amagambo ateye atya: databukwe, databuja;
- Akabimbura **so** gakomoka ku izina **sô** kakarema amazina nka sogokuru, sobukwe, sobuja,…
- Akabimbura **se**: Sebukwe, Sekuru...

## Isomo rya gatandatu: Intego y'izina ry'urusobe

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashoboye:<br>- Gusesengura amazina y'urusobe, agaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi byayo. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo bize rijyanye n'inshoza, ubwoko n'uturango by'amazina y'urusobe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Izina ry'urusobe ni iki?**

Izina ry'urusobe ni izina rishobora kugira uturemajambo turenze udusanzwe tw'izina mbonera.

**b) Vuga ubwoko bw'amazina y'urusobe.**

Amazina y'urusobe tuyasangamo amoko atandukanye ari yo : amazina y'inyunge, amazina y'urujyanonshinga, amazina y'akabimbura, amazina y'umusuma n'amazina agaragaza amasano.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Tahura amazina y'urusobe ari mu mwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda". Hera, kuri ayo mazina y'urusobe, maze ukore ubushakashatsi , utahure uturemajambo tw'izina ry'urusobe n'amategeko y'igenamajwi.*

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, abwira itsinda rimwe kugaragaza ibyo baganiriyeho. Abagize andi matsinda bakurikira ibyo bagenzi babo bamurika, umwarimu akabafasha mu kubinoza. Iyo bamaze kubinoza, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:**

**a) Amwe mu mazina y'urusobe ari mu mwandiko**

| Izina ry'urusobe | Intego | Amategekoy'igenamajwi |
|---|---|---|
| Umunyarwandakazi | u-mu-nya- ø-ru-and-a-kazi | u→ w /-J |
| Kabihogo | ka- a-ø-bi-hogo | - |
| Umuvandimwe | u-mu-vu-a-ø-n-da-i-mwe | u→ ø /-J,  a→ ø /-J |
| Abanyamiheto | a-ba-nya-ø-mi-het-o | - |
| Ubuvanganzo | u-bu-vu-a- ø-n-ganzo | u→ ø /-J |
| Umutegarugori | u-mu-teg-a- ø-ru-gori | - |
| Ikoranabuhanga | i- ø-kor-an-a- ø-bu-hanga | - |

**b) Intêgo y'izina ry'urusobe**

Twabonye ko izina ry'urusobe ari izina usanga rikomoka ku yandi magambo arenze rimwe ariko rikagira inyito imwe. Mu rwego rw'intego usanga ari izina rifite uturemajambo turenze utw'izina mbonera. Izina ry'urusobe rishobora kugira uturemajambo tw'izina twivanzemo utw'inshinga cyangwa ubundi bwoko bw'ijambo nk'ikinyazina, umugereka…

**Ingero:**

| Izina ry'urusobe | Uturemajambo/intêgo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Amatakirangoyi | a-ma-tak-ir-a- ø -n-goyi | - |
| Abacamanza | a-ba- ci-a- ø -n-banza | i→ ø /-J; b→m/n-; n →ø/-m |
| Abashinjacyaha | a-ba shinj-a- ø -ki-aha | i → y /-J; ky → cy mu myadikire. |
| Inkundarubyino | i-n-kund-a- ø-ru-byin-o | - |
| Ubujyahabi | u-bu-gi-a-ha-bi | i → y/-J; gy → jy mu myadikire. |
| Umubagito | u-mu-ba-a-ki-to | a → ø /-J; k → g/-GR |
| Inshamake | i-n-ci-a- ø-ma-ke | c → sh/n- ; i →ø /-J |
| Umwigaguhuma | u-mu-ig-a-ku-hum-a | u→w/-J; k→g/-GR |
| Indiragukinduka | i-n-ri-ir-a-ku-kind-uk-a | r→d/n-; k→g/-GR; i→ ø /-J |
| Inyangabirama | i-n-ang-a- ø-bi-ø-ram-a | n→ny/-J |
| Indirakarame | i-n-ri-ir-a-ø-ka-ram-e | r→d/n-, i→ø/-J |
| Umuvandimwe | u-mu-vu-a-ø-n-da-i-mwe | u →ø/-J;  a → ø /-J |
| Ikimenyabose | i-ki-meny-a-ba-o-se | a → ø /-J |
| Imberabyombi | i-n-ba-ir-a-bi-o-mbi | n →m/-b; a+i→e; i → y/-J |
| Amaburakindi | a-ma-bur-a- ø-ki-ndi | - |
| Ikiryakare | i-ki-ri-a-kare | i→y/-J |
| Inkokokazi | i-n-koko-kazi | - |

| | | |
|---|---|---|
| Umunyenzara | u-mu-nya-i-n-yara | a+i→e; y→z /n- |
| Ibitakazi | i-bi-taka-azi | - |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

Garagaza intego y'amazina y'urusobe akurikira n'amategeko y'igenamajwi.

| Ijambo | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| a) Nyogokuru | ø -ø –nyoko-ø -kuru | - |
| b) Mabukwe | ø -ø -maa- ø -bu-ko-e | o→w/-J |
| c) Nyirinkwaya | nyiri-ø-n-kwaya | - |
| d) Sobuja | ø -ø -so- ø –bu-ja | - |
| e) Sebatunzi | se-ø-ba-tung-yi | g + y→z |
| f) Nyirabizeyimana | nyira-ø-ba-izer-ye-i- n-mana | a→ø /-J; e→ø /-J, n→ø/-m |
| g) Rwankubebe | ru-a- ø-n-kubebe | u w/-J |
| h) Imbonerahamwe | i-n-bon-ir-ha-mwe | n →m/-b i →e /Zo- |
| i) Umwangavu | u-mu-ang-a-ø-ø-vu | u →w/-J |
| j) Umunyeshuri | u-mu-nya-i- shuri | a+i→e |
| k) Umwamikazi | u-mu-ami-kazi | u →w/-J |
| l) Umunyamahirwe | u-nya-ø-ma-hirwe | Nta tegeko |

### I.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa mbere, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Mu Kinyarwanda baravuga ngo "Ukurusha umugore akurusha urugo". Mu mwandiko ufite amagambo hagati ya 250 na 300, emeza cyagwa uhakane uwo mugani, utanga ingero zifatika.

Muri uwo mwadiko hagaragaremo amazina y'urusobe atadandukanye

**Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:**

**Gushaka ingingo z'ingenzi baza kwibandaho bahanga umwandiko**

Uyu mwitozo ukorwa n'umunyeshuri ku giti ke. Umwarimu afasha abanyeshuri kubanza gukusanya ibitekerezo, bifashishije imyandiko isanzwe ihari ivuga kuri iyo nsanganyamatsiko. Umwarimu yibutsa abanyeshuri kubahariza amabwiriza agenga ihangamwandiko. Ashishikariza abanyeshuri guhanga binjiza mu myandiko yabo ingingo zigaruka ku buringanire n'ubwuzuzanye, ndetse bagakoreshamo n'amazina y'urusobe anyuranye.

**Urugero rw'ibisubizo:**

- Mu mwandiko ntekerezo (mbarankuru, mvugamiterere, mvugamateka…) harebwa imbata y'umwandiko, ingingo, imyandikire n'ibindi.
- Iyo ari umuvugo, harebwa umutwe ufitanye isano n'insanganyamatsiko, injyana, imiterere y'imikarago n'amabango, isubirajwi n'isubirajambo, imyandikire n'ibindi.

## I.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa mbere

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa mbere, bityo bikababafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

- Muri uyu mutwe, twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abantu b'ibitsina byombi mu Rwanda rwa kera no mu bihe bya none.
- Twunguranye ibitekererzo ku nsanganyamatsiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- Muri uyu mutwe kandi, twabonye inshoza, uturango, ubwoko n'intego by'amazina y'urusobe.
- Ibi byose bikaba byaradufashije kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda.

## I.7. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa mbere |
|---|
| Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma, agomba kuba afite ubushobozi bwo:<br>- Gusoma no gusesengura umwandiko.<br>- Gusesengura amazina y'urusobe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma, buri wese ku giti ke, riri mu gitabo cyabo. Iyo barangije kurikora, umwarimu akosora buri munyeshuri, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Ni iki Kamariza na Cyubahiro bakoze ngo barwanye ubukene ?

Basabye inguzanyo, barahinga barorora batera imbere.

2. Ni ikihe gikorwa cy'ubutwari Nyiranuma na Ntambara bakoze imbere y'abaturage bagenzi babo?

Basabye Imana imbabazi n' abaturage mu ruhame, bahiga gusenyera umugozi umwe.

3. Imibereho ya Cyubahiro na Kamariza bayikeshaga iki abantu batari bazi?

Gushyira hamwe, kuzuzanya nokumva buri wese afite inshingano zimureba agomba kuzuza mu mucyo.

4. Andika ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka tubona muri uyu mwandiko.

| Ingingo z'ingenzi | Ingingo z'ingereka |
|---|---|
| Akamaro k'ubwuzuzanye;<br>Akamaro k'uburinganire. | Ubufatanye mu rugo;<br>Kumenya inshingano zawe;<br>Kwitabira umurimo birafasha;<br>Uburere buruta ubuvuke,… |

5. Ushingiye ku mutwe w'uyu mwandiko, tanga urundi rugero rw'abantu uzi bahinduye imibereho yabo n'uko babigenje.

Abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye.

6. Ni irihe somo ry'ubuzima bwa buri munsi wakwigira kuri iyi miryango yombi?

Isomo nkuyemo ni uko ubufatanye, kuzuzanya no kuzuza inshingano za buri wese ari inkingi y'iterambere rirambye.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

**1. Sobanura aya magambo:**

- **a) Uburinganire:** uburyo buha amahirwe angana umugore n'umugabo cyangwa abantu b'ibitsina byombi:hungu na kobwa ku buryo ntawe utsikamira undi mu bintu banganyamo ubushobozi.
- **b) Ubwuzuzanye:** Uburyo mu rugo umugore n'umugabo bitabira gufatanya no kujya inama mu byo bakora byose, buri wese akuzuza inshingano ze nk'uko bikwiye.
- **c) Inkwenene:** uguseka umuntu wivuye inyuma, umunyega cyangwa umunenga kuba akora ibi n'ibi.
- **d) Ubutuna:** Amarira ava mu maso akumira inyuma yayo.
- **e) Ikubagahu:** bya vuba na bwangu nta karuhuko, ikimirana rya shishi itabona

**2. Simbuza amagambo atsindagiye ayo bivuga kimwe ari mu mwandiko:**

a) Kamariza **afataya** n'umugabo we mu kuzuza inshingano zo kurera abana bibarutse.

Kamariza **yuzuzanya** n'umugabo we mu kuzuza inshingano zo kurera abana bibarutse.

b) Umutegarugori utiyubashye usanga rubanda **bamuseka cyane.**

Umutegarugori utiyubashye usanga rubanda **bamuha inkwenene.**

c) Afite **agahinda** ku buryo no kugira icyo ashyira ku munwa byamunaniye.

Afite **ishavu** ku buryo no kugira icyo ashyira ku munwa byamunaniye.

d) Yagiye **shishi itabona** nta cyo atubwiye ku byabaye ku baturanyi be.

Yagiye **ikubagahu** nta cyo atubwiye ku byabaye ku baturanyi be.

**3. Andika amagambo ari mu mwandiko asobanura atya:**

a) Ukuba ikintu kigeze mu ididaniro. (**kurimbanya**)

b) Gushakira umugore ku wundi. (**guharika**)

c) Gukora iyo bwababaga, uko ushoboye kose. **(kwiharahara**)

**4. Koresha amagambo akurikira mu nteruro:**

- **a) Inkwenene:** Abahaga Musanabera inkwenene basigaye bamwigiraho.
- **b) Ubugenge:** Abana be ntibigeze babaho ku bugenge kuko azi gushaka ibibatunga.
- **c) Guhuruza:** Semana yarwaje inka ye yihutira guhuruza muganga w'amatungo.

**d) Ubutuna:** Iyo mbyutse nkaraba mu maso ngakuramo ubutuna.

**III. Ibibazo by'ikibonezamvugo: amazina y'urusobe**

Tahura ubwoko bw'amazina y'urusobe akurikira, ugaragaze uturemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi: nyogokuru, mabukwe, Nyirinkwaya, sobuja, Sebatunzi, Nyirabizeyimana, Rwankubebe, Nyirarunyonga, Ikoranabuhanga, Amajyambere.

| Ijambo | Ubwoko bw'izina ry'urusobe | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| a)Nyogokuru | Izina ry'umusuma sano | ø- ø –nyoko- ø -kuru | - |
| b)Mabukwe | Izina ry'umusuma sano | ø - ø -maa- ø -bu-ko-e | o → w/-J |
| c)Nyirinkwaya | Izina rya kabimbura: yiri | nyir(i)-i-n-kwaya | a → o /-J |
| d)Shobuja | Izina ry'umusuma sano | ø - ø -so- ø –bu-ja | s→sh/-J |
| e)Sebatunzi | Izina ry'akabimbura | see- ø-ba-tung-yi | g + y→ z |
| f)Nyirabizeyimana | Izina ry'akabimbura: nyira | nyira-ø-ba-izer-ye-i- ø- mana | a→ ø /-J; e → /-J |
| g)Rwankubebe | Izina ry'akabimbura: a | ru-a- ø-n-kubebe | u→ w/-J |
| h) Nyirarunyonga | Izina ry'akabimbura: nyira | nyira- ø- ru-nyonga | |
| i) Ikoranabuhanga | Izina ry' urujyanoshinga rigizwe n'inshiga n'izina. | i-ø-kor-an-a-ø-bu-hanga | |
| j) Amajyambere | Izina ry' urujyanoshinga rigizwe n'inshiga n'umugereka. | a-ma-gi-a-mbere | i→ y/- J; gy→jy mu myandikire |

## I.8. Ibikorwa by'inyongera

### I.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

**Ikibazo k'ikibonezamvugo**

Shyira mu matsinda amagambo akurikira, ukurikije ubwoko bw'amazina

y'urusobe.

a) Umutegarugori b)Umunyarwandakazi c) Imberambyombi d) Serugo

### I.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe ku nsanganyamatsiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye ni umusingi w'iterambere rirambye mu Rwanda."

Umwarimu arareba niba mu myanzuro abanyeshuri bafashe, hagaragaramo ingingo zerekeye uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere rirambye mu Rwanda.

**Urugero rw'ibisubizo**

- Iterambere ry'umuntu ku giti ke: iyo umuntu wese ahabwa uburenganzira bungana n'ubwa mugenzi, we agira ubwisanzure akiteza imbere anateza Igihugu imbere.
- Iterambere ry'umuryango: iyo umugore n'umugabo bashyize hamwe mu mirimo yabo, urugo rwabo rutera imbere, bigatuma n'Igihugu kigera ku iterambere rirambye.
- Iterambere ry'Igihugu: iyo imirimo inyuranye ikorwa n'abayishoboye, bituma Igihugu kigera ku iterambere rirambye.

### I.8.3 Imyitozo y'inyongera

**a) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amazina y'urusobe akurikira:**

1. Abenerurimi
2. Imbangukiragutabara
3. Amavugabandi
4. Iburengerazuba
5. Umwamikazi
6. Nyakubyara
7. Umunyeshuri
8. Inyangamugayo

**Ibisubizo**

| Izina | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Abenerurimi | a-ba-ene- ø-ru-rimi | a→ ø/-J |
| Imbangukiragutabara | i-n-bang-uk-ir-a-ku-tab-ar-a | n→m/-b, k→g/-GR |

| | | |
|---|---|---|
| Amavugabandi | a-ma-vug-a- ø-ba-ndi | - |
| Iburengerazuba | i- bu-reng-ir-a- ø- ø-zuba | i→e/Ze- |
| Umwamikazi | u-mu-ami-kazi | u→w/-J |
| Nyakubyara | nya-ku-byar-a | - |
| Umunyeshuri | u-mu-nya-i- ø-shuri | a+i→e |
| Inyangamugayo | i-n-ang-a- ø-mu-gay-o | n→ny/-J |

**b) Hanga umwandiko w'imirongo mirongo itatu (30) ku nsanganyamatsiko ikurikira:**

*"Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango ni ishingiro ry'amajyambere arambye".*

**Igisubizo**

Umwarimu asuzuma imyandiko abanyeshuri bahanga ko yubakiye ku ngingo zifitanye isano n'insanganyamatsiko bahawe, hanyuma agakosora ashingiye ku bwoko bw'umwandiko n'amabwiriza agenga ihangamwandiko.

## I.9. Amakuru y'inyongera

Ingingo z'amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda zijyanye n'amazina y'urusobe.

**1. Inyajwi zisoza zidakatwa**

**Ingero:**

Inyajwi **"i"** isoza akabimbura "**nyiri**", n'inshinga mburabuzi "**ni**" na "**si**" ntizikatwa.

**Ingero:**

- **Nyiri** ubwenge aruta **nyiri** uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

Icyakora ijambo **"nyiri"** iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.

**Urugero:**

- **Nyiricyubahiro** Musenyeri.

Naho "**nyira**" ivuga **"nyina wa"** ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije.

**Urugero :**

- **Nyirabukw**e aramukunda.

**2. Amazina y'inyunge**

Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

**Ingero:**

- Umwihanduzacumu
- Rugwizangoga
- Umukangurambaga
- Umuhuzabikorwa
- Amayirabiri

Icyakora mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro agizwe n'amagambo arenze ane (4) yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

**Urugero:**

- Ubwo "**Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica**" aba arahashinze.

UMUTWE WA

2

# UMUCO NYARWANDA

## II.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura igitekerezo k'ingabo agaragaza ingingo z'ingenzi zigikubiyemo.
- Gusoma no gusesengura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami agaragaza ingingo z'ingenzi zizikubiyemo.
- Kuvuga no kwandika interuro yubahiriza ibihe by'inshinga.

## II.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda
- Inshoza y'nshinga, amoko y'inshinga n'itondaguranshinga.

## II.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mihango y'igitero, aho abagore baririmba indirimbo ngo tubarusha umwami bari ku rugamba byumvikana ko guhera kera abagore bafatanyaga n'abagabo ku rugamba. |
| Umuco w'amahoro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu mihango y'ibitero aho abanyarwanda bagombaga gushyira hamwe bakirinda inzangano hagati yabo. |
| Uburezi budaheza | Umwarimu yigisha yita ku banyeshuri bose ndetse n'abafite ubumuga iyo bahari. |
| Umuco w'ubuziranenge | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu mwandiko "Igitero k'i Butembo" aho ingabo z'u Rwanda zariye amashaza zibanje gushishoza ko abayariye nta cyo yabatwaye. |

| | |
|---|---|
| Kubunngabunga ibidukikije | Iyi ngingo nsanganyammasomo igaragarira mu mwandiko“Igitero k'i Butembo”:<br>• Aho aho ingabo za Rwabugiri n'umwami bavogereye umugezi wa Nyabarongo n'amaguru bava i Buhunde bajya i Butembo, ibyo byakwangiza amazi<br>• Umwarimu yahera kuri nyakotsi ivugwa mu mwandiko maze akinjizamo ingingo nsanganyamasomo y'ibidukikije, kuko nyakotsi cyari icyogajuru cyasigaga imyotsi myinshi yahumanyaga ikirere. |

## II.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

***Tekereza kandi urondore ibyarangaga ibitaramo by'ibwami mu Rwanda rwo hambere, imihango y'igitero yakorwaga, icyo intwari zivugaga n'amashimwe zagenerwaga zivuye ku rugamba, ugaragaze muri make ibyaranze inganzo y'amazina y'inka n'akamaro ko kuyiga muri iki gihe. Sobanura uruhare rwa buri ngingo yagaragajwe hejuru mu gusigasira umuco nyarwanda.***

Umwarimu atega amatwi ingingo abanyeshuri batanga maze akagenda abafasha kubinoza

Mu gusobanura buri ngingo mu gusigasira umuco nyarwanda, umwarimu aragenzura ingingo zinyuranye zatanzwe n'abanyeshuri akazikorera ubugororangingo abihuza n'umuco.

## II.5. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe agenewe

<table>
<tr><td colspan="2">Umutwe wa wa kabiri: Umuco nyarwanda</td><td>Umubare w'amasomo:48</td></tr>
<tr><td colspan="3">Umwandiko: Igitero k'i Butembo</td></tr>
<tr><td>Amasomo</td><td>Intego rusange</td><td>Umubare w'amasomo</td></tr>
</table>

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko. | Amasomo 2 |
| Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | Amasomo 2 |
| Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| **Ubuvanganzo nyabami** | | |
| Isomo rya kane: Zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami. | -Kuvuga inshoza y'ubuvanganzo nyabami.<br>- Kurondora no gusobanura ingeri zitandukanye z'ubuvanganzo nyabami | Amasomo 3 |
| **Ibitekerezo by'ingabo** | | |
| Isomo rya gatanu: Inshoza n'uturango tw'ibitekerezo by'ingabo. | - Gutahura inshoza n' uturango tw'ibitekerezo by'ingabo | Isomo 1 |
| **Imihango y'igitero mu Rwanda rwo hambere** | | |
| Isomo rya gatandatu: Imitegurire y'imihango y'igitero. | - Gutahura imihango y'igitero yakorwaga mu Rwanda rwo hambere<br>- Kugaragaza abagiraga uruhare mu migendekere y'igitero | Amasomo 4 |
| Isomo rya karindwi: Impeta z'ubutwari mu Rwanda rwo hambere. | - Kugaragaza no gusobanura impeta z'ubutwari mu Rwanda rwo hambere. | Amasomo 2 |
| **Umwandiko: Inkatazakurekera** | | |

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya munani: Gusoma no gusobanura ,kumva  no gusesengura umwandiko. | - Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe, kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko.<br>- Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho.<br>- Gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| **Ibyivugo by'ingabo** | | |
| Isomo rya kenda: Ibyivugo by'ingabo. | - Gutahura inshoza y'ibyivugo no kugaragaza amoko yabyo. | Amasomo 2 |
| **Umwandiko: Inka ya Rumonyi** | | |
| Isomo rya cumi: Gusoma no gusobanura umwandiko. | - Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe, kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko. | Amasomo 3 |
| Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no kumva umwandiko. | - Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | Amasomo 2 |
| Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko. | - Gusesengura umwandiko. | Amasomo 2 |
| **Amazina  y'inka** | | |
| Isomo rya cumi na gatatu: Inshoza n'imiterere by'amazina y'inka. | - Kugaragaza inshoza n'imvano y'amazina y'inka | Amasomo 6 |
| Isomo rya cumi na kane: Imvano y'amazina y'inka n'imyitire  y'inka. | - Gusobanura imyitire n'imiterere y'amazina y'inka. | Amasomo 4 |
| Isomo rya cumi na gatanu: Imyororokere n' imitegekere y'inyambo. | - Gusobanura imyororokere n'imitegekere y'inyambo | Amasomo 3 |

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya cumi na gatandatu: Akamaro ko kwiga inganzo y'amazina y'inka. | -Kugaragaza akamaro ko kwiga inganzo y'amazina y'inka. | Isomo1 |
| **Inshinga** | | |
| Isomo rya cumi na karindwi: Inshoza n'amoko y' inshinga. | - Kugaragaza inshoza y'inshinga n'amoko yazo. | Isomo 1 |
| Isomo rya cumi n'umunani:<br>Ibihe by'inshinga` | - Gutandukanya ibihe by'inshinga yifashishije ingero zitandukanye.<br>- Gukoresha inshinga yubahiriza ibihe byayo mu mvugo no mu nyandiko. | Amasomo 2 |
| Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri. | | Amasomo 2 |
| Isuzuma risoza umutwe wa kabiri. | | Amasomo 2 |

**Ikitonderwa:** Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri

## I.5.1. Umwandiko : Igitero k'i Butembo

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye :** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>• Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Igitero k'i Butembo" bagiye gusoma, akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Murabona iki kuri iyi shusho?** Kuri iyi shusho, turahabona umwami utetse ku gitabo imbere ye hari ingabo ziri kwivuga. Hari kandi n'abakaraza barimo kuvuza ingoma.

b) **Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku bitero u Rwanda rwajyaga rutera mu bindi bihugu.

**2. Uko isomo ryigishwa:**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Igitero k'i Butembo", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure, wifashishije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza bikandikurwa kukibaho maze abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kudasobanukirwa:**

**Nyakotsi:** ubwoko bw'icyogajuru cyajyaga kiboneka inshuro imwe mu myaka ijana.

**Kugishisha inka:** kujyana inka ahandi hantu hari ubwatsi mu gihe k'izuba ryinshi.

**Umuhinza:** umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'ikimana bakamutura amakoro na we akabaha imvura, akabahahiriza (guhashya) ibyonnyi akabatsirikira ibiza.

**Kuramvura ingoma:** kuyibaza.

**Gukubanga:** kwigarurira.

**Kunyaga:** gutwara imitungo y'undi ku mbaraga.

**Amakoro:** amaturo bahaga umwami agizwe n'ibikomoka ku buhinzi, ubworozi n'ibindi.

**Kuvunyisha:** gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu ubagendereye.

**Amazimano:** amafunguro bakiriza umushyitsi.

**Abatasi:** abantu bahabwa ubutumwa bwo kujya gutara amakuru rwihishwa.

**Kuvogera umugezi:** kuwunyuramo n'amaguru uwambuka.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Koresha amagambo akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:**

- **Kugishisha inka:** Kera iyo amapfa yateraga abashumba **bagishishaga inka** ahantu kure.
- **Amakoro:** Umwami yaturwaga **amakoro** aturutse mu mpande zose z'Igihugu.
- **Abatasi**: **Abatasi** bari bafite uruhare rukomeye mu gutsinda urugamba.
- **Ingando**: I Mimuri ya Nyagatare hari **ingando** y'umwami Kigeli IV Rwabugiri.

**b) Shaka imbusane z'aya magambo ukurikije inyito afite mu mwandiko wasomye**

- Azahindukirira ≠ **azagendera**
- Guhunga ≠ **guhunguka**
- Gukuka umugezi ≠ **kwinjira mu mugezi, gushoka umugezi**
- Guhinguka ≠ **kurenga**

**c) Uzuza interuro zikurikira ukoresheje ibivuye mu mwandiko**

- Mu gitero k'i **Butembo** Abanyarwanda bahakuye imbuto y'**amashaza**.
- Igitero k'i Butembo cyabaye mu wa **1874** cyagabwe kiyobowe n'umwami

**Kigeli IV Rwabugiri**

- Igitero cyahagurukiye i **Rwamaraba** gisozerezwa inyuma y'ishyamba **i Butembo.**

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?** Umwandiko duheruka kwiga ni "I**gitero k'i Butembo**".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?** Ibitero byo mu Rwanda rwo hambere.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Saba abanyesguri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongere usome umwandiko "Igitero k'i Butembo", hanyuma usubize ibibazo bikurikira.*

*Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza bikandikwa kukibaho, abanyeshuri bakabyandikwa mu makayi yabo.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Sobanura intandaro y'igitero k'i Butembo:**

Umuhinza wo mu Buhunde witwaga Muvunyi wa Karinda yanyaze u Rwanda inka z'inyambo zitwaga Imisakura zari zaragishishirijwe i Kamuronsi ku mupaka w'u Buhunde.

**b) Ni nde wafashe iya mbere mu gushoza urwo rugamba?**

Umwami Kigeli IV Rwabugiri

**c) Ni uwuhe mwamikazi warushije abandi imyiteguro myiza?**

Ni Kanjogera

**d) Ni ikihe gihembo cyari giteganyirijwe umugore uzarusha abandi kwitegura umwami?** Gutaramirwa n'ingabo; inyambo zigataha iwe.

**e) Ikivugo "Inkatazakwekera" cyahimbwe na nde? Ryari?**

Cyahimbwe na Biraro bya Nyamushanja. Yagihimbye mu birori by'imyiyereko ingabo za Rwabugiri zitabarutse

**f) Shaka ibintu cyangwa ibikorwa byavuzwe mu mwandiko bibangamiye ibidukikije.**

Nyakotsi no kuvogera umugezi: Impamvu ni uko nyakotsi yasigaga imyotsi ihumanya ikirere; kuvogera umugezi n'ibirenge byanduza amazi,ibi bikaba byatera abantu indwara.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda hanyuma bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko biri mu bitabo byabo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwamo n'ubuzima busanzwe.<br>• Gukora inshamake y'ibivugwa mu mwandiko mu magambo ye bwite. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Isomo duheruka kwiga ni gusoma no kwandika umwandiko
"Igitero k'i Butembo", dusubiza n'ibibazo byari byawubajijweho.

**b) Igitero k'i Butembo cyabaye mu wuhe mwaka?** Igitero k'i Butembo cyabaye mu mwaka wa 1874 .

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

**Igikorwa**

Ongera usome umwandiko *"Igitero k'i Butemba"*, hanyuma usubize ibibazo byari byawubajijweho

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda hanyuma bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku bibaho, abanyesuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Amakoro yatangwaga ibwami wayagereranya n'iki muri iki gihe? Sobanura igisubizo utanze uhereye ku kamaro kayo.**

Yagereranywa n'imisoro n'amahoro: Impamvu ni uko amaturo yajyanwaga ibwami kugira ngo bayakoreshe imirimo inyuranye naho imisoro n'amahoro bikaba bihabwa Leta bigakoreshwa mu guteza imbere Igihugu.

**b) Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara muri uyu mwandiko.**

| Ingingo z'ingenzi | Ingingo z'ingereka |
|---|---|
| • Inkomoko y'igitero<br>• Imihigo y'igitero<br>• Imigendekere y'igitero<br>• Ibirori by'imyiyereko<br>• Imvano y'ikivugo "Inkatazakurekera" | • Uruzinduko rw'intumwa z'i Burundi kwa Mwezi<br>• Imyiteguro y'abagore b'umwami<br>• Kurya amashaza<br>• Kwihumanura |

**c) Vuga muri make ibikubiye muri uyu mwandiko mu magambo yawe bwite.**

Umwarimu areba niba inshamake y'umwandiko wa buri munyeshuri iboneye akamufasha kuyinoza.

## II. 5.2. Ubuvanganzo nyabami

Isomo rya kane: Zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami

| Intego zihariye |
|---|
| Ahereye ku mwandiko yasomye, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gutahura inshoza y'ubuvanganzo nyabami .<br>• Kurondora no gusobanura zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku buvanganzo nyabami. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya kwiga.

### Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?**
Ibitero byo mu Rwanda rwo hambere.

**b) Vuga mu nshamake akamaro k'ibitero mu Rwanda rwo hambere.**

Ibitero byatumaga u Rwanda rwaguka rukaba runini ariko kandi Abanyarwanda babonaga andi maboko yo gukorera Igihugu nk'abaja ndetse n'abagaragu. Si

ibyo gusa,ahubwo habonekaga n'amatungo ndetse n'imyaka ivuye mu bice byigaruriwe n'u Rwanda.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Igitero k'i Butembo" ugereranye ibivugwamo n'ibyavuzwe mu yindi myandiko wize, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'ubuvanganzo nyabami, urondore zimwe mu ngeri z'ubwo buvanganzo n'uturango twazo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa kukibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makaye yabo

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe**

**a) Inshoza y'ubuvanganzo nyabami**

Nk'uko byizwe mu myaka yabanje, ubuvanganzo ni imvugo cyangwa inyandiko ifite icyo ivuga kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikoreshereze y'ururimi. Imvugo cyangwa inyandiko y'ubuvanganzo irangwa akenshi n'ikeshamvugo. Ubuvanganzo nyarwanda babugabanyamo ibice bibiri: ubuvanganzo nyemvugo n'ubuvanganzo nyandiko. Ubuvanganzo nyemvugo ni ibyahanzwe n'abantu ba kera batazwi neza bahangaga batandika, bakabifata mu mutwe. Ibyo bahangaga babishyikirizaga ab'igihe cyabo bikabizihira mu bitaramo, bakagenda babiraga abo basize, bityobityo bigahinduka uruhererekane.

Ubuvanganzo nyabami burimo ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami. Ni ingeri y'ubuvanganzo itari igenewe buri wese nk'uko ubuvanganzo bwo muri rubanda bwari bumeze. Bityo igihangano cy'ubuvanganzo nyabami ntawashoboraga kugira icyo agihinduraho atabyemerewe.

**b) Zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami**

Mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami twavuga ibitekerezo nyabami (ibitekerezo by'ingabo), amazina y'inka, ibisigo nyabami, ubwiru, ubucurabwenge, ibyivugo, inanga zivuga iby'ibwami, indirimbo z'ingabo.

Muri rusange ingeri z'ubuvanganzo nyabami zirangwa no kuba ari imyandiko ivuga abami, imiryango yabo n'ingoma zabo.

- **Ibitekerezo by'ingabo**

Ibitekerezo by'ingabo byavugaga imitegurire n'imigendekere y'ibitero ingabo z'umwami zagabye mu bindi bihugu bakongeraho amakabyankuru.

- **Amazina y'inka**

Amazina y'inka ni imivugo irata inyambo n'umwami. Ni ingeri y'ubuvanganzo nyabami irangwa n'itondeke ripimye (umubare w'utubangutso ungana), ikeshamvugo n'amagambo yabugenewe. Yagiraga imiterere yihariye.

- **Ibisigo nyabami**

Ibisigo nyabami ni imivugo yasingizaga abami n'ingoma zabo ikoresheje amagambo y'indobanure. Ibisigo nyabami birangwa n'ikeshamvugo, amagambo y'indobanure kandi ntibyahindagurikaga mu miterere yabyo.

- **Ubwiru**

Ijambo "ubwiru" risobanura ibanga rikomeye cyane iryo ari ryo ryose. Mu buvanganzo nyabami ubwiru ni imihango yakorwaga n'umwami n'abiru. Iyo mihango yakorwaga mu ibanga kandi ikagira amagambo yihariye agendana na yo. Iyo mihango bayitaga **inzira z'ubwiru**.

Ubwiru bwari bukubiyemo amategeko yagengaga imihango y'ibwami, bwakoreshaga ikeshamvugo n'andi magambo yabugenewe kandi ntibwahindagurikaga.

- **Ubucurabwenge**

Ni umuvugo muremure wavugaga ibisekuru by'abami n'abagabekazi. Abawufataga mu mutwe bitwaga abacurabwenge. Ubucurabwenge burangwa n'uko buvuga ibisekuru by'abami n'abamikazi mu buryo buryoheye amatwi. Ubucurabwenge bwakorwaga n'abiru.

- **Ibyivugo**

Kwivuga: ni ukuranga icyo uri cyo, uwo uri we mu rwego rw'intambara, rimwe na rimwe umenyesha abakumva uwo ukomokaho byo guhimba, ukavuga ibyakuranze ku rugamba.

Ibyivugo ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda bisingiza intwari n'ubutwari bwazo ndetse n'intwaro zifashishwaga. Muri iyo ngeri, uwivuga yiratanga ibigwi n'ibirindiro yagiriye ku rugamba. Tuyisangamo amoko abiri y'ingenzi ari yo: Ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.

– **Inanga zivuga iby'ibwami**

Gucuranga inanga ni ubuhimbyi bujyana no gucuranga inanga bayibwira. Inanga z'ibwami ni indirimbo zicurangwa ku nanga y'amano. Mu buvanganzo nyabami, inanga zaherekezwaga n'indirimbo z'ingabo zigahishura uko abakurambere batekerezaga, akari kabari ku mutima n'uko bari bameranye mu mibanire yabo. Inanga tuzisangamo uturango tw'ubusizi nyarwanda (isubirajwi, imibangikanyo, injyana...). Zahimbirwaga kurata no gusingiza abami. Zacurangirwaga mu bitaramo binyuranye.

– **Indirimbo z'ingabo**

Ni indirimbo zaririmbwaga mu bitaramo byo kwizihiza insinzi y'ingabo zabaga zivuye ku rugamba. Izo ndirimbo zafatiraga ku bantu babayeho (abami, ab'ibwami n'abatware cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi nk'ibigwi, ibirindiro...).

**3. umwitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda hanyuma bakungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko bahawe.

**Urugero rw' insanganyamatsiko n'urugero rw'umwanzuro:**

**Mwungurana ibitekerezo na bagenzi banyu ku kamaro ko kwiga ubuvanganzo nyabami.**

Umwarimu areba uko abanyeshuri batanga ibitekerezo bifite ireme n'indangagaciro nyarwanda kandi na we akabafasha kubinoza.

### II.5.3. Ibitekerezo by'ingabo

Isomo rya gatanu : Inshoza n'uturango tw'ibitekerezo by'ingabo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Kuvuga inshoza y'ibitekerezo by'ingabo.<br>• Gutahura/Kugaragaza uturango tw'ibitekerezo by'ingabo |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku gutahura inshoza n'uturango tw'ibitero by'ingabo.

**Urugero rw'ibibazo:**

**a) Umwandiko duheruka kwiga wavugaga iyihe nkuru** ? Uyu mwandiko wavugaga ku nkuru y'igitero k'i Butembo.

**b) Ni ayahe makabyankuru agaragara muri uyu mwandiko**?

Amakabyankuru aragaragara aho bavuga ko bateye u Buhunde bakabutsinda mu munsi umwe, kandi ko bahatsinze nta ntasi bigeze boherezayo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongere usome umwandiko " Igitero k'i Butembo"maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'ibitekerezo by'ingabo unagaragaze uturango twabyo.*

Mu gihe abanyeshuri bari mu matsinda umwarimu agenda areba abafite ibibazo akabunganira. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze andi matsinda akurikiye kandi afatanya n'umwarimu kubikorera ubugororangingo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe**

**a) Inshoza y'ibitekerezo by'ingabo**

Ibitekerezo by'ingabo ni ibihangano byabaga bikubiyemo uko urugamba rwagenze. Byahimbwaga n'abatekereza b'ibwami bafatiye ku byavuzwe n'abavuzi b'amacumu babaga bakubutse ku rugamba. Abo bavuzi b'amacumu bari abantu bazwiho ubuhanga mu kuvuga neza no gufata mu mutwe bagakoresha imvugo nziza kandi batajijinganya. Mu bitekerezo by'ingabo havugwamo inkuru y'igitero n'abakigizemo uruhare cyanecyane ab'intwari,

**b) Uturango tw'igitekerezo k'ingabo**

Igitekerezo k'ingabo kirangwa n'ibi bikurikira: kivugwamo inkuru y'igitero cyagabwe n'uko igitero cyagenze**,** kigaragaramo abakigizemo uruhare

n'abakibayemo intwari, gishingira ku makuru mpamo y'ibyabaye, kirangwa ndetse n'uturingushyo tw'abatekereza b'ibwami abandi bita amakabyankuru.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, akabasaba kuyikorera mu matsinda ya babiribabiri. Iyo abanyeshuri barangije kuyikora, umwarimu afatanya na bo gukosora no kunoza ibisubizo.

**Urugero rw' ibibazo n'ibisubizo byatangwa**

**a) Tanga inshoza y'igitekerezo k'ingabo.**

Ibitekerezo by'ingabo ni ibihangano byabaga bikubiyemo uko urugamba rwagenze.

**b)Tanga uturango tw'igitekerezo k'ingabo uzi.**

Igitekerezo k'ingabo kirangwa n'ibi bikurikira:

- Kuvuga inkuru y'igitero cyagabwe n'uko cyagenze.
- Kigaragaza abakigizemo uruhare ndetse n'ababaye intwari.
- Gishingira ku byabaye maze kikongeramo amakabyankuru.

### II.5.4. Imihango y'igitero mu Rwanda rwo hambere

Isomo rya gatandatu : Imitegurire y'imihango y'igitero

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusobanura imihango yakorwaga mu Rwanda rwo hambere yo gutera ikindi gihugu.<br>• Kugaragaza abagiraga uruhare mu migendekere y'igitero<br>• Gusobanura inyungu zavaga mu bitero bitandukanye u Rwanda rwagabaga. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abwira abanyeshuri kwitegereza ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri akabasaba gusubiza ibibazo bibaganisha ku gutahura imihango

yakorwaga mu bitero u Rwanda rwagabaga mu bindi bihugu no kugaragaza ababigiragamo uruhare.

a) **Abantu mubona bafite amacumu ni bande? Barakora iki?**
   Ni ingabo. Bari kurwana

b)**Ukurikije imyambarire yabo n'ibikoresho bafite, utekereza ko byabaye ryari?**
   Kera, ku ngoma ya cyami

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga imhango y'igitero mu Rwanda rwo hambere.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri kibinjiza mu isomo rishya.

**Igikorwa:**

Wifashishije ubumenyi ufite ku muco n'amateka, kora ubushakashatsi, maze utahure imihango yakorwaga kugirango u Rwanda rutere ikindi gihugu, abagiraga uruhare mu migendekere y'igitero n'inyungu igihugu cyakuraga mu gitero.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, bafatanya n'umwarimu maze bakabinoza bagatanga umwanzuro ku bibazo by'ubushakashatsi bakoze.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe**

**Imitegurire n'imihango y'igitero**

Umurage ukomeye Abanyarwanda basigiwe n'abasokuruza ni Igihugu. Ibi byatumye u Rwanda rugenda rwagurwa binyuze mu bitero rwagabaga kandi rugomba kubitsinda. Mbere yo gutera habanzaga gukorwa imihango inyuranye harimo inzira y'inkiko yabyaye umugaru hagiye kwagurwa imipaka n'inzira y'urugomo hagiye kugabwa ibitero.

Si iyo mihango yakorwaga gusa kuko habagaho n'igitaramo njyarugamba cyabanzirizaga urugamba umwami yabaga agiye gushoza mu mahanga. Abantu bahuriraga hamwe maze bakarebera hamwe ingamba z'urugamba. Buri wese

mu babaga bateraniye aho yagiraga icyo yiyemeza gukora kugira ngo Igihugu kizatsinde urugamba.

### a) Umugaba w'ingabo n'umugaba w'igitero

Ingabo z'u Rwanda zari imitwe itegekwa n'abatware aba n'aba. Aha ngaha turebe iki ngiki: abo batware b'izo ngabo, bitwaga abatware mu butegetsi bw'Igihugu bwa kera,ntibigire aho bahuriye n'abatware bategekaga mu Rwanda mu bihe bya kizungu. Umutware kera, mbere y'umwaduko w'abazungu, ntabwo yari ameze nk'umushefu. Abatware rero bitwaga batyo mu butegetsi bw'Igihugu, naho mu butegetsi bw'abarwanyi (igihe ingabo zabo zabaga zihagurukiye igitero) bakitwa abagaba b'ingabo. Igihe k'intambara, umugaba wese w'umutwe uyu n'uyu, ni bwo we yambaraga ikamba ry'ingabo, kikaba ikimenyetso cy'ubutegetsi bw'abarwanyi. Iryo kamba ryari uruhu rw'icyondi batamirizaga mu ruhanga bakarusesurira mu bitugu. Umugaba w'igitero we ntibyari ngombwa ko aba ari umutware uyu n'uyu; yashoboraga no kuba ari umunyacyubahiro uhatswe.

Mbere yo kugaba igitero, ibwami babanzaga kuraguza ngo barebe niba gutera igihugu iki n'iki bizahira u Rwanda. Indagu yaba ibibemereye, bakaraguriza ubwoko buzatorwamo umugaba; ubwoko bufashwe bukaraguriza imiryango yabwo; umuryango ufashwe n'indagu bakaraguriza abo muri bo ngo barebe uzaba umugaba. Ntiyagombaga kuba ari intwari ubwe cyangwa ngo agombe kuba ari umuntu ufite ubuhanga bwo kurwanisha ingabo neza yabaga ari nk'impigi ubwe, izatuma ingabo z'u Rwanda zitsinda kandi ntiyagombaga no kurwanisha ingabo ubwe zarwanishwaga n'abagaba bazo bonyine.

Umugaba yamaraga gutorwa, umwami akamuha ububasha nk'ubwe. Izina rye ry'ubwami rikaba iry'umwami wa kera wigeze gutsinda icyo gihugu bateye. Umugaba yamaraga kwimikwa, umwami akamwambika **ikamba** ry'ingabo (rwa ruhu rw'icyondi) akamutamiriza **ishyira,**(umurizo w'urukwavu rwafashwe ari ruzirna), akamutamiriza **n'intuku (**inyoni yo mu ishyamba ry'i Buyenzi itukura, imeze nka gasuku); akamuhereza, agasohoka, akivuga, agahaguruka ubwo, ingoma zikamuherekeza, abatware bose bahurujwe, atuma ku ngabo zabo ngo zihaguruke.

Umugaba ugaba ntiyashoboraga kugira umusozi asibiraho: ariko yararaga indaro ngufi, kugira ngo ahe ingabo z'Igihugu cyose umwanya wo gukorana. Aho yararaga, yazimanirwaga nk'umwami, yagira uwo anyaga bigahama ntaburane. Ubwo yabaga afite **abatasi** bazi ibyo muri icyo gihugu gitewe, barakigenze bitwaje gutunda, cyangwa barakigiyemo bashukana ngo baragicikiye. Umugaba yajyaga kugera ku nkiko y'u Rwanda, ingabo zikaba zarakoranye, akajya inama n'abagaba bazo, akabaha amayira (guha umugaba kanaka inzira azanyura), kandi

buri murari w'ingabo ukaba uhawe n'umutasi  uyobora ingabo, uzimenyesha akarere karimo abarwanyi bakaze, cyangwa  uzibuza  kunyura  aha n'aha,  kuko hari nk'uruzi  rukomeye  batashobora kwambuka n'ibindi.

Icyo gihe cyo gutanga  amayira, ingabo zitaratabara, umugaba akohereza intumwa  yo kubwira ibwami umunsi imirwano izatangira. Izo ntumwa, zabaga ari abantu benshi, kugira ngo nihagira umwe urwara cyangwa unanirwa, abandi bazakomeze urugendo barare indaro bategetswe. Bati: "Muzataha ibunaka, bityobityo, maze ku munsi wa kangahe muzatahe ibwami, mubabwira muti:"Imirwano  izatangira ejo mu museke."

**b) Umwami n'umugabekazi mu mihango y'inteko**

Kuri wa munsi watanzweho umugambi, ibwami baramukaga batangira imihango y'inteko. Iyo mihango yakorwaga n'umwami, yaba adahari (yagiye muri iyo ntambara, nk'uko byari bimeze mu gitero k'i Butembo) iyo mihango igakorwa n'umugabekazi. Bwacyaga yicara ku ntebe y'inteko ibaje mu giti cy'umuko, akicara yegamye ku nkingi, ngo hatagira umuvugisha aturutse inyuma akamutera gukebuka. Gukebuka inyuma, byababaga ari ugutera ingabo z'u Rwanda gusubiza inyuma(guhunga);  ntiyinyagamburaga (ngo ingabo zidahungabana). Akirirwa ameze atyo bikageza igihe inyenyeri ziza kugaragara mu ijuru,  ijoro  riguye. Hahozeho  itegeko ry'akamenyero rivuga ngo ijoro ribanguza abami n'abandi;  ari byo kuvuga ko nta rugamba rushobora kubaho nijoro; ntibibariye mu ngamba z'igitero."

Icyo gihe, umwiru wo mu Bazinanshuro (bakomoka kuri Kazinanshuro) yabaga yacaniye igicaniro ibwami, ntikizazime igihe cyose k'intambara kigahoraho ijoro n'amanywa. Abagore n'abakobwa bo muri ako karere biririrwaga  baha impumbya ari byo kuvuga: kwahira ibyatsi babishyiramo ibishangari byo kugumya gucanisha icyo gicaniro. Ubwo bahaga impumbya, bakabyina imbyino yitwa"**tubarusha  umwami**",  amabango yayo akabanza ibihugu byose bikikije u Rwanda, irya nyuma rikaba irya cya gihugu cyatewe.

lcyo gihe, **imfizi y'ubwami** (yimikishijwe imihango y'ubwiru ikaba iri iruhande rwa cya gicaniro, n'abantu benshi bayizinga, ngo hatagira isazi iyikoraho, bigatuma iyiyama cyangwa izunguza umurizo; byajyaga gutuma ingabo zihindagana ku rugamba.

Ubwo kandi mu Rwanda rwose abagore n'abakobwa bahaga impumbya, igicaniro cyo kuri buri musozi  kikaba mu rugo rw'umunyacyubahiro uwutuyeho, yaba umutware,  yaba se undi udatwara ariko w'umutunzi. Kandi igihe k'intambara, byari umuziro gucyuza ubukwe, kuburana no kugira icyo umuntu  agaragaza cy'urwango. Ababaga bafitanye inzangano barabirekaga, bakagenzanya neza,

bakarindira ko igitero kizatabaruka.

Iyo mihango yagirirwaga **igitero**; habagaho **n'agatero shuma**. Ni ukuvuga igitero kigabwe n'umutware uyu n'uyu wo ku nkiko, kitaragurijwe n'ibwami. Agatero shuma kamaraga umunsi umwe mu mahanga. Niba agatero shuma kaneshejwe, si u Rwanda rwabaga runeshejwe; niba kanesheje, si u Rwanda rwabaga runesheje. Igihe katabarukaga, ingabo ziyerekeraga uwazigabye, ntizigombe kujya ibwami. Na Rwabugiri ubwe yateje udutero shuma kenshi, ntitubarirwe mu bitero by'u Rwanda.

Umwami ntiyashoboraga kuba umugaba w'igitero, cyangwa uw'ingabo ze bwite, kabone n'iyo yabaga yajyanye na zo. lze bwite zabaga zigabwe n'umutware w'urugo rw'umwami, nk'uko igihe k'Ingangurarugo zabaga zigabwe na Nyantaba ya Nyarwaya cyangwa Bisangwa bya Rugombituri, uko basimburanye kuri uwo murimo. lcyahindukaga gusa, ni uko igihe umwami yabaga ahari, umugaba w'igitero yarekaga kuvugirwa n'ingoma, igihe cyose babaga bari ku musozi umwe bombi.

### c) Ibitsimbanyi n'abanyamihango b'ibwami

lmitwe y'ingabo yakomatanyaga abaturagihugu bose, ubariyemo na rubanda rwo ku musozi, ndetse n'abantu babaga mu ishyamba. Igihe rero igitero cyahuruzwaga, umugaba yahuruzaga n'imiryango y'abaturage basanzwe, maze umutware w'umuryango agategeka umwe wo muri bene wabo utahiwe n'itabaro akagenda akajya gucungura abavandimwe be basangiye na we isambu batuyemo. Igihe cyose igitero cyabaga kikiri mu Rwanda. Noneho abo baturage akaba ari bo bajya gusahura ibitunga ingabo. Buri mutwe wabaga ufite ibitsimbanyi byawo. Igihe bajya gusahura no kwaya (kurandura ibikiri mu murima), ibitsimbanyi byagendaga bihagarikiwe n'abarasanyi, kugira ngo bitaza guhura n'ababisha bakabirwanya, kandi byo bitagenewe kurwana. Ibitsimbanyi ni byo rero byatungaga ingabo mu mahanga.

Uretse ibyo bitsimbanyi kandi, igitero cyajyanaga n'abanyamihango b'ibwami bahetse mu ngobyi intwaro z'amoko yose: imiheto, amacumu, imitana, inkota. Abo bagendaga bari kumwe n'umugaba w'igitero. Igihe umugaba kanaka yabaga akeneye intwaro, yazaga ku mugaba kugabuza ibyo ingabo ze zidafite. Muri iyo mitana bahekaga, harimo uwitwa Nyakiyabo wa Kigeri III Ndabarasa, wahunikwagamo imyambi amagana. Abandi kandi, ari abo b'ibwami b'abanyamihango, ari n'ibitsimbanyi, babaga bikoreye imboho z'amasaka, amakoma n'amamera, abandi bikoreye amafu, abandi bikoreye insyo, abandi bikoreye imiganda n'imihotora. Ibi ngibi byababaga ari ibyo kurema ingando ari ryo cumbi ry'ingabo, iyo babaga bageze ahantu zigiye kugandika, ako kanya

bagashinga imiganda, bakubaka amazu mu gihe kigufiya, bakayasakara. Abasya bagasya, abasanganywe amafu bagashigisha ibikoma cyangwa imisururu. Ingando yaba izahatinda bagasabika, bagasembura, bagahisha amarwa. Bajya guhaguruka bakaremura ibyo bubakishije, bakabihambira bakabijyana.

Ku ngoma ya Kigeri IV Rwabugiri, igihe umwami yabaga ajyanye n'igitero, byari byarategetswe ukundi. Yari yarategetse ko umutware wese uzajya atabarana na we azajyana n'umugore n'abana, kugira ngo he kuzagira utekereza ibyo guhunga. Ati: "Nuhunga ugatererana umugore n'abana, uzahunga ujya hehe, ukwirwe hehe?" Na we rero ni ko yabigiraga. Na none ntiyajyanaga abato, badashobokanye na bene izo ngendo.

**d) Abakoni n'iminyago**

Ibitero byagabwaga bijya kunyaga ngo bigwize inka mu Rwanda kabone n'iyo byabaga bigeretsweho kwigarurira ibihugu. Twabanje kureba iby'abarasanyi, tumenye rero ko umugaba w'umutwe yagenaga bamwe muri izo ngabo ze, bagenewe kunyaga, bakaba ikiciro cya kabiri, kitwa **abakoni;** bakitwaza umuheto n'inkoni yo kuyobora inka banyaze.

Iminyago ntiyabaga iy'uwafashe izo nka, cyangwa ngo ibe iy'umutwe uyu n'uyu uzinyaze, iminyago yose yari iy'umwami. Yabaye umuntu wese yarinyagiraga, byajyaga gutuma abarwanyi batatanywa n'inyungu y'ikiryango, maze ingabo zikabura epfo na ruguru. Noneho rero, bamwe bagenerwaga kunyaga ibitari ibyabo bwite, abandi bakagenerwa kurasana, bose bazi neza ko nibarangiza umurimo bagenewe ari bwo bazahabwa ingororano z'iyo minyago. Iminyago yose y'igitero yitwaga **umuheto** (umuheto w'igitero k'ibunaka). Iminyago yamaraga gufatwa, bakayimurikira umugaba w'umutware ikabarwa, ntihagire uwiba ngo uwo mubare upfe. Umugaba w'umutwe na we atabarutse, imirasano irangiye yamurikiraga iyo minyago umugaba w'igitero. N'ubwo umubare wagombaga kugumaho, mu itabaruka bageze mu Rwanda, bashoboraga kugenda bazigurana, niba ufite inka y'ingumba cyangwa ikimasa, ukabigurana inziza zo mu minyago, umubare ntupfe.

**e) Imirwanishirize y'abagaba**

Igihe ingabo zatabaraga ngo zige kurwana, umugaba w'igitero yasigaraga mu nteko: ha handi yabaga aganditse. Hasigaraga imitwe iringaniye yo kwitega ko inteko y'umugaba yaterwa. Umugaba w'igitero na we bwacyaga yicaye kuri bene ya ntebe ibajwe mu giti cy'umuko agakikira igisabo cyabaga kirimo ya mana yerejwe icyo gitero. Na we yagenzaga nk'iby'ibwami: kutanyeganyega, kutareba iruhande; kubigira bibwiraga ko byajyaga gutuma ingabo zihungabana, cyangwa zihunga. Naho icyo gihe abagaba b'imitwe, urugamba

rwajyaga gutangira bakarema inteko na bo: bakicara ku ntebe ibajwe mu muko, bakarwanisha. Boherezaga ku rugamba itorero rimwe, andi agasigara mu nteko, akikije umugaba. Umurasano wamara igihe kiringaniye, umugaba agahagurutsa itorero rindi, rikajya ku rugamba gukura abarubanjeho, kugira ngo bagaruke mu nteko baruhuke. Inteko y'urugamba yaremerwaga ahantu hiherereye, bakareba impande zose ngo ababisha bataza guca ruhinga nyuma bakagota ingabo zitabizi.

Igihe tubwirwa ngo itorero iri n'iri rishotse urugamba, hariho bamwe bambwiraga ko ryabaga riremwe gusa n'abantu bajyanye mu itorero, ngo niwumva **ijuru** bo mu mutwe wa Nyaruguru, ubone ko ari abantu nka mirongo inani cyangwa ijana b'igikogote. Mu by'ukuri babaga barutaho ubwinshi, kuko buri murwanyi ukomeye yabaga ari kumwe n'abagaragu be babiri cyangwa batanu, b'intwari bamuherekeje. Bene abo bagaragu babaga ari intwari zizwi bajyanaga ku rugamba na ba shebuja kandi n'umugaba w'umutwe yabaga abazi, kuko babagamo abantu b'imbere. Abo ngabo ni bo bahekaga abapfuye n'abakomeretse, abo ari bo bose, ari muri bo, ari no muri ba shebuja. Intumbi bazijyaniraga kugira ngo bazihambe ahantu hiherereye, zidashahurwa n'ababisha.

Umuntu yagwaga ku rugamba bakarwana ku ntumbi ye birengeje uko barwanaga ku buzima, kuko byabaga ari agaterasoni gushahuranwa uwo mwatabaranye. Uwamaraga kwica umubisha, yaramushahuraga, ngo yerekane ikimenyetso cy'uko yishe koko; yaba atashoboye gushahura, akaba afite abagabo babihamya. Icyo gihe uwo yahabwaga uruhushya rwo guheta ikigembe k'icumu rye, agahabwa irindi ryo kurwanisha. Niba uwo yishe yaguye mu itsimbiro (aho ngaho ku rugamba), ni byo byabarirwaga kuzahabwa impeta. Igihe abarasanyi babaga basakiranye n'ababisha, habaga ubwo Abanyarwanda basanga abo babisha bakomeye, cyangwa bazanye impirita. Ubwo Abanyarwanda bararaganaga, bakirukira icyarimwe: ni byo **gukubitwa inshuro**. Icyo gihe ababisha bibwiraga ko babaneshejе, bakabahomerera; muri iryo homerera, abarusha abandi imbaraga bakagenda babasiga inyuma. Ubwo umwe mu Banyarwanda akavuga ikivugo akigaranzura akarangamira ababahomereye: ni byo bitaga **kugaruka**. Bagenzi be bumva avuze ikivugo bakigaranzura nka we. Ab'inkwakuzi bari babahomereye bakayabazwa: abapfa bagapfa, abakomereka bagakomereka. Ababo b'imbaraga nke bajya kuhagera bagasanga ab'inkwakuzi babo batakiri abarwanyi. Kenshi ndetse baremaga igico abarwanyi bamwe bagiraga aho bikinga bagasigara inyuma, abashotse urugamba bagahunga ari yo bagana; bamara kurenga cya gico bakabona guhagarara. Abari babahomereye bakamarwa na cya gico batari babonye mbere.

Kugarukirwa byari ukubiri: uwavuze ikivugo wa mbere, abandi bagahindukira

nka we, yashoboraga kuvuga mu birindiro bye ati: “**Zarangarukiye ikanaka.”** Haba se n’igihe Abanyarwanda baneshwaga, bitari ugukubitwa inshuro bisanzwe: uwaguye impumu akananirwa kwiruka, akaba rero agiye gufatirwa n’ababisha, abihaze bakamurwanaho bakazavuga mu birindiro byabo, ngo “nagarukiye **kanaka cyangwa nimanye kanaka.”**

**f) Abavuzi b’amacumu**

Abavuzi b’amacumu ni bo bari ishingiro ry’igitekerezo. Igihe imirwano yabaga irangiye, ingabo zose zitabarukaga zisanga umugaba w’igitero mu nteko ye. Ubwo akarekeraho ya mihango y’inteko. Akohereza intumwa ibwami kuvuga gusa iti: “Imirwano yararangiye, twaratsinze!” Iyo ntumwa yitwaga **uwo kwahura imfizi**. Nta rindi jambo yashobraga kuvuga ryerekeye iby’intambara. Umurimo we wari uwo gutuma ibwami barangiza ya mihango y’inteko: ya mfizi yari ku gicaniro ibwami ikahuka; igasubira aho yari isanzwe iragirirwa.

Naho mu nteko y’umugaba w’igitero, bagatoranya umuntu muri buri mutwe. Uwo muntu akaba azi kuvuga neza, atari umusinzi, kandi yarishe umubisha nibura umwe muri icyo gitero. Uwo muntu agashyirwa mu ruhame rw’abagaba, bakamubaza imitabarire y’umutwe we. Agahera kuva batanze umugaba, akarondora ibyo yibuka byose, bakamwibutsa ibindi agakurikizaho imirwanire y’uwo mutwe, kugeza igihe batabarukiye. Buri mutwe bikamera bityo. Abo bantu bakabyitoza, bakavugira kenshi imbere y’abagaba, kugeza igihe bose babona ko babitoye neza. Noneho rero bakabohereza ibwami ngo bage kubitekerereza umwami batyo.

Abo bantu bakitwa **abavuzi b’amacumu**. Bagahabwa abanyacyubahiro babaherekeje, ngo bagende babarinda kunywa inzoga. Ku nzira bakagenda babaha amata, ngo batagira inyota y’inzoga, kandi bakagendera hamwe babarinze ubutabakuraho ijisho. Aho bazagerera ibwami bakavunyisha (kuvunyisha ni ugusaba icyanzu, kubonana n’umutegetsi): bakakiranwa ibirori by’abakwe, n’abatware bahari bakabitumirwamo. Buri muntu agahaguruka akavuga ibyivugo bye, yabihetura akarondora rya somo yatoye. Bose bagahetura. Muri iryo somo ryabo bakavuga abishwe, abakomeretse, abishe, ariko bikaba umuziro kuvuga abahunze, abagize ubwoba.

Abatekereza rero b’ibwami, bafite uwo mwuga w’ibitekerezo, bakakira ayo masomo, bagashimikira kuyitoza, bakayahimbura ngo bayashyiremo uturingushyo two kuyaryoshya: bakarema igitekerezo batyo. Ni abatekereza rero bahangaga ibitekerezo, ariko ishingiro benderagaho ryari ibyavuzwe n’abavuzi b’amacumu muri raporo y’igitero babaga barazaniye umwami. Ingabo zatabarukaga zikurikiye abavuzi b’amacumu. Zamara kugera hafi

y'ibwami zikagandika. lcyo gihe, abazirimo bashatse bashoboraga kujya ibwami, ariko ntibageyo nk'abavuye mu ngando: bakigirayo, bagahakwa, bakavuga ibindi, ariko ntihagire ijambo ryerekeye ingabo bahingutsa. Hagize urenga iryo tegeko, imyiyereko yabaga ipfuye, ingabo zigasezererwa zidakoze ibirori, uwo biturutseho akavugwa ko yishe amacumu y'ingabo. Byaririndwaga rero, uruhushya rwo kugenda wiyoberanyije utyo rugahabwa bake cyane biringiwe.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, akabasaba kuyikorerera mu matsinda ya babiribabiri. Iyo abanyeshuri barangije kuyikora, umwarimu afatanya na bo gukosora no kunoza ibisubizo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo**

**a) Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo bikurikira:**

- **Agatero shuma:** ni igirero cy'umunsi umwe cyagabwaga n'umutware w'ingabo kitaragurijwe.
- **Ingando**: icumbi ingabo zagandikagamo
- **Uwo kwahura imfizi:** intumwa: yoherezwaga ibwami kuvuga ko urugamba rwarangiye kandi batsinze.
- **Gukubitwa inshuro**: gutsindwa kw'ingabo zikirukira rimwe
- **Abavuzi b'amacumu:** abahanga b'abarashi batoranywaga bakaba bazi kuvuga no gufata mu mutwe iby'urugamba bakabibarira umwami n'ab'ibwami.
- **Guhomerera:** gukurikira abakubiswe inshuro.

**b) Mu gitero cyo hambere, vuga inshingano z'aba bakurikira:**

- **Umugaba w'igitero** yari afite inshingano yo kugaba igitero mu izina ry'umwami n'ububasha bwe.
- **Umugaba w'ingabo**: yayoboraga ingabo zose mu izina ry'umwami.
- **Ibitsimbanyi:** bari bashinzwe iminyago no gusahura kandi batungaga ingabo mu mahanga cyangwa mu gihe k'igitero.
- A**banyamihango**: bahekaga mu ngobyi intwaro z'amoko yose kandi bakagendana n'umugaba w'igitero.
- **Abakoni**: ni abantu bari bashinzwe kunyaga no gushorera inka.

**c) Ni uwuhe mumaro w'abagore mu gitero?**

Abagore bari bafite umurimo wo kuririmba no kwaha impumbya.

**d) Iminyago yari iya nde?**

Iminyago yose yari iy'umwami.

**e) Kuki buri wese atatwaraga icyo yanyaze?** Iyo buri wese atwara icyo yanyaze byajyaga gutuma abarwanyi batatanywa n'inyungu z'ikiryango maze ingabo zikabura epfo na ruguru.

### II.5.5. Impeta z'ubutwari mu Rwanda rwo hambere

#### Isomo rya karindwi: Impeta z'ubutwari mu Rwanda rwo hambere

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Kurondora no gusobanura impeta z'ubutwari zo mu Rwanda rwo hambere. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Igitero k'i Butembo**", igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bibaganisha ku gutahura isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo twize ubushize?**

Ubushize twize isomo rivuga uko igitero cyagendaga mu Rwanda rwo hambere.

**b) Ni bande bagiraga uruhare mu gitero mu Rwanda rwo hambere?**

Umwami, umugabekazi, umugaba w'ingabo, umugaba w'igitero, ibitsimbanyi, abanyamihango b'ibwami, abakoni, abavuzi b'amacumu n'Abanyarwanda bose muri rusage.

**c) Uwabaga yabaye intwari ku rugamba mu bitero u Rwanda rwabaga rwagabye, yagororerwaga iki?**

Uwabaga wabaye intwari yahabwaga impeta y'ubutwari.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kureba

impeta z'ubutwari mu Rwanda rwo hambere.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Wifashishije ubumenyi ufite ku muco n'amateka, kora ubushakashatsi maze ugaragaze impeta z'ubutwari zo mu Rwanda rwo hambere.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, bafatanya n'umwarimu maze bakabinoza bagatanga umwanzuro ku bibazo by'ubushakashatsi bakoze, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyanndika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe:**

**Impeta z'ubutwari mu Rwanda rwo hambere**

Mu muco nyarwanda birasanzwe ko uwakoze neza abishimirwa. Ni nako byagendaga iyo urugamba rwarangiraga. Kuva ku ngoma ya Ruganzu Ndoli kugeza ku ya Kigeli Rwabugiri hagiye hatangwa amashimwe cyangwa ingororano ku wagaragaje ubudashyikirwa ku rugamba. Impeta zari zifite amazina yazo bwite; ariko ntizari zifite ijambo rusange nk'uko ubu tuvuga impeta. Iri jambo nanone ryabagaho mu Kinyarwanda cya kera, ariko ubwo ngubwo rikavuga na none ingororano z'uwahese icumu (umuntu w'intwari wabaga wishe umunyamahanga mu gitero, umugaba we yamuhaga uruhushya rwo guheta ikigembe k'icumu rye, kugira ngo mu myiyereko batabarutse bizamubere ikimenyetso cy'uko yishe). Impeta za kera zari eshatu: umudende, impotore no gucana uruti.

**a) Umudende**

Umudende wahabwaga umuntu wishe abanyamahanga barindwi mu bitero kandi yarabagushije mu itsimbiro. Kugusha mu itsimbiro bivuga ko babaga baraguye mu irasaniro aho ngaho, atabakomerekeje gusa ngo bage kugwa ahandi. Si ngombwa ko babaga barishwe mu gitero kimwe: yashoboraga kuba yarabakurikiranyije, mu myaka myinshi wenda.

Umudende watangwaga n'umwami. Wari ukozwe utya: wari icyuma kimeze nk'umuringa munini, cyangwa nk'inkingi y'umutaka, bakagiheta ngo gishobore kwambarwa mu ijosi; icyo cyuma kitwaga uruti rw'umudende. Kuri urwo ruti rw'umudende batungagaho amashinjo. Ishinjo ryari icyuma gicuzwe

nk'umuhunda ariko ucuritse kugira ngo isonga ryawo barihete ku buryo butuma rigira inda izatungwamo uruti rw'umudende. Kandi mu ishinjo bashyiragamo umurebe nk'uwo mu nzogera.

Uwabaga yishe abanyamahanga barindwi ntiyahawaga umudende gusa. Yagabirwaga n'inka nyinshi z'ingororano.

**b) Impotore**

Impeta ya kabiri ni **impotore** ikaba yarambikwaga ku kuboko umuntu w'intwari wishe abanyamahanga **cumi na bane** baguye mu itsimbiro mu bitero bigabwe n'ibwami. Impotore yo nta mihango yagiraga kandi uyihawe yabaga avuye ku mudende ntiyabaga agishoboye kuwambara. Izo mpeta zombi zambarwaga mu birori no mu bitaramo byazagamo imihigo.

**c) Gucana uruti**

Gucana uruti byari ibirori byagirirwaga intwari yishe umubisha wo mu mahanga wa **makumyari n'umwe** uguye mu itsimbiro. Ntibyagiraga ikimenyetso cyambarwa, yari imihango y'ibirori by'iminsi itatu cyangwa ine. Intwari yajyaga gukorerwa ibyo birori igakoranya abo bafitanye isano bose n'abagaragu bose ndetse n'inka zabo zose hamwe n'ize. Bakoraniraga hejuru y'umusozi muremure wo mu karere iyo ntwari ituyemo. Umuntu wese waburaga mu birori ntiyongeraga kuzabonana n'iyo ntwari ukundi, bagombaga kuzajya batumanaho gusa ntibazahure ngo umwe arabukwe undi. Ni kimwe n'inka ze cyangwa iz'abagaragu be. Mu baraye kuri uwo musozi ntawasinziraga iryo joro kugeza mu gitondo (kimwe n'inka n'abana bato). Bacanaga umuriro bakazana umwungu w'ibamba bakawotsa ya ntwari ikajya yenyegeza uruti rw'icumu ryayo mu muriro ngo rukongoke maze bakamushunisha kuri wa mwungu, akenyegeza uruti mu ziko, ati: "nishe kanaka". Iryo joro ryose bigakomeza bityo maze babona umuseke ukitse akarunduriramo agasigazwa k'uruti n'umuhunda, akavuga izina ry'uwo yishe bwa nyuma. Ubwo impundu zikavuga, ingoma zigasuka bakajya gukomereza ibirori mu rugo rwa ya ntwari.

Igihe intwari ivuga abo yishe yashyiragamo n'abo yaba yariciye mu Rwanda batabarirwa muri ba 21 b'ibitero. Kuva ubwo, ntiyasubiraga ku rugamba ukundi. Yabaga intwari yogezwa mu Rwanda byonyine. Icyakora uwababaga yahawe ingororano zo gucana uruti yari afite amabwiriza akomeye agomba kubahiriza, kuko iyo yagororerwaga bene kariya kageni, ntabwo yongeraga guhura n'umwami yacaniyeho uruti ngo barebane amaso ku maso kugeza atanze, kuko nta bihanga bibiri bitekwa mu nkono imwe, nta bihangange bibiri mu gihugu kimwe. N'imisozi yahabwaga gutwara akenshi yabaga iri kure y'ibwami nko ku mbibi z'u Rwanda n'ibindi bihugu.

Kubera izo ngororano zose, zaba izahawe impotore, uwahawe umudende, uwacanye uruti, uwahawe inka y'umuheto n'uwahawe inka y'imirindi zatumaga uwagize ubutwari abiratira abandi mu kivugo cyabimburiga kandi kikanasoza ikintu cyose avuze. Ibyo byatumaga Umunyarwanda wese aharanira kuba intwari bityo agashira ubwoba ku rugamba.

Usibye no kubaha impeta z'ubutwari, Ingabo zose zatsinze urugamba, zagabanaga iminyago, ugasanga urugo rufite Ingabo y'igihugu, ari rwo rukomeye. Byatumye u Rwanda rubona abana benshi bagana mu itorero kugira ngo bigiremo ibyo kuba Intwari n'imyitozo njyarugamba. Nuko abitabira kuba Ingabo z'Igihugu baba benshi u Rwanda rugira imitwe y'Ingabo myinshi, ku buryo byakangaranyije amahanga aruzengurutse.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, akabasaba kuyikorera mu matsinda ya babiribabiri. Umwarimu agendagenda mu ishuri afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije kuyikora, umwarimu afatanya na bo gukosora no kunoza ibisubizo.

**Imyitozo n'ibisubizo**

Hitamo igisubizo cy'ukuri.

**a) Impeta yarutaga izindi ni:**

- Impotore
- Umudende
- **Gucana uruti**
- Zose zaranganaga

**b) Gucana uruti byakorerwaga:**

- Intwari yishe umubisha wo mu gihugu cyayo wa 21.
- Intwari yishe abantu benshi kurusha izindi.
- **Intwari yishe umubisha wo mumahanga wa 21**.
- Intwari yishe abanyamahanga 7.

**c) Ikivugo k'intwari yo hambere cyarangwaga:**

- **N'ibigwi, ibirindiro n'ibindi bikorwa by'ububwari.**
- No kwivuga ibyo itakoze kugira ngo ishimwe.
- No gusingiza inyamaswa n'akamaro kazo.
- No kuratira abandi akamaro umwami n'abatware.

**d) Subiza yego cyangwa oya**

- Umudende wajishwaga mu nzu umugore n'umugabo bararagamo. **OYA**
- Kugusha mu itsimbiro bivuga kugusha mu irasaniro. **YEGO**
- Intwari icana uruti yavugaga abantu yiciye mu Rwanda gusa. **OYA**
- Uwaburaga umwanya wo kuza mu birori by'uwacanye uruti, yaramusuraga bakaganira. **OYA**
- Umwungu w'ibamba wabaga uryohereye. **OYA**

**e) Simbuza ijambo riri mu mukaratsiri irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko**

- Kutubahiriza imihango y'umudende byari gutuma uwambaye **apfa imburagihe (akenyuka)**.
- Mu ijoro ryo gucana uruti **ntawagohekaga. (ntawasinziraga)**
- Umudende wahoraga **umanitse** (**ujishe**)ku nkingi mu nzu.
- Kugwa **mu irasaniro(itsimbiro**)cyabaga ari ikimenyetso cyo gutsindwa.
- Uwabaga yarahize abandi ku rugamba bamuhaga **igihembo k'ishimwe. (ingororano)**

### II.5.5. Umwandiko : Inkatazakurekera

**Isomo rya munani: Gusoma, gusobanura, kumva no gusesengura umwandiko**

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gusoma no gusobanura umwandiko.<br>- Kumva no gusesengura umwandiko. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "Inkatazakurekera", igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza no gubiza ibibazo ababaza ku ishusho y'umwandiko « Inkatazakurekera » kugira ngo abinjize mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishobora gutangwa:**

a) Ni iki ubona ku ishusho?

Ndabona muntu n'abandi bantu bicaye bamwitegereza bishimye.

b) Uratekereza ko uwo muntu ufite ingabo n'icumu mu ntoki arimo gukora iki?

Ndatekereza ko u**muntu** ufite ingabo n'icumu mu ntoki arimo kwivuga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimuarakoraamatsindaatandukanyey'abanyeshuriayahegukoraibikorwa binyuranye. Arasaba amatsinda yose gusoma umwandiko"Inkatazakurekera".

Arasaba abagize amatsinda amwe gushaka mu mwandiko amagambo badasobanukiwe, abagize andi matsinda abasabe gusubiza ibibazo byo kumva imyandiko, abagize andi ayasabe gusubiza ibibazo byo gusesengura imyandiko.

Umwarimu araha abanyeshuri igihe cyo gukora ibyo bikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe muri buri kiciro rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akagenda abayobora mu kunoza ibyo bamurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Ikitonderwa:** Umwitozo ujyanye no gusoma no gusobanura umwandiko uri mu gitabo cy'umunyeshuri ujyanye no gusoma no gusobanura umwandiko urakorwa amatsinda amaze kumurika ibyo yakoze.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe**

**I. Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kudasobanukirwa n'ibisobanuro byayo:**

- **Kurekera:** kureka umwambi ukagenda, kurasa.
- **Rugombangoga**: uwica ***ubukombe*** (umuntu ukomeye w'ingogo)
- **Singanirwa**: sinsubira inyuma
- **Kwikorana umuheto**: gutangira kugenda ufite umuheto
- **Nywuhimbaje intanage**: nawushyizemo imyambi nishimye
- **Nakivogereye**: nakigezemo hagati nkigabije
- **Umurego wera**: umuheto mwiza
- **Icondo**: Iromba ry'ingabo
- **Inkora**: Inzira yaremwe n'ikintu cyahaciye.
- **Mu gihumbi**: mu bitugu
- **Inkotanyi cyane**: cyari igisingizo kindi cya Rwabugiri
- **Gukemba**: gutemagura ikintu uko cyakabaye

**II. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva no gusesengura umwandiko**

a) Ni inde uvugwa muri uyu mwandiko?

Muri uyu mwandiko haravugwamo Inkatazakurekera ari we Rwabugiri.

b) Ni ikihe gikorwa nyamukuru kimugaragaraho? Sobanura wifashishije urugero wakuye mu mwandiko.

Igikorwa kimugaragaraho ni ukurwana yari indwanyi.

**III. Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko**

a) Mu magambo yawe bwite, sobanura igitekerezo nyamukuru kiri mu mwandiko.

Muri uyu mwandiko "Inkatazakurekera",harimo igitekerezo cy'urugamba n'ubutwari bwa Rwabugiri nk'umwe mu ngabo zabaga zagiye kurwanya ababisha. Uragaragaza kandi uburyo izi ngabo zakoranaga uyu murimo imbaraga n'imbaduko.

b) Uwivuga aragira ati : "Umukinzi ampingutse imbere n'isuri, umurego wera nywuforana ishema ...." Sobanura uyu mukarago mu magambo make.

Rwabugiri yishimiraga kurasa cyane noneho agahimbarwa cyane iyo yabaga asakiranye n'umubisha. Uyu mukarago rero urasobanura ko Rwabugiri yabonye umubisha ahingutse imbere ye afite ingabo iboshye mu isuri. Iyi ngabo rero ni iyo ingabo zikingaga ku rugamba kugira ngo imyambi itabageraho. Rwabugiri rero yamaze kubona umubisha witwaje iyo ngabo amugeze imbere, na we arega umuheto we, awuforana imbaraga n'ikizere. Yari azi neza ko narekura umwambi ujyana imbaraga ugaca muri ya ngabo maze ugahitana umubisha.

**Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu afatanya n'abanyehuri gukosora no kunoza ibisubizo, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo by'imyitozo n'ibisubizo:**

1. Koresha mu nteruro buri jambo muri aya akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.

**a) Kurekera:** Mu itorero ryo hambere, abana b'abahungu batozwaga **kurekera** kugira ngo bazabone uko barinda ubusugire bw'Igihugu.

**b) Rugombangoga**: Impeta z'ubutwari zahabwaga ba **Rugombangogo** kuko babaga batahukanye insinzi.

**c) Kuvogera**: Igihugu ntikigomba **kuvogera** ubusugire bw' ikindi gihugu.

**d) Umurego wera**: Ingabo zagombaga kuba zizi gukoresha neza **umurego wera** kugira ngo zibashe guhinda no gutsinda ababisha.

**e) Kwikorana umuheto:** Iyo wabonaga ingabo **yikoranye umuheto**,

wamenyaga ko urugamba rugiye kurema.

2. Uzuza izi nteruro wifashishjije amagambo yakorejwe mu mwandiko.
   a) Iyo umuntu ageze mu ruzi rwa gati bavuga ko **yavogereye** uruzi.
   b) Umuntu utabara abandi akabakura mu kaga gakomeye bamwita **intwari**.
   c) Kera ingabo ku rugamba zabaga zifite **ingabo** zikoze mu isuri kugira ngo zirinde imyambi y'ababisha.
   d) Iyo umuntu acanye umuriro mwinshi kandi uteye ubwoba, bavuga ko uwo muriro wabaye **inkekwe**.
3. Simbuza amagambo yanditse atsindagiye ayo bihuje inyito yakoreshejwe mu mwandiko.
   **a)** **Umuheto** wange nywufora imbaraga maze ababisha bahunga ubutareba inyuma. **Umurego wera** wange nywufora imbaraga maze ababisha bahunga ubutareba inyuma.
   b) Kera inzu za kinyarwanda zajyaga zishya maze ugasanga zose zahindutse **ivu.** Kera inzu za kinyarwanda zajyaga zishya maze ugasanga zose zahindutse **umuyonga.**
   c) Abantu bafite ikibazo ko **ibiguruka byo mu gasozi** bibamarira imishwi y'inkoko**.** Abantu bafite ikibazo ko **ibisiga** bibamarira imishwi y'inkoko**.**
   d) Umukecu wange ababara mu **bitugu.** Umukecuru wange ababara mu **gihumbi.**

## II. 5.6. Ibyivugo by'ingabo

### Isomo rya kenda : Ibyivugo by'ingabo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>• Gusosobanura amoko y'ibyivugo by'ingabo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi bitabo by'ubuvanganzo. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa ibyo bazi ku byivugo n'ibibazo ku ishusho iri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Mu gitaramo, ingabo zavaga ku rugamba zakoraga iki?**

Ingabo zavaga ku rugamba, mu gitaramo zarivugaga.

**b) Uratekereza ko ingabo zivugaga ubuhe bwoko bw'ibyivugo?**

Ndatekereza ko zivugaga ibyivugo by'ingabo.

**c) Hari ubundi bwoko bw'ibyivugo waba uzi?**

Yego, hari ibyivugo by'amahomvu.

**d) Ni iki ubona kuri iyi shusho?**

Ndabona umuntu uri gutaraka yivuga imbere y'abantu bicaye bamwitegereza.

**e) Ni ibiki uwo muntu afite mu ntoki ze?**

Uwo muntu afite ingabo n'icumu mu ntoki.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri, akababwira ko bagiye kwiga ibyivugo by'ingabo

**2. Uko isomo ryigishwa**

*Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko ukurikira, witegereze imiterere yawo, hanyuma ukore ubushakashatsi usubize ibibazo biwukurikira.*

***Umwandiko: Inkatazakurekera***

*Inkatazakurekera ya Rugombangogo*

*Ndi intwari yabyirukiye gutsinda,*

*Nsiganirwa nshaka kurwana*

*Ubwo duteye Abahunde,*

*Nikoranye umuheto wange*

*Nywuhimbajemo intanage*

*Intambara nyirema*

*Igihugu cy'umuhinza nakivogereye.*

*Umukinzi ampingutse imbere n'isuri,*

*Umurego wera nywuforana ishema*

*Nywushinzemo ukuboko ntiwananira,*

*Nongeye kurega inkokora*

*Nkanga umurindi hasi, ndarekera*

*Inkuba zesereza hejuru y'icondo,*

*Ikibatsi kiyica hejuru mu rubega*

*Intoki zifashe igifunga zirashya*

*Imisakura imucamo inkora,*

*Inkongi iravuga mu gihengeri.*

*Mu gihumbi ke inkurazo zihacana inkekwe*

*Inkuku yari afite ihinduka umuyonga!*

*Agera hasi yakongotse*

*Umubiri we uhinduka amakara,*

*N'aho aguye arakobana*

*Nk'ukubiswe n'iyo hejuru.*

*Ababo batinya kumukora,*

*Bati : "Ubwo yanyagiwe n'Inkotanyi cyane,*

*Nimumureke mwe kumukurura*

*Ibisiga bimukembere aho"*

*Na byo bimurara inkera,*

*Bimaze gusinda inkaba,*

*Byiririrwa bisingiza uwantanagiye*

*Imbungiramihigo sinahagararwa hagati nk'abatagira ishyaka,*

*Ishyamba ry'umwimirizi ndiremamo inkora.*

**Ibibazo**

a) Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko: kurekera, Rugombangoga, singanirwa, kwikorana umuheto, nywuhimbaje intanage, nakivogeye, umurego wera, icondo, inkora, mu gihumbi, inkotanyi cyane, gukemba.

b) Ukurikije imiterere y'uyu mwandiko, wavuga ko uyu mwandiko ari iyihe ngeri y'ubuvanganzo? Tanga inshoza ya bene iyo ngeri y'ubuvanganzo.

c) Iyo ngeri y'ubuvanganzo ibamo amoko angahe? Yavuge kandi uyasobanure.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba amatsinda atatu kumurika ibyo yakoze. Rimwe ku gushaka ibisobanuro by'amagambo, irindi inshoza y'iyo ngeri y'ubuvanganzo, irindi ku moko y'iyo ngeri y'ubuvanganzo. Amatsinda amurika ibyo yakoze abagize andi matsinda bakurikiye bagenda bafatanya n'umwarimu kubinoza, abanyeshuri bakandukura ibisubizo byanogejwe mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:**

**a) Ibisobanuro by'amagambo**

- **Kurekera:** kureka umwambi ukagenda, kurasa.
- **Rugombangoga**: uwica ***ubukombe*** (umuntu ukomeye w'ingogo)
- **Singanirwa**: sinsubira inyuma
- **Kwikorana umuheto**: gutangira kugenda ufite umuheto
- **Nywuhimbaje intanage**: nawushyizemo imyambi nishimye
- **Nakivogereye**: nakigezemo hagati nkigabije
- **Umurego wera**: umuheto mwiza
- **Icondo**: Iromba ry'ingabo
- **Inkora**: Inzira yaremwe n'ikintu cyahaciye.
- **Mu gihumbi**: mu bitugu
- **Inkotanyi cyane**: cyari igisingizo kindi cya Rwabugiri
- **Gukemba**: gutemagura ikintu uko cyakabaye

**b) Inshoza y'ibyivugo by'ingabo**

Ibyivugo ni ubuvanganzo nyarwanda bwahimbirwaga kurata ubutwari bw'ingabo. Nyiri ukwivuga yashakaga kugaragaza ubutwari yagize ku rugamba cyangwa umugambi yiyumvamo wo kuzaba intwari mu bihe bizaza, akihimbira

ikivugo cyangwa agashaka ukimuhimbira, akagitora kikagaragaramo ubutwari bwe. Ibyo bishaka kuvuga ko abagabo bose batari abahanga mu guhimba ibyivugo. Hariho intiti kabuhariwe zahimbiraga n'abandi ibyivugo. Mu Rwanda rwo hambere, umugabo nyamugabo, yarangwaga no kugira ikivugo ke.

Ibyivugo birangwa n'uko uwivuga yirata ubutwari yagize ku rugamba kandi agasingiza n'intwaro ze. Mu byivugo, uwabaga yarambitswe impeta z'ubutwari na we yarabyirataga mu gihe yivuga. Ibyivugo birangwa n'ibigwi n'ibirindiro

**Ibigwi:** Ni umubare cyangwa se amazina y'abanzi nyiri ukwivuga yatsinze ku rugamba ndetse n'aho yabatsinze. Ubusanzwe ikigwi ni aho umuntu yiciye umwanzi.

**Ibirindiro:** Ni ibikorwa by'akataraboneka uwivuga yagaragarije ku rugamba nko kwimana no kugarukira ingabo bagenzi be (kuzirengera) gutahana iminyago, kwibasira abanzi…

Uwivuga ashobora kubanza kuvuga izina rye agakurikizaho irya se hagati y'umukarago wa mbere n'uwa gatatu. Ayo mazina ashobora kuba nyayo ariko akenshi aba ari ibisingizo bya nyiri ikivugo cyangwa igisingizo ke gikurikiwe n'icya se. Mu kivugo hagati umuntu ashobora kugenda arobekamo ibindi:

Izina risingiza(igisingizo)

Ngenera (ya, wa, rwa, wa…)

Icyuzuzo (izina rya so cyangwa ry'ikitiriro)

Ndi (inshinga)

Ruhamwa (icyo ufitiye ubuhanga)

Ibikorwa wagize

**c) Ubwoko bw'ibyivugo by'ingabo**

Ibyivugo by'ingabo birimo amoko abiri: Ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato.

- **Ibyivugo by'iningwa**

Ibyivugo by'iningwa ni ibyivugo bigufi bishyirwa mu mikarago akenshi itarenze icumi iba ibumbiye mu ibango rimwe kandi biba bivuga ku ngingo imwe. Ibyivugo by'iningwa ni ibya kera cyane kuko byamamaye ku ngoma ya Ruganzu Ndoli.

**Ingero z'ibyivugo by'iningwa:**

**Rutajabukwa n'imitima**

Rutajabukwa n'imitima,

Ingamba zimisha imituku, rwa Nyirimbirima;

Ndi intwari Inkotanyi yamenye.

Yanshinze urugamba rukora amaraso,

Ati: "Rwampingane!"

Nti: "Ndi Rukaragandekwe,

Nangana n'ababisha

Iyo duhuye ndarakara."

***(Kampayana ka Nyantaba***

***Itorero: Ibisumizi***

***Umutwe: Ingangurarugo.)***

**Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica**

Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica,

Icumu ryera ikigembe nariteye umuhima kuri gakirage,

Akirangamiye ubwiza ndarimugabiza riramugusha nk'ubukombe bw' intare;

Mbonye ko rimubaga ndamushinyagurira,

Nti: «Aho si wowe wenyine, n'uw' i Bunyabungo ni uko namugize. »

**Ibyivugo by'imyato**

Imyato ni aho wagiye ugirira akamaro. Ni ibyivugo biciyemo ibice ku buryo bugaragara. Ubu bwoko ni bwo bwiganje kuva ku ngoma ya Yuhi Gahindiro kugeza kuri Kigeli Rwabugiri.

Mu gihe k'ibitaramo by'imihigo, ibyivugo by'imyato cyanecyane bisozwa n'umusibo (agace ko gusoza kareshya n'iningwa, kakavugwa nyiri ukwivuga ari bugufi y'ikibindi kirimo inzoga y'abahizi). Ibyivugo by'imyato birangwa no kuba ari: birebire gusumba ibindi byose, bigiye bigabanyijemo amabango bita "imyato", bigaragaramo ibigwi n'ibirindiro, bivuga ku ngingo nyinshi kandi bigaragaramo uturango nyabusizi n'imvugo ikoresha amagambo yihariye mu byivugo (ihitamo ry'amagambo akoreshwa ku rugamba).

Uwivuga yitakuma afite icumu, asukiranya amagambo vubavuba. Biba byiza

iyo afite n'ingabo mu ntoki maze akivuga asa n'uwizibukira imyambi cyangwa amacumu y'umwanzi.

Uwadukanye guhimba ibyivugo by'imyato ni Muvubyi wa Mutemura, wo mu mutwe w'Abakemba mu rugerero rw'i Munyaga rwari rukumiriye inkiko y'i Gisaka. Iyo witegereje neza usanga hari inzira ebyiri Muvubyi yaba yarahereyeho yadukana iyo mihimbire:

Ingabo z'i Gisaka barasanaga zitwaga Abatishumba zari zifite ibyivugo byabo birebire byasumbaga iby'Abanyarwanda.

Mu Rwanda hari amazina y'inka yahanzemo imivugo; Muvubyi rero ashobora kuba yaribukijwe n'uburebure bw'ibyo byivugo by'Abanyagisaka, agashaka kubigana ngo ahimbe ibirebire, ndetse akabatebya yiganiramo n'amazina y'inka.

Nyuma ye, uwabanje kumukurikiza agahimba na we iby'imyato yabaye Rwabigugu rwa Kanyaruguru wo mu itorero Uburunga II ryo mu mutwe w'Abakemba. Ibyivugo by'imyato ntibyahimbwaga n'ubonetse wese, byari umurimo w'abahimbyi b'intiti. Barihimbiraga ubwabo, bagahimbira n'abandi babisabye cyangwa bakabihimbira kubitura umwami n'abatware babo.

**Ikitonderwa**

Ibyivugo bya kera byibandaga cyane ku rugamba. Aho insanganyamatsiko y'urugamba imariye gutakaza igihe cyayo, havutse kandi n'ibyo twita amayingabyivugo (ibyivugo ku nzara, ku nyamaswa, kuri ruswa, ku mbeba,…) nyuma nyuma y'ibyo, Abanyarwanda batangiye guhanga ibihangano bijya kugirana isano n'ibyivugo ariko atari byo neza, icyakora ibyivugo by'ubu, hari ingingo zitandukanye bishingiraho nk'uburezi, siporo, ibikorwa byo kwicungira umutekano no kuwucungira abandi, ikoranabuhanga, iterambere n'ibindi.

**Urugero rw'ikivugo cyo muri iki gihe:**

**Mugabo ukunda abandi**

Mugabo ukunda abandi wa Rudacogora

Ndi umusore uhorana ishema

N'ubushake bwo kuba ingenzi.

Nahuye n'umushonji murusha impamba

Arampagarika, arantabaza,

Ati: "Wa mwana we ko nkureba

Nkabona usa n'uwarezwe neza

Ugaragaraho n'imico myiza

Utakwirengagiza ubabaye,
Ntabwo wareba icyo umarira?
Ko ubona ibyange bimeze nabi,
Nkaba nta ntege zo kugenda
Kubera intindi y'inzara nshonje
Kandi iwacu ari kure cyane !»
Mugirira impuhwe muha ku byange,
Abona guhembuka aragenda
Musezeraho ndikomereza.

*Cyahimbwe na Rusakara, (UNICEF, Dukunde amahoro, 1996)*

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cyabo, akabasaba kuyikorerera mu matsinda ya babiribabiri. Umwarimu agendagenda mu ishuri afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora imyitozo, umwarimu afatanya na bo kuyikosora no kubinoza.

**Urugero rw'ibibazo n' ibisubizo:**

**a) Ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato bihuriye ku ki? Bitandukaniye he?**

Ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato, byose byerekeye urugamba, byandikwa mu mikarago, bigira amabango, biba birimo ibigwi n'ibirindiro, amazina y'intwaro, bigira inshinga mburabuzi **ndi,** bigira izina ry'igisingizo, byose bikoresha amagambo arobanuye y'urugamba, birangwamo uturango nyabusizi…

Aho bitandukaniye ni uko ibyivugo by'iningwa byatangiye kera kurusha iby'imyato, ni bigufi kuko bigira ibango rimwe, ikivugwa ni kimwe…naho ibyivugo by'imyato ni birebire, ni ibya vuba ugereranyije n'iningwa, bigira ibivugwa byinshi…

**b) Tandukanya ibyivugo byo hambere n'ibyo muri iki gihe.**

Ibyivugo byo hambere bivuga iby'urugamba, birangwamo ibigwi n'ibirindiro, ibikorwa by'ubutwari, intwaro gakondo,… naho iby'iki gihe ntibishingira ku by'urugamba ahubwo bishingira ku nsanganyamatsiko zishimangira gahunda za Leta, ibyo umuntu yakoze cyangwa yagezeho, bishingira ku mihigo...

**C) Hanga ikivugo wirata ibyiza wakoze cyangwa ibikorwa wagezeho maze ukivuge imbere ya bagenzi bawe ugaragaza isesekaza.**

Icyivugo cyawe ntikirenza imikarago makumyabiri

### II. 5.7. Inka ya Rumonyi

### Isomo rya cumi: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>• Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>• Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe . |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Inka ya Rumonyi"** , igitabo cy'umwarimu n' inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "**Inka ya Rumonyi**" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?** Kuri iyi shusho, turahabona inka nziza z'amahembe maremare n'umubyimba munini. Hari kandi n'umutahira uri kuzivuga amazina azirata ubwiza bwazo.

**b) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki? Uyu mwandiko uraza kuba uvuga ku nka n'akamaro kazo.**

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko "**Inka ya Rumonyi**", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera igikorwa mu matsinda hanyuma bamurika ibyayavuyemo.
Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**Inka ya Rumonyi:** ni iyo mu bushyo bw'Ingeri zo mu mutwe "Umuhozi" (Amagaju).

**Nyirigira:** umwami.

**Guhangura imbizi:** kugororera Imbizi, kuziha ingororano.

**Urw'intwari rukarema:** intwari zikarema ingamba (zikajya ku mirongo).

**Zigataha ishakaka:** zikahitangirana imbaraga.

**Ayo makombe ntayashishwe:** muri izo ntwari zose nta n'imwe yajijinganyije ngo ite gahunda, ite umuronko kubera ubwoba.

**Zigashengera zose nta yo bashize amarora:** zigatarama (zikiyereka)zose ntihagire n'imwe bumva barambiwe kuyitegereza.

**Zikamurikanwa n'ingoma:** bakazerekana ari ko n'ingoma zivuga.

**I Rubengera:** ni muri Karongi hubatswe ubu ngubu itorero ry'Abaperesibiteriyeni Hahoze hubatswe umurwa wa Kigeri Rwabugili.

**Ni iz'iruguru zose:** zose ziramenyereye.

**Mbonye urugori rugoga:** ndabona urugori rubengerana (ikimenyetso ko zose zabyaye ubuheta)

**Zibamo rugombangogo:** zitegekwa n'intwari yishe ingogo nyinshi ku rugamba. Rugombangogo ni interuro y'ikivugo cy'umutware w'Ingeri.

**Reka aratire Ibihogo:** reka abwire Ibihogo.

**Atahije izamamaje:** aragiye ituma ziba ibyamamare zose.

**Iz' i Mbuye:** ni Ingeyo. Umutware w'Ingeyo wari n'Umutware w'ingabo zitwaga uruyange; yari atuye i Mbuye ho muri Ruhango.

**Ushinge icumu mu ngeri:** wicare witegereze ubushyo bw' Ingeri.

**Iy'ingoga:** izirusha guhagurukana imbaraga ijya ku rugamba.

**Inkerarubanza:** ihora yiteguye imirwano, urubanza n'intambara.

**Iy'ingondo:** inziza cyane kubera ko ikebye imanzi.

**Imbibi:** Inka nziza, zifite umubiri ukeye.

**Zisesuyeho:** zendeyeho, zifatiyeho ari ku butwari ari no ku bwiza.

**Imparuzo:** ubwiza buvanze n'ubushongore bw'ikirenga.

**Ikirezi:** ubundi ni umutako w'akantu kera bambaraga mu ijosi. Aha bivuga ikintu kiza cyane, (urwererane); ni inka iziruta ubwiza. Ni isumba izo mu Muhozi zose.

**Uribagizwa:** ushimishwa. Ikintu k'iribagizwa ni ikintu kiza, cy'urunyenyeri rubengerana, rutera ibishashi.

**Umwana Sentama:** Rutishereka rwa Rwanyonga wari umutware w'Uruhimbaza rwaremwe ku bwa Yuhi wa IV Gahindiro.

**Gukaguka:** ni uguhaguruka vuba na vuba.

**Itiro:** ni umutwe wundi w'inyambo.

**Ateretsemo:** atunzemo. Ubundi bavuga ko umuntu ateretse imfizi. Aha ni ukuvuga ko atunze inyambo y'indatwa yitarura izindi nkuko mu bushyo imfizi usanga yitaruye inka zose.

**Rwesa:** bifatiye ku inshinga "kwesa" isobanura gutura hasi, gucura inkumbi, kwica icyo wishe ntigisambe.

**Rukaza:** gukaza icyuma, icumu ni ukuryongeramo ubugi.

**Kuvuna impuruza:** kwitaba ingoma ihuruza ingabo ku rugamba.

**Nkubito:** umuntu cyangwa ikintu bigira inkubito, biba bifite ibakwe, bihaguruka ntakuzarira.

**Mpabuka:** ntibivuga ikintu gihabuka kubera gukuka umutima, ahubwo ni igihagurukana ingoga, imbaraga.

**Amarebe:** ni ijambo rifite inyito eshatu:

- Ibicu by'urwererane mu ijuru ry'urubogobogo.
- Ibimera byo mu mazi usanga bishishe.
- Ibintu bikeye, bibengerana ubwiza. Iyi nyito ya gatatu ni yo umwisi yakoresheje.

**Amaribori:** uturase tuza ku mubiri w'umuntu ubyibushye. Amaribori ni uturangabwiza.

**Ingondo yakebwe mu rwirungu:** utubara twera tuvanze n'utundi tw'umukara.

**Urwano:** umwanya wo hagati y'ijosi n'urutugu uremetse neza.

**Bagakuka mu muhigo:** bakareka ibyo guhiga.

**Rwimirankuku:** ni inka ya Rumonyi yigizayo inkuku.

**Ibatunge:** ibategeke.

**Bazegamire:** bazisunge.

**Rugemanduru amacumu:** iyitaba induru ihagurukanye amacumu.

**Guhata imberera:** gutsindagira akuma gafatanya uruti n'ikigembe kugira ngo ridakuka igihe batera icumu. Gukwikira cyane.

**Impundazo:** umwenge w'imbuga ugenewe gusesekamo uruti (gukwikiramo uruti) cyangwa igice cy'uruti gisongoye binjiza mu mbuga. Hano ni icyo gice cy'uruti.

**Abayavugutira:** abavuguta umuvuba kugira ngo umuriro wo mu ruganda wake cyane ibyuma bacura bidapfuba.

**Ikiramo:** ireme cyangwa ubukomere bw'icyuma. Icumu, umuhoro bidafite ikiramo bicika ubusa. Iyo bavuga ko umuntu afite ikiramo aba afite imbaraga. Guha umuntu ikiramo ni ukumuha ibintu bimutera imbaraga. Ikibindi gifite ikiramo ni ikibindi gikomeye kubera ko bashyizemo insibo ikomeye.

**Inyundo ntiyayakiranya:** inyundo iyateranya neza ntiyayasigamo utuntu tw'imitutu, yarayanogeje.

**Akaba impogazi:** akaba manini

**Mu ntagara:** aho babika amacumu.

**Bayigimba umurishyo:** bayikubita umurishyo: bayiha umurishyo

**Isibe:** inyabwoba.

**Impombo ntirushye ihaca:** iy'intege nke ntigerageze kuhanyura.

**Amakenke:** amacumu akwikiye mu nti zihuhuye, batera zigahemba zikavunika kuko nta buremere.

**Uw'inkokora nke:** umuntu ugafite ibizigira, udafite imbaraga mu maboko.

**Zayaharaze urugina:** zayasize amaraso ku rugamba, zarayicishije cyane.

**Zaje ziyatendeje:** zaje ziyahese (ikimenyetso cy'uko zayicishije).

**Amacumu y'impangare:** amacumu akomeye cyane.

**Mparara:** ni umucuzi wabayeho ku ngoma ya Kigeri wa IV Rwabugili. Yari atuye muri Gicumbi mu kibaya cya Rutagara munsi y'umusozi wa Remera ya Humure. Gukaza ni ugutyaza.

**Bamaze kuyandura:** bamaze kumena ubugi bwayo (kubutyaza neza).

**Insengamihigo:** ni ubundi bushyo bw'Umuhozi bwabyawe n'Ingeri.

**Kubuza:** Guceceka ngo ubanze witegereze, ubanze utekereze.

**Intumwa ihangara amanywa:** intumwa igenda umunsi wose nta guhagarara.

**Izimura mu biraro:** izivana mu biraro (aho zabaga).

**Abura iyo asesa:** iyo asubiza inyuma, iyo avana ku murongo.

**Zanyuriye Rubanda:** zashimishije Rubanda.

**Ku Munini wa Gishari:** ni muri Rwamagana.

**Ndimbira ziratah a:** ndimbira ziza kwiyereka. Ndimbira bwari ubundi bushyo bw'Umuhozi.

**Umutana w'inkoni:** ni igitembo batwaramo udukoni two kwiyereka mu birori by'inyambo.

**Kuzesereza:** iyo umushumba yiyereka imbere y'inka azivuga amazina akora kimwe n'uwiyereka imbere y'intore. Iyo asimbutse agakubita agakoni hasi bavugako yeshe uruti. Ni uburyo bwo guhimbaza.

**Inkoni ikiririrwa isabira:** inkoni ikiririrwa yivuza, bazesereza.

**Rwiyamwa:** Umuntu abandi biyama, bagendera kure kubera urugomo cyangwa amarere yo gushoza intambara.

**Ziga ingoga:** izindi nka zigiraho imbaduko, umwete.

**Yarukubitiye umucuzi:** yaruhaye umucuzi.

**Arukatire icyuma:** arucurire icyuma.

**Amaramu:** amazi batera icyuma kugira ngo gihore iyo bari mu ruganda. Hano ni uguhoza icumu ryashyushye cyane kubera imirwano.

**Rubahina umurumango:** rubatera kwiriranwa inyota bakayirarana.

**Kurumanza amacibiri:** kwiriza inka zitanyoye.

**Kurembere imuroha:** gukubita icumu rirerire.

**Yabakuye imirambi:** yabambuye ku mbaraga imyanya yabo yo kuhira. Umurambi ni umwanya buri muntu ushoye inka aba yafashe. Uwatanze undi umurambi (umwanya) ni we ubanza, ariko urushije undi imbaraga ashobora kumucaho. Ubwo aba akomase (arwanye inkomati, asagaye).

**N'iyo ibagiriye isoni:** n'iyo ibapfuye agasoni, n'iyo ibababariye.

**Bayisenga:** bayihendahenda.

**Zaheje:** zimiriye, zabujije kugaragara.

**Ab'i Nawe:** abashumba b'i Nawe (umurambi wo muri Rwamagana, hamwe n'i Rubona na Mabare). Hari urwuri rwa Niboye.

**Zaciwe urubanza:** zakiranuwe.

**Uruhehemure:** ikintu kiza cyane gifite isuku n'umucyo.

**Zabumbuje:** kubumbuza ni ukugenda wihuta kandi ugendera ku ntambwe zisa n'izibaze.

**Umwami utabangira:** utajijiganya mu bikorwa.

**Inkindi z'Abashakamba:** umutware w'Abashakamba.

**Ku y' imberera:** ku macumu akwikiye cyane .

**Ku mpitira:** ku nti z'amacumu zikomeye cyane kubera ko zimaze igihe, zitadigadiga.

**Ku mbuga:** si ukuvuga aho banika, ni imbuga y' icumu

**Rukomera bigembe:** ikubitisha ibigembe

**Rugomwa:** indwanyi itagira ibambe .

**Rukabura imigereka:** itera intwaro igeretse ku ntwaro z' ingenzi.

**Inyamibwa baririkiye hose:** indatwa baririmba hose.

**Gupfa nta kibariro:** gupfa ukenyutse.

**Rutagwabiza iminega**: itajya ipfusha ubusa na rimwe amacumu yayo: ntihusha na rimwe.

**Rwa mugabo nyirigira:** ikomoka ku ntwari izisumba, yigize (itagendera ku zindi).

**Imbizi:** ni impakanizi y'ubushyo bw'Ingeri. Imbizi n'Ingeri bihuje inyito isobanura kugusha mu mazi rwagati.

**Isanganizwa ingoma:** isanganizwa imirishyo y'ingoma bayirata kubera gutsinda.

**Amariza y'Impeta:** impeta zibyaye ubwa kabiri. Impeta ni umutwe w'inyambo wahozeho, hanyuma ukavugwa n'Umuhozi. Aho bavuga Umuhozi wumva Impeta, aho bavuze impeta ukumva Umuhozi.

**Inyamibwa rwema:** intwari y'ikirangirire (ni interuro y'ikivugo cy Mutara wa II Rwogera)-isa n'umwami Rwogera.

**Ikitwa nyirazo: i**kaba umutware wazo.

**Iziba ziteretse inyamibwa:** kuko zimitse intwari itagira aho igayitse.

**Bakubuye imanzi:** batatse imanzi, kera abagabo bicishaga imanzi mu gituza no ku maboko, byari imitako. Gukubura imanzi ni uguca imanzi.

**Izamuje:** ni ubushyo bwo mu mutwe w'Ingeyo(Ibihogo)

**Rukaka:** ni interuro y'ikivugo cya Rwakageyo se wa Rwabigwi wari umutware w'Izamuje.

**Basanze zigaramye:** basanze ari ibigarama; atari inyambo; atari n'inkuku; ibigwari.

**Baziguruka amahembe yabageza i Nyarubuye:** basanga nta mahembe atunganye yatuma bajya mu myiyerekano i Nyarubuye (mu mpinga ya Kigali ahari umurwa wa Kigeri wa IV Rwabugili).

**Ni bwo bazitanze:** ni bwo bazeguye berekana ko baretse imihigo.

**I Murambi:** umusozi wo mu magepfo ya Muhazi ho mu Buganza.

**I Mwima:** hafi y'i Nyanza ahari umurwa w'Umwami.

**Kwambara inkoba:** kwambara imitako yo gutungukana mu myiyereko. Bayambikaga Inyambo zigiye kumurikwa mu birori. Inkoba ni imikoba babaga baraharazeho amasaro.

**Amashyo y'i Rukara:** ayo mashyo ni ay'Uruyenzi n'Inyangamitsindo; zikaba izo mu Bihogo.

**Ikina n'ingoma y'indamutsa:** ijya mu bicu (isimbuka) ikina n'umurishyo w'ingoma iramutsa.

**Umurishyo uhumuriza:** umurishyo ukurikiyeho; uherekeza.

**Umutagara w'ibihubi:** urusobe rw'imirishyo.

**Amariza y'i Ntora:** inka zibyaye uburiza z'i Ntora (muri Gasabo). Gisozi yitwa Ntora. Ntora yiswe Gisozi kuva aho Cyirima II Rujugira ahatangiye (ahapfiriye). Hakoze ishyano hitwa Gisozi ubwo. Iryo zina ni nk'irituka uwo musozi.

**Abaririmba impanzi:** abarata intwari baziririmba; abasingiza intwari.

**Abazereka Intamati:** abazimurikira Intamati (Ni Muhamyangabo wa Byabagabo wari umutware w'ingabo z'Abashakamba; akaba ubwo n'Umutware w'Umuhozi). Intamati ni interuro y'ikivugo cya Muhamyangabo.

**Imana zicyuye:** ubuhoro; amahirwe; ishya zizanye.

**Ingabo zidahomboka:** ingabo zidahunga –Ingabo zihombotse ni iziruka kubera ubwoba, zigahunga zitazi iyo zijya.

**Zikavogera imbizi:** zikambuka uruzi (uruzi ruvugwa ni Nyabarongo). Inyambo ziturutse i Murambi mu burasirazuba, zigiye kwiyereka umwami kuko yari mu burengerazuba bwa Nyabarongo.

**Umwimirizi:** ugenda imbere y'inka akazihagarika cyangwa akazibuza kugenga zirukanka.

**Icyamamare k'inyambo:** inyamibwa, indatwa yo mu nyambo.

**Mu cyoko:** ahantu kure nk'aho imvura ituruka.

**Cyareretsemo inyamibwa:** cyahagazwemo n'indatwa zizira amakemwa.

**Zigahimbaza isibo:** zikishima umuvuduko.

**Zigashingana Kigese:** zigaterera Kigese.

**Zikabyukurutsa Ingabe:** zigahagurutsa ingoma y'ingabe ikazirangaza imbere.

**I Nyamagana ya Mutakara:** ni mu Ruhango.

**Zigashingira indamutsa imyato zayigiriye:** zigatangira kwibwira ingoma y'indamutsa ibikorwa byagatangaza zayikoreye. Indamutsa yari ingoma y'ibwami, iyo yavugaga yabaga imenyesheje rubanda ko umwami atangiye imibonano, iyo yabaga itaravuga ntawashoboraga kugira icyo abaza umwami n'iyo yabaga amubona.

**Aho ni mu igisha ryazo:** ubwo ni mu gihe zigisha (zigiye aho ubwatsi busigaye baziteganyirije mu gihe k'impeshyi).

**I Bwishaza:** ubu ni mu Karere ka Karongi.

**Ntayirasohorerwa inda:** nta n'imwe irata umwanya wayo ngo isubizwe inyuma.

**Ku kirwa:** ni ku kirwa kitwa Murwa kiri mu Kivu hakurya ya Nyamasheke, cyari urwuri rw'Umuhozi.

**Zigahindukirana ishya:** nikava kuri icyo kirwa zimeze neza, zikeye.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, gukorera mu matsinda imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ibibazo by'imyitozo n'urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**1. Shaka mu mwandiko amagambo afite ibisobanuro bikurikira:**

- Itajya ipfusha ubusa na rimwe amacumu yayo; ntihusha na rimwe. **Rutagwabiziminega**
- Kugusha mu mazi rwagati. **Mu ngeri**, i**mbizi**
- Urusobe rw'imirishyo. **Umutagara w'ibihubi**
- Imitako yo gutungukana mu myiyereko.**Kwambara inkoba**
- Zikishima umuvuduko**. Zigahimbaza isibo**

**2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobbanuro byayo biri mu ruhushya B**

| A | **B** |
|---|---|
| a) Isata | 1. Ibikeye bibengerana ubwiza. |
| b) Amarebe | 2. Gupfa ukenyutse |
| c) Rugomwa | 3. Indatwa baririmba hose. |
| d) Gupfa nta kibariro | 4. Indwanyi itagira impuhwe cyangwa ibambe. |
| e) Inyamibwa baririkije hose | 5. Ikintu kirekire |

a) 5

b) 1

c) 4

d) 2

e) 3

## Isomo rya cumi na rimwe: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Inka ya Rumonyi".

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Insanganyamatsiko iri muri uwo mwandiko ni " ukurata inka n'ibyiza byazo."

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakora igikorwa gikurikira

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Inka ya Rumonyi" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza , bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo:**

**a) Ubwiza bw'inka ya Rumonyi bugaragazwa n'iki?**

Ubwiza bw'inka ya Rumonyi bugaragazwa no kwisesura imbibe ndetse n'imanzi yaciwe.

**b) Ubudahangarwa bwayo ni ubuhe ?**

Ubudahangarwa bwayo ni ukudapfusha ubusa amacumu yayo (ukutagwabiza iminega).

**c) Ni iki kimenyekanisha ko inkuba z'i Murambi zihagurutse?**

Ikimenyekanisha ko inkuba z'i Murambi zihagurutse ni ugusuma k'umurishyo.

**d) Inka zidahonoka inka ya Rumonyi ni izihe?**

Inka zidahonoka inka ya Rumonyi ni amashyo y'i Rukara.

**e) Ibirori byo kumurika inka byaberehe hehe?**

Ibirori byo kumurika inka byabereye i Nyarubuye.

## Isomo rya cumi na kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.<br>• Gukora inshamake y'ibivugwa mu mwandiko mu magambo ye bwite. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Mu isomo duheruka kwiga twasomye umwandiko"Inka ya Rumonyi" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

**b) Mwumva ari iyihe mpamvu yatumye hahimbwa umwandiko "Inka ya Rumonyi?"** Impamvu hahimbwe uyu mwandiko ni uko inka yari ifite agaciro gakomeye mu muco nyarwanda.

**2. Uko amasomo yigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Inka ya Rumonyi" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Garagaza ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko ni ubwiza bw'inka, akamaro k'inka, imirwanire n'imirwanishirize y'inka, amazina y'inka,...

**b) Garagaza ingingo ziranga umuco zivugwa mu mwandiko.**

Ingingo ziranga umuco ni ubworozi bw'inka mu Rwanda, imitwe y'inka, amoko y'inka, amabara yazo, ibikoresho binyuranye nk'inyundo, ingoma , indangagaciro yo gukunda umurimo, Igihugu, kirazira zinyuranye, ubuhake bugaragazwa no gukeza,...

**c) Garagaza ingingo ziranga amateka zivugwa mu mwandiko.**

Ingingo ziranga amateka ziri muri uyu mwandiko: Uretse zimwe na zimwe ziranga umuco zabaye amateka nk'ubuhake, kurema imitwe y'inka, kurwanisha inka, kubangikanya imitwe y'inka n'imitwe y'ingabo, haravugwamo amazina y'abami (Kigeli, Rwogera,..), abatware, amazina y'uturere two hambere (Ntora, Nguga, Bwishaza,..), interuro ziranga ibyivugo nk'inyamibwa rwema ya Mutara Rwogera, Intamati ya Muhamyangabo,

Amazina y'imitwe y'inka: Ingeyo, Ingeri, Amarebe, Umuhozi, Uruyenzi, Inyangamutsindo, Impete, Ibihogo.

**d) Muri rusange, ni iyihe nyigisho mukuye ku nka ya Rumonyi?**

Inyigisho dukuye ku nka ya Rumonyi ni ugukorana umwete, kuba nyambere mu byo dukora no kuba intwari.

### II.5.8. Amazina y'inka

## Isomo rya cumi na gatatu: Inshoza n'uturango by'inganzo y'amazina y'inka

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>• Gutahura inshoza y'inganzo y'amazina y'inka.<br>• Kugaragaza uturango tw''amazina y'inka.<br>• Guhanga yigana inganzo y'amazina y'inka. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Inka ya Rumonyi",** igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku gutahura inshoza n'uturango by'inganzo y'amazina y'inka.

**Urugero rw'ibibazo:**

**a) Umwandiko muheruka kwiga, witwa ngo iki?**

Umwandiko twize witwa Inka ya Rumonyi.

**b) Iyo muwusomye mukitegereza n'imitere yawo mubona uteye nk'ubuhe bwoko bw'umwandiko mwize?**

Uyu mwandiko uteye nk'ikivugo cyangwa umuvugo

**c) Uyu mwandiko urata iki?**

Uyu mwandiko urata inka.

**d) Iyo musomye uyu mwandiko mwumva uteye gute?**

Twumva urimo injyana, isubirajwi,...

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko " Inka ya Rumonyi" witegereze imiterere yawo. Uhereye ku mitere yawo kora ubushakashatsi utahure inshoza n'imiterere by'inganzo y'amazina y'inka.*

Mu gihe abanyeshuri bari mu matsinda umwarimu agenda areba abafite ibibazo akabunganira. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo yakoze andi matsinda akurikiye. Umwarimu akabafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe**

**a) Inshoza y'inganzo y'amazina y'inka**

Amazina y'inka yagereranywa n'ibyivugo by'inka. Inka z'inyambo batangiye kuzirata cyane mu mivugo kuva kera, ariko imihimbire y'amazina y'inka yaje kwamamara ku ngoma ya Yuhi Gahindiro ahagana mu mwaka wa 1800. Kuva icyo gihe ni bwo abahanga mu byo kwita inka, **"abisi"** batangiye kurebera inka mu bwenge, bakaziremesha ingamba. Inka baziremyemo imitwe bakayirwanisha.

Buri mutwe wari ubangikanye n'umutwe w'ingabo nk'uko bigaragarira kuri iyi mbonerahamwe.

| Umutwe w'ingabo | Umutwe w'inka | Ingoma waremeweho |
|---|---|---|
| Abanyansanga | Insanga | Gihanga |
| Abakaraza | Imirishyo | Ruganzu Bwimba |
| Abariza | Ibirayi | Cyilima Rugwe |
| Abadaheranwa | Inshya z'i Remera | Mibambwe Mutabazi |
| Abadaheranwa | Inka i Rwanda | Ruganzu Ndoli |
| Abashakamba | Umuhozi | Mibambwe Gisanura |
| Abazirakubingwa | Ibinda | Yuhi Mazimpaka |
| Ababanda | Imitagoma | Yuhi Mazimpaka |
| Indara | Amarebe | Yuhi Mazimpaka |
| Nyaruguru | Inkondera | Cyilima Rujugira |
| Nyakare | Ibyiza | Cyilima Rujugira |
| Imbanzamihigo | Abazatsinda | Cyilima Rujugira |
| Abarima | Nyamumbe | Cyilima Rujugira |
| Indirira | Inyamuteri | Cyilima Rujugira |
| Abakemba | Imisugi | Kilima Rujugira |
| Ababito | Inkungu | Kigeli Ndabarasa |
| Imvejuru | Inkabuzima | Kigeli Ndabarasa |
| Abashumba | Umuriro | Kigeli Ndabarasa |
| Abatanguha | Mpahwe | Kigeli Ndabarasa |
| Abakwiye | Amahame | Mibambwe Sentabyo |
| Impara | Impara | Mibambwe Sentabyo |
| Intaganzwa | Uruyenzi | Yuhi Gahindiro |
| Uruyange | Ingeyo | Yuhi Gahindiro |
| Inzirabwoba | Indirikirwa | Mutara Rwogera |
| Abahirika | Urugaga | Kigeri Rwabugili |
| Abarasa | Ingaju z'i Sakara | Kigeri Rwabugili |
| Abashozamihigo | Ingaju z'i Rwamaraba | Kigeli Rwabugili |
| Impamakwica | Ingaju z'i Giseke | |

**Buri mutwe wabaga ufite ibyiciro bitatu by'inka :**

- **Amashyo y'inka yaremwe n'umutware w'ingabo,** amwe ari ay'inkuku andi ari ay'inyambo.

- **Amashyo y'abakomeye** bari abatunzi bo mu mutwe w'ingabo.
- **Inka z'imbata.** Izo zari inka za rubanda bo mu muri uwo mutwe w'ingabo. Inka ntizari ingabane, ni izo umuntu yabaga yarihahiye ku giti ke. Izi nka bazitaga kandi inka z'ibiti.

Muri izi nka zose izo umwisi yitaga ni inyambo. Abisi barwanishaga Ibihogo (ubushyo bwaremwe butowe mu Rwanda) n'Amagaju (ubushyo bwaremwe butowe mu minyago ivuye mu mahanga nko mu Ndorwa cyangwa Ankole). Umwisi yabaga agiye kwita nk'ubushyo bwo mu mutwe w'Ibihogo akabuteza umutware w'inyambo, akabuteza umutahira n'abarenzamase bo mu bushyo bw'amagaju. Umwami n'umutware w'ingabo, umwisi yirindaga kubateza inyambo cyangwa kubitirira kuko ibyo byari ukubapfobya no kubahinyura.

Umutware w'inyambo nubwo umwisi yashoboraga kumwitirira yari umutegetsi ukomeye. Yashyirwagaho ngo agenge inyambo zose zo mu mutwe w'inka uyu n'uyu. Ubwo butegetsi yaburagaga umwana we, bakagenda basimburana mu bisekuruza byabo. Umutware w'ingabo na we yashoboraga kunyagwa ingabo, akaba anyagiweko n'umutwe w'inka bibangikanye. Umutware w'inyambo we ntiyanyagwaga ; yari ashinzwe guhora yorora inyambo, akagenda azongera mu ibangurira ry'inkuku ku mfizi z'inyambo. Bwari ubumenyi umuryango we ushinzwe ku ngoma zose.

**b) Uturango tw'inganzo y'amazina y'inka**

Amazina y'inka yarangwaga n'imiterere yayo.

**Imiterere y'amazina y'inka**

Amazina y'inka agira injyana ipimye n'iminozanganzo itandukanye.

**Injyana**

Mu mazina y'inka, abisi bavumbuye inganzo ishingiye ku ipima rigendera ku kabangutso.

Bitewe n'ubuhanga bwabo, Nkibiki, Ndangamira na Bikungero bafite injyana bihariye zikaba zitwa hakurikijwe amazina yabo.

**Injyana Bi**: igizwe n'utubeshuro 12 —u—u—u—u = 12

**Injyana Nki:** igizwe n'utubeshuro 10 u—u—u—u—u = 10

**Injyana Nda:** igizwe n'utubeshuro 9 —u—u—u = 9

Bene izi njyana ni zo bita fatizo naho injyana yungirije iba ipanzwe uko bashatse ku buryo yuzuza utubeshuro twa ngombwa ariko tudatondetswe dutyo.

Ni ukuvuga imikoreshereze y'ubutinde bw'inyajwi. Wakwibaza uti: "Bapimye

bate amagambo?" Reka tugendere kuri uru rugero kugira ngo dushobore kubyumva.

**Rutimirwa ziri mu mihigo**

Iyo witegereje ubona muri uyu mukarago ko umugemo wa mbere ubangutse, uwa kabiri n'uwa gatatu ikagira ubutinde bunimbitse, ikurikiyeho yose ntigire ubutinde. Akabangutso kakaba gahwanye n'inyajwi ibangutse, naho inyajwi inimbitse ikagira utubangutso tubiri. Uru rugero tumaze kubona rubara utubangutso 12.

**Rutimirwa ziri mu mihigo**

Iyo witegereje ubona muri uyu mukarago ko umugemo wa mbere ubangutse, uwa kabiri n'uwa gatatu ikagira ubutinde bunimbitse, ikurikiyeho yose ntigire ubutinde. Akabangutso kakaba gahwanye n'inyajwi ibangutse, naho inyajwi inimbitse ikagira utubangutso tubiri. Uru rugero tumaze kubona rubara utubangutso 12.

Abasesenguye amazina y'inka babyitondeye basanze :

Hari amazina y'inka agizwe n'imikarago ifite utubangutso 9.

**Urugero: Inka ya Rumonyi**

| | |
|---|---|
| Ru-ta-gwa-a-bi-z(a) i-mi-ne-ga | =9 |
| (I)nku-ba ze-e-sa mu bi-ho-go | =9 |
| Rwa-a mu-ga-bo nyi-ri-gi-ra | =9 |
| (I)mbi-z(i) i-sa-a-nga-ni-zw(a) i-ngo-ma | =9 |
| N'u-mu-ga-be w'i- Ru-yu-u-mba | =9 |
| (I)ki-i-se-e-su-u-r(a) i-mbi-bi… | =9 |

Hari agizwe n'imikarago ifite utubangutso 10

**Urugero: Inka y'i Nyanza**

| | |
|---|---|
| Ru-ti rwu-u-hi-r(a) i-sa-ha-a-ha | =10 |
| (I)nga-bo zi-ho-me-re-r(a) i-mpu-u-nzi | =10 |
| Rwa-a-ma-nywa ya ru-ge-ma-ha-bi | =10 |
| (I)nka-bu-ra-no y'i-mpi-i-nga-a-ne | =10 |
| Ya ru-ka-ni-ka-ndo-o-ngo-o-zi | =10 |
| Zi-gi-tu-ru-ka mu ki-re-e-re… | =10 |

Hari agizwe n'imikarago ifite utubangutso 12

**Ingero: Inka ya Nkusi**

| | |
|---|---|
| Rwi-iya-mi-ri-ra yu-u-hi-r(a) i-mbu-ga | =12 |
| (I)nku-ba zi-hi-i-ndu-r(a) a-ba-nya-bi-ho-go | =12 |
| Rwa-a Mi-ri-i-ndi ya si-i-mu-go-mwa | =12 |
| (I)ma-a-na ya-re-my(e)i-nya-mi-bwa y'i-mpe-t a | =12 |
| Nti-i-be-h(o) u-ru-gi-i-ng(o) u-yi-hi-nyu-ra | =12 |
| Ya-ma-ra ku-yi-gi-r(a) i-nta-yo-be-ra-na… | =12 |

**Inka ya Rugina**

| | |
|---|---|
| Ru-kwe-e-re-e-ra i-mbu-ga y'i-ndi-i-nzi | =12 |
| (I)nku-ba zi-ka-ru-ru-ka mu-u ndu-u-ru | =12 |
| Rwa-a Ndi-ri-ma ya Ru-bu-ra-ma-nywa | =12 |
| (I)me-ne-ra-ba-swa i-ti-i-ca i-nda-ga-no | =12 |
| Nti-i-shyi-ki-i-rwe n'a-a-b'i-i Nde-ra | =12 |
| Nti-i-be mu ru-ga-a-mba rw'I-ndi-i-nda | =12 |
| Nti-ba-yi-bwi-i-re I-nde-nga-mi-ma-ro | =12 |
| Ya-ma-ra kwi-i-twa ndi-i-nda-u-ya-ba-zwe | = 12 |
| (I)ndi-ri-ki-rwa zi-ka-yi-ba-ho i-nya-na | =12 |
| (I)nya-mi-bwa ba-ka-yi-i-ta Nye-e-ma-zi | =12 |

**Ikitonderwa:**

Mu ibara ry'utubangutso, iyo inyajwi ebyiri zikurikiranye, iya mbere iburizwamo kandi inyajwi itangira umugemo ntibarwa nk'uko bigaragara ku majwi yagiye ashyirwa mu dukubo.

Ubwiza bw'amazina y'inka bushingira ku buhanga bwo gukurikiranya ibitekerezo no ku **isubirajwi**, ku **isubirajambo**, ku **mibangikanyo**, ku buryo bwo **kugenekereza**, ndetse no **kureshyeshya intondeke**. Mu mazina y'inka bahagikamo ijambo cyangwa injyano z'amagambo zigize ibisingizo. Igisingizo muri ubu bwoko bw'ubuvanganzo bw' amazina y'inka kitwa **ingaruzo**, mu bisigo igisingizo bakakita **indezi.**

**Inka ya Ruganji**

Ingaruzo, iyo bacutsa inka ya Ruganji bagira ngo:

Rutimirwa ziri mu bihigo

Intwari zimaze kubona umugaba

Rwa Mugabo w'imaramwaga
Insengamihigo y'ishema muri zo
Ya Rushikanurandongozi.

**Imwe mu minozaganzo igaragara mu mazina y'inka**

**a) Isubirajwi n'isubirajambo**

Iyo bavuze isubirajwi twumva uburyo umuhimbyi agenda akoresha amajwi asa mu mihimbire ye. Muri make, twumva ko ari amajwi agenda agaruka kenshi haba mu magambo cyangwa mu nteruro.

**Urugero ku isubirajambo:**

Zivuga mu Rubumba rw'inyambo
Zivuga i Masaka ya Mibirizi
Zivuga mu Ruhango rw'ibwami
Zivuga i Nyarurama ya Nyanza
Zivuga i Nyarubuye ya Mwendo

Iyo bavuze isubirajambo bigaragarira ku magambo amwe n'amwe agenda agaruka. Ari isubirajwi, ari isubirajambo byombi bituma izina ry'inka cyangwa umuvugo muri rusange ugira icyanga bityo ibivugwa bigafatika vuba. Ibi byombi ni bimwe mu bishimangira injyana.

**Urugero ku isubirajwi**

**Rw**avuye i Ru**sh**e**sh**e
Rwiharaze isharankima.
Rwabaye igishami

**b) Imibangikanyo cyangwa ubutegane**

Ni uburyo umwisi akurikiranya imikarago nibura ibiribiri ifite icyo ihuriyeho haba ku kivugwa cyangwa ku misusire.

**Imibangikanyo y'imisusire ishingiye ku myubakire**

**Urugero: Inka ya Rumonyi**
Rukaraga ku mpitira
Rukaraga ku mpini
Rwogesha ku mbuga
Rwanika ku ntagara
Rushita ku y'imerera…

Iyo turebye izi ntondeke dusanga zubatse kimwe, amagambo y'ubwoko bumwe

agiye aba mu mwanya umwe.

**Imibangikanyo ishingiye ku kivugwa cyangwa ingingo.**

**Umubangikanyo wisobanura**

Intondeke ya kabiri isubira mu ngingo y'intondeke iyibanjirije.

**Urugero:**

**Inka ya Rumonyi**

Kurya irihoza mu rugina
Imbuga yaryo iratukura
Ntagera mu ntagara
Ahora akina mu ntoki…

**Umubangikanyo w'inshyamirane**

Ingingo dusanga mu ntondeke ya kabiri iba ishyamiranye n'iyo mu ntondeke ya mbere. Uwo mubangikanyo uboneka mu ngeri nyinshi z'ubuvanganzo. Uwo mubangikanyo hari ubwo uba ushingiye ku iyemeza n'ihakana bigiye mu buryo bw'inshinga. Hari ubwo uba ushingiye ku ibusana ry'amagambo gusa.

**Urugero 1:**

**Ihakana n'iyemeza**

Si ay'ingimbi iterura
Ni amajunga ntabashika
Si inkiko utura iruhande
Ni inkuba zitaha i Nyarubuye.

Urugero 2:

**Ibusanya ry'amagambo**

Ugiye bagushishira
Uzagaruka bagushishimuye
Ugiye uri Muhimpundu
Uzagaruka uri Muhinduru
Ugiye uri igisabo
Uzagaruka uri igisambo
Ugiye uri ingwa yera
Uzagaruka uri imbwa yiba

**Umubangikanyo wuzuzanya :**

Usanga intondeke ya mbere igenda isobanurwa n'iya kabiri ndetse n'iyikurikiye.

**Urugero :**

**Inka ya Rumonyi**

Abogeza inkuba zesa
Bakubwire iy'ingondo
Imbibi ziseseyeho
Wihagire imparuzo

Amazina y'inka akubiyemo ubuhanga bwinshi, aho usanga umwisi ashobora guhitamo amagambo ajyanye n'icyo ashaka kuvuga cyangwa se akaba yakoresha igereranya. Kimwe no mu byivugo no mu bisigo, amazina y'inka na yo agira amagambo yihariye.

Amwe muri yo ni aya akurikira:

**Impanzi:** intwari

**Intarizi:** inenge;

**Gucutsa:** kwita inyambo y'inyamibwa izina rya mbere;

**Ingaruzo:** igisingizo cyo mu izina ry'inka;

**Ikigondo:** ihembe ry'inka;

**Impamagazo:** igika cya mbere cy'umuzinge;

**Inkobwa:** inka itari ikimasa;

**Umusibo:** igika cyo mu musozo w'izina ry'inka gisingiza inyamibwa yonyine;

**Gusibira:** kuvuga impakanizi

**Umuzinge:** izina ry'inka rigizwe n'imivugo;

**Kugogomera:** kwimya kw'imfizi;

**Kuvuta:** kwikiriza bavuza urusaku.

**c) Igereranya:**

Igereranya rikoreshwa cyanecyane mu mazina y'inka, aho amacumu y'indatwa bayagereranya n'amacumu y'abantu. Igereranya rishobora gushingira ku magambo yumvisha cyangwa agusha ku gisobanuro. Hashobora gukoreshwa icyungo ngereranya nka, inshinga gusa n'icyungo na.

**Urugero: Inka ya Rumonyi**

Ikaba mu mariza y'impeta
Igasa n'inyamibwa rwema
Ni yo macumu adahemba (atavunika)
Nk'inti z'abanyamahanga.

Byumvikane neza, kuva aho u Rwanda rubaye Repubulika, inyambo ntizongeye kwitabwaho cyane ngo zibe zamurikwa cyangwa ngo ziratwe bikabije nk'uko byahoze mbere. Ibyo kuzihimbira amazina bisa n'ibizimiye, ahubwo amazina yari yaratowe na bamwe muri rubanda cyangwa abisi ubwabo bakajya bayavuga mu mutwe bateraniye mu birori. Ijambo umwami ryayazagamo, abantu batinyaga kurivuga bakarisimbuza perezida cyangwa rwose bakaricaho.

**3. Imyitozo**

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo cya mbere cy'umwitozo, hanyuma umwe akagisubiza. Iyo atagishubije neza abaza undi kugeza ubwo bageze ku gisubizo cy'ukuri.

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:**

**a) Amazina y'inka ni iki ?**

Amazina y'inka ni imivugo irata ubwiza bw'inka n'akamaro kazo

**b) Hanga izina ry'inka urigana " Inka ya Rumonyi", urifate mu mutwe useruke imbere yabagenzi bawe uvuge iryo zina ry'inka wahanze.**

Ikibazo cya kabiri, umwarimu agitanga nk'umukoro, agaha abanyeshuri igihe cyo kuwukora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu agenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, agasaba buri wese guseruka imbere ya bagenzi be avuga izina ry'inka yahanze.

## Isomo rya cumi na kane: Imvano y'amazina y'inka n'imyitire y'inyambo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>• Kugaragaza imvano y'inganzo y'amazina y'inka<br>• Gusobanura uko bitaga inyambo |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Inka ya Rumonyi"** , igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abanza kugenzura ko buri munyeshuri yakoze umukoro, agasaba buri wese guseruka imbere ya bagenzi be avuga izina ry'inka yahanze.

Nyuma yo gukosora umukoro, umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibinjiza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo:**

**a) Mu Rwanda inka ifite akahe kamaro?**

Inka itanga amafaranga, itanga amata, ni ikimenyetso cy'ubushuti...

**b) Kera ni iki inka yari ihuriyeho n'umuntu?**

Kera inka bazitaga amazina nk'abantu.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri

**Igikorwa:**

*Jya mu isomero ukore ubushakashatsi utahure imvano y'inganzo y'amazina y'inka n'uko byagendaga kugira ngo umwisi yite inka izina.*

Mu gihe abanyeshuri bari mu matsinda umwarimu agenda areba abafite ibibazo akabunganira. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo yakoze andi matsinda akurikiye kandi afatanya n'umwarimu kubikorera ubugororangingo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe:**

**a) Imvano y'inganzo y'amazina y'inka.**

Mu Rwanda rwa kera inka yari ifite agaciro gakomeye cyane. Inka yari ikimenyetso cy'ubukire, ni yo yari ifaranga ry'ubu, ni yo yari ipfundo ry'ubuhake. Iyo wahakwaga ugacyura igihe bakakugororera, bavugaga ko ucyuye umunyafu cyangwa se ko ucyuye ubuhange ugabanye bwa mbere kwa shobuja. Tuzi neza ko ubuhake bwarambye mu Rwanda nta handi bwari bushingiye usibye ku nka. Ubuhake rero bwahambiraga umugaragu kuri shebuja ugasanga baribereye nk'akaremo n'umuse, umugaragu akitwa umuntu wa shebuja, akamwirahira igihe cyose amushima kumuhaka. Ubuhake bwavunnye benshi kugeza babuvugiyeho. Bamwe bati: "Ubuhake burica; ubuhake bujya kukwica buguca iwanyu; ubuhake bwananiranye bukukisha umugabo ikijyaruguru". Ariko na none hari abo bwatoneshaga bakagashira nka Gashamura bati: "ubuhake bwa cyane bukunyaza mu ngoro". Ubuhake kandi bwateraga ubwibombarike, bati: "Iyo ubuhake bwateye hejuru uratendera". Ariko kandi ngo uwafataga nabi abagaragu yarabigayirwaga; umugaragu wahemukiraga shebuja yaragayikaga. Uwabaga ahatse abagaragu yagombaga kubagoboka bari mu byago. Umugaragu na shebuja babaga bafitanye ubumwe bwafatiye ku nka, ari magara ntunsige. Iyo ubwo bumwe bwazagamo agatotsi ku mugaragu, shebuja yaramunyagaga,

naho byaba biturutse kuri shebuja, umugaragu akamwimura akajya gukeza ahandi.

Intwari yo ku rugamba yagororerwaga inka ikitwa **inka y'ubumanzi.** Ubaye ikigwari na we ku rugamba yatangaga **ikiru k'inka,** iyo nka **ikitwa inka y'imirindi** kuko yahunze urugamba, agatererana bagenzi be. Inka yungaga inshuti, uwahemukiye undi mu bintu bikomeye akamuha ikiru k'inka. Inka yahuzaga inshuti n'imiryango kuko abahanaga inka babaga babaye inshuti magara.

Inka bayikwaga umugeni. Umusore wabaga adafite amikoro yo kubona inka yashoboraga **gutenda,** agakora imirimo izahura n'icyakwitwa agaciro k'inka kugira ngo umukobwa wa naka yakunze amwegukane. Umukwe mukuru ati: "Turabakwera umunani cyangwa se mudutegeke ikindi". Umusore wabaga yaraye arongoye baramubyukurukirizaga inka zikamukamirwa. Mu itwikurura ry'umugeni bazanaga amata. Inka yari ifite akamaro kanini mu muco w'Abanyarwanda. Umubyeyi yarabyaraga bajya kumuhemba bakazana amata. Umwana iyo yashyinguraga se cyangwa sekuru yahabwaga **inka y'inkuracyobo** (inkurarwobo). Umwana washyinguraga nyina cyangwa nyirakuru byitwaga gukamira nyina cyangwa nyirakuru. Mu mihango yo kwera hazagamo ibyerekeye kujya ku kibumbiro, hakazamo n'ibyo guha amata abana b'uwatabarutse. Mu ndamukanyo z'abanyarwanda dusanga abantu bifurizanya gutunga bati:

"Gira inka", usubiza ati: "amashyo n'amagana" cyangwa bati: "amashyo", usubiza ati: "Amashongore!"

Abanyarwanda bagenaga ibihe by'umunsi bihura n'amasaha y'iki gihe bafatiye ku nka:

**Inka zivuye mu rugo:** aho ni nko mu masaa moya;

**Inka zikamwa:** aho ni nko mu masaa moya n'iminota 15, ubwo ziba zikamirwa ku nama;

**Inka zahutse:** aho ni nka saa mbiri;

**Inyana zahutse:** aho ni nka saa mbiri zirengaho duke;

**Inyana zitaha:** nko mu masaa yine;

**Mu mashoka:** nko mu masaa saba;

**Inka zikuka cyangwa mu makuka:** nko mu masaa munani;

**Inyana zisubira iswa:** nko mu masaa kenda;

**Inka zihinduye:** nko mu masaa kumi; ___inyana zitaha: nka saa kumi n'imwe;

**Inka zitaha:** nka saa kumi n'ebyiri n'igice;

**Inka zikamwa:** nko mu masaa moya.

Hari ubuvanganzo bwavutse bufatiye ku nka. Ubwo buvanganzo ni ubu bukurikira:

**Amahamba:** indirimbo zaririmbwaga n'abashumba bacyuye inka. Izo ndirimbo zirazwi mu Rwanda hose.

**Amabanga** cyangwa **amahindura:** indirimbo abashumba baririmbaga inka zirisha, zitaha, batarazikata inkoni ngo ziboneze zitahe.

**Inzira:** indirimbo zaririmbirwaga inka mu gihe zabaga zigana amabuga cyangwa ibibumbiro.

**Indama:** indirimbo baririmbaga mu gihe inka zabaga zibyagiye ahantu, bazishoye amabuga cyangwa ibibugazi. Izo ndirimbo hari ubwo zaririmbwaga mu minsi mikuru, bamurika inka. Icyo gihe abagore n'abakobwa bahimbazaga izo ndirimbo baziha amashyi.

**Ibyisigo:** indirimbo zo mu gihe cyo kudahira. Basingizaga amazi ahiye hamwe n'inka zabaga zayashotse.

**Imyama** (**imyoma**): indirimbo zaririmbwaga mu gihe k'impeshyi, inka zigisha (zigana ahari ubwatsi).

**b) Imyitire y'inyambo**

Iyo ubushyo bw' inyambo bwamaraga kubyara **uburiza**, **umutahira w'inyambo** yatumiraga **umwisi** mu bo azi b'abahanga akaza akazitegereza neza, maze akazita, akaziha **inshutso**. Umwisi ntiyashoboraga kwanga kwita inyambo kuko wari umurimo ashinzwe yabazwaga mu Gihugu. Ariko igihe yabonaga afite impamvu yashoboraga kwanga bakamurega ibukuru, hakaba urubanza agasobanura impamvu yamubujije. Izo mpamvu zabagaho cyanecyane iyo yabaga yaraje mbere bakamufata nabi cyangwa bakamugororera inka mbi. Iyo yabaga aje rero, babaruraga inyambo z'ingegene zo muri ubwo bushyo bakazimumurikira. Ubwo rero ziba zitarakura ngo zigaragaze izaba nziza, nuko zose akazita amazina, imwe izina ryayo indi iryayo. Uko ahimba, abarenzamase bakamuba iruhande bakabitora. Umwisi ntiyagombaga gutora ibyo ahimba byose, na we ubwe iyo yashakaga kubimenya yagendereraga abarenzamase. Ayo mazina y'inyambo zivutse ari uburiza akitwa **inshutso.**

Nubwo inshutso zabaga ari nyinshi, umwisi yerekanaga ko ari ubushyo bumwe

yise, abigaragariza mu mabango ya buri nshutso ashyiramo ijambo rimwe gusa uzajya usanga mu nshutso zose z'ubwo bushyo. Aho ni ho ubuhanga bw'abisi bwari bushingiye. Iryo jambo rikitwa**"impakanizi y'ubushyo."** Umwisi yamaraga kuziha inshutso agataha. Ubwo bamuhaga **inka y'intizo ikamwa**, yamara kuyitekesha akayisubizayo. Iyo ubushyo bwa za nyambo bwamaraga kubyara **ubuheta**, za nshutso zabaga zimaze gukura bazita **ibihame.** Izirusha ubwiza zose y'inyamibwa ikaba imaze kugaragara. Ubwo rero bahamagaraga umwisi wari warazihaye inshutso ngo aze yuzuze umurimo we. Ubwo yitaga iy'indatwa muri za mpete, akayisingiza, akayiha **izina ry'umuzinge**, ari byo kuvuga **ibice byinshi.** Ya ndatwa yabaga isanganywe ya nshutso yayo, nuko iyo nshutso igaherukwa n'**interuro y'umuzinge** kandi igaherukira aho kwitwa inshutso igasigara yitwa **impamagazo.** Izisigaye zo muri ubwo bushyo zigahamana inshutso zazo. Wakumva bavuga ngo bazacutsa inka ya runaka, ukamenya ko yabaye indatwa y'ubushyo ko yagize izina ry'umuzinge. Igisingizo (igice) cya kabiri cy'umuzinge ayihaye kikitwa **impakanizi.** Ibindi bisingizo (bice) bikitwa **imivugo**. Igisingizo (igice) cya nyuma kikitwa **umusibo** (iyo cyabaga gisingiza ya ndatwa y'isonga yonyine) cyangwa **imivunano** (iyo cyabaga gisingiza za ndatwa zose yari yarahaye inshutso mu ikubitiro). Yamaraga gusoza uwo murimo wose wo kwita inyambo bakamuha inka y'**ingororano** akayicyura ikaba iye y'**ishimwe.**

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akababafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Izina ry'inka rigizwe n'iki?**

Izina ry'inka rigizwe n'inshutso (impamagazo), impakanizi, imivugo, umusibo cyangwa umuvunano.

**b) Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira: Gutenda, inka y'ubumanzi, inka y'inkurarwobo, inka y'imirindi.**

- **Gutenda:** gukora imirimo izahura n'agaciro k'inka kugira ngo ubone umugeni igihe wabaga udashoboye kubona inka.
- **Inka y'ubumanzi:** inka yagororerwaga intwari yo ku rugamba.
- **Ika y'inkurarwobo:** ni inka yahabwaga umwana washyinguye se cyangwa sekuru.

- **Inka y'imirindi:** ni inka yatangwaga n'uwabaye ikigwari ku rugamba nk'ikiru.

**c) Sobanura imvo n'imvano y'amazina y'inka.**

Mu Rwanda rwa kera, inka yari ifite agaciro gakomeye: yari ipfundo ry'ubukire; inka ni yo yari ifaranga ry'ubu; inka yagiraga umwanya mu mibanire y'abantu: Inka ni yo yari ipfundo ry'ubuhake kuko umugaragu na shebuja babaga bafitanye ubumwe bukomeye bwafatiye ku nka; inka yungaga inshuti, umuntu wahemukiraga undi mu bintu bikomeye yamuhaga ikiru k'inka; inka yahuzaga inshuti, abantu bahanaga inka babaga babaye inshuti z'amagara; inka bayikwaga umugeni; inka ni yo bakwaga umugeni ariko na n'ubu hari aho bikiri umuco ndetse n'aho bakoye amafaranga akenshi bavuga ko ari inka batanzeho inkwano; inka zabyukurukirizwaga umusore waraye arongoye, umusore wabaga yaraye arongoye yabyukurukirizwaga inka (kuzimurikirwa) zikamukamirwa; gutwikurura umugeni, mu itwikurura ry'umugeni bazanaga amata; guhemba umubyeyi, umubyeyi yarabyaraga bajya kumuhemba bakajyana amata; gutanga inka y'inkuracyobo (inkurarwobo), umwana iyo yahambaga (yashyinguraga) se cyangwa sekuru, yahabwaga inka y'inkuracyobo. Umwana wahambaga nyina cyangwa nyirakuru byitwaga gukamira nyina cyangwa se nyirakuru; guha abana amata, mu mihango yo kwera hazagamo ibyerekeye kujya ku kibumbiro, hakazamo ibyo guha amata abana b'uwatabarutse; kwifurizanya gutunga; mu ndamukanyo z'Abanyarwanda, dusangamo abantu bifurizanya gutunga inka nyinshi bagira bati: «Gira inka, amashyo. ». Kugororera intwari yo ku rugamba; inka, Abanyarwanda bayifatiragaho mu kugena ibihe by'umunsi. Kubera aka kamaro gakomeye inka yari ifite ni yo mpamvu havutse ubuvanganzo bushingiye kun ka ari bwo "amazina y'inka."

## Isomo rya cumi na gatanu: Imyororokere n'imitegekere y'inyambo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>• Gusobanura imyororokere n'imitegekere y'inyambo |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Inka ya Rumonyi"** , igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku gusobanura imyororokere n'imitegekere y'inyambo

**Urugero rw'ibibazo:**

a) **Kugira ngo inka ibyare biba byagenze bite?** Kugira ngo inka ibyare ni uko iba yahuye n'ikimasa kikayimya, igahaka hanyuma ikabyara.

b) **Ni bande bita ku nka kugira ngo zigire ubuzima bwiza?** Ni ba nyirazo, abashumba, abatahira, abazikukira ...

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Jya mu isomero ukore ubushakashatsi utahure uko inyambo zororokaga n'uko zategekwaga ( abari bashinzwe inyambo ni bande?)*

Mu gihe abanyeshuri bari mu matsinda umwarimu agenda areba abafite ibibazo akabunganira. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo yakoze andi matsinda akurikiye kandi afatanya n'umwarimu kubikorera ubugororangingo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Imyororokere y'inyambo**

Kugira ngo inyambo zigwire mu Gihugu, umutware w'inyambo yagendaga azongera mu ibangurira ry'inkuku ku mfizi y'inyambo. Ubwo bumenyi bwari ukubiri:

- Uburyo bwa mbere bwari ubwo kubangurira **amashashi y'inka z'inkuku ku mfizi y'inyambo**, izo zibyaye zikitwa **ibigarama**. Ibyo **bigarama** na byo bikazabangurirwa ku **mfizi y'inyambo**, izivutse zikitwa **inkerakibumbiro**. Izo **nkerakibumbiro** zabangurirwaga **ku mfizi y'inyambo** zikabyara **imirizo** cyangwa **ibisumba** (iyo ari izo mu mutwe w'inka utigeze ingegene). **Imirizo** cyangwa **ibisumba** zamaraga kubangurirwa ku **mfizi y'inyambo** hakavuka noneho inyambo zuzuye bitaga **ingegene.**
- Uburyo bwa kabiri bwari ubwo kubangurira **inyambo z'ingegene ku mfizi y'inkuku** zikabyara **ingegene.**

Icyababwiraga inyambo ni uko zari zifite umubyimba munini n'amahembe maremare. Icyo bakundiraga inyambo ni ubwiza bwazo. Bazimurikaga mu birori, barazitoje uko zigenda no kudakangarana mu birori. Umutware w'inyambo we yabiragaga abana be kugira ngo imihindagurirwe y'abatware b'inyambo idatuma ubumenyi bw'imyorokere y'inyambo buhungabana.

Kuzivanga n'inkuku byari ugutuma inyambo zigumana ubwiza bwazo kugira ngo budacika.

**Uko babanguriraga ubushyo bw'inyambo z'ingegene**

Amashashi y'inyambo yararindaga ntibahere ko babangurira irinze yose ahubwo bakayihorera ikarinduka. Aho bazashakira ko zibangurirwa bakazishora ku **iriba rihiye** (iriba rifite amazi y'urwunyunyu rukaze).

Bazishoraga kuri iryo riba maze inka iryuhiweho **igahodoka** (ni ukugira icyokere mu mubiri kiyitera ubuzinukwe bw'ayo mazi). Igihe zikiyumvamo ubuhodoke bazishoraga ku mazi ahiye zikayanga zikishakira amazi asanzwe kugira ngo azigabanyemo icyokere ziyumvagamo.

Ku ngoma ya Yuhi IV Gahindiro, amariba ahiye kurusha andi yari atatu (3):

a) Iriba rya Rushya rwa Nyamurungo (mu Bwishya muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo).

b) Iriba rya Mupfu (mu Bunyambiriri muri Musebeya mu Karere ka Nyamagabe).

c) Iriba rya Ngugu (mu Mutara).

Bavuga ko iryo riba rihiye **rihotora**. Ubwo buhodoke bwamaraga iminsi myinshi ndetse bikageza no ku kwezi cyangwa amezi abiri. Iyo inka yuhiwe mu iriba rihiye yakamwaga, yagiraga **iyayumo** (igabanya umukamo), uko ubuhodoke bwagendaga buyishiramo **yaragishiraga** (yagaruraga umukamo buhorobuhoro. Bitewe n'uko amariba yabaga kure, gukora urugendo bajyayo ni byo bitaga "**kurekera.**" Abashumba bakoraga urwo rugendo bakitwa**"abarekezi."** Iyo inyana yararaga ukubiri na nyina kubera urwo rugendo babyitaga **"kurarara iragwe."** Habaga ubwo inka igenda ijoro ryose ishaka iyayo, ari byo bitaga **"guhomora."** Gusukura iriba bavanamo umuvu, babyitaga **"kweza iriba."** Iriba ryabaga rituje ryitwaga**"umugwimo."** Guhabwa umwanya wo kuhira, byitwaga **"guhana umurambi."** Isibo yo kurwanira umurambi, ikitwa **"inkomati."** Iyo rero ubuhodoke bwarangiraga, ubushyo bwose bwuhiwe ya mazi ahiye bwarindiraga icya rimwe bagahera ko babangurira zikabyarira rimwe. Aha rero ni ho batumiraga umwisi akaza kwita izina.

**b) Imitegekere y'inyambo mu Rwanda rwo hambere**

Umwami ni we wari umutware w'inyambo mukuru, hagakurikiraho umutware w'ingabo, agakurikirwa n'umutware w'inyambo, hakaza umutahira, hagaheruka umurenzamase.

**Umwami:** yari nyiri Igihugu bityo akaba yari ku mutwe wa byose.

**Umutware w'ingabo:** yari umukuru w'umutwe w'ingabo kandi akaba yari hejuru y'umutware w'inyambo

**Umutware w'inyambo:** yabaga ari umuntu ujijutse, akaba yarashyirwagaho ngo agenge inyambo zo mu mitwe iyi n'iyi. Ubwo butegetsi yaburagaga umwana we bugakomeza kuba uruhererekane. Ntiyashoboraga kunyagwa kuko yari ashinzwe imyororerere y'inyambo. Nyamara umutware w'ingabo we yashoboraga kunyagwa ingabo.

**Umutahira:** we yabaga ari umunyacyubahiro baremeraga ubushyo bw'inyambo bwo mu mutwe uyu n'uyu w'inka, akawubwiriza akawuragira. Umutahira yashoboraga guhabwa inkoni y'ubushumba (kumuziturira); bamuhaga inka (ubushyo). Byakorwaga bazitura inyana mu kiraro bakazimuha bakanamuha inkoni y'ubushumba. Iyo inka zamaraga kuba amabuguma, umutware w'inyambo yazeguriraga umutahira zikaba ize bwite. Na we yarazigumanaga akaziha abo ashaka. Umutahira rero yabaga ari mu rwego rw'abashumba b'inyambo. Ubushyo yabaga ashinzwe iyo bwasazaga bamuremeraga ubundi bushyo cyangwa bakaburemera umwana we w'umuhungu.

**Abarenzamase:** Bo bari nk'abakozi bari bashinzwe kwirirwa inyuma y'inka (bubakaga ibiraro, bacaga ibyarire) kandi bakaba barashyirwagaho n'umutahira.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera mu matsinda, imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko bayikora, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Vuga abantu b'ingenzi bategekaga inyambo maze usobanure inshingano za buri wese.**

Abantu b'ingenzi bategekaga inyambo ni: umwami, umutware w'ingabo, umutware w'inyambo, umutahira, abarenzamase.

Umwarimu areba niba abanyeshuri basobanuye neza inshingano za buri muntu wategekaga inyambo.

**b) Sobanura amagambo akurikira:** ibigarama, inkerakibumbiro, imirizo, ingegene.

**Ibigarama**: Ni inka zavukaga ku mashashi y'inka z'inkuku zabanguriwe ku mfizi y'inyambo.

**Inkerakibumbiro**: ni inyambo zavukaga ku bigarama byabanguriwe ku mfizi y'inyambo.

**Imirizo**: ni inyambo zavukaga ku nkerakibumbiro zabanguriwe ku mfizi y'inyambo

**Ingegene**(inyambo zuzuye): ni inyambo zavukaga ku bisumba byabanguriwe ku mfizi y'inyambo.

**c) Vuga imyororere y'inyambo**

Umutware w'inyambo yagendaga yongera inyambo mu ibangurira ry'inkuku ku mfizi y'inyambo. Uburyo bwa mbere yafataga inka z'inkuku akazibangurira ku mfizi y'inyambo zikabyara ibigarama. Ibigarama akabibangurira ku mfizi y'inyambo zikabyara inkerakibumbiro. Inkerakibumbira akazibangurira ku mfizi y'inyambo zikabyara imirizo. Imirizo akayibangurira ku mfizi y'inyambo hakavuka inyambo zuzuye bitaga ingegene. Uburyo bwa kabiri bwari ubwo kubangurira inyambo z'ingegene ku mfizi y'inkuku zikabyara ingegene.

## Isomo rya cumi na gatandatu: Akamaro ko kwiga inganzo y'amazina y'inka

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>• Kugaragaza akamaro ko kwiga inganzo y'amazina y'inka |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Inka ya Rumonyi"** , igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku kugaragaza akamaro ko kwiga inganzo y'amazina y'inka bibinjiza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo:**

**a) Kwiga amazina y'inka bikumariye iki?** Bituma menya ubuhanga bukubiyemo, nunguka amagambo mashya, menya umuco nyarwanda, menya guhanga ,...

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa gikurikira kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Nk'umunyeshuri wiga uburezi mu ishami ry'inshuke n'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza wumva kwiga amazina y'inka bifite uwuhe mumaro?"*

Mu gihe abanyeshuri bari mu matsinda umwarimu agenda areba abafite ibibazo akabunganira. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba amatsinda kumurika ibyo yakoze andi matsinda akurikiye, umwarimu akabafasha kubinoza abanyeshuri bakabyandika mu makayi yabo.

## Urugero rw'ibitekerezo byanogejwe.

Birashoboka ko hari umuntu wakwibaza icyo kwiga amazina y'inka byaba bimaze muri iki kinyejana turimo, aho abantu benshi bahihibikanira kumva ibirebana n'itumanaho, ndetse n'ikoranabuhanga. Reka twemere ko muri ibi bihe ndetse n'ibizaza ntawuzongera kujya mu byo kwita inka. Ariko kumenya ubuhanga bukubiye mu nganzo iyi n'iyi ya kera nta cyo byishe, ndetse ni byiza rwose kumenya umurimo wa ba sogokuru. Bifite akamaro ku muntu washobora gucengera neza iyo nganzo, hanyuma yamara kumucengeramo na we akaba yafatiraho akayikoresha mu bundi buryo. None se Musenyeri Alegisi Kagame amaze kuryoherwa, gucengera no gucengerwa n'inganzo y'amazina y'inka, si bwo yayishingiyeho ahimba ***"Umuririmbyi wa Nyiribiremwa"*** n' ***"Indyoheshabirayi"?***

Byongeye kandi uwashaka kumenya ubuhanga bw'abahanzi ba hano mu Rwanda ntanage akajisho kuri iyi nganzo y'amazina y'inka, ngo arebe ubuhanga bw'intondeke zipimye indinganire yaba atakaje byinshi. Abashakashatsi bitaye ku nganzo y'amazina y'inka harimo uwitwa Faransisi Yuwaneti (Francis Jouannet), asobanura neza ko ubuhanga bw'intondeke zipimye ntaho ryakunze kuboneka muri Afurika uretse mu Rwanda. Uwashaka kubicukumbura yasoma igitabo kitwa *Prosodologie et phonologie non linéaire,* 1985, p.73. Niba tudashatse kubyitaho ntaho twaba dutaniye na ba bandi bambara ikirezi ntibamenye ko kera cyangwa wa wundi w'umutunzi uba umworo w'amata.

Ntagushidikanya mu mazina y'inka harimo ubuhanga bw'inshoberabuvivi. Uretse ubwo buhanga bw'intondeke zipimye, usangamo injyana n'iminozanganzo ishingiye ku isubirajambo no ku isubirajwi ; usangamo gukoresha ijambo ryabugenewe, usangamo uburyo bwo gukoreshamo imibangikanyo ; usangamo imizimizo myinshi itandukanye n'icyo abisi ubwabo bita **ingaruzo**. Ni ijambo risingiza cyangwa se interuro y'amagambo asingiza abami muri rusange

cyangwa ingoma, hakaba n'asingiza umwami uyu n'uyu, ibikorwa bye cyangwa amatwara ye. Uwashaka rero kumenya imyifatire y'Abanyarwanda bo hambere, agashaka kumenya ibyo babaga bimirije imbere, nta yindi soko yavomamo ubwo bumenyi uretse kubusanga mu mazina y'inka. Ubutwari n'umurava birasingizwa, ubupfura no kwanga umugayo bikamamazwa kandi ibi ni bimwe mu by'ingenzi biranga indangagaciro y'uwagombye kwitwa Umunyarwanda.

**3. Umwitozo wo kungurana ibitekerezo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, abahungu n'abakobwa, akabasaba gusoma umwitozo wo kungurana ibitekerezo uri mu bitabo byabo. Azenguruka mu matsinda yose agenzura uko bakora, maze abagaragaje ibibazo byihariye *akabafasha. Iyo barangije, asaba buri tsinda kumurika ibyo ryakoze abandi bagakurikira bagafatanya na mwarimu gukora ubugororangingo*

**Urugero rwikibazo n'ibitekerezo byatangwa**

**Mubona ari uruhe ruhare rw'inganzo y'amazina y'inka mu buvanganzo nyarwanda?**

Uruhare rw'inganzo y'amazina y'inka mu buvanganzo nyarwanda ni ukumenya inganzo y'amazina y'inka usobanukirwa n'ubuhanga buyikubiyemo, tukaba twayigana tugahanga ibindi bihangano binyuranye bituma ubuvanganzo nyarwanda butera imbere. Ikindi ni ugutuma dukomera ku muco nyarwanda kuko iyi nganzo itwibutsa umuco ushingiye ku nka.

## II.5.9. Inshinga

### Isomo rya cumi na karindwi: Inshoza n'amoko y'inshinga

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gutahura inshoza n'amoko by'inshinga.<br>• Gutahura inshinga zitandukanye mu nteruro. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho zirimo inshinga zigaragara ku buryo bwazo agasaba abanyeshuri kuzisoma hanyuma akazibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

- Umutware w'inyambo ***yakomezaga kuzongera*** abangurira inkuku ku mfizi y'inyambo.
- Inkerakibumbiro ***ni*** inka zavukaga babanguriye ibigarama ku mfizi y'inyambo.

**Urugero rw'ibibazo**

**a) Amagambo atsindagiye ni bwoko ki?**

Amagambo atsindagiye ni inshinga.

**b) Amagambo atsindagiye ari mu nteruro ya mbere atandukaniye he?**

Ijambo **yakomezaga** ni inshinga itondaguye, ijambo **kuzongera** ni inshinga iri mu mbundo.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga amoko y'inshinga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma interuro zikurikira, witegereze amagambo yanditse atsindagiye, usobanure imiterere yayo. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, kora ubushakashatsi utahure inshoza n'amoko by'inshinga.*

- Amashashi y'inyambo **yavukiye** rimwe **yimiraga** rimwe.
- Umwisi yabaga **agiye** kwita nk'ubushyo bwo mu mutwe w'Ibihogo akabuteza umutware w'inyambo.
- Umwisi yirindaga **guteza** inyambo umwami n'umutware w'ingabo.
- Ingabo z'u Rwanda **zari** imitwe itegekwa n'abatware.
- Umugaba w'ingabo yari **afite** ububasha nk'ubw'umwami mu gihe k'igitero.
- Ingegene **ni** inyambo zuzuye.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha

kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'inshinga**

Inshinga ni ijambo ryumvikanisha igikorwa, imiterere, imico cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro. Muri make, inshinga ni yo itanga ubutumwa mu nteruro, igaragaramo igikorwa cya ruhamwa.

**b) Amoko y'inshinga**

Mu moko y'inshinga hagaragaramo inshinga isanzwe n'inshinga idasanzwe. Inshinga isanzwe ishobora kuba iri mu mbundo cyangwa itondaguye. Ni ukuvuga ko inshinga ishobora kwigaragaza mu nteruro ari:

Inshinga idasanzwe bita nkene cyangwa mburabuzi.

Inshinga isanzwe iri mu mbundo.

Inshinga isanzwe itondaguye.

– **Inshinga idasanzwe**

Inshinga idasanzwe bita nkene cyangwa mburabuzi ni inshinga zidakoreshwa nk'inshinga zisanzwe kuko usanga hari ibihe bimwe na bimwe by'inshinga zidatondagurwamo. Ikindi kiziranga ni uko usanga nta zina rishobora gukomoka kuri bene izo nshinga. Ni inshinga zigizwe n'ibicumbi gusa (**-ni**, **-ri**, **-fite**, **-ruzi**, **-zi**); ntizifite imbundo zizwi ni yo mpamvu ku mikoreshereze y'imisozo yayo, usanga izo nshinga zidakorana n'imisozo **-e**, **-aga**, **-ye** na **a** mu buryo busanzwe. Cyakora iyo zikoreshejweho ingereka zishobora gusesengurwamo imisozo.

– **Inshinga isanzwe iri mu mbundo**

Inshinga idatondaguye yitwa kandi inshinga iri mu mbundo. Ni inshinga itagaragaza ngenga irimo cyangwa uburyo keretse uburyo bw'imbundo. Inshinda idatondaguye iranga ikidafite uwo kerekezwaho. Inshinga iri mu mbundo ntigaragaza ukora, igikorwa, igihe igikorwa gikorerwa keretse mu nzagihe.

– **Inshinga isanzwe itondaguye**

Ni inshinga igaragaza ngenga yayo, ruhamwa ndetse n'igihe itondaguwemo.

**Urugero:** Nzakora

**Ikitonderwa:**

Hari bamwe na bamwe bashyira "Ingirwanshinga ; -ti,-tya,-tyo, na -te" mu moko y'inshinga zidasanzwe bitwaje ko na zo zijya muri ngenga uko ari eshatu,

nyamara ingirwanshinga ni ubwoko bw'ijambo bwihariye kuko usibye kuba zigaragaza ngenga nta rindi huriro zifitanye n'inshinga kuko zitagaragaza igikorwa cyangwa imico n'imimerere ya ruhamwa.

**3. Imyitozo**

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba buri munyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri buri wese ku giti ke. Umwarimu agendagenda mu ishuri afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije kuwukora, umwarimu afatanya na bo kuwukosora hanyuma bakandukura ibisubizo mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:**

**Garagaza ubwoko bw'inshinga zagaragajwe mu nteruro zikurikira:**

a) Intwari **yivugaga** ibigwi n'ibirindiro byayo.

**Yivugaga:** Inshinga isanzwe itondaguye.

b)Amazina y'inka **afite** akamaro mu muco wacu.

**Afite:** Inshinga mburabuzi/inshinga nkene.

c)Abanyeshuri beza bakunda **gusoma.**

**Gusoma:** Inshinga isanzwe iri mu mbundo.

d) **Nduzi** mwese mwitabiriye ishuri.

**Nduzi:** Inshinga mburabuzi /nkene.

## Isomo rya cumi n'umunani: Ibihe by'inshinga

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gutandukanya ibihe by'inshinga yifashishije ingero zitandukanye.<br>• Gukoresha inshinga yubahiriza ibihe by'inshinga mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'ibindi bitabo by'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni rihe somo duheruka kwiga?**

Isomo duheruka kwiga ni amoko y'inshinga.

**b) Ni ayahe moko y'inshinga mu kinyarwanda?**

Mu Kinyarwanda habaho inshinga itondaguye, inshinga isanzwe iri mu mbundo n'inshinga idasanzwe yitwa kandi inshinga nkene cyangwa mburabuzi.

Iyo abanyeshuri barangije gusubiza ibyo bibazo, umwarimu yandika interuro ku kibaho zirimo inshinga zanditse zigaragara cyane agasaba abanyeshuri kuzisoma hanyuma akazibabazaho ikibazo.

**Urugero rw'interuro:**

a) Umutware w'inyambo **yangeraga** inyambo abangurira inkuku ku mfizi y'inyambo.

b) Inka z'inkerakibumbiro **zivuka** babanguriye ibigarama ku mfizi y'inyambo.

c) Abana bacu **bazavumbura** nibakora ubushakashatsi.

**Urugero rw'ikibazo n'igisubizo cyatangwa:**

**Vuga ibikorwa by'inshinga zigaragara cyane muri buri nteruro n'igihe byabereye.**

- Mu nteruro yambere harimo igikorwa cyo kongera inyambo. Iki gikorwa cyabagaho kera.
- Mu nteruro ya kabiri hagaragaramo igikorwa cyo kuvuka. Iki gikorwa kiri kuba muri iki gihe.
- Mu nteruro ya gatatu harimo igikorwa cyo kuvumbura. Iki gikorwa kizaba mu gihe kizaza.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga ibihe by'inshinga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma interuro zikurikira, witegereze amagambo yanditse atsindagiye, usobanure imiterere yayo. Uhereye ku miterere y'ayo magambo, kora ubushakashatsi utahure kandi usobanure ibihe by'inshinga.*

a) Mu Ngoro Ndangamurage y'u Rwanda umubare w'inyambo **ukomeza** kwiyongera.

b) Kwiga amazina y'inka **bidufasha** gusobanukirwa n'umuco wacu.

c) **Nimukomeza** gusoma ibitabo by'ubuvanganzo nyarwanda muzasobanukirwa n'amateka y'Abanyarwanda.

d) Urubyiruko **ruzatozwa** kuba intore.

Abanyeshuri bakora igikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza bakabyandika mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'ibihe by'inshinga**

Mu Kinyarwanda inshinga yose itondaguye igomba kugira igihe itondaguyemo hakurikijwe urwego rw'ibivugwa n'irebero (ko ibivugwa byarangiye cyangwa bitararangira) ryabyo. Habaho rero ibihe bikuru bitatu mu itondaguranshinga. Ibyo bihe ni igihe cyahise kivuga ibyamaze kuba kikitwa impitagihe. Hakaba ikivuga ibiriho ubu kikitwa indagihe. Hakabaho n'ikivuga ibizaba cyangwa ibizaza kikitwa inzagihe.

**a) Indagihe**

Indagihe ivuga ibiba muri aka kanya, ibiba ubusanzwe n'ibyabaye kera bivugwa mu nkuru, ibirimo kuba ubu ariko bigikomeza, bityo ikagabanywamo indagihe y'ubu, indagihe y'ubusanzwe, indagihe y'imbarankuru n'iy'igikomezo.

- **Indagihe y'ubu**

Iyi ndagihe yumvikanisha ikirimo gukorwa ubu aho uvugiye no mu kanya kaza. Indangagihe yayo ni –ra- .

**Ingero**

Ndahinga mu rutoki.

Ubu ndandika ibaruwa.

- **Indagihe y'ubusanzwe**

Indagihe y'ubusanzwe yumvikanisha igikorwa gisanzwe gikorwa. Ntawamenya intangiriro n'iherezo ryacyo. Mu isesengura ryayo irangwa n'umusozo –a.

Indangagihe yayo ni –ø-

**Ingero**

Izuba rirasa mu gitondo.

Nkunda gusoma ibitabo.

Nigisha ubumenyi bw'isi.

- **Indagihe y'imbarankuru**

Indagihe y'imbarankuru umuntu ayikoresha avuga ibyabaye kera nk'aho ari iby'ubu. Igira intego iteye nk'iy' indagihe y'ubusanzwe bigatandukanira ku nshoza. Indangahige yayo ni –a-ra-

**Ingero**

Umwarimu arahaguruka abwira abanyeshuri be ati: "Mwigane umwete bizababafasha".

- **Indagihe y'igikomezo**

Indagihe y'igikomezo yumvisha igikorwa kirimo gukorwa ubu ngubu ntawamenya igihe cyatangiriye nta n'uwamenya igihe kiri burangirire, indangagihe yayo ni **-ra-ki-**âa na **ra-ki-** iyo umuzi cyangwa igicumbi gitangiwe n'inyajwi.

**Ingero**

Ndacyasoma igitabo.

Aho aracyakoze wa murimo?

Turacyamutegereje.

Ibikorwa remezo biracyatera imbere.

Ndakiga Ikinyarwanda.

**b) Impitagihe**

Impitagihe ivuga ibintu byahise kare n'ibyahise kera ikigabanyamo impitakare n'impitakera.

- **Impitakare**

Impitakare yumvisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyahise ariko kitarengeje uyu munsi mu gitondo. Indangagihe yayo ni –aa-.

**Ingero**

Nateraga urubingo.

Naharuraga umuhanda.

Twateraga umupira.

Twahinze

- **Impitakera**

Impitakera yumvisha igikorwa cyarangiye mu gihe cyahise uhereye ejo hashize ugana hirya yaho. Indangagihe yayo ni- âa-, -a-ra-

**Ingero**

Nabyinaga mu itorero Indangamuco

Natozaga ikipe y'igihugu

Nasomye Bibiliya nkiri muto.

Yarasomye cyane

**c) Inzagihe**

Inzagihe ivuga ibiza kuba cyangwa ibizaba nyuma y'igihe cyo kuvuga. Yigabanyamo inzahato n'inzakera.

- **Inzahato**

Inzahato ivuga ibiri bube nyuma yo kuvuga ariko ntibifatire undi munsi. Indangagihe yayo ni –ra.

**Ingero**

Ku gicamunsi uratera umupira.

Mu kanya uramperekeza ku isoko.

Araza kukubwira igikenewe.

– **Inzakera**

Inzakera ivuga ibizaba ejo hazaza cyangwa mu bihe bizakurikiraho. Indangagihe yayo ni –zaa-.

**Ingero**

Tuzaririmba indirimbo z'agakiza.

Muzadusura ryari?

Tuzagera ku iterambere mu bikorwa remezo.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri babiribabiri, gukora imyitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko bakora imyitozo, afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije kuyikora, umwarimu afatanya na bo kuwukosora, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ibisubizo by'ibibazo by'imyitozo**

**a) Ibihe bikuru by'inshinga n'ibibishamikiyeho:**

**Indagihe**

- Indagihe y'ubu
- Indagihe y'ubusanzwe
- Indagihe y'imbarankuru
- Indagihe y'igikomezo

**Impitagihe**

- Impitakare
- Impitakera

**Inzagihe**

- Inzahato
- Inzakera

**b) Inshinga zitondaguye ziri mu nteruro n'ibihe zitondaguyemo.**

- **Nabonye** imbuto none **nateye**.

  **Nabonye**: Impitakare.

  **Nateye:** Impitakare y'impitagihe.
- Igihe **nari** mu ishuri **wansakurizaga.**

  **Nari**: Impitakare.

  **Wansakurizaga**: Impitakare.
- Leta y' u Rwanda **yahisemo** gushyira mu bikorwa ikerekezo k'imiturire.

  **Yahisemo**: Impitakera.
- Umubare w'abaturage **uzakomeza** kwiyongera

  **Uzakomeza**: Inzakera.
- Hari ibindi bikorwa **bitunze** Abanyarwanda.

  **Hari**: Indagihe y'ubu
- **Bitunze**: Indagihe y'ubusanzwe

### II.5.10. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kabiri, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

**Himba ikivugo cyo mu gihe tugezemo kitwaye nka "Inkatazakurekera" wirata ibyiza wakoze cyangwa ibikorwa wagezeho, maze ukivugire imbere ya bagenzi bawe ugaragaza isesekaza rikwiye. Ikivugo cyawe ntikirenze imikarago makumyabiri.**

**Uko umwitozo ukosorwa:**

Umwarimu akosora ibyivugo byose nyuma agatoranya abanyeshuri bamwe bakivugira imbere ya bagenzi babo.

Umwarimu areba ko abanyeshuri bakoze ibyo yabasabye akabakosora akurikje

uturango tw'ibyivugo.

## II.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kabiri

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kabiri bityo bikababafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

| |
|---|
| Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko inyuranye ivuga ku buvanganzo nyabami mu Rwanda rwa kera n'akamaro kabwo mu buzima busanzwe bwa buri munsi.Twize kandi ubuvanganzo nyabami, tubonamo inshoza n'ingeri zitandukanye z'ubuvanganzo. Twize kandi ibitekerezo by'ingabo, imihango y'ibitero mu Rwanda rwo hambere. Twarebeye hamwe impeta z'ubutwari nk'ishimwe ryahabwaga ingabo zabaye intwari ku rugamba. Twize kandi ibyivugo n'amoko atandukanye yabyo ndetse kandi twanabonye amazina y'inka. Mu kibonezamvugo twabonye inshoza y'inshinga, amoko yayo ndetse n'ibihe by'inshinga. |

## II.7. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kabiri** |
|---|
| Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:<br>• Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo ziwukubiyemo.<br>• Gukoresha neza amagambo yungutse mu nteruro.<br>• Guhimba yigana zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo nyabami.<br>• Gukoresha neza ibihe by'inshinga bitandukanye. |

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora isuzuma, buri wese ku giti ke, riri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva no gusesengura umwandiko**

**1. Ni irihe zina ry'ubwami rya Rwabugiri uvugwa mu mwandiko?**

Izina ry'ubwami rya Rwabugiri ni Kigeli.

**2. Garagaza imitwe itanu y'ingabo z'u Rwanda yarwanye mu gitero cyo mu Bushubi.**

Imitwe y'ingabo z'u Rwanda ni Uruyange, Inyaruguru, Abarasa, Abahirika n'Inyange.

**3. Kabaka yari muntu ki?**

Kabaka yari umutware w'Abarasa

**4. Uturere dukurikira tuvugwa mu mwandiko turi mu yihe Ntara y'ubu: i Gisaka, i Kinyaga?**

- Akarere k'i Gisaka kavugwa mu mwandiko kari mu Ntara y'Iburasirazuba.
- Akarere k'i Kinyaga kavugwa mu mwandiko kari mu Ntara y'Iburengerazuba.

**5. Ni iki cyatumye Rwabugiri agaba igitero mu Bushubi ?**

Icyatumye Rwabugiri agaba igitero mu Bushubi kwari ukugira ngo atabare Nsoro wari wamutabaje.

**6. Rwabigimba yabyifashemo ate amaze guhakanirwa ubufasha na Rwabugiri ?**

Rwabigimba yigiriye inama yo kuzatera mu Bushubi mu gihe Rwabugiri azaba yavuye i Sakara ; yaragiye ku nkiko zo hirya zitegeranye n'u Bushubi.

**7. Seruzamba yari afite murimo ki mu gitero cyo mu Bushubi ?**

Yari umugaba w'igitero.

**8. Ni uwuhe muvuzi w'amacumu uvugwa mu mwandiko ?**

Ni Rubanguka rwa Kabaka.

**9. Utekereza ko igitero cyo mu Bushubi cyamariye iki u Rwanda ?**

Igitero cyo mu Bushubi cyatumye u Rwanda rumenyekana ko rufite intwari kandi rwakuyeyo iminyago itandukanye.

**10. Ni irihe somo ukuye mu gitero cyo mu Bushubi ?**

Gutabara abari mu kaga, kutumva amabwire kuko Rwabugiri yumvise amabwire yica Nsoro ku maherere kuko atabanje gushishoza ngo areba niba atabeshywe.

**II. Ibibazo n'ibisubizo by'inyunguramagambo**

**1. Sobanura amagambo cyangwa imvugo ikurikira dusanga mu mwandiko**

a) **Kuraga ingoma :** gusigira ubutegetsi.

b) **Gushaka amaboko:** gushaka ubufasha, imbaraga.

c) **Gushoza intambara :** gutangiza intamabara, guteza intambara.

d) **Igikomangoma :** umwana w'umwami.

e) **Kuvuga amacumu** : kuvuga amakuru y'urugamba

f) **Uruhondobero** : Ugusinzira wicaye kubera umunaniro

g) **Kugaba igitero** : gutera ahantu n'ingabo

h) **Ingamba ziracakirana :** ingabo zitangira kurwana.

**2. Andika impuzanyito z'aya magambo ziri mu mwandiko**

a) Uhimba igisigo cy'umwami : **umusizi**

b) Ibyo ugemurira umuntu umushakaho ubufasha cyangwa kumukeza : **amaturo**

c) Nyina w'umwami : **umugabekazi**

d) Indwara y'uruhu ifata nk'ubuheri : **ubushita**

e) Abantu bakorera umwami : **abagaragu, abaja,**

**3. Andika imbusane z'amagambo akurikira :**

**a) Kurwanya ≠** gutabara,

**b) Intwari ≠** ikigwari

**c) Gukura ku ngoma ≠** kwimika

**d) Gushima ≠** kugaya

**e) Kuneshwa ≠** kunesha/gutsinda

## III. Ibibazo n'ibisubizo by'ubuvanganzo

**1. Tanga ingeri z'ubuvanganzo nyabami waba uzi.**

- Ibitekerezo by'ingabo
- Amazina y'inka
- Ibisigo nyabami
- Ubwiru
- Ubucurabwenge
- Ibyivugo
- Inanga
- Indirimbo z'ingabo

**2. Ibyivugo by'abantu bakuru birimo amoko angahe ? Yavuge kandi**

**unayatandukanye.**

Birimo amoko abiri. Hari ibyivugo by'iningwa n'ibyivugo by'imyato. Aho bitandukaniye ni uko ibyivugo by'iningwa byatangiye kera kurusha iby'imyato, ni bigufi kuko bigira ibango rimwe, ikivugwa ni kimwe…naho ibyivugo by'imyato ni birebire, ni ibya vuba ugereranyije n'iningwa, bigira ibivugwa byinshi…

**3. Sobanura amoko y'impeta z'ubutwari zo mu Rwanda rwo hambere.**

Umudende wahabwaga intwari yishe ababisha b'abanyamahanga barindwi, impotore igahabwa uwishe cumi na bane naho gucana uruti ni ku wishe makumyabiri n'umwe

## IV. Ibibazo n'ibisubizo by'ikibonezamvugo

**1. Garagaza ubwoko bw'inshinga zagaragajwe mu nteruro zikurikira:**

a) Twese **turi** abana b'u Rwanda.

**Turi**: inshinga nkene/mburabuzi

b) Abana bifite ubumuga **bakunda** gukinana n'abandi imikino ndangamuco.

**Bakunda**: inshinga itondaguye.

**Gukinana**: inshinga iri mu mbundo.

**2. Garagaza ibihe by'inshinga zitondaguye zikurikira:**

a) Abanyeshuri **bazatsinda** neza amasomo yabo kuko **biga** uko bikwiye.

**Bazatsinda:** inzakera

**Biga:** indagihe y'ubusanzwe.

b) Amazina y'inka **ndayumva** kuko mu kanya **twakoraga** imyitozo ayerekeyeho.

**Ndayumva:**indagihe y'ubu.

**Twakoraga:** impitakare.

## V. Ihangamwandiko

**Ushingiye ku miterere n'amoko y'ibyivugo hanga ikivugo cyawe, wivuga uwo uri we, wirata ubutwari bw'ibikorwa byiza wakoze.**

Umwarimu aragendera ku byo abanyeshuri bakoze abakosore akurikije imbata y'ibyivugo.

Iyo umwarimu akosora iki kibazo areba ko umunyeshuri yahanze agendeye ku miterere ya bumwe mu bwoko bw'ikivugo maze agakosora ashingiye ku turango tw'ikivugo umunyeshuri yahanze.

## II.8. Ibikorwa by'inyongera

### II.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

**1. Tandukanya ingeri z'ubuvanganzo nyabami wita ku cyo ubwo buvanganzo bwababaga buhuriyeho ugaragaza n'umwihariko wa buri ngeri.**

Ingeri z'ubuvanganzo nyabami ni nyinshi cyane kandi ziratandukanye nubwo zihuriye ku kuba ari inyandiko zivuga abami ndetse n'ingoma muri rusange. Zahuriraga kandi ku kuba zifitemo iminozanganzo itandukanye yo kurushaho kuryoshya ururimi rw'Ikinyarwanda.

Izo ngeri rero ni izi zikurikira:

**Ibitekerezo by'ingabo**

Ibitekerezo by'ingabo byavugaga imitegurire n'imigendekere y'ibitero ingabo z'umwami zagabye mu bindi bihugu bakongeraho amakabyankuru.

**Amazina y'inka**

Amazina y'inka ni imivugo irata inyambo bazivuga ibyiza byazo kubera agaciro zabaga zifite mu muco nyarwanda, ni ingeri kandi yaratagaumwami n'ingoma.

**Ibisigo nyabami**

Ibisigo nyabami ni imivugo yasingizaga abami n'ingoma zabo ikoresheje amagambo y'indobanure yo gusingiza umwami koko.

**Ubwiru ni ingeri yarangwaga** n'imihango yakorwaga mu ibanga n'umwami n'abiru . Ni imihango yagiraga amagambo yihariye agendana na yo. Iyo mihango bayitaga **inzira z'ubwiru**. Ubwiru bwari bukubiyemo amategeko yagengaga imihango y'ibwami, bwakoreshaga ikeshamvugo n'andi magambo yabugenewe kandi ntibwahindagurikaga.

**Ubucurabwenge** ni ingeri y'ubuvanganzo yarangwaga n'umuvugo muremure wavugaga ibisekuru by'abami n'abagabekazi. Abawufataga mu mutwe bitwaga

abacurabwenge.

**Ibyivugo** ni ingeri y'ubuvangazo nyabami no kwirata icyo umuntu ari cyo mu rwego rw'intambara. Ibyivugo byasingizaga intwari n'ubutwari bwazo ndetse n'intwaro zifashishwaga.

**Inanga zivuga iby'ibwami ni ingeri y'ubuvanganzo nyabami yarangwaga no** gucuranga inanga bayibwira ariko mu buryo bw'indirimbo zicurangwa ku nanga y'amano.

**Indirimbo z'ingabo na zo ni ingeri z'ubuvangazo nyabami zarangwaga n'**indirimbo zaririmbwaga mu bitaramo byo kwizihiza insinzi y'ingabo zabaga zivuye ku rugamba.

**2. Garagaragaza amoko y'ibyivugo kandi werekane itandukaniro ryayo.**

a) Ibyivugo by'iningwa ni ibyivugo bigufi bishyirwa mu mikarago akenshi itarenze icumi iba ibumbiye mu ibango rimwe kandi biba bivuga ku ngingo imwe. Ibyivugo by'iningwa ni ibya kera cyane kuko byamamaye ku ngoma ya Ruganzu Ndoli

b) Ibyivugo by'imyato bigaragaza abo umuntu yagiye agirira akamaro. Ni ibyivugo biciyemo ibice ku buryo bugaragara. Ubu bwoko ni bwo bwiganje kuva ku ngoma ya Yuhi Gahindiro kugeza kuri Kigeli Rwabugiri.

**3. Wifashishije ikivugo k'iningwa wize mu ishuri, himba ikivugo cyawe wigana ikivugo k'iningwa wize.**

Umwarimu arakosora abanyeshuri agendeye ku turango tw'ikivugo k'iningwa.

## II.8.2. Imyitozo nyagurabushobozi

**1. Ibyakorwaga mu gutangira no gusoza igitero wabigereranya ute na gahunda ubuyobozi bushyize imbere yo kureba ibyo abantu biyemeje gukora n'uko babigezeho?**

Mu gutegura igitero babanzaga kwicara hamwe bakanoza umugambi w'uko bifuza ko urugamba ruzagenda, bakagera ingabo bakegeranya n'ibizakenerwa byose. Urugamba rwarangira umuvuzi w'amacumu akagaragaza ku buryo burambuye uko rwagenze. Hakagaragazwa niba icyari kigambiriwe mbere yo kugaba igitero cyaragezweho. Kuri ubu, ibyo twabigereranya na gahunda y'imihigo aho abantu bagaragaza ibyo bifuza kugeraho mu gihe runaka (guhiga), nyuma bakazareba niba barabigezeho (guhigura/kwesa imihigo), ibyiza bagakomeza kubishimangira, ibitaragenze neza bigakosorwa.

2. **Hanga ikivugo k'imyato wishyize mu mwanya w'umuntu wirata ubutwari bw'ibikorwa byiza yakoze nurangiza ukivugire imbere ya bagenzi bawe ugaragaza isesekaza rikwiye.**

Umwarimu areba uko abanyeshuri bakoze umwitozo maze akababakosora.

### II.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. **Ukoresheje ubushobozi wungukiye muri uyu mutwe, gereranya igitekerezo k'ingabo n'ikivugo, ugaragaza icyo bihuriyeho n'icyo bitandukaniyeho.**

| **Icyo bihuriyeho** | **Icyo bitandukaniyeho** | |
|---|---|---|
| | **Igitekerezo k'ingabo** | **Ikivugo** |
| Byombi biri mu ngeri y'ubuvanganzo nyabami. | Kivuga uko igitero cyagenze. | Uwivuga yirata ibigwi n'ibirindiro yagiriye ku rugamba. |
| Byombi bikoresha amagambo yabugenewe (ikeshamvugo). | Cyandikwa mu mudandure akenshi uvanzemo ibyivugo. | Cyandikwa mu mukarago n'amabango. |

2. **Igana injyana y'amazina y'ika, maze uhange umuvugo ku bwiza bw'Igihugu cyacu, uwuvuge imbere ya bagenzi bawe.**

Umwarimu areba ko abanyeshuri bahanze umuvugo bigana injyana y'amazina y'inka kandi akabaha igihe cyo  kuwuvuga imbere y'abandi.

## II.9. Amakuru y'inyongera

**Igitero cyo mu Rito**

Igitero cyo mu Rito cyabaye hagati ya Kamena 1872 na Werurwe1873. Ikitubwira ayo magingo yacyo, ni nyakotsi yitwa Rwakabyaza mu Kinyarwanda (La comète de Coggia), kuko yagaragaye mu Rwanda muri Nyakanga 1874 nyuma y'igitero k'i Butembo, cyatabajwe umwaka ukurikira uw'igitero cyo mu Rito.

Umugaba w'Igitero cyo mu Rito Ndibyariye ya Mbagariye yari agabye ingabo ze bwite zitwaga Abarima, azigeretseho no kuba yari yahawe kugaba n'Inganzurarugo za Kigeri wa IV Rwabugiri. Yari agabye n'abatware bandi babiri : Rwampembwe wa Nkusi (ya Gahindiro), umutware w'Abashakamba, na Nyamushanja wa Rwakagara wari ugabye Uruyange we ntiyari umutware w'izo ngabo, ahubwo yari asimbuye mwene se Gihamagara ari we wari umutware w'Uruyange icyo gihe. Umugaba w'igitero Ndibyariye ya Mbagariye, aha izo

ngabo amayira abiri:

1. Inganguraruго n'Abarima batera mu Rito nyakuri, kwa Rugigana. Aho hantu mu Rito rya Ngaragu, ni mu Burundi, epfo y'ingezi ya cyohoha y'Epfo.

2. Abashakamba n'Uruyange abategeka gutera ahantu hitwa i Nyarubuye kwa Makaka na Nkembanyi. Turebe rero ko imirari yombi yari iteye ukubiri, ku buryo butatumaga ishobora gutabarana.

Nyamara ntidutekereza igitero cyo mu Rito tubivanye ruhande: turatekereza gusa umurari wa kabiri, ni wo inzira y'Abashakamba n'Uruyange. Nyamara ibyerekeye Uruyange byabaye bike cyane: icyo gitekerezo kibanze ku Bashakamba, kuko ari bo bahagize umurwano ugaragara. ......(bifatiye ku myandiko mfashanyigisho, umwaka wa kane)

**Imihango y'ijoro baraye bari butere**

Rwampembwe, umugaba w'Abashakamba yari atabaje amatorero atatu :

Rwamutwe II, Inyambo II n'Abashakamba II. We ubwe yari uwo mu itorero Rwamutwe II. Rwamutwe II, bari abantu bamaze gukura, ntibage ku rugamba, ahubwo bakagumana n'umugaba mu nteko, yaba itewe bakaba ari bwo bayirwanira. Ku rugamba hajyaga abakiri bato, bashobora kwiruka ntibicwe n'impumu.

Inyambo II ni bo Umutwe w'Abashakamba wari uhanze amaso: bari mu kigero k'imyaka nka mirongo itatu na mirongo itatu n'itanu, baramenyereye kurwana ,bagifite imbaraga. Na ho Abashakamba II bari abasore bakibyiruka, mu kigero k'imyaka nka makumyabiri na makumyabiri n'itanu, bakimenyereza ibyo kurasana, bataraba intwari zihamye. Nyamara Rwampembwe yari afite n'abandi barwanyi b'abaturage bo mu Bugesera : Intabungira n'Inkoramaraso.

Izo ngabo zari ziganditse ahantu hitwa mu Kigeri cya Kiburungu. Bugorobye, Rwampembwe ajya mu gikari, hamwe na bamwe bo muri Rwamutwe II, na ho inyambo II zisigara ikambere. Ariko aho bigeze, Rugeramibungo rwa Sekajeje abwira bagenzi be Inyambo, ati: " Ko twavuye i Buhoro duhize na Rwamutwe, none bakaba bihereye na Rwampembwe kandi mukaba muzi ko na we ari Rwamutwe, none baba bari mu nama yo guhimba kuzavuga ko baturushije? Nimuze tugeyo wenda dukubagane." Hajyayo Rugeramibungo, na Kavutse ka Serubindo na Kambanda ka Rwanuza. Bageze aho Rwampembwe ari, bahasanga igiti cy'umukore baramvuragamo imiheto, bakicara hejuru . Rwampembwe arababaza ati: "Murjya he ko Inyambo mukubagana?" Bati: "Tuje gusaba akayoga!" Rwampembwe akagira akayoga mu gacuma gacagase,

ati: “Enda !” Agaha Rugeramibungo. Ntiyagasoma, arakazunguza, agaha Kambanda ati: “Dore Nyambo yogeye! Urebe inzoga duhawe.” Kambanda na we ntiyagasomaho, arakazunguza, agaha Kavutse ati: “Dore Mugabo urasana ingabo ingoga, urebe iyo nzoga duhawe! ”Kavutse na we ntiyayisoma, arazunguza ayigarurira Rugeramibungo, ati: “Genda Nkeragutabara ya Rutishisha! Nawe umenya mukwiye gato!” Rwampembwe ati: “Murayigaya iki ?” Bati: “Kuko ari agatama!” Ati: “Nimukanywe, ejo nzabacuruza ak’Abarundi!” Bagaruka ikambere, babwira abahungu bati : “Aduhaye akayoga k’agatama turakanga.” Ati : “Mukagaye iki?” Duti: “Kuko ari gakeya !” Ati: “Mukanywe, ejo nzabacuruza ak’Abarundi !” Rwamirindi ati: “Nikishyurwa n’abatakanyoye bizagenda bite? Nimuze dusubireyo tuge kubibaza! Baragenda basubira aho Rwampembwe ari mu gikari, aramubaza ati: “Akayoga wahaye ba Rugeramibungo nikatishyurwa n’abakanyoye, kakishyurwa n’abatakanyoye, bizagenda bite?” Rwampembwe arasubiza ati: “Muzajyane inka zabo.”

Basubira ikambere, maze Ruhetana na Nyaruyonga arahabasanga, yari yarasigaye iwabo mu by’ubukwe ashyingirwa. Baramuramutsa, aryama ku bibero bya Rwamirindi na Rugeramibungo, baramuganiriza. Yari umuntu w’ubuhanga cyane bagumya kumukorakora mu masunzu, bamubaza uko yarongoye. Nuko Rwamihingo arabitegereza, ati: Ntabwo ababisha ari babi kandi bahinyuranya, bamubaka bakamushahura! Uyu muntu mwiza kandi dukunze, bamutwaka bate? Hoshi genda urabeshya.”

UMUTWE WA
# 3

# UBUZIMA BW'IMYOROROKERE

## III.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura inkuru ndende agaragaza imiterere, ibarankuru n'ishushanyabikorwa byayo.
- Kugaragaza uburyo, indango, ijyana n'irebero by'inshinga.

## III.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Mu myandiko bize ifatiye ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere kuva mu mashuri abanza kugeza mu kiciro rusange.
- Basanzwe bazi ibijyanye n'indwara nzandurira mu mibobano mpuzabitsina.
- Mu kiciro rusange, abanyeshuri bigishijwe ibijyanye n'itondaguranshinga.
- Bashobora gusesengura inshinga bakagaragaza uturembajambo tw'ishinga.

## III.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Amatsiko y'abato", cyangwa igihe umwarimu yigisha agenda avuga ku ngingo zivuga ku bitsina byombi. |
| Umuco w'amahoro n'indangagaciro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Amatsiko y'abato"ahagenda havugwa ibiganiro Kanyana yagiyeagirana na nyirasenge ndetse na Muneza bakamutega amatwi bakamusobanurira ibyo atumva byose |

| | |
|---|---|
| Uburezi bugaheza | Iyi ngingo nsanganyamatsiko yumvikana mu mwandiko "Amatsiko y'abato" aho bigaragara ko abahungu n'abakobwa bawuvugwamo bose bize bimwe bakarangizai. Umwarimu azaheraho ashishikariza abanyeshuri bose gukunda ishuri. |
| Ubuzima bw'imyororokere | Iyi ngingo nsanganyamatsiko igaragarira cyane muri uyu mwandiko wose. Ingingo zose zivugwamo zigaruka ku buzima bw'imyororokere. |
| Umuco w'ubuziranenge | Iyi ngingo nsanganyamatsiko nayo igenda igarukwaho n'umwarimu mu bikorwa aha abanyeshuri. Nko mu bikorwa byo gusesengura umwandiko ahari ingingo zijyanye n'imikoreshereze y'imyambaro inyuranye. |

## III.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Ni ibihe bimenyetso bigaragarira buri wese ko umuntu yageze mu kigero cyo kuba ingimbi cyangwa umwangavu? Ese hari ibindi muzi bidapfa kugaragara inyuma?*

*Ukurikije uko mubona imyitwarire y'ingimbi n'abangavu, sobanura byibura ibintu bitatu bigaragaza ko umuhungu cyangwa umukobwa wo muri iki kigero asobanukiwe n'ubuzima bw'imyororokere.*

Wakora iki kugira ngo ushishikarize abasore n'inkumi kutishora mu mibonano mpuzabitsina bakiri bato?

## III.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe agenewe

| Umutwe wa gatandatu: Ubuzima bw'imyororokere | | Umubare w'amasomo: 24 |
|---|---|---|
| Umwandiko: Amatsiko y'abato | | |
| Amasomo | Intego rusange | Umubare w'amasomo |
| Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | Amasomo 2 |
| Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | Amasomo 2 |

| | | |
|---|---|---|
| Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | Amasomo 2 |
| Inkuru ndende | | |
| Isomo rya kane: Inshoza n'uturango by'inkuru ndende n'uko basesengura inkuru ndende. | - Gusesengura inkuru ndende agaragaza uturango twayo. | Amasomo 3 |
| Isomo rya gatanu: Amateka y'inkuru ndende mu Rwanda n'amoko y'inkuru ndende. | - Kugaragaza amateka y'inkuru ndende mu Rwanda no gutahura ubwoko bw'inkuru ndende yasomye. | Amasomo 3 |
| Umwandiko: Twite ku buzima | | |
| Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | Amasomo 3 |
| Isomo rya karindwi: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | Isomo 1 |
| Isomo rya munani: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe. | Isomo 1 |
| Inzira z'itondaguranshinga | | |
| Isomo rya kenda: Indango, ijyana n'irebero by'inshinga | - Kugaragaza indango, ijyana n'irebero by'inshinga no kubikoresha neza mu nteruro. | Amasomo 2 |
| Isomo rya cumi: Uburyo bw'inshinga | - Kugaragaza uburyo bw'inshinga no kubukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | Amasomo 2 |
| Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri. | | Isomo 1 |
| Isuzuma risoza umutwe wa gatatu. | | Amasomo 2 |

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwimjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

### III.5.1. Umwandiko: Amatsiko y'abato

**Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko**

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku buzima bw'imyororokere, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Amatsiko yabato" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho hariho umwana w'umukobwa n'umuhungu.

**b) Umwana w'umukobwa ugaragara ku ishusho arimo gukora iki?**

Umwana w'umukobwa ugaragara ku ishusho arimo kwireba mu ndorerwamo.

**c) Mutekereza ko uyu mukobwa arimo kwireba iki?**

- Uyu mukobwa arimo kureba ubwiza bwe.
- Arimo kureba ibiheri biri mu maso ye, yibaza uko byamuvaho.

**d) Murabona uyu muhungu ameze ate?**

Uyu muhungu arimo kureba umukobwa atangaye.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko "**Amatsiko y'abato**", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya.*

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, bafatanya n'umwarimu kubinoza bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

- **Ibishishi:** ibiheri byo mu maso
- **Umwangavu:** umukobwa umaze kumera amabere
- **Kugira amakenga:** kugira ubwoba umuntu abutewe n'icyo akeka ko kitamugwa neza cyangwa se ko kitamutunganira
- **Ipfunwe:** isoni umuntu aterwa n'uko agize nabi, ikimwaro
- **Uruvunganzoka:** abantu cyangwa ibintu byinshi bigendera hamwe kandi bidahana umwanya wo gutambuka

**3. Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri akabasaba gukora umyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:**

**a) Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko.**

- Bimwe mu bimenyetso biranga umukobwa winjiye mu bwangavu ni ukugira **ibiheri/ibishishi** mu maso
- Iyo abahungu babaye **ingimbi** batangira **kuniga** ijwi.
- Abantu bagenda buzuye umuhanda baba ari **uruvunganzoka**
- Musoni yagiye i Kigali abona amazu menshi **agerekeranye** aratangara

**b) Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.**

- Ibishishi: **ibiheri**
- Ashavuye: **atishimye**

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni **"Amatsiko y'abato** ".

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uwo mwandiko wavugaga ku buzima bw'imyororokere.

**2. Uko amasomo atangwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Amatsiko y'abato" hanyuma usubize ibibazo byaeubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

**a) Abakinankuru bavugwa mu mwandiko ni bande?**

Kanyana, Nyirasenge wa Kanyana Mariya, Muneza, Kayitesi, na Teta

**b) Abantu ntibakunda kuvugira mu ruhame ubuzima bw'imyororokere. Tanga impamvu eshatu ziri mu mwandiko zibihamya.**

Icya mbere ni uko igitsina ari ryo tandukaniro ry'ibanze hagati y'umugore n'umugabo, ni cyo gituma abantu benshi bagira isoni zo kuba bavuga ibijyana na cyo byose mu ruhame. Ikindi kandi iyo uvuze igitsina, nk'umugabo ahita yumva ubushobozi bwe bwo kubyara no gushimisha uwo bashakanye. Hari abahita bumva rero bakojejwe isoni. "Impamvu yindi ituma ibintu byerekeza ku gitsina bitavugwa, ni uko ari urugingo rw'umubiri abantu bose banyuramo kugira ngo bagere ku isi". Nyamara, ntibirubuza kuba urugingo mu zindi ngingo nyinshi zigize umubiri. Impamvu yanyuma ngo ni uko ibintu byose birebana n'igitsina bidakwiriye kuvugwa kugira ngo nibigirwa ibanga bifashe abantu kwitwara neza.

**c) Mu mwandiko baratubwira umukobwa wari ufite amatsiko yo kumenya ubuzima bwe bw'imyororokere.**

**Ni bande bamufashije kuyashira? Ubibwirwa n'iki?**

Abamusfashije gushira amatsiko ni Muneza, Kayitesi, Nyirasenge n'abamuhaye ibitekerezo kuri murandasi. Ni uko bamuhaga ibitekerezo byubaka kandi bimufasha kumenya neza ibijyanye n'ubuzima bwe bw'imyororokere.

**Ni bande bamurohaga aho kumugira inama? Sobanura uko bamushukaga.**

Teta ni we warohaga uwo mukobwa aho kumugira inama. Teta yashatse gushyira muri uwo mukobwa imyumvire mibi itajyanye n'ukuri yo gukora imibonano mpuzabitsina kenshi ngo kugira ngo azagire amatako n'ikibuno kinini.

d) **Ni izihe mpamvu zavuzwe mu mwandiko zishobora gutuma abakobwa bagera mu gihe cy'ubwangavu imburagihe?**

Harimo kubaho neza no kurya neza

e) **Abangavu bafite ibimeyetso by'ingenzi biranga ko bageze mu kindi kiciro cy'ubukure. Ibyo bimenyetso ni ibihe byavuzwe mu mwandiko?**

Mu mwandiko bavuzemo kujya mu mihango no kugira ibishishi mu maso. Hari kandi no gukura kw'amabere kubyibuha, kuzana amatako n'amabuno.

f) **Ingaruka zagera ku ngimbi n'abangavu badasobanukiwe neza n'ubuzima bw'imyororokere ni izihe. Sobanura izo ngaruka wifashishije urugero rw'uwo byabayeho wavuzwe mu mwandiko.**

Muri izo ngeruka harimo gutwara inda zitateganyijwe, kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye harimo na Sida. Umwe mu bavugwa mu mwandiko byagezeho ni Teta. Yishoye mu mibonano mpuzabitsina atwara inda itateganyijwe.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.<br>- Gusesengura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa**

a) **Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Isomo duheruka kwiga ni umwandiko "Amatsiko y'abato", muri iryo somo

twasubije ibibazo byo kumva umwandiko.

**b) Ni iki twasomye mu mwandiko kivuga ku buzima bw'imyororokere?**

Twabonye uko umukobwa n'umuhungu bava mu kiciro cy'ubwana bakajya mu kiciro k'ingimbi n'ubwangavu. Twabonye kandi ko kubera amatsiko menshi ingimbi n'abangavu baba bafite, bituma benshi bishora mu busambanyi bigatuma batera cyangwa bagatwara inda batateganyije.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Amatsiko y'abato" hanyuma usubize ibibazo ibibazo byawuvugiyemo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

a) Tanga ingingo z'ingenzi zibanzweho muri uyu mwandiko.

Amatsiko y'abangavu n'ingimbi ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ibibazo bahura na byo bashaka gushira ayo matsiko, uko bananirwa gukemura ibyo bibazo, uko bakemura ibyo bibazo. Hashobora kandi no kwiyongeraho izindi ngingo hakurikijwe ibivugwa muri buri gika.

b) Ni ngombwa kubwira abantu ibijyane n'ubuzima bw'imyororokere bakiri bato. Sobanura byimbitse.

Umwarimu areba ibitekerezo bitangwa n'abanyeshuri mu gushyigikira ingingo zo kwigisha abakiri bato ibijyanye n'ubuzimabw'imyororokere, akabinoza.

c) Ingamba abangavu n'ingimbi bagomba gufata kugira ngo bakomeze kurinda ubuzima bwabo kwandura indwara zandurira mu mibonano idakingiye ni izihe?

Bagomaba gufata ingamaba zo kwirinda kwishora mu mibonano mpuzabitsina. Bagomba gufata ingamba zo gusobanuza neza ibyo batazi bijyanye n'imibonano mpuzabitsina. Kwirinda ababashuka babashora mu ngeso z'ubusambanyi. Gukunda imiterere y'imibiri yabo. Kumenya impamvu z'imihindagurikire y'imibiri yabo.

d) Gereranya imyitwarire ya bamwe mu bakinankuru n'ubuzima busanzwe

bw'aho utuye.

Umwarimu areba ibitekerezo bitangwa n'abanyeshuri mu kugereranya imyitwarire bw'abavugwa mu mwandiko ku ngingo y'ubuzima bw'imyororokere, akainoza.

### III.5.2. Inkuru ndende

#### Isomo rya kane: Inshoza n'uturango by'inkuru ndende n'uko basesengura inkuru ndende

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>Gusesengura inkuru ndende yasomye agaragaza uturango twayo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku buzima bw'imyororokere n'igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko "Ubuzima bw'imyororokere" kugira ngo bibinjize mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni uwuhe mwandiko duherutse kwiga?**
Umwandiko duheruka kwiga ni "Amatsiko y'abato".

**b) Ni nde munyarubuga mukuru muri uwo mwandiko?**
Umunyarubuga mukuru ni Kanyana.

**c) Ni ayahe matsiko Kanyana yari afite muri uyu mwandiko?**
Kanyana yari afite amatsiko yo kumenya ubuzima bw'imyororokere.

**d) Kanyana yabashije gushira amatsiko ku buzima bw'imyororokere?**
Yego.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Amatsiko y'abato" witegereza imiterere yawo, uko abakinankuru bateye n'uko ibarankuru riteye maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'inkuru ndende. Uhereye ku turango tw'inkuru ndende, tahura uko wasesengura inkuru ndende.*

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe umwarimu yatanze kirangiye, asaba abagize itsinda rimwe kumurika ibyo bakoze, abagize andi matsinda bakurikiye. Umwarimu akabayobora mu kubinoza.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'inkuru ndende**

Inkuru ndende nk'uko iryo zina ribivuga ni inkuru iba ari ndende, ibarwa n'umubarankuru uvuga uko yagenze. Bamwe mu basesenguzi b'inkuru ndende bayivuga berekana ko igomba kuvuga ibyabayeho ndetse umwanditsi akavuga ubuzima bwe; ibyamubayeho. Abandi bati: "Igomba kuba ari inkuru y'impimbano n'ubwo ibyo ivuga byashobora kubaho." Igihurirwaho na benshi ni uko inkuru ndende igomba kuba ifite inkuru ibara, uruhererekane rw'ibikorwa, ikaba yanditse mu nyandiko isanzwe; atari mu mikarago nk'ibisigo kandi yifitemo ubwiza n'ubuhanga bw'imikoreshereze y'ururimi. Ibi, babishimangira bagira bati: "Inkuru ndende ni uruhererekane rw'ibikorwa mpimbano bishobora kubaho cyangwa byababayeho, ikaba ifite imisusire ya gihanga kandi nyabugeni igaragaza ko umwanditsi ari intyoza mu kubara inkuru, mu kuyiha imiterere myiza y'ibikorwa no kubikurikiranya."

**Uturango tw'inkuru ndende**

Inkuru ndende irangwa n'imiterere ndetse n'imyubakire byayo. Inkuru ndende irangwa kandi no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa.

**a) Imiterere y'inkuru ndende**

Inkuru ndende iba ifite ibi bikurikira: ikivugwa mu nkuru, abanyarubuga, ibarankuru, akabugankuru, ibikorwa, umugendo w'inkuru, uburebure n'ahantu.

**- Ikivugwa mu nkuru ndende**

Ingingo abanditsi b'inkuru ndende bavugaho ni nyinshi kandi ziratandukanye kimwe n'izo dusanga mu zindi ngeri z'ubuvanganzo. Mu nkuru ndende dusangamo urukundo rudasibangana, urukundo rwa bugigi, uburere n'umuco wa kera bitajya imbizi n'uburere n'umuco by'ubu, poritiki n'ubutegetsi, ubwenge bw'indushyi, uburaya n'ubwomanzi, iyimukacyaro, ubuhemu, ubugome, ishyari, inzangano, amoko, urupfu rutunamura icumu, ubusabane mu bantu, ubukene n'ubujiji, inkuru ndende zivuga ku bukoroni…

- **Abakinankuru (abanyarubuga)**

Mu nkuru ndende haba **umukinankuru mukuru** ushobora kuba umwe cyangwa babiri. Umukinankuru mukuru ni we uba ari ipfundo ry'inkuru. Ni we ikigamijwe cyangwa intego y'inkuru iba ishingiyeho.

Hari kandi n'**abakinankuru bungirije**. Aba ni bo usanga mu nkuru bamufasha

kugera ku kigamijwe cyangwa bakamubera imbogamizi. Aba bakinankuru kandi ni na bo usanga insanganyamatsiko nto cyangwa zungirije zishingiyeho. Mu nkuru ndende kandi dusangamo cyangwa dushobora gusangamo **abakinankuru ntagombwa**, aba bakinankuru iyo urebye usanga kuba mu nkuru kwabo cyangwa kutagaragaramo nta cyo byahindura ku kivugwa mu nkuru. Nta nsanganyamatsiko iba ibashingiyeho. Mu yandi magambo twabita indorerezi.

**- Ibarankuru**

Hari ubwoko bubiri bw'ibarankuru: ibarankuru ribwira n'ibarankuru ryerekana. Mu nkuru ndende dushobora gusangamo ubwo bwoko bwombi bw'ibarankuru.

**Ibarankuru ribwira:** ni igihe umubarankuru agaragara mu nkuru, maze uyisoma akamenya ko inkuru ifite uyibara. Ibarankuru ribwira ryibanda ku gukoresha inshamake maze ibyamaze igihe kirekiere bikavugwa mu gihe gito.

**Ibarankuru ryerekana:** ryo rikoreshwa mu gihe inkuru yigaragaza ubwayo mu buryo butaziguye, nta mubarankuru ubyivanzemo. Turisanga mu makinamico, aho ibikorwa bigaragazwa n'abanyarubuga ubwabo.

Mu ibarankuru dusangamo kandi indebero. Indebero ni uburyo bugaragaza uko umubarankuru abona ibyo inkuru imenyekanisha. Hari indebero mbonabyose, indebero mbonankubone n'indebero mbonabihita.

**Indebero mbonabyose:** ni iy'umubarankuru ubona byose, ibyigaragagaza n'ibitigaragaza, ibintu ndengakamere hamwe n'ibibera ahantu umuntu adashobora kugera. Usanga avuga ibibera henshi icyarimwe nk'aho biba ahibereye hose ku isaha imwe. Nta na kimwe kimwisoba. Asa n'ufite ububasha nk'ubw'Imana. Aba azi byose: ari ibyo abanyarubuga batekereza, ari ibyo bahishe, imbamutima zabo, mbese aba abazi kurusha uko biyizi. Iyi ndebero ni yo ikunze gukoreshwa. Ikunze kugaragara mu nkuru ibaze muri ngenga ya gatatu.

**Indebero y'imbonankubone**: ni imenyekanisha gusa ibyo umunyarubuga runaka areba cyangwa yiyumvisha. Iyo ndebero imenyekanisha ibiri aho umunyarubuga ageza ibyumviro. Umubarankuru aba azi ibingana n'ibyo abanyarubuga cyangwa abakinankuru bazi, akitwa ko arebera imbere mu nkuru. Iyi ndebero tuyisanga ahanini mu nkuru zibaze muri ngenga ya mbere, aho umubarankuru aba ari n'umunyarubuga.

**Indebero mbonabihita**: ni imenyekanisha gusa ibigaragara n'ibivugwa nta guca hirya, isura y'ibintu, y'abanyarubuga, uko bitwara mu mvugo no mu ngiro. Muri iyi ndebero, bisa n'aho ibyinshi abanyarubuga ari bo babyivugira, umubarankuru agasa n'ugenda yuzuriza binyuze mu bisa n'intekerezo ku bivuzwe n'abanyarubuga. Ikunze kuboneka mu nkuru za giporisi.

Mu myandikire y'inkuru, umwanditsi ahuza umwanya w'umubarankuru mu nkuru n'indebero kugira ngo abibyaze ikintu gifite icyo kivuze ku musomyi. Ibyo bituma ababarankuru bashyirwa mu byiciro by'ingenzi bikurikira:

Umubarankuru ashobora kubara inkuru na we ubwe akinamo. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya mbere, akitwa umubarankuru wo mu mbere.

Umubarankuru ashobora kubara inkuru ari hanze yayo. Aha usanga akoresha ngenga ya gatatu asa n'uvuga ibintu yareberaga iruhande mu gihe byabaga, akitwa umubarankuru wo hanze.

Umubarankuru ashobora kubara inkuru ye ubwe akaba n'umunyarubuga mukuru. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya mbere kuko ibyo avuga aba abivuga kuri we. Uyu mubarankuru yitwa umumenyabanga.

**Ikitonderwa:**

Umubarankuru atandukanye n'umwanditsi w'inkuru. Umwanditsi w'inkuru ni umuhanzi wanditse inkuru ibarwa mu gitabo ke. Muri uko kwandika inkuru ye agena uburyo ibarwa. Muri ubwo buryo ibarwamo haba hari umuntu ugenda uyibara, uwo akaba ari we mubarankuru. Cyakora hari igihe umwanditsi ashobora kuba ari na we mubarankuru igihe abara inkuru y'ubuzima bwe.

**- Ibikorwa**

Ibikorwa mu nkuru ndende bishingira ku bakinankuru cyane cyane ku mukinankuru mukuru. We n'abakinankuru bungirije bashinzwe kuyobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku ndunduro y'inkuru. Bamwe barema imbaraga zimufasha kugera ku ntego umwanditsi w'inkuru aba yamuhaye.

Nk'uko abasesenguzi b'inkuru ndende babyemeza, inkuru ndende iyo ari yo yose irangwa no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa.

**- Umugendo w'inkuru**

Ushingiye ku migaragarire n'ikurikirana ry'ibikorwa bivugwa mu nkuru, hashobora kubaho inkuru yubakiye ku bikorwa by'umujyo umwe, ibikorwa by'urusobe n'ibikorwa bihagitse mu bindi.

**Ibikorwa by'umujyo umwe:** Iyo inkuru igaragaza ibikorwa by'umukinankuru umwe kuva mu ntangiriro kugeza ku iherezo. Ikurikiza umurongo mbonera w'ibarankuru. Iyi nsobeko itsitse ikunze gukoreshwa mu nkuru ngufi.

**Ibikorwa by'urusobe:** Ni igihe mu nkuru harimo ikwikira. Iri kwikira riba rigizwe n'ibikorwa byinshi bisobekeranye ariko bifitanye isano. Umusomyi aba ashobora gukurikirana inkuru z'abakinankuru benshi ariko zifite aho zihurira cyangwa usanga amaherezo yabo aba amwe. Inkuru ifite abakinankuru benshi

ikunze no kugira umugendo ugizwe n'ibikorwa by'urusobe. Urugero ni nko mu ikinamico y'urudaca *Urunana*.

**Ibikorwa bihagitse:** Ni ukwinjiza ibindi bikorwa bitari iby'ingenzi mu bikorwa by'ibanze, urugero nk'aho umukinankuru agera aho akabara inkuru y'ibyamubayeho cyangwa agatanga ubuhamya. Ibyo binatuma uburyo n'urwego rw'ibarankuru bihinduka, inkuru y'ibanze ikabarwa n'umubarankuru mukuru, naho inkuru zihagitse mu nkuru y'ibanze zikabarwa n'abandi babarankuru bashobora kuba bamwe mu bakinankuru.

**- Uburebure**

Inkuru ndende nk'uko izina ryayo ribigaragaza, irangwa no kuba ari ndende koko (akenshi hagati y'impapuro 100 na 250). Kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma ku buryo atarambirwa n'uburebure bwayo. Uburebure bw'inkuru ndende kandi bugaragarira mu inyuranamo ry'inkuru nyinshi zitadukanye kandi ritarambirana.

**- Akabugankuru (Ahantu)**

Inkuru ndende kandi irangwa no kuba ifite aho ibarirwa; ni ukuvuga akabugankuru. Mu nkuru ndende akabugankuru gashobora kuba kazwi cyangwa ari agahimbano.

Iyo uwandika inkuru avuga ibyabaye ashobora no kuvuga mu by'ukuri aho byabereye hazwi. Iyo abara inkuru y'ibitarabayeho, cyakora bishobora kubaho mu buzima rusange, ashobora gukoresha akabugankuru mpimbano; akavuga ibintu byabereye ahantu runaka ariko hatazwi ku ikarita y'isi.


### b) Imyubakire y'inkuru ndende

Inkuru ndende irangwa no kuba hari ikivugwa, kuba ari ndende no kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa. Ibikorwa mu kubara inkuru mu nkuru ndende biba bishingiye ku bakinankuru, cyanecyane ku mukinankuru mukuru. Umukinankuru mukuru n'abakinankuru bungirije bashinzwe kuyobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku mpera yayo.

### c) Ishushanyabikorwa mu nkuru ndende

Inkuru ndende iyo ari yo yose irangwa no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa.

Abakinnyi b'imena bafatanyije n'abungirije bayobora imigendekere y'ibikorwa mu nkuru ndende kugeza ku ndunduro y'inkuru. Bityo mu nkuru ndende umusesenguzi ashobora gushushanya ibikorwa yifashishije igishushanyo giteye gitya:




**Nyiri ubwite:** uyu ni we mukinankuru mukuru inkuru iba ishingiyeho, ni we uba ufite intego agamije kugeraho muri iyo nkuru. Aba ashobora kuyigeraho cyangwa ntayigereho.

**Ikigamijwe:** ni icyo umukinankuru mukuru aba agamije kugeraho mu nkuru. Ni intego aba yahawe n'umwanditsi w'inkuru.

**Ugenera:** ni igituma umukinankuru mukuru agera ku ntego afite muri iyo nkuru. Ashobora kuba undi mukinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma agira intego runaka.

**Ugenerwa:** mu yandi magambo ni nyiri inyungu; ni uwo ari we wese mu nkuru wagira icyo yunguka mu gihe umukinankuru mukuru ageze ku cyo yari agamije mu nkuru.

**Abafasha:** ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru agera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumushyigikira mu rugendo rwe rwose kimufasha, kabone n'iyo atakigeraho mu irangira ry'inkuru.

**Imbogamizi:** ni abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru atagera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumubangamira mu rugendo rwe rwose kimubuza amahirwe kabone n'iyo yagera ku cyo yari agamije mu irangira ry'inkuru, ariko kikaba cyamubangamiraga.

### Imisesengurire y'inkuru ndende

Muri rusange abasesengura inkuru ndende bibanda kuri ibi bikurikira: ikivugwa mu nkuru, abanyarubuga, ibarankuru, akabugankuru, ibikorwa, umugendo w'inkuru, uburebure n'ahantu. Ibi bigakorwa hakurikijwe amahange n'amahame y'ingenzi akoreshwa mu gusesengura umwandiko w'ubuvanganzo muri rusange.

Usesengura inkuru agomba kugaragaza ishushanyabikorwa ry'inkuru.

Usesengura inkuru agomba kandi:

- Gutahura inyigisho irimo n'indangagaciro zigaragara mu nkuru kuko buri nkuru cyangwa buri gihangano cy'ubuvanganzo kiba gikubiyemo

inyigisho n’indangagaciro runaka, ni ngombwa ko usesengura inkuru abigaragaza;

- Gukora inshamake yayo, igaragazamo iby’ingenzi bivugwamo;
- Kugaragaza ubuzima bw’umwanditsi w’inkuru ndetse n’ibindi bihangano bye.

**3. Imyitozo**

Umwarimu afasha abanyeshuri kujya mu matsinda agatanga amabwiriza y’uko imyitozo ikorwa, agakurikirana uko abanyeshuri bayikora agenda afasha abafite ibibazo.

**Urugero rw’imyitozo n’ibisubizo:**

a) Tandukanya inkuru ndende n’inkuru ngufi ushingiye ku turango twazo.

| Inkuru ndende | Inkuru ngufi |
|---|---|
| - Inkuru ndende igira abakinankuru benshi n’ibikorwa byinshi.<br>- Inkuru ndende isobekeranya inkuru nyinshi nubwo insanganyamatsiko aba ari imwe.<br>- Umugendo w’inkuru ndende usanga ugenda ucurikiranya ibikorwa.<br>- Usanga utubugankuru cyangwa se ahakinirwa ari henshi. | - Inkuru ngufi igira abakinankuru bake n’ibikorwa bike.<br>- Inkuru ngufi iba yubakiye ku nkuru imwe rukumbi.<br>- Umugendo w’inkuru ngufi uba ugiye umujyo umwe.<br>- Aho inkuru ibera ntihagomba kuba henshi. |

b) Jya mu isomero, ushakemo igitabo kirimo inkuru ndende, uyisome kandi uyisesengure ukurikije uko inkuru isesengurwa.

Umwarimu aha abanyeshuri iki kibazo nk’umukoro bakorera mu matsinda. Umwarimu asobanurira abanyeshuri uko bazakora iki kibazo. Ababwira ko buri mu nyeshuri mu itsinda ryafashe igitabo kimwe rizasoma inkuru ndende iri muri icyo gitabo hanyuma bagasesengurira hamwe iyo nkuru. Abaha igihe gihagije cyo kubikora hanyuma cyarangira agasaba buri tsinda kumurikira abandi ibyo ryakoze. Abanyeshuri bari mu itsinda rimwe bagabana imirimo ku buryo buri wese agira icyo avuga ku nkuru yasesenguwe.

## Isomo rya gatanu: Amateka y’inkuru ndende mu Rwanda n’amoko y’inkuru ndende

| Intego zihariye |
| --- |
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Kugaragaza amateka y'inkuru ndende mu Rwanda.<br>- Gutahura ubwoko bw'inkuru ndende yasomye. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibitabo cyangwa inyandiko bivuga ku nkuru ndende. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni rihe somo duherutse kwiga?**

Twize inshoza n'uturango by'inkuru ndende.

**b) Vuga ibiranga inkuru ndende.**

Inkuru ndende iragwa n'imiterere yayo, imyubakirere yayo n'ishushanyabikorwa.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Amatsiko y'abato" maze utahure ubwoko bw'iyo nkuru. Kora ubushakashatsi utahure amateka n'ubwoko by'inkuru ndende.*

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe umwarimu yatanze kirangiye, asaba amatsinda abiri kumurika ibyo yakoze, rimwe amateka y'inkuru ndende, irindi ubwoko bw'inkuru ndende. Abagize andi matsinda bakurikira ibyo bagenzi babo bamurika umwarimu akabayobora mu kubinoza, bikandikwa kukibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makaye yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Amateka y'inkuru ndende mu Rwanda**

Hari abavuga ko inkuru ndende mu Rwanda yaba yaratangiye mu mwaka wa 1938 kuko ari bwo Musenyeri Alexis Kagame yatangiye gusohora inyandiko ze «Inkuru ya Matabaro» mu kanyamateka k'abana Hobe. Abashakashatsi bemeza ariko ko inkuru ndende nyayo yasohotse mu wa 1950 yanditse mu rurimi rw'Igifaransa na Saveriyo Nayigiziki yise *«Escapade rwandaise»* ifite ibice bibiri byaje guhurizwa mu nkuru imwe ikitwa *«Mes trances à trente ans»*. Hashize

imyaka ibiri ni bwo inkuru ndende yanditse mu Kinyarwanda yasohotse yitwa *«Ntabajyana»* ya Simoni Munyakazi. Uyu mugabo yahawe igihembo cya kabiri mu irushanwa ryiswe *«Amitiés Belgo-Rwandaise»*. Kuva ubwo haciye imyaka igera kuri 20 kugira ngo haboneke izindi nkuru ndende mu irushanwa ryabaye mu wa 1971.

**Zimwe mu nkuru ndende zanditswe mu Kinyarwanda:**

- Munyakazi, S., *Ntabajyana, 1952*
- Rukebesha, A., *Nyirabirahunga*, 1970
- Nsanzubuhoro, V., *Ntabyera*, 1971
- Kamugunga, C., *Umusiramu*, 1973
- Karege F., *Mwanankundi*, 1975
- Niyonteze, P., *Imari ya shuni*, 1981-1982
- Uwamungu, J., *Nyirabayazana*, 1981
- Nkurikiyumukiza, F., *Yatashye atagomba*, 1987
- Niyitegeka, M.Y., *Giramata*, 1988
- Rugema, A., *Rwemerikije*, 1988
- Furere, R.M., *Mariya Kantarama*, 1998
- Karenzi, F., *Ishavu ry'abato*, 2000

**b) Ubwoko bw'inkuru ndende**

Iyo bagena ingeri z'inkuru ndende bazishyira mu matsinda, hari uburyo bwinshi bukurikizwa. Ibihurirwaho na benshi bagena amoko y'inkuru ndende ni ibi bikurikira: aho yandikiwe, igihe yandikiwe cyangwa se ikivugwamo, ibarankuru ryayo (imiterere y'ibikorwa, abakinnyi) n'ibindi. Izi zikurikira ni zimwe mu ngeri z'inkuru ndende nk'uko Nkejabahizi Jean Chrisostome azigena mu gitabo ke "*Ubuvanganzo nyarwanda. Inkuru ndende n'Ikinamico*, Butare UNR, 2005".

**- Inkuru ndende z'inkundo**

Zikunda kuvuga cyane ku nkundo hagati y'abasore n'inkumi, ingorane zishobora kubatandukanya cyangwa se kubabuza kubana, kwitsinda no kudahemukirana mu bigeragezo, amayeri yose akoreshwa kugira ngo bahure cyangwa basubirane mu gihe ababyeyi babo batabishaka, amaherezo bakazagera ku ntego yabo yo kubana. Mu Kinyarwanda, aha hakunze gutangwa ingero za *Ntabajyana* ya Simoni Munyakazi na *Giramata* ya Niyitegeka Mukarugira Yuliyana.

**- Inkuru ndende nsuhuzamutima**

Bene izi nkuru zamamaye cyane mu mpera z'ikinyejana cya cumi na gatandatu no mu ntangiriro z'icya cumi na karindwi. Inkuru iba ishingiye ahanini ku bwihare; bahera ku gashashi cyangwa akanyotwe k'urukundo gasanzwe,

kagashyigikirwa n'ibikorwa bibiri by'ingenzi: ingendo n'imirwano. Urukundo ruvugwamo ruriyubashye, ni isugi kandi ntiruhemuka. Umukundwa cyangwa uwihebewe usanga ari agakumi. Ibizazane bahura na byo usanga ari ibishobora kubaho mu buzima cyanecyane nk'igihe k'imidugararo. Kudahuza idini bituma ababyeyi bivayo n'imizi n'imiganda ngo babuze umusore n'inkumi kubana. Ikemezo cya se w'umukobwa cyo kumushyingira uwo ashatse kubera inyungu ze bwite, ubukire, gutandukanywa n'intambara cyangwa se gufungwa. Mu Kinyarwanda urugero twatanga hano ni *Ntabajyana* ya Munyakazi Simoni kubera ko ababyeyi ba Karasankima batifuzaga ko arongora Zaninka, ahubwo bafite undi bamuhitiyemo wo mu rwego rwabo, ariko umusore Karasankima akababera ibamba.

**- Inkuru ndende z'imyifatire**

Izi ni inkuru zishingiye ku busongarere n'ubugome mu maraso. Imibereho ya buri munsi n'imiterere y'isi muri icyo gihe, ntibishyigikirwa n'umuco muzima wo kwiyubaha n'ubuhanga byaranze abanditsi bakomeye. Mu nkuru ndende nk'izi usanga higanjemo gushimisha irari ry'umubiri, kuba ikigenge (ubwomanzi), gutinyuka gukabije, ibiterasoni; mbese usanga isi yaracuramye ku buryo ikibi kiganje, akaba ari cyo kiyobora isi. Muri ubu bwoko bw'inkuru, usanga imico myiza n'ubupfura byitwa ubugwari, ubucucu n'amakosa. Muri izo nkuru usangamo amagambo atameshe, umwanditsi akihatira gushushanya mu mvugo ibifitanye isano n'ibitsina, aho bibera n'uburyo atanga ingingo ze byerekana ko ari indwara imaze igihe. Mu Kinyarwanda nta rugero rwa bene izi nkuru ruraboneka kugeza ubu.

**- Inkuru ndende za sarigoma**

Inkuru nk'izi zifite amavu n'amavuko yazo mu gihugu cya Esipanye (Espagne) mu kinyejana cya cumi na karindwi. Uruhare runini ruhabwa imibereho mu by'ubukungu: kugira icumbi, kubona ifunguro, umwambaro ni byo bihora bihangayikishije abanyarubuga muri ubu bwoko bw'inkuru. Iyo nkuru bayitiriye uburyo ibazemo, kuko ari inkuru y'umuntu uvuga ubuzima bwe. Byabaho bitabaho, umubarankuru mukuru avuga ubuzima n'imibereho ye.

Imyandikire y'iyi nkuru bayihuza n'imibereho y'umwana ubaho ari mbonabucya, nta cyo yimirije imbere, nta gashinga k'ubuzima afite. Mu buzima bw'umubarankuru nyuma y'igihe runaka k'imibabaro n'ibibazo, hakurikiraho igihe cyo kwiyuburura no gutwarwa agakundwa, ubukire yifuzaga bukaza mu bitekerezo ariko atabwizera, ugasanga aritiranya inzozi n'ukuri. Inkuru ndende nyarwanda ifite aho ihuriye na bene ubu bwoko ni iya Nayigiziki Saveriyo yitwa *«Mes trances à trente ans»*

**- Inkuru ndende y'ubuzima busanzwe**

Bene iyi nkuru ntiba igamije gukosora ngo wenda ibintu byarushaho kuba byiza, abantu bagire imyifatire iboneye, babane neza, mbese ngo ubone ko umwanditsi afite inzozi z'umunezero. Iyi nkuru irangwa n'urusobe cyangwa uruvangitirane rw'imyifatire, kuticara hamwe, gusetsa, gusesereza, uburara n'ubwomanzi no kwifatira abantu. Iritegereza, igakabya mu gusetsa, igakabya inkuru n'ubucakura, hagaragaramo ibitangaza no kwimaringa. Uzasanga iyi nkuru ivuga ukuntu runaka yakoze kugira ngo yirwaneho, kugira ngo akomere abone amaboko n'amafaranga; uko yagiriye nabi abanzi be, uko yatsinzwe cyangwa se yatsinze mu nkiko, uko yaje guteseka agashakisha uburyo yagana imigi itandukanye; uko yaje guhinduka umugiranabi agakora n'andi makosa bigatuma bamufunga; ibikorwa bibi yagizemo uruhare, kwiyoberanya, ingendo, abo bahura n'ibindi. Inkuru y'Ikinyarwanda y'ubu bwoko ni *Mureranyana*.

**- Inkuru ndende za mutemberezi/ naragenze ndabona**

Bakunze kuvugamo ubwiza bw'abantu, ibidukikije. Babivuga ari nk'umutako w'aho abakinankuru baba bari ku buryo bishushanya uko bamerewe imbere muri bo. Ari abantu, ari inyamaswa, usanga ari mahwi, biberanye n'aho biri bisa n'aho ari ho byaremewe na ho hakabiremerwa. Ahantu ni ho hatuma abakinnyi batekereza gutya na gutya, ni ho hababeshejeho ku buryo ubuzima bwabo bwajyanaga n'uko isi ibakikije iteye. Mu Kinyarwanda urugero dutanga ni *Imali ya SHUNI* ya Niyonteze Pascal.

**- Inkuru ndende barwa**

Ubwoko bw'iyi nkuru bwaje kwemerwa mu kinyejana cya cumi n'umunani. Havugwamo agahinda no kubona ko ibyo wibeshyaga mu nzozi, wibwira ko ari ko bizamera nyamara ko bitagishobotse. Umuntu uvugwamo arashaka ariko ntashobore. Ubushobozi iyo bumubanye buke bituma abeshya cyangwa se akiyerekana uko bitari ubundi yiyerekanaga nk'umunyakuri, maze uwari yararahiye kudasa na rubanda rusanzwe akagenda akajya inyuma y'abandi mu ngeso mbi z'urukozasoni. Mu Kinyarwanda urugero ni "*Iyo mbimenya*" ya Niyitegeka Mukarugira Yuliyana.

**- Inkuru za nanzubukoroni**

Iyi nkuru igaragaza umujinya no kuzinukwa kw'abantu bahinduwe abacakara, bakoronijwe n'abazungu, maze kwivumbura kwabo kukagira ingaruka kuri bose ndetse n'umuntu ku giti ke. Izi nkuru zakunze kugaragara mu myaka ya za mirongo itandatu, ubwo ibihugu bya Afurika byahagurukiraga rimwe bigamije kwipakurura ubutegetsi bwa gikoroni. Izi nkuru zigaragaza akarengane, gusuzugurwa no guteshwa agaciro Abanyafurika bagiririrwaga.

Urugero twatanga mu Kinyarwanda ni *Mureranyana* n'ubwo yo itavuga gusa ikibazo cy'ubukoroni na "*Matabaro*" ya Kagame Alegisi.

**- Inkuru ndende ya subiza amerwe mu isaho**

Abanyafurika bamaze kwigobotora ingoma ya gikoronize bari bazi ko bagiye kwigenga no kumererwa neza, ibyo bari barabuze bakabibona ntibongere gusuzugurwa no gufatwa nabi, kwicishwa imirimo n'ibindi. Bagize batya babona ntacyahindutse. Abashyizwe ku ngoma y'ubutegetsi nta ho bigeze batandukanira n'abakoroni, ndetse bamwe mu bategetsi b'Abanyafurika barushije ubugome abitwaga abakoroni. Abaturage barumiwe amerwe bayasubiza mu isaho. Abategetsi banyunyuje abaturage, barabakandagira karahava: akarengane, gufungirwa ubusa, kwigira mu migi rubanda igasigara iririra mu myotsi y'icyaro, ahatagira amazi n'umuriro, nta terefoni, inzara n'ubukene binuma. Abategetsi baradamarara, rubanda bicuza icyo barwaniye imyaka n'imyaka ngo barashaka kwigenga, ku buryo hari n'abasigara bifuza ko bwa butegetsi bw'abakoroni barwanyaga bwagaruka. Urugero rwo mu Kinyarwanda usanga rujya kwegera ubu bwoko ni usanga ruberanye n'ubu bwoko bw'inkuru ni "*Mureranyana".*

**- Inkuru ndende z'amateka**

Ubwoko bw'izi nkuru bushingira ku bantu bagize uruhare mu mateka y'aha n'aha, umuryango, igihugu; bakavuga uko babayeho, ibyo bakoze n'ibindi. Muri Afurika twavuga nka Caka (Chaka), Sunjata (Soundjata), n'abandi. Bene izi nkuru zitandukanye n'inkuru ndende nyirizina.

**- Inkuru ndende z'intimba**

Zitekereza ku buzima n'imibereho, zitwereka ko kubaho ari ugushinyiriza, ko ubuzima atari paradizo. Kubaho ni ukubabara. Muri izi nkuru usanga umuntu akunda ntakundwe, yahinga akarumbya, yakira agahangayika. Iyo agerageje kwipfira nabi cyangwa kwishabikira uko abishoboye bitewe n'uko isi yameze amenyo, arinda apfa agikururana n'umuruho. Igihe umuntu akiriho yumva ko ikiruta ari ukwipfira akava ku isi kuko n'ubundi asanga ari yo maherezo. Muri izi nkuru usanga umuntu abura aho apfunda imitwe, aho agannye hose asanga amaherere yamutanze imbere akifuza ko nyamunsi yaza ikamwanzuranya akigira kwa Nyamutezi atagumye kugaragurika mu ruzurungutane rw'ibibazo bidashira. Inkuru nyarwanda yenda kwegera ubu bwoko bw'inkuru ni "*Yatashye atagomba"* ya Nkurikiyumukiza Phocas.

**- Inkuru ndende z'uburere**

Kubura icyo ufata n'icyo ureka byaranze Abanyafurika b'igisekuru cyose cya makumyabiri, barerewe mu mico n'imigenzereze y'i Burayi kubera amashuri, bagahuza ubwenge n'amaso n'imigi minini nka Parisi (Paris), Londoni (Londres), bakabangamirwa no kwibaza ukuntu bazatahuka iwabo bagasubira mu mwijima, mu bukene, mu bujiji,…ngibyo ibyo ahenshi inkuru z'uburere zuririraho, aho usanga umukinankuru yabuze icyo afata n'icyo areka hagati y'imico mishyashya yasanze aho yagiye n'ibya gakondo yakuriyemo, maze

kubivanga bikamuviringa ubwenge, abazi kuvuga neza bati « naka yasarishijwe n'ubwenge ». Iyo usesenguye neza, usanga mu Rwanda nta nkuru ndende dusanga iri neza muri uyu murongo, ariko hari izigaragaza iryo sizana ry'ibya kera n'iby'ubu. Urugero rutangwa ni nka "*Mwanankundi*" ya Karege Fidèle aho avugamo umunyarubuga Mwanankundi wagiye kwiga i Burayi ibyerekeranye n'imibereho myiza n'imibanire y'abantu. Aho Mwanankundi atahukiye yashatse kuvuganira abagore no kubarengera imbere y'umuco wabakandamizaga, wa kera ushaje, abatsimbaraye ku bya kera baramwivuganye ngo arabatobera.

**- Inkuru ndende nshyashya**

Izi nkuru zadutse nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose. Mbere yaho, inkuru ndende yasaga n'iyubakiye ku muntu wari warahawe agaciro gakomeye, yenda tutavuze kuva akiremwa, ariko byibuze mu rwego rw'ubuvanganzo, mu mpumeko y'ibyo bise *ivukabushya* « renaissance » mu kinyejana cya cumi na gatanu, bamaze kuvumbura ibyo gucapisha imashini, umuco n'ubugeni bigahabwa agaciro na muntu agasa n'uhinduka impagata y'ibyaremwe byose.

Aho intambara zombi z'isi zibereye bakabona ukuntu umuntu ateshwa agaciro, agasigara arutwa n'ibintu, bamwe batangiye kwibaza niba mu buvanganzo ho bitahinduka, muntu ntiyongere kuba ari we uhabwa umwanya w'ibanze aho byose usanga ari we bigushaho: abakinnyi, kuranga, ishushanyamvugo n'ibindi. Inkuru ndende nshyashya nta kindi bisobanura uretse guhuza abanditsi bose bashakashaka imiterere mishya y'inkuru ndende zashobora kuvuga cyangwa se kurema amasano mashya hagati y'umuntu n'isi, ni ukuvuga abiyemeje guhanga inkuru ndende ari byo kurema. Muri iki gihe usanga inkuru nshyashya isa nk'aho itigeze ishinga imizi. Iyi nkuru ntishingira ku mukinankuru w'imena nk'uko byari bimenyerewe. Umwanditsi aha ijambo abantu benshi kandi muri ngenga ya mbere. Ntumenya uvuga uwo ari we, umubazi w'inkuru arazimira.

Mu nkuru nshyashya, nta nsanganyamatsiko, nta kureshya umusomyi baca igikuba. Abari bamenyereye ibya kera barayirwanyije karahava, bakavuga ko atari ukuri ndetse ko ari igisa n'ubuvanganzo kubera ko yanze kuba basabose. Mu nkuru nshyashya ubona gusa uruhererekane rw'amagambo anyuranye ndetse yivuguruza, ibitekerezo bituzuye, mbese ibintu by'ikivangavange nk'uko isi yari imeze ikiremwa. Kugeza ubu mu Kinyarwanda nta rugero rw'inkuru nshyashya ruraboneka.

**- Inkuru ndende porisi/z'iperereza**

Inkuru ndende porisi yubakiye ku kuvumbura ubuhanga kandi buhorobuhoro wifashishije uburyo busanzwe, uko ibintu byagenze ku kintu kidasanzwe cyabaye. Abashakashatsi n'abanditsi benshi bahuriza hamwe ko inkuru ndende porisi ari iperereza rikorwa ku buryo busanzwe cyangwa se bwa gihanga. Iri perereza riba rigamije kuvumbura, guhishura ikintu cyayoberanye, kitumvikana,

cyabaye imenamutwe. Mu magambo avunaguye inkuru ndende porisi ni inkuru y'umuhigo wa muntu, bakoresheje gutekereza ku tuntu wakwita amafuti bakatubyaza igisubizo.

**Uko inkuru porisi ikura:**

- Habanza insanganyamatsiko igizwe n'ibintu bidashobora gusobanura urebye ikosa ryakozwe.
- Ibimenyetso bidafashije byerekana ukekwa cyangwa abakekwa ; umusomyi n'ingenza baba bafite amahirwe angana yo gusubiza ikibazo.
- Akenshi muri izi nkuru ukekwa arafatwa ariko icyaha yafungiwe kikongera kikaba, bigahita bigaragara ko atari we bigasa n'ibisubiye irudubi.
- Kwitegereza neza ibintu no kubyibazaho.
- Igisubizo kijyanye n'ibyabaye gikomeza kuba urujijo.
- Kwigizayo ibidashoboka byose mu gushakisha igisubizo. Umunyacyaha avumburwa uhereye ku byo wagiye ubona, ntibapfa kumugwaho by'agatunguro cyangwa ngo yivemo.
- Igisigara nubwo cyaba kitakekwaga ni cyo kiba ari igisubizo nyacyo.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo**

**a) Mu mateka y'inkuru ndende ni iyihe nkuru yasohotse bwa mbere? Yasohotse ryari? Yanditswe na nde? Yanditse muruhe rurimi?**

Inkuru ndende yasohotse bwa mbere ni *«Escapade rwandaise». Yasohotse* mu wa 1950. Yanditswe na Saveriyo Nayigiziki, yanditse mu rurimi rw'Igifaransa.

**b) nkuru "Amatsiko y'abato" Ni ubuhe bwoko bw'inkuru?**

Inkuru "Amatsiko y'abato" ni inkuru ndende y'urukundo.

## III.3. Umwandiko: "Twite ku buzima"

### Isomo rya gatandatu: Gusoma no gusobanura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y' iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Mbere yo gusoma umwandiko no kuwusobanura umwarimu abanza kubwira abanyeshuri bakamurika ibyo bakoze mu mukoro wo gusoma inkuru no kuyisesengura. Umwarimu akora ku buryo buri tsinda rimurika ibyo ryakoze, ryarangiza abagize andi matsinda bakaribaza ibibazo ku nkuru basesenguye bamaze kumurika. Iki gikorwa gishobora gufata amasomo abiri.

Iyo ibyo birangiye, mu isomo rya kabiri, umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Twite ku buzima" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Turabona abantu babiri. Umwe araryamye, biragaragara ko arwaye kuko ameze nabi kandi arimo serumu. Undi arahagaze, bigaragara ko ari umuganga uri gufasha uwo murwayi.

**b) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

Uyu mwandiko uraza kuvuga ku buryo umutu yakwirinda indwara zinyuranye. ( Ibisubizo bishobora kuba byinshi byerekeza ku ndwara).

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Twite ku buzima", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya

n'abanyeshuri kubinoza bakandukura ibisubizo binoze mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo abanyeshuri bashobora kudasobanukirwa:**

- **Ubuzima buzira umuze**: ubuzima bwiza, buzira indwara
- **Ururenda**: ibintu by'uruzi bikururuka. (mu gitsina, igi, uruhu,…)
- **Kuryaryata**: kugira ububabare butera kwishimagura
- **Kugagara**: kutabasha gukoresha ingingo z'umubiri.
- **Gukubita igihwereye:** kubyara umwana upfuye

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiri, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ikibazo n'ibisubizo:**

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro wihimbiye: amayasha, imiyoborantanga, ubusugi, kwirinda, imyanya ndangagitsina.**

a) Ibimenyetso bya zimwe mu ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina bigaragarira mu **mayasha.**

b) Iyo **imiyoborantanga** yazibye nta muntu ushobora kubyara ku buryo bworoshye.

c) Abakobwa bagirwa inama zo gukomera ku **busugi**.

d) Twifate kuko **kwirinda** biruta kwivuza.

e) Ntabyara kubera **ubugumba**.

## Isomo rya karindwi: Gusoma no kumva umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko adategwa no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni uwuhe mwandiko twize ubushize?**

Ubushize twize umwandiko witwa “Twite ku buzima”

b) **Ni izihe ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zivugwa mu mwandiko?**

Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zivugwa mu mwandiko ni mburugu, imitezi, uburagaza na Sida.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda hanyuma bagakora igikorwa kiri mu bitabo byabo.

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko “Twite ku buzima” hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw‘ibibazo n’ibisubizo:**

1. **Ni izihe ndwara zavuzwe mu mwandiko?**

Indwara zavuzwe mu mwandiko ni: imitezi, mburugu n’uburagaza.

2. **Indwara twabonye mu mwandiko zihuriye kuki?**

Zihuriye kuba zose zandurira mu myanya ndangagitsina

3. **Umuntu ufite ubuzima buzira umuze ashobora gukorera igihugu ke? Sobanura.**

Umuntu ufite ubuzima buzira umuze ashobora gukorera igihugu ke kuko aba afite imbaraga zihagije, atarangwaho indwara za hato na hato…

4. **Ese kumenya amazina y’indwara ni byo by’ingenzi? Sobanura.**

Kumenya amazina y’indwara si byo by’ingenzi. Ik’ingenzi ni ukumenya kuzirinda, kumenya ibimenyetso byazo ngo umuntu nabyibonaho yihutire kwivuza.

5. **Ni izihe ngaruka umuntu ahura na zo iyo yishoye mu busambanyi akandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?**

Ingaruka umuntu ahura na zo ni: ubugumba, gukuramo inda kenshi, kubyara abana banduye izo ndwara, gutwitira inyuma y’umura, gukubita igihwereye, gupfa amaso ku bana bavukanye izo ndwara igihe batavujwe hakiri kare, kanseri y’inkondo y’umura, gucika igitsina, gupfa,…

6. **Ni ubuhe buryo bwo kwirinda indwara zandurira mu myanya ndangagitsina bwavuzwe mu mwandiko?**

Ni ugukomera ku mugenzo mbonera w'ubusugi n'ubumanzi

## Isomo rya munani: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe. |
| Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Twize isomo ryo kumva umwandiko "Twite ku buzima"

**b) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uwo mwandiko?**

Insanganyamatsiko ivugwa muri uwo mwandiko ni indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

Umwarimu ahera kuri ibyo bisubizo batanze, akabasobanurira ko bagiye gusubiza ibibazo bibafasha kumva byimbitse umwandiko.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**
Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ane, akabasaba gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Twite ku buzima" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Buri tsinda ariha ikibazo cyaryo. Umwarimu agenda agenzura ko bakora icyo gikorwa, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo barangije, asaba itsinda ku itsinda kumurika ibisubizo hanyuma umwarimu agafatanya n'abanyeshuri bakabikorera ubugororangingo, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho,

abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

a) Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

- Uyu mwandiko unyigishije kwirinda ingeso mbi zatuma nandura indwara zifatira mu myanya ndangagitsina.
- Kwirinda ingeso zidushora mu busambanyi.

b) Ni izihe ngingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko?

Ingingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko ni:

- Ubuzima buzira umuze butarangwamo indwara.
- Amwe mu moko y'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina
- Ibimenyetso n'ingaruka by'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.
- Inama zitandukanye…

c) Huza umwandiko "Twite ku buzima" n'ubuzima busanzwe.

Mu buzima busanzwe hari abantu bishora mu mibonano mpuzabutsina bakandura indwara nka mburugu, uburagaza, imitezi, Sida, bakanga kwivuza kubera kugira isoni, zikabageza kure kubera kugira ipfunwe ryo kwivuza.

d) Ni iyihe nama wagira abantu batinya kwivuza indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?

Nabagira inama yo kureka imyumvire y'ubujiji yo kutivuza kuko amagara araseseka ntayorwa.

### III.5.4. Inzira z'itondaguranshinga

### Isomo rya kenda: Indango, ijyana n'irebero

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gutahura inshoza y'itondaguranshinga.<br>- Kugaragaza indango, ijyana n'irebero by'inshinga.<br>- Gukoresha neza indango, ijyana n'irebero by'inshinga mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku itondaguranshinga. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho, agasaba abanyeshuri kuzisoma no

kuzitegereza, hanyuma akababazaho ibibazo.

**Urugero rw'interuro:**

a) Kanyana aragenda.
b) Imitezi na yo ni indwara ikomeye
c) Aba banyeshuri bariyubaha.
d) Uduheri tw'indwara ya mburugu dushobora kwikiza ariko **ntibe** ivuye mu mubiri

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Interuro "Indwara nka mburugu, imitezi n'uburagaza iyo zivuwe neza zirakira" iremeza cyangwa irahakana?**

Iremeza.

**b) Ni iyihe nteruro irimo inshinga ihakana? Iyo nshinga ni iyihe?**

Ni interuro nomero d. Iyo nshinga ni **ntibe.**

**c) Ni iyihe nteruro ifite inshinga idafite icyuzuzo?**

Ni interuro nomere a na c

**d) Umusozo w'inshinga "zirakira" yo mu nteruro ya mbere ni uwuhe?**

Ni a

**e) Ese uwo musozo urerekana igikorwa cyarangiye cyangwa kitararangira?**

Urerekana igikorwa kitararangira.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri basubije akababwira ko bagiye kwiga itondaguranshinga, ko mu itondanguranshinga bareba indango, ijyana n'irebero by'inshinga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma interuro zikurikira witegereza imiterere y'inshinga zitsindagiye hanyuma ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'itondaguranshinga, indango, ijyana n'irebero by'inshinga.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo

a) Kanyana **yakomeje** kurererwa kwa nyirasenge.
b) Kanyana **ntiyabwirizwaga** kwiyitaho.

c) Rubyiruko, **mwirinde** gukora imibonano mpuzabitsina. **Mutegereze** kugeza igihe **muzashingira** ingo zanyu.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, abwira itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze ku ndango, irindi ku jyana, irindi ku irebero. Abagize andi matsinda barakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo buri tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'itondanguranshinga**

Itondaguranshinga ni imihindagurikire y'inshinga mu buryo n'ibihe byayo muri ngenga zose. Inshinga itondaguye ni igaragaza ukora igikorwa, igihe agikorera n'uburyo agikora. Muri rusange itondaguranshinga ni ukuntu inshinga ihindura intego (uturemajambo) yihwanya n'indango, uburyo, ijyana n'irebero.

**b) Indango z'inshinga**

Indango ni ubwumvane buba hagati ya nyakuvuga na nyakubwirwa ku buryo nyakuvuga aba yemeza cyangwa ahakana ingingo ikubiye mu muzi w'inshinga. Bityo rero habaho indango yemeza n'indango ihakana.

**- Indango yemeza**

**Ingero:**

- Imitezi, mburugu n'uburagaza ni indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.
- Kanyana aragenda.
- Teta ashuka Kanyana.

**- Indango ihakana**

**Ingero:**

- Kanyana na Muneza **nti**bakomeje kuganira.
- Kayitesi ati: "**Si**nshobora gukora imibonano mpuzabitsina imburagihe".
- **Nti**muzashukwe n'ababashora mu mibonano mpuzabitsina.
- Amubaza impamvu a**ti**shimye.

**c) Ijyana**

Ijyana ni ukuntu inshinga itondaguye ikenera icyuzuzo cyangwa se inshinga ntikenere icyuzuzo kugira ngo insobanuro yayo yuzure. Habaho amoko abiri y'ijyana ari yo: Ijyana nyacyuzuzo n'ijyana ndekacyuzuzo.

**- Ijyana nyacyuzuzo**

**Ingero:**

- Kanyana yagiye ku ishuri
- Atetse inyama.
- Abana barya imineke.

**- Ijyana ndekacyuzuzo**

**Ingero:**

- Kanyana na Muneza basezeranyeho.
- Arasuzuzugura.
- Aba banyeshuri bariyubaha.

**d) Irebero**

Irebero ni ukuntu inshinga itondaguye mu buryo ubu n'ubu cyangwa mu gihe iki n'iki yumvisha ko igikorwa cyarangiye cyangwa kitararangira. Mu Kinyarwanda habaho amoko menshi y'irebero, muri yo twavuga irebero nkomeza n'irebero nshize.

**- Irebero nkomeza**

Irebero nkomeza rigaragaza ibitararangira mu gihe mvugiro. Rirangwa n'imisozo **-a**, **-aga.**

**Ingero:**

- Abanyeshuri **basoma** ibitabo.
- **basoma:** ba-Ø-som-a, nta tegeko
- **Wasomaga** ibitabo;
- **wasomaga:** u-a-som-aga, u→w/-J

**- Irebero nshize**

Irebero nshize rivuga ibyarangiye gukorwa cyangwa ibiri kuba mu gihe k'imvugiro. Iri rebero rirangwa cyane cyane n'umusozo **-ye.**

**Ingero**:

- Mu gitondo **natemye** ibiti; natemye: n-a-tem-ye, nta tegeko.
- Mu mwaka ushize abanyeshuri **baratsinze**; baratsinze: ba-a-ra-tsind-ye,a→Ø/-J, d+y→z

**Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe,

ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo by'imyitozo n'ibisubizo:**

a) Hindura indango y'inshinga.

- **Nimwandike mutihuta.**
  Ntimwandike mwihuta.
- **Umwana wararutse wamushukisha uduhendabana twonyine.**
  Umwana wararutse ntiwamushukisha uduhendabana twonyine.

b) Tanga interuro irimo inshinga itondaguye:

- Ijyana ndekacyuzuzo: Kanyana aritonda.
- Ijyana nyacyuzuzo: Teta avoma amazi.
- Irebero nshize: Abanyeshuri bize mu gitondo.
- Irebero nkomeza: Kayitesi yiga imibare.

## Isomo rya cumi: Uburyo bw'inshinga

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>Kugaragaza uburyo bw'inshinga itondaguye no gukoresha neza uburyo bwose bw'inshinga mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku itondaguranshinga. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga bikabinjiza mu isomo rishya.

a) Ni irihe somo twize ubushize?
   Ubushize twize indango, ijyana n'irebero by'inshinga.

b) Ni nde wambwira amoko y'irebero inshinga igira?
   Irebero nshize n'irebero nkomeza.

c) Ni nde wampa urugero rw'interuro irimo inshinga ifite irebero nshize.
   Kanyana yagiye kuvoma.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri basubije akababwira ko bagiye kwiga itondaguranshinga kandi ko mu itondanguranshinga bareba uburyo

bw'inshinga.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma interuro zikurikira witegereza imiterere y'inshinga zitsindagiye hanyuma ukore ubushakashatsi utahure uburyo butandukanye inshinga itondagurwamo.*

a) Kanyana **yakomeje** kurererwa kwa nyirasenge.
b) Kanyana **ntiyabwirizwaga** kwiyitaho.
c) Umwana urya neza **akabaho** neza **azana** ibimenyetso by'ubwangavu cyangwa by'ubugimbi hakiri kare.
d) Kanyana na Muneza **basezeranyeho**.

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, asaba itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze abagize andi matsinda bakurikiye, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo bamuritse. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'uburyo bw'inshinga**

Uburyo ni ukuntu inshinga iba imeze. Uburyo ni ukuntu kandi inshinga igaragaza mu ntego yayo imiterere y'ubwumvane iri hagati y'uvuga n'ubwirwa kimwe n'uko uvuga yitwara mu magambo ye. Uburyo bw'inshinga ni ubu bukurikira: ikirango, imbundo, integeko, inyugo, ikigombero, inyifurizo, inziganyo n' insano.

**a) Ikirango**

Ikirango ni uburyo budashidikanya, buvuga igikorwa (cyangwa imimerere) k'ihame, kemeza cyangwa gihakana. Indango yemeza y'ikirango nta karemajambo kayiranga. Indango ihakana irangwa na **nti-** na **si-** . Imisozo y'ikirango ni **–a, -aga** na **–ye.**

**Ingero:**

- Turiga isomo ry'ubuzima bw'imyororokere.

- **Nti**dutema ibiti bikiri bito.
- Ejo nasom**aga** inkuru isekeje.
- **Si**nkora ibyo bambujije.
- Kanyana yagi**ye** i Kigali gusura mubyara we Kayitesi.

**b) Integeko**

Integeko ni uburyo bw'inshinga butanga itegeko. Mu buryo butanga itegeko rero habamo integeko ubwayo hakaba n'intarengwa. Integeko iboneka muri ngenga ya kabiri y'ubumwe ikarangwa n'uko nta ndanganshinga iba igaragaza.

Iyo nta mpagike (inyibutsacyuzuzo) irimo, integeko igira umusozo **–a**.

**Ingero:**

- Vug**a** inshamake y'inkuru wasomye
- Andik**a** inkuru ndende ku nsanganyamatsiko wihitiyemo.

Iyo harimo impagike integeko igira umusozo **–e**

**Ingero:**

- Bivug**e** neza uko byagenze.
- Mwandikire ibaruwa.

**Intarengwa:** ni integeko ihakana ivuga ibibujijwe. Iboneka muri ngenga ya kabiri y'ubumwe n'iy'ubwinshi. Irangwa n'akaremajambo k'impakanyi **–i-** kaboneka imbere y'umuzi utangiwe n'ingombajwi n'impakanyi **-i-ku-** iboneka imbere y'umuzi utangiwe n'inyajwi. Umusozo w'intarengwa uhora ari **–a**.

**Ingero:**

- Wivuga inkuru utahagazeho. u-**i-**Ø-vug-a,
- Mwibeshya abangavu ku birebana n'ubuzima bw'imyororokere. mu-**i**- Ø-beshy-a u→w/-J)
- Wikwandika nabi ibyo wasabwe. u-**i-ku-** Ø-andik-a,
- Mwikwambuka ngo mujye mu Mujyi wa Kigali: mu-**i-ku-** Ø-amb-uk-a u→w/-J).

**c) Inyungo**

Uburyo bw'inyungo ni ubuvuga igikorwa gikurika ikindi gikorwa. Mu ndango yemeza nta karemajambo kihariye kaburanga, ariko mu ndango ihakana burangwa n'akaremajambo **–ta-.** Mu ndango zombi kandi hashobora gukoreshwamo imisozo **–a, -aga, -ye**.

**Ingero:**

- Amusanga mu nzira **ahagaze**.

- Yagiye a**ta**muhaye ibyo guteka.

**d) Imbundo**

Imbundo ni uburyo bw'inshinga bukoresha indanganteko imwe ikunze kwitwa iy'izina ryo mu nteko ya 15 (**-ku-**) ikagira n'umusozo **-a**. Uburyo bw'imbundo buvuga igikorwa cyangwa imimerere hatagaragazwa uwo bivugwaho. Ubu buryo buboneka mu ndango yemeza n'ihakana bushobora no kuboneka mu nzagihe.

**Ingero:**

- kuvuga: **ku**- Ø-vug-**a,**
- kutavuga: ku-**ta**- Ø-vug-a,
- kuzavuga: ku-**za**-vug-a..

**e) Ikigombero**

Ikigombero ni uburyo bw'inshinga buvuga igikorwa gishingiye ku kifuzo. Ikigombero kivuga igikorwa ngombwa kuko kifujwe.

**Ingero**:

- Namubwiye ngo **avuge** amakuru yakuye mu itorero.
- Nagende **yihane** kujya ashuka abana bato.
- Ndagira ngo **utahe**.

Ikigombero gitandukanye n'integeko irimo impagike kuko integeko yo nta ndanganshinga iba ifite.

**Ingero:**

- bivuge: **Ø**-Ø- bi-vug-e (integeko)
- Ubivuge: **u**- Ø-bi-vug-e (ikigombero)

**f) Inziganyo**

Inziganyo ni uburyo buvuga igikorwa kibaho habaye ikindi. Ni ukuvuga igikorwa cyashoboka haramutse habaye ikindi gikorwa. Inziganyo itondagurwa mu ndagihe no mu nzagihe. Inziganyo irangwa n'akaremajambo **–a-** imbere y'umuzi utangiwe n'ingombajwi na **–a-ku-** imbere y'umuzi utangiwe n'inyajwi.

**Ingero**:

- Mukoranye umwete **mwakira** vuba. mu-**a-**kir-a u→w/-J
- Mbonye ubushobozi **nakwiga.** n-**a**-**ku**-ig-a u→w/-J
- Ubonye umwanya **wazadusura.** u-**a**-zaa-tu-sur-a u→w/-J; t →d/-GR
- Mukurikije inama z'ababyeyi **ntimwahura** n'ingorane. nti-mu-**a**-hur-a u→w/-J
- N**ûutaahâ** ndaaza.

**g) Inyifurizo**

Inyifurizo ni uburyo buvuga icyo umuntu yiyifuriza cyangwa yifuriza undi (nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa). Hashobora kwifuzwa ibyiza cyangwa ibibi. Kwifuza ibibi ni ugutukana. Inyifurizo irangwa n'uturemajambo dukurikira: **-ka-, -ra-ka-, -ra-, -oo-ka/-aa-ka**. Umusozo ushobora kuba **-a cyangwa -e.**

**Ingero**

- **ka**-: kabyare: Ø- ka-byar-e,
  gaheke: Ø- ka-hek-e  k →g/-GR
- **ra-ka**: muragakira: mu-ra-ka-kir-a  k →g/-GR;
  murakarama: mu-ra-ka-ram-a
- **ra**-: muragwire: mu-ra-gwir-e
- **oo-ka/-aa-ka**: mwokabyara mwe: mu-oo-ka-byar-a  u→w/-J;

**h) Inkurikizo**

Inkurikizo ni uburyo bwumvisha igikorwa cyose gikurikira ikimaze kuvugwa.

**Ingero**:

- Umwana urya neza, **akabaho** neza azana ibimenyetso bw'ubwangavu hakiri kare.
- Arahinga, **akavoma, agatashya.**

**i) Insano**

Insano ari na yo nsobanuzi ni uburyo bw'inshinga burangwa no gusobanura ikivugwa. Inshinga itondaguye muri ubu buryo ikurikira izina ry'ikintu isobanura.

**Ingero**:

- Umurimo **dushinzwe** tuwukorane umwete.
- Imirima **bahinga** ni iyabo.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiri, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:**

Ubaka interuro ukoresha uburyo bw'inshinga bukurikira: ikirango, imbundo,

inziganyo n'integeko.

**Ikirango**

- Ejo **naganiriye** na mubyara wange kubuzima bw'imyororokere.
- Mu gihe **twaganiraga**, yangiraga inama.
- Ubu **ndiga** cyane ngo nziteze imbere.

**Imbundo**

- **Kubaza** bitera **kumenya**
- Umukobwa yatwise akirimuto none **kuzabyara** ntibyoroshye.

**Inziganyo**

- Mboye uburyo n'umwanya nagusura.

**Integeko**

- **Jya** ku isoko.

### III.5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatatu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Ugendeye ku nshoza no ku turango tw'inkuru ndende, himba agace k'inkuru ndende ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere n'ubwoko bw'inkuru wihitiyemo, ku buryo uzayisomera bagenzi bawe mu ruhame. Inkuru yawe ntirenze impapuro makumyabiri kandi ntige no munsi y'ipapuro icumi. Kubera ko uba uhimbye agace k'inkuru, kora ku buryo inkuru yawe undi muntu cyangwa wowe ubwawe ushobora kuyikomeza

**Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:**

Umwarimu yibutsa abanyeshuri kubanza gushaka ingingo z'ingenzi bazahangaho umwandiko zijyanye n'insanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere. Mu gihe bandika, umwarimu abibutsa kubahiriza amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

## III.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi

bikubiye mu mutwe wa gatatu bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

- Muri uyu mutwe twasomye tunasesengura inkuru ndende ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere.
- Twungutse amagambo menshi avuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima bw'imyororokere.
- Muri uyu mutwe kandi twabonye inshoza y'itondaguranshinga.
- Twasesenguye tunasobanukirwa indango, ijyana, uburyo n'irebero.
- Gukora ubushakashatsi nkaba nafata umwanya wo gusobanurira abandi ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.
- Gushishikariza abandi gusoma inkuru ndende zinyuranye, kuzisesengura no kuzibara

## III.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatatu** |
|---|
| Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:<br>- Gusoma no gusesengura inkuru ndende.<br>- Guhanga inkuru ndende<br>- Gukoresha neza inzira z'itondaguranshinga. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma riri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke. Iyo barangije kurikora, umwarimu akosora buri munyeshuri, akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesenguraumwandiko**

**1. Abana be barakura baragimbuka, bakoma inkanda ya se. Sobanura ugendeye ku bivugwa mu mwandiko?**

Bishatse kuvuga ko abana be bakuze bakagendera ku myumvire ya se bakitwara nk'uko na we yitwaraga.

**2. Rondora indwara zivugwa mu mwandiko zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye.**

Sida, imitezi, mburugu n'uburagaza

**3. Ni iki kigaragaza ko abavandimwe ba Nagahire batigeze bakurikiza inama yabagiraga?**

Ikibigaragaza ni uko bamwe muri bo banduye Sida, irabakenesha, irabahemuza, ibatesha agaciro, bafumbira umunaba bakiri bato, abasigaye nab o babaho mu buzima bugoye.

**4. Garagaza ibimenyetso biranga ubwangavu n'ubugimbi.**

Ibimenyetso biranga ubwangavu: gutangira kujya mu mihango, kumera amabere, kumera incakwaha, kubyibuha amabuno n'amatako, isuku itavaho n'ibindi.

Ibimenyetso biranga ubugimbi: kuniga ijwi, kumera insya, kumera inshakwaha, kumera impwempwe, kumera ubwanwa, gutangira kwiroteraho n'ibindi.

**5. Ni iyihe nsanganyamatsiko yavuzweho muri iyi nkuru?**

Insanganyamatsiko yavuzweho mu mwandiko ni "Ubuzima bw'imyororokere"

**6. Vuga ingingo z'ingenzi ziboneka muri uyu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi ziboneka muri uyu mwandiko ni:

- Ubuzima bw'imyororokere;
- Ibimenyetso biranga ingimbi n'abangavu;
- Ibibi byo kutamenya imihindagurikire y'umubiri wacu - Ingaruka z'ubusambanyi.

**7. Uretse kwandurira mu mibonano mpuzabitsinda ni hehe handi uzi indwara ya Sida ishobora kwandurira?**

Ahandi hantu Sida ishobora kwandurira ni mu gukoresha ibyuma bikomeretsanya umuntu urwaye agakoko gatera Sida amaze gukoresha, gutera urushinge umuntu wanduye agakoko gatera Sida na we ukaba wakwikomeretsa.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

**1. Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira ukurkije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

a) bakoma inkanda: bakurikiza imico, imigenzereze ya se.

b) Gucurangira abahetsi: kubwira intumva

c) Imirondorondo y'ibijumba: imigozi y'ibijumba

d) Koroza: Guha umuntu ikintu aheraho (itungo cyangwa imyaka) kugira ngo yiteze imbere.

**2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro yumvikanisha inyito afite mu mwandiko: kugimbuka, imbata, guca inshuro, kugunduka, gukukumba**

**Kugimbuka:**

Abana be bamaze kugimbuka, ubu asigaye abatuma ku isoko.

**Imbata:**
Abantu babaye imbata y'ibiyobyabwenge badindiza imiryango yabo.

**Guca inshuro**

Yarahinze ararumbya none agaburira umuryango we ari uko avuye guca inshuro.

**Kugunduka:**
Iyo umuntu ahinze imyaka mu butaka bwagundutse ntabona umusaruro.

**Gukukumba**
Iyo imvura iguye isuri ikukumba ibintu byose ikabita muri ruhurura.

**3.Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo atsindagiye yakoreshejwe mu mwandiko impuzanyito zayo.**

a) Abantu bapfuye bafumbiye umunaba bishwe na Sida ni benshi.
b) Abantu bapfuye bishwe na Sida ni benshi.
c) Uzi kurera umwana nta rwara rwo kwishima wigirira?
d) Uzi kurera umwana nta mutungo na muke wigirira?
e) Kamana ntakibona umusaruro uhagije kubera ko ubutaka bwe bwagundutse.
f) Kamana ntakibona umusaruro uhagije kuko ubutaka bwe bwashizemo ifumbire.

**III. Ibibazo ku nkuru ndende**

**1. Huza abanditsi bo mu ruhushya A n'ibitabo byabo biri mu ruhushya B**

| A | B |
|---|---|
| 1. Munyakazi, S. | a. Mwanankundi, 1975 |
| 2. Rukebesha, A. | b. Umusiramu, 1973 |
| 3. Nsanzubuhoro, V. | c. Mariya Kantarama, 1998 |
| 4. Kamugunga, C. | d. Nyirabirahunga, 1970 |
| 5. Karege F. | e. Yatashye atagomba, 1987 |
| 6. Niyonteze, P. | f. Ntabyera, 1971 |
| 7. Uwamungu, J. | g. Giramata, 1988 |
| 8. Nkurikiyumukiza, F. | h. Nyirabayazana, 1981 |
| 9. Niyitegeka, M.Y. | i. Ntabajyana, 1952 |
| 10. Rugema, A. | j. Ishavu ry'abato, 2000 |

| | |
|---|---|
| 11. Furere, R.M. | k. Rwemerikije, 1988 |
| 12. Karenzi, F. | l. Imari ya shuni, 1981-1982 |

**Ibisubizo**

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| 1 | I |
| 2 | D |
| 3 | F |
| 4 | B |
| 5 | A |
| 6 | L |
| 7 | H |
| 8 | E |
| 9 | G |
| 10 | K |
| 11 | C |
| 12 | J |

**2. Sobanura inkuru ndende icyo ari cyo mu magambo make.**

Inkuru ndende nk'uko iryo zina ribivuga ni inkuru iba ari ndende, ibarwa n'umubarankuru avuga uko yagenze. Bamwe mu basesenguzi b'inkuru ndende bayivuga berekana ko igomba kuvuga ibyabayeho ndetse umwanditsi akavuga ubuzima bwe; ibyamubayeho. Abandi bati: "Igomba kuba ari inkuru y'impimbano n'ubwo ibyo ivuga byashobora kubaho." Igihurirwaho na benshi ni uko inkuru ndende igomba kuba ifite inkuru ibara, uruhererekane rw'ibikorwa. Ibi babishimangira bagira bati: "Inkuru ndende ni uruhererekane rw'ibikorwa mpimbano bishobora kubaho cyangwa byabayeho, ikaba ifite imisusire ya gihanga kandi nyabugeni igaragaza ko umwanditsi ari intyoza mu kubara inkuru, mu kuyiha imiterere myiza y'ibikorwa no kubikurikiranya."

**3. Rondora ibiranga inkuru ndende**

Inkuru ndende irangwa n'imiterere yayo; ibarankuru, abakinankuru (abantu cyangwa inyamaswa), kuba hari ikivugwa, kuba hari ahantu n'igihe kibera, kubaari ndende (akenshi hagati y'impapuro 100 na 250) kuba hari uburyo ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma, ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa.

**4. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'inkuru ngufi n'inkuru ndende?**

| Inkuru ndende | Inkuru ngufi |
|---|---|
| - Inkuru ndende igira abakinankuru benshi n'ibikorwa byinshi.<br>- Inkuru ndende isobekeranya inkuru nyinshi nubwo insanganyamatsiko aba ari imwe.<br>- Umugendo w'inkuru ndende usanga ugenda ucurikiranya ibikorwa.<br>- Usanga utubugankuru cyangwa se ahakinirwa ari henshi. | - Inkuru ngufi igira abakinankuru bake n'ibikorwa bike.<br>- Inkuru ngufi iba yubakiye ku nkuru imwe rukumbi.<br>- Umugendo w'inkuru ngufi uba ugiye umujyo umwe.<br>- Aho inkuru ibera ntihagomba kuba henshi. |

**IV. Ibibazo by'ikibonezamvugo**

**1. Ubaka interuro ukoresha uburyo bw'inshinga bukurikira:**

ikigombero, inyifurizo, inkurikizo n'insano.

**a) Ikigombero**

- **Ubivuge** bitazagukoraho.

**b) Inyifurizo**

- Urakabyara.

**c) Inkurikizo**

- Arabyuka akoga, akambara, ...

**d) Insano**

- Akazi **dukora** karakomeye

**2. Kora interuro ebyiri ziboneye, imwe ifite inshinga iri mu njyana nyacyuzuzo irebero nkomeza, indi ifite ijyana ndekacyuzuzo irebero nshize.**

- Ijyana nyacyuzuzo irebero nkomeza: Kanyana akunda nyirasenge
- Ijyana ndekacyuzuzo irebero nshize: Twariye none twahaze.

## III.8. Ibikorwa by'inyongera

### III.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe, akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite.

Ku bafite ikibazo cy'ubushobozi bwo kumva no gusesengura inkuru ndende no kuyikorera ishushanyabikorwa, umwarimu abashakira ikindi gice k'inkuru akababaza ibibazo bindi.

Ku bafite ibibazo mu gusobanura inkuru ndende, umwarimu abagenera undi mwanya bagasubiza ibindi bibazo yababajije ku nkuru ndende.

Ku bafite ibibazo ku itondagura nshinga, umwarimu abashakira indi myitozo y'itondaguranshinga.

**Urugero rw'imyitozo yabaha:**

1. **Inshinga ni iki?**

Inshinga ni ijambo ryumvikanisha igikorwa, imico cyangwa imimerere ya ruhamwa mu nteruro.

2. **Amoko y'inshinga ni ayahe?**

Mu Kinyarwanda hari inshinga idasanzwe/ nkene cyangwa mburabuzi imbundo cyangwa inshinga isanzwe (itondaguye).

3. **Uzuza ibiri mu ruhushya rwa kabiri ukurikije uko amagambo atsindayiye yatanzwe mu nteruro ajyana n'indango, irebero, ijyana cyangwa ikirango.**

| Interuro | indango, irebero, ijyana cyangwa ikirango |
|---|---|
| Abangavu bagira isuku | Irebero (nkomeza) |
| Abo bakobwa bariyubaha cyane. | Ijyana (ndekacyuzuzo) |
| Ntidushyingira abana | Ikirango |
| Muneza ahanura Kanyana. | Indango (yemeza) |
| Abasore banditse amabaruwa menshi y'urukundo. | Irebero (nshize) |

### III.8.2 Umwitozo nyagurabushobozi

**Hina umwandiko "Rubyiruko twirinde" mu mirongo itarenze cumi n'itanu.**

Umwarimu azareba ko bahinnye umwandiko "Rubyiruka twirinde" bagendeye kungingo zingenzi ziwugize.

### I.8.3. Imyitozo y'inyongera

**Urugero rw'ikibazo:**

**Garagaza uko ishushanyabikorwa riteye mu nkuru "Amatsiko y'abato".**

Umwarimu arareba uko abanyeshuri basesengura umwandiko wose bahawe bagaragaza:

**Nyiri ubwite** nk'umukinankuru mukuru inkuru iba ishingiyeho ufite intego agamije kugeraho muri iyo nkuru.

**Ikigamijwe** ari icyo umukinankuru mukuru aba agamije kugeraho mu nkuru. Ni intego aba yahawe n'umwanditsi w'inkuru.

**Ugenera** nk'igituma umukinankuru mukuru agira intego afite muri iyo nkuru. Ashobora kuba undi mukinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma agira intego runaka.

**Ugenerwa** ari we kandi nyiri inyungu; ni uwo ari we wese mu nkuru wagira icyo yunguka mu gihe umukinankuru mukuru ageze ku cyo yari agamije mu nkuru.

**Abafasha** nk'abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru agera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumushyigikira mu rugendo rwe rwose kimufasha, kabone n'iyo atakigeraho mu irangira ry'inkuru.

**Imbogamizi** nk'abakinankuru cyangwa ikindi kintu gishobora, mu nkuru, gutuma umukinankuru mukuru atagera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumubangamira mu rugendo rwe rwose kimubuza amahirwe kabone n'iyo yagera ku cyo yari agamije mu irangira ry'inkuru, ariko kikaba cyamubangamiraga.

## III.9. Amakuru y'inyongera

### Inkuru ndende

Mu mateka y'inkuru ndende nyarwanda, habarirwamo n'izanditwe n'abazungu nka *Des milles collines aux neuf volcans* yamditswe na M. Gevers,1953 cyangwa *Il neige sur le frangipanier* D. Beaulieu, 1978.

Igihe wandika izina ry'inkuru ukoresheje mudasobwa, wandika inyandiko iberamye. Naho iyo uyandikisha ikaramu n'intoki uca umurongo munsi y'izina ry'inkuru.

Amateka y'inkuru ndende mu Rwanda atangira mu 1950 kuko ariho umwanditsi wa mbere w'Umunyarwanda yagaragaye mu rubuga rw'abanditsi ndetse mpuzamahanga. Iyi nkuru ni *Escapade ruandaise* ya S. Nayigiziki yatangajwe mu 1955.

Zimwe mu mpamvu zituma *Matabaro ajya iburayi* ya A. Kagame na *Kanyarwanda* ya Groupe Scolaire Astrida zitabarirwa mu nkuru ndende ni uko usanga ziri hagati y'amapaji atanu na cumi n'atanu. Gusa ibi ntibivuze ko F.X. Munyarugerero

azibara nk'inkuru ndende naho G. Mbonimana na J. C. Nkejabahizi bo bakazifata n'inkuru ngufi.

**Ibyo umwarimu yitaho:**

Umwarimu ashishikariza abanyeshuri kwitabira gusoma no gukurikira ibinyamakuru binyuranye bivuga ku buzima bw'imyororokere. Muri ibyo binyamakuru harimo Museke weya, Ni nyampinga n'ibindi.

Umwarimu ashishikariza abanyeshuri kandi gusoma inkuru ndende zinyuranye, bakazisesengura kandi bakazikorera inshamake.

# UMUTWE WA 4

# KUBAKA UMUCO W'AMAHORO

## IV.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku ntandaro n'ingaruka z'amakimbirane, agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusesengura inshinga ,agaragaza intêgo n'amategeko y'igenamajwi.

## IV.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Ibigaragaza abantu babanye mu mahoro nko kutarwana, kudasagaririrana,kudatukana,..
- Inshoza y'inshinga, amoko y'inshinga n'inzira z'itondaguranshinga.

## IV.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu matsinda y'abanyeshuri, aho umwarimu avanga ibitsina byombi. |
| Umuco w'amahoro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko" Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane", aho basobanura uko amakimbirane akemuka. |
| Jenoside | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu isuzuma risoza umutwe, mu bivugwa mu mwandiko "Gukumira no kurwanya jenoside", mu bibazo byo kumva no gusesengura umwandiko |

## IV.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bw'ikusanyabitegerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kigurikira.

**Igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Ushingiye ku bumenyi bwawe, sobanura amakimbirane icyo ari cyo, uko avuka, ingaruka zayo n'abagira uruhare mu kuyakumira no kuyakemura.*

Umwarimu atega amatwi ingingo abanyeshuri batanga ku makimbirane icyo aricyo, uko avuka, ingaruka zayo abagira uruhare mu kuyakumira no kuyakemura, maze akagrnda abafasha kunoza ibisubizo byabo.

## IV.5. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe agenewe

| **Umutwe wa wa kane: Kubaka umuco w'amahoro** | | **Umubare w'amasomo: 30** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko | Gusoma umwandiko, gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha mu mvugo no mu nyandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko | Gusesengura umwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kane:** Kungurana ibitekerezo | Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko bahawe. | Isomo 1 |
| **Inshinga: Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga** | | |
| **Isomo rya gatanu:** Uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo n'utw'inshinga itondaguye | - Kugaragaza uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo n'utw'itondaguye. | Amasomo 3 |
| **Isomo rya gatandatu:** Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku nshinga | - Kugaragaza amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku nshinga. | Amasomo 3 |
| **Umwandiko: Yahabaye intwari** | | |
| **Isomo rya karindwi:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusobanura amagambo adasobanukiwe no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. | **Amasomo 2** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya munani:** Gusoma no kumva umwandiko**.** | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kenda:** Gusoma no gusesengura umwandiko**.** | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | Amasomo 2 |
| **Inshinga : Uturemajambo tw'inshinga twungirije** | | |
| **Isomo rya cumi:** Inshoza n'ubwoko by'uturemajambo twungirije | - Gutahura inshoza no kugaragaza uturemajambo twungirije tw'inshinga | **Amasomo 3** |
| **Isomo rya cumi na rimwe:** Ingereka (GRK) | - Gutahura inshoza y'ingereka no kugaragaza ubwoko bwazo. | **Amasomo 3** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.** | | **Amasomo** 2 |
| **Isuzuma risoza umutwe wa kane** | | **Amasomo** 3 |

**Ikitonderwa:** Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

### IV.5.1. Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| |
|---|
| **Intego zihariye** Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko |
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko *"Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane"* bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

a) Murabona iki kuri iyi shusho?

Kuri iyi shusho, turahabona abantu bari mu matsinda atatu atandukanye.

b) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Uyu mwandiko uraza kuba uvuga ku makimbirane n'uko umuntu yayahosha.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Igikorwa**

*soma umwandiko "Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane", ushakemo amagambo mudasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakandukura ibisubizo binoze mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**Intandaro:** Impamvu cyangwa inkomoko y'ikintu cyangwa impamvu ikintu iki n'iki kuba cyangwa cyabayeho; imvano.

**Igitandaro:** Ijambo ryo guhiga rivuga umwaku.

**Amakimbirane:** Ukutumvikana kw'abantu bagahora bacagagurana, igugu, amapigâne.

**Guhwika:** Gutuma ikintu gihwama cyangwa gica bugufi; iyo bavuga umuntu, kurangiza ibiribwa cyangwa ibinyobwa mu kanya gato, korera, gutema.

Kwisumbura mu miterere cyangwa mu migenzereze ku buryo bugana ku bwifuzwa.

**Guhwikwa:** Kwibwa n'agatotsi ugasinzira. Urugero: Mu kanya ibyo uvuze simbyumvise nari mpwitswe.

**Guhigama:** Kwitambika imbere y'ikintu cyangwa y'umuntu ukamubuza kugera ku cyo yashakaga, kuberereka.

**Guca iminyururu:** Kwigobatora icyakubangamiraga.

**Umunyururu, umunyororo:** Ikiziriko gikoze mu twuma dusobekeranye; igihe umuntu amara afunzwe.

**Kunera umunyururu:** Kuba uri mu buroko kubera igihano.

**Karande:** Uruhererekane

**Gusenyera umugozi umwe:** Guhuza umugambi.

**Umusemburo:** Ibyo babeteza inzoga y'ikigage kugira ngo ishye.

**Guteka umusemburo:** Kuwutegura; gukorwa n'inzoga vuba; kurakazwa n'ubusa.

**Gusuzugura:** Kudaha agaciro umuntu cyangwa ikintu.

**Kunegura:** Kuvuga inenge cyangwa imyitwarire mibi y'umuntu.

**Gukiranura:** Gukiza abashyamiranye bashaka kurwana.

**Kubogama:** Gukikira ukuri ukaba warengera uwaba arenganya undi.

**Nyangamugayo:** Umuntu udahemuka.

**Igitugu:** Ubutegetsi bwa kiboko.

**Umuhuza:** Umuntu uhuza abantu babiri bari bafitanye amakimbirirane.

**Kwigomwa:** Kwihangana ukagira ibyo ureka.

**Guhora:** Kugira icyo ukora ku muntu cyangwa ku nyamaswa cyangwa ku kintu tugamije kwishyura ibyo nawe wakorewe.

**Guhora:** Kwiyaka by'umubiri, kuzinga iminkanyari, kunanuka ubitewe n'ubusaza cyangwa indwara cyangwa umuze; guhoondooka. Gutanga ikintu ho ihooro ngo bakwambutse cyangwa bakwambukirize ibintu mu bwato.

Gutanga amafaranga ku biro bya gasutamo kugira ngo ibicuruzwa ushaka gusohora cyangwa kwinjiza bitambuke cyangwa byinjire. Nudahoora ibintu byawe bizahera muri gasutamo.

**Kujya imunanu:** Kurwana kw'abantu bagundagurana.

**Gusiragira:** Kujya ahantu wikurikiranya inshuro nyinshi utarabona icyo ushaka, gucuragana, kubyinagira, kudihiriza.

**Indezo:** Ikintu k'ishimwe, k'igihembo, umuntu aha uwamurereye umwana kugeza igihe akuriye; icyo umuntu aha umurerera umwana akakimutungisha.

**Kugora:** Gukomerera umuntu cyangwa ikintu cyangwa kumurushya.

**Kwidagadura:** Gukora ibyo ushaka bikunezeza nko gukina, kubyina…

**Guteganya:** Gushyira ibintu kuri gahunda kugira ngo ubikore cyangwa bikorwe

### 3. Imyitozo

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu

makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Kora interuro ngufi ukoresheje amagambo akurikira: gusiragira, gukimbirana.**

- Aba bantu bahora basiragira ku murenge.
- Umuntu uhora akimbirana, abantu baramwirinda.

**b) Simbuza ijambo (amagambo) ryanditse mu mukara tsiri, irindi bivuga kimwe riri mu mwandiko.**

- Uru rubanza rwabaye **inkomoko** y'urwango hagati ya Kamana na Barigira.

  Uru rubanza rwabaye **intandaro** y'urwango hagati ya Kamana na Barigira.
- Ejo Kamana **yibwe n'agatotsi arasinzira** maze abajura bamwiba ibikoresho by'ubwubatsi.

  Ejo Kamana **yarahwitswe** maze abajura bamwiba ibikoresho by'ubwubatsi.
- Mukamusoni yahawe inka **yo kurera umwana yabyaranye** na Rwubusisi.

  Mukamusoni yahawe inka **y' indezo** na Rwubusisi.)

**c) Andika imbusane y'ijambo ryanditse mu mukara tsiri urikuye mu mwandiko:**

- Uyu ni wa mugabo wahisemo kwitwa **bihemu.** (Inyangamugayo.)
- Ibi byabaye **iherezo** ry'amakimbirane. (Intandaro.)

**d) Uzuzurisha buri nteruro ijambo rivuye mu mwandiko.**

- Aba bagabo bakeneye kugira ngo amakimbirane yabo ahoshe. (**umuhuza**)
- Bwa butegetsi bwa (Hitireri) Hitler bwari ubutegetsi bw'……. kuko bwarenganyaga abantu. (**igitugu**)

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko adategwa  no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?** Umwandiko duheruka kwiga ni "Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?** Wavugaga ku nsanganyamatsiko yo kubaka umuco w'amahoro, tumenya ibitera amakimbirane maze tukabikumira kugira ngo ingaruka zayo zitatugeraho.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda hanyuma bagakora igikorwa kiri mu bitabo byabo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Tanga ingero z'ubwoko bw'ibibazo by'ingenzi biboneka mu makimbirane.**

Ibibazo bikomoka ku bwicanyi, ibibazo by'imirima n'amasambu, ibibazo by'umutungo, amahugu no kwambura, ibibazo bikururwa no gushaka abagore benshi n'ibindi.

b) **Andika inkomoko z'amakimbirane.** Imiyoborere mibi, imyumvire ya politiki kandi itandukanye, ubukene (abasangira ubusa bitana ibisambo), amacakubiri, ubunebwe, ubujiji, inda nini na ruswa, imiturire mibi, abapfakazi benshi n'abana batiga,…

c) **Tanga uburyo bujyanye n'ingero, ihohotera ryigaragarizamo.**

| Ihohotera ryo mu bikorwa | Ihohotera ryo mu magambo | Ihohotera ryo mu myifatire |
|---|---|---|
| - Kurwana<br>- Kwica<br>- Gusinda<br>- Gufata ku ngufu<br>- Kubabazanya agashinyaguro | - Gutongana<br>- Gutukana<br>- Guseka abandi<br>- Kubeshya<br>- Kunegura<br>- Gusebanya<br>- Kujoga<br>- Kumwaza<br>- Gutera urubwa. | - Gusuzugura<br>- Kunigana abandi ijambo<br>- Kurimanganya (gukoresha uburiganya)<br>- Guhimana |

d) **Sobanura uburyo amakimbirane ashobora gukemurwamo.**

- Kumenya imiterere n'imvano nyakuri y'amakimbirane,
- Guhuza abafitanye amakimbirane no kubunga,
- Kubahiriza amategeko ariho no kuyifashisha hakemurwa amakimbirane,
- Kumenya no gushyira mu bikorwa amahame y'ubuyobozi bwiza,
- Guhugura abantu bose ku buryo bwo kwikemurira amakimbirane,

**e) Ni izihe ndangagaciro zigomba kuranga ukemura amakimbirane?**

- Kutabogama,
- Kugira ibanga,
- Gutega amatwi no kumva,
- Kumenya kuyobora igikorwa
- Kwirinda kugira ibyo akekera cyangwa ahamya undi,
- Kwirinda kunegura no gufata ibintu uko utabibwiwe,
- Kumenya kwihangana no kwigomwa,
- Kuba afitiwe ikizere n'impande zishyamiranye,
- Kumenya kugena igihe gihagije kandi kitarambiranye…

**f) Ni izihe mpamvu zishobora kubangamira ikemurwa ry'amakimbirane?**

Zimwe mu mpamvu zishobora gutuma amakimbirane mu baturage atabonerwa umuti:

- Abayobozi bamwe bashyira inyungu zabo bwite aho kwita ku kazi bashinzwe.
- Gukoresha abakoresha ikenewabo.
- Ikimenyane n'ubucuti bagatinda gufata ibyemezo.
- Gushaka kumvisha abo batavuga rumwe.
- Kwaka no gutanga ruswa, kwanga kwiteranya,
- Ubushishozi buke …

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura umwandiko, agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.<br>- Kugaragaza intandaro n'ingaruka by'amakimbirane no gusobanura uburyo bwo gukumira amakimbirane. |

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri.

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Twize isomo ryo kumva umwandiko.

b) Muri iryo somo twakoze iki?

Twasubije ibibazo byo kumva umwandiko.

Umwarimu ahera kuri ibyo bisubizo batanze, akabasobanurira ko bagiye gusubiza ibibazo bibafasha kumva byimbitse umwadiko

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ane, hanyuma akabasaba gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo. Buri tsinda ariha ikibazo cyaryo agatanga amabwiriza, hanyuma akazenguruka agenzura uko bakora, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo bakirangije, asaba itsinda ku itsinda kumurika ibisubizo byaryo, hanyuma umwarimu agafatanya n'abanyeshuri bakabikorera ubugororangingo, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

a) Vuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko "Intandaro n'ingaruka z'amakimbirane.

- Inshoza y'amakimbirane.
- Intandaro y'amakimbirane.
- Uko amakimbirane akemurwa.
- Ibiranga ukemura amakimbirane.
- Ingaruka z'amakimbirane.

b) Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?

- Kubaka umuco w'amahoro.
- Si byiza kugirana amakimbirane na mugenzi wange.
- Uwiroshye mu makimbirane agerwaho n'ingaruka zikakaye.

c. Mubanyeshuri mwigana, mu bana muturanye hari abigeze kugirana

amakimbiri ? Niba bahari, amakimbirane yatewe n'iki?

- Umwarimu atega amatwi ibisubizo binyuranye abanyeshuri batanga

d. Umaze kumenya ingaruka z'amakimbirine. Uramutse usanze bagenzi bawe mwigana bagiranye amakimbirane wakora iki?

- Nabasaba kubunga babyemera nkabanza kumenya intandaro y'icyo bapfuye hanyuma nkabunga ntabogama

### Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura insanganyamatsiko zatanzwe no kuzunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.<br>- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku bumwe n'ubwiyunge, ku gukemura amakimbirane. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw'ibibazo n' ibisubizo:**

a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?

Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka gusesengura ni ijyaye n'intadaro n'igaruka z'amakimirane.

b) Ni ibiki bishobora kuba intandaro z'amakimbirane?

Ibishobora kuba intandaro z'amakimbirane ni ubuyobozi bubi, amacakubiri, ubukene, ubujiji, inda nini , n'ibindi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu matsinda yabo, bafatanya n'umwarimu maze bagatanga umwanzuro ku kibazo bunguranyeho ibitekerezo.

**Urugero rw' insanganyamatsiko n'urugero rw'umwanzuro:**

*Ni ubuhe buryo bunyuranye bwo gukumira amakimbirane.*

Bumwe mu buryo bwo gukumira amakimbirane:

- Kubaka umuco w'amahoro hategurwa gahunda z'ibiganiro ku ngaruka z'amakimbirane, hategurwa ubusabane; imikino itandukanye,...
- Kubabarira;
- Guha abatu uburenganzira bungana;
- Kurwanya ruswa, itoneshwa n'akarengane;
- Ubuyobozi bwiza;
- Kwimakaza ibiganiro: abantu bakaganira ku kibazo bafitanye bakagishakira umuti
- (...)

### IV.5.2. Inshinga: Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga

### Isomo rya gatanu: Uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo n'utw'inshinga itondaguye

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura inshinga, agaragaza uturemajambo tw'ibanze. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika interuro ku kibaho, agasaba abanyeshuri kuzisoma maze akabaza ikibazo kiganisha ku isomo bagiye kwiga.

**Urugero rw'interuro:**

a) Amakimbirane yo mu ngo **yafashe** indi ntera.

**b) Kwanga** ingengabitekerezo ya jenoside n'indangagaciro ikwiriye kuranga Umunyarwanda wese.

**Urugero rw'ikibazo yababaza n'igisubizo:**

Muri izi nteruro amagambo **"yafashe", "kwanga"** ni ubuhe bwoko bw'amagambo?

Yafashe: inshinga itondaguye.

Kwanga: inshinga iri mu mbundo.

Umwarimu ahera ku gisubizo cy'abanyeshuri, maze akababwira ko bagiye kwiga uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga itondaguye n'utw'inshinga ir mu mbundo.

## 2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Soma interuro zikurikira witegereza amagambo atsindagiye, hanyuma ugaragaze intego z'ayo magambo atsindagiye.*

a. Amakimbirane ashobora **kuvuka** bitewe n'imiyoborere mibi.

**b) Duhange** imishinga, turwanye amakimbirane.

c) Nitubana mu mahoro, **tuzagera** ku iterambere rirambye.

Umwarimu agenera abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

Intego y'amagambo atsidagiye:

| Inshinga | Uturemajambo |
|---|---|
| kuvuka | ku-vuk-a |
| duhange | tu-ø-hang-e |
| tuzagera | tu-za-ger-a |

### a) Uturemajambo tw'inshinga iri mu mbundo

Uturemajambo fatizo tw'inshinga iri mu mbundo ni dutatu :

- Indanganshinga (Rsh)
- Umuzi (Z)
- Umusozo (sz)

**Urugero:**

Gukora: ku-kor-a k→g/-GR

**ku-**: Indanganshinga **-kor-**: umuzi **-a**: umusozo

**Ikitonderwa:**

Inshinga iri mu mbundo ishobora kugira:

- Indangagihe –za-

**Urugero:**

Kuzakora: ku-**za**-kor-a

- Impakanyi -ta-

**Ingero:**

- Kudakora : ku-**ta**-kor-a t→d/-GR
- Kutagenda : ku-**ta**-gend-a

Indangacyuzuzo n'ingereka zinyuranye

**Ingero:**

- Kumukorera: ku-**mu**-kor-**ir**-a i→e/-Zo
- Kubakiranura: ku-**ba**-kir-**an**-**ur**-a

**b) Uturemajambo tw' inshinga itondaguye**

Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze tune: indanganshinga (RSH), indangagihe (Rgh), umuzi (Z), umusozo (Sz).

**Urugero:**

arahinga: a-ra-hing-a

- **a-:** indanganshinga
- **ra-:** indangagihe
- **hing-**: umuzi
- **-a:** umusozo

Utu turemajambo fatizo tuba tugomba kugaragara buri gihe mu nshinga. Iyo hagize akatagaragara gasimbuzwa aka kamenyetso **ø**

**Ingero:**

**Akora** i Kigali. a-**ø**-kor-a

- **a-:** Indanganshinga
- **ø:** indangagihe
- **kor-**: umuzi
- **a:** umusozo

**Mpa** iyo kayi **ø -ø –n-ha-a** n→m/-h, mh→mp mu myandikire a→ø /-J

- **ø:** Indanganshinga
- **ø:** indangagihe
- **ha-**: umuzi

- **a:** umusozo

**Indanganshinga (RSH)**

Indanganshinga ni akaremajambo k'inshinga itondaguye, kerekana ngenga ibereye inshinga ruhamwa. Ni ko kagaragaza isano ruhamwa ifitanye n'inshinga. Aka karemajambo kaba gahagarariye ukora igikorwa mu nshinga.

Indanganshinga ni makumyabiri (20): indanganshinga enye (4) zo muri ngenga ya mbere n'iya kabiri y'ubumwe n'ubwinshi n'indanganshinga cumi n'esheshatu (16) zo muri ngenga ya gatatu, zihagarariye inteko cumi n'esheshatu (16).

**Ikitonderwa:**

- Indanganshinga ya ngenga ya mbere ikoreshwa iyo umuntu yivuga ubwe cyangwa abantu bivuga ubwabo.
- Ngenga ya kabiri ikoreshwa iyo umuntu abwira undi cyangwa abandi.
- Ngenga ya gatatu ikoreshwa iyo umuntu avuga undi cyangwa abandi, ikindi cyangwa ibindi bintu ikaba yisanisha mu nteko 16.
- Mu nteko ya 12 n'iya 14 hari indanganshinga ariko mu by'ukuri zidasimbura ijambo ryo muri izo nteko.

**Urugero: ka**rabaye, **ka**rahanyuze, **bu**rakeye...

**Indangagihe (Rgh)/Igenatego (Gnt)**

Indangagihe ni akaremajambo gakurikira indanganshinga, kakagaragaza igihe inshinga itondaguwemo. Indangagihe ni: **-ø-**: iranga indagihe, **-za-**: iranga inzagihe na **-a-(â, aa):** igaragaza impitagihe

**Ingero:**

- Agenda: a- ø-gend-a
- Azagenda: a-za-gend-a
- Yagiye: (uyu munsi) a-a-gi-ye, (ejo) a-a-gi-ye, (wa mwana) a-aa-gi-ye

  a →y /-J

Iyo indangagihe itagaragara mu nshinga, isimbuzwa -ø- kubera ko indangagihe ari akaremajambo fatizo k'inshinga itondaguye.

Usibye izi ngenantego ndangagihe, hari utundi turemajambo dushobora kugaragara mu nshinga dufite ibindi bisobanuro binyuranye nko guhakana, kugaragaza igikorwa gikomeza, kugaragaza ibikorwa bikurikirana …

**Ingero :**

- **ta-** : utagenda
- **ki-** : akigenda

- **o-ka-** : wokagenda
- **ra-**: aragenda
- **na-**: anagenda
- **i-ku-**: wikwanga
- **ka-**: akagenda
- **i-**: wigenda
- **e-ku-**: yekwiba
- **ka-na-**: akanagenda
- **ra-ki-a-**: aracyagenda

**Ikitonderwa:**

- Utwo turemajambo dushobora guhurira mu nshinga imwe ku buryo butandukanye.

**Urugero:**

- Utazagenda: u-**ta-za**-gend-a,
- Ataragenda: a-**ta-ra**-gend-a
- Aracyanagenda: a-**ra-ki-a-na**-gend-a
- Uturemajambo **–**i-, -ta-, -e-ku-, -i-ku- zifite inyito yo guhakana mu nshinga.
- Akaremajambo -na- ni akaremajambo k'inyibutsacyungo mu nshinga, kunga ibikorwa bibiri.

**Urugero:**

Barabiterura bara**na**bijyana.

**Umuzi (Z)**

Umuzi ni akaremajambo shingiro k'ijambo rikenera umusozo. Ni wo shingiro

ry'inyito y'ijambo. Umuzi ushobora kuba wihagije cyangwa utihagije. Umuzi wihagije ni ushobora gukoreshwa udakurikiwe n'ingereka kugira ngo inyito yawo ibone kuzura. Umuzi utihagije ni ugomba gukenera ingereka kugira ngo inyito yawo ibone kuzura. Ni bene uwo muzi bita intima. Iyo mizi itihagije tuzayibona nidusesengura akaremajambo kitwa ingereka mu turemajambo tw'inyongera.

Kugira ngo ubone umuzi w'inshinga ifite imigemo irenze ibiri, utondagura inshinga mu buryo bw'integeko, ugakuraho umusozo.

**Ingero:**

- gukora: **kor**-a
- guteka; **tek**-a
- kwiga: **ig**-a…

**Ikitonderwa:**

Hari inshinga cumi n'esheshatu (16) zifite imizi y'imvugwarimwe. Iyo bene izo nshinga zishakirwa imizi, bazitondagura mu mpitakare muri ngenga ya gatatu y'ubumwe, bagakuraho indangagihe n'umusozo **– ye**.

**Izo nshinga ni izi zikurikira:**

| No | Inshinga | Impitagihe | Umuzi |
|---|---|---|---|
| 1 | Kuba | Ya**ba**ye | -ba- |
| 2 | Guca | Ya**ci**ye | -ci- |
| 3 | Kugwa | Ya**gu**ye | -gu- |
| 4 | Guha | Ya**ha**ye | -ha- |
| 5 | Gushya | Ya**hi**ye | -hi- |
| 6 | Gukwa | Ya**ko**ye | -ko- |
| 7 | Kumwa | Ya**mo**ye | -mo- |
| 8 | Kunnya | Ya**ne**ye | -ne- |
| 9 | Kunywa | Ya**nyo**ye | -nyo- |
| 10 | Gupfa | Ya**pfu**ye | -pfu- |
| 11 | Kurya | Ya**ri**ye | -ri- |
| 12 | Gusya | Ya**se**ye | -se- |
| 13 | Guta | Ya**ta**ye | -ta- |
| 14 | Kuva | Ya**vu**ye | -vu- |
| 15 | Kujya | Ya**gi**ye | -gi- |
| 16 | Gucya | Ya**ke**ye | -ke- |

Hari inshinga zifite imigemo ibiri ariko zikora nk'inshinga zirengeje imigemo ibiri.

Muri zo twavuga inshinga "**gusa**" n'inshinga "**kuza**". Umuzi w'inshinga gusa ni **–s** igira impindurantego ya **-shush-** naho umuzi w'inshinga kuza ni **-z-**.

**Ingero:**

- **Uze** vuba u- ø-z-e
- **Asa** na se a- ø-s-a

**- Umusozo (Sz)**

Umusozo w'inshinga ni akaremajambo gasoza inshinga, kakagaragaza irebero ryayo.

Nkuko twabibonye mu itondaguranshinga, irebero rivuga imitindire y'igikorwa, imikorerwe cyangwa imirangirire yacyo. Imisozo y'inshinga imwe igaragaza irebero nkomeza, indi ikagaragaza irebero nshize.

**- Imisozo igaragaza irebero nshize**

Iyo misozo ni **–e** na **–ye**. Iyi misozo igaragaza igikorwa cyarangiye cyangwa ikigomba kurangira.

**Umusozo –e**

Umusozo –e ukunze kugaragara cyane mu ntegeko no mu nziganyo.

**Ingero:**

- Mukore: mu-ø-kor-e
- Mvuge: n-ø-vug-e (n→m/-v)
- Nige: n-ø-ig-e
- Azagende: a-za-gend-e
- Atahe: a-ø-tah-e

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora iyi myitozo. Agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, akosorera hamwe nabo, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo yabyo**

**a) Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga itondaguye ni tungahe? Tuvuge**

Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga itondaguye ni tune: indanganshinga, indangagihe, umuzi n'umusozo.

**b) Vuga amoko y'imisozo n'ibikorwa igaragaza mu nshinga.**

- Umusozo –e ugaragaza igikorwa cyarangiye cyangwa ikigomba kurangira.
- Umusozo –ye ugaragaza igikorwa cyarangiye cyangwa ikigomba kurangira.
- Umusozo –a ugaragaza ko igikorwa kigikomeza cyangwa kitaraba kikaba kizaba.
- Umusozo **–aga** ugaragaza igikorwa cyakorwaga mu gihe kirekire mu gihe cyashize.

**c) Sesengura inshinga zitsindagiye, ziri mu nteruro zikurikira ugaragaza amazina y'uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.**

- Umulisa **yashakaga kunga** ababyeyi be n'umuturanyi wabo mu buryo bwo kwirinda amakimbirane.
- Kaneza **yasobanuje** yina ibyerekeranye n'ubumwe n'ubwiyunge.
- Urubyiruko **rwize** uburyo bwo guhosha amakimbirane.
- **Kutavuga** ukuri **byakuruye** amakimbirane mu rugo rwabo.

| Inshinga | RSH | Gnt | C | Sz | Itegegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|
| Yashakaga | a- | â- | shak- | aga | a→y/-J |
| Kunga | ku- | ø- | ung- | a | u→ø/-J |
| Yasobanuje | a- | â- | sob-an-ur- | ye | a→y/-J r+y→j |
| Rwize | ru- | â- | ig- | ye | u→w/-J g+y→z a→ø/-J |
| Kutavuga | ku- | ta- | vug- | a | - |
| Byakuruye | bi- | â- | kur-ur- | ye | i→y/-J r+y→y cg r→ ø /- y |

## Isomo rya gatandatu: Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku nshinga

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura inshinga agaragaza amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu yandika interuro ku kibaho. agasaba abanyeshuri kuzisoma maze akabaza ikibazo kiganisha ku isomo bagiye kwiga.

**Urugero rw'interuro:**

**Anywe** umutobe muke

**Urugero rw'ikibazo yababaza n'igisubizo:**

Ni utuhe turemajambo tw'ijambo ryanditse ritsindagiye?

Uturemajambo tw'ijambo "a**nywe" ni: a- ø-nyo-e**

Umwarimu ahera ku gisubizo cy'abanyeshuri, maze akababwira ko bagiye kwiga amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku nshinga.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma interuro zikurikira, maze ugaragaze uturemajambo tw'inshinga zitsindagiye. Umaze kubona uturemajambo, tahura amategeko y'igenamajwi*

*yakoreshejwe kugira ngo tugire inshinga nk'uko tuyifite. Hera kuri ayo mategeko y'igenamajwi maze ukore ubushakashatsi utahure amategeko y'igenamajwi ajyanye n'umusozo -e, ajyanye n'umusozo -ye, ajyanye n'umusoza -aga n' ajyanye n'umusozo –a.*

**a) Yakoze** akazi ke neza.

**b) Urye** ibirayi.

c) Mu muco nyarwanda **bakwaga** inka.

d) Kabanyana **asya** amasaka ku rusyo.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera iki gikorwa mu matsinda, akabaha igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifasisha kugira ngo babashe kubikora neza.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**a) Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku musozo "-e"**

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa n'inshinga ni kimwe n'akoreshwa ku bundi bwoko bw'amagambo nk'amazina, ariko hari umwihariko inshinga zigira bitewe n'imisozo yazo.

Amategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo **-e** ni ayo ku nshinga zifite imizi y'imvugwarimwe ari zo kuba, guca, kujya, kugwa, guha, gusya, gucya, gukwa, kumwa, kunywa, kunnya, gupfa, kurya, gusya, guta no kuva.

**Amwe mu mategeko y'igenamajwi ajyanye n'umusozo "-e"**

| Urugero rw'inshinga | Intego/ uturemajamo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| **Ube** umwarimu: | u- ø-ba-e | a→ø/-J |
| **Age** i Kigali | a- ø-gi-e | i→ø/-J |
| **Anywe** umutobe muke | a- ø-nyo-e | o→w/-J |
| **Asye** aya masaka | a- ø-se-e | e→y/-J |
| **Agwe** yubamye | a- ø-gu-e | u→w/-J |
| **Ave** mu nzu | a- ø-vu-e | u→ø/-J |

**b) Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku musozo "-ye"**

Umusozo **–ye** ugaragaza igikorwa cyarangiye, ni na yo mpamvu ugaragara mu

nshinga zitondaguye mu mpitagihe (impitakare n'impitakera).

**Ingero:**

- Narize: n-a-ra-ig-**ye** (a→ø/-J, g+y→z)
- Dukoze: tu- ø-kor**-ye** (t→d/-GR, r+y→z)
- (Inka) yarabiriye: i-a-ra-bi-ri-**ye** (i→y/-J)

**Amwe mu mategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo "-ye"**

| Urugero rw'inshinga | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Baramwishe | ba-a-ra-mu-ic-ye | c+y→sh |
| Barabicoce | ba-ra-bi-coc-ye | c+y→c |
| Yaradoze | a-a-ra-dod-ye | d+y→z |
| Anyonze (igare) | a-ø-nyong-ye | g+y→z |
| (Nge) yaranoshe | a-a-ra-n-nosh-ye | sh+y→sh |
| Mwarabeshye | mu-a-ra-beshy-ye | shy+y→shy |
| (Ibiryo) byarabishye | bi-a-ra-bi-h-ye | h+y→shy |
| Baramusetse | ba-ra-mu-sek-ye | k+y→ts |
| Byariwe (kare) | Bi-a-ri-w-ye bi-a-ri-y-w…e ihinduranya n'itandukana ry'umusozo. | y→ø/-w |
| Mwaronse (ibere) | mu-a-ra-onk-ye | k+y→s |
| Mwarakoze | mu-a-ra-kor-ye | r+y→z |
| Yamuhase ( kujyayo) | a-a-mu-hat-ye | t+y→s |

**3. Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku musozo "-a"**

Umusozo **–a** ugaragaza ko igikorwa kigikomeza cyangwa kitaraba ariko kikaba kizaba. Umusozo **a** ukoreshwa cyane mu ndagihe, mu nyifurizo, mu ntegeko, mu kigombero, mu nziganyo no mu nzagihe.

**Ingero:**

- Mvuga: n-ø-vug-**a** n→m/-v
- Ndakora: n-ra-kor-**a** r→d/n-
- Nzakora: n-za-kor-**a**
- Mpa (ikaye): ø- ø-n-ha-**a** n→m/-h, mh→mp mu myandikire, a→ø/-J
- Akivuga: a-ki-vug-**a**
- Murakarama: mu-ra ka-ram-**a**
- Nimwiga (muzatsinda): ni-mu- ø-ig-a u→ ø /-J

**Amwe mu mategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo "-a"**

| **Urugero rw'inshinga** | **Intego/ uturemajambo** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| **Azamuha** (amakaye | a-za-mu-h**a-a** | **a**→ ø /**-J** |
| **Araca** (ibyatsi | a-ra-c**i-a** | **i**→ ø **/-J** |
| **Aranywa** (amata | a-ra-**nyo-a** | **o**→ **w/-J** |
| **Azava** (i Kigali) | a-za-**vu-a** | **u**→ ø **/-J** |
| **Arajya** (i Kigali) | a-ra-g**i-a** | **i**→ **y/-J**, **gy**→ **jy** mu myandikire |
| **Azasya** (amasaka) | a-za-s**e-a** | **e** → **y/-J** |
| **Azagwa** (mu ruzi) | a-za-g**u-a** | u→ w/-J |

**4. Amategeko y'igenamajwi akoreshwa ku musozo «-aga»**

Umusozo **–aga** ugaragaza igikorwa cyakorwaga mu gihe kirekire mu gihe cyashize; ugaragaza akamenyero mu gihe cyahise.

**Ingero:**

- Narakoraga: n-a-ra-kor-**aga**
- Yarigaga: a-a-ra-ig-**aga** (i→ y/-J, a→ ø/-J)
- Narasyaga : n-a-ra-se-**aga** (e→ y/-J)
- Naravugaga: n-a-ra-vug-**aga**
- Narandikaga: n-a-ra-and-ik-**aga** (a→ ø/-J)
- Nabonaga: n-a-bon-**aga**…

**Amwe mu mategeko y'igenamajwi ajyana n'umusozo –aga**

| **Urugero rw'inshinga** | **Intego/ uturemajambo** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|
| Yahaga (ibiryo abana) | a-a-ha-**aga** | a→y/-J, **a ø/-J** |
| Yajyaga (yiba) | a- a -gi-**aga** | a→ y/-J, **i**→ **y/-J**, gy→ jy mu myandikire |
| Yamwaga (imisatsi**)** | a- a -mo-**aga** | a→ y/-J, **o**→ **w/-J** |
| Yagwaga (neza) | a- a -gu-**aga** | a→ y/-J, **u**→ **w/-J** |
| Yasyaga (amasaka) | a- a -se-**aga** | a→ y/-J, **e**→ →**y/-J** |
| Yavaga (kuvoma bwije) | a- a -vu-**aga** | a→ y/-J, **u**→ **ø/-J** |
| Yacaga (amasaka) | a- a -ci-**aga** | a→ y/-J, **i**→ **ø/-J** |
| Bakwaga (inka) | ba-a-ko-**aga** | **o**→ **w/-J** |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo byanogejwe bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo**

Sesengura inshinga zitsindagiye ziri mu nteruro zikurikira, ugaragaza uturemajambo twazo n'amategeko y'igenamajwi.

**a)** **Abe** inyangamugayo. a- ø-ba-e : a→ø/-J

b) Kamana **yatetse** ibiryo byinshi none **byanze** gushira. a-a-rek-ye : a→ y/-J, k+y→ts

c) Abana **baryaga** ibiryo bifite intungamubiri. ba-a-ri- aga: **i**→ **y/-J**

**d)** **Tuzage twanga** amakimbirane. tu-za- ø - gi-e: i→ø/-J; tu- ø-ang-a: u→w/-J

### IV. 5.3 Umwandiko : Yahabaye intwari

### Isomo rya karindwi: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'isomo rya, umunyeshuri araba ashobora:<br>-Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa<br>-Gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Yahabaye intwari" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

Kuri iyi shusho hari umukobwa wiruka inyuma ye hari umuhungu umwirukankana. Hafi yaho hari abaporisi babiri.

**b) Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga kuki?**

Uraza kuvuga ku muntu wari ugiye guhohotera umukobwa agafatwa na porisi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira.

**Igikorwa cyo gusoma no gusobanura umwandiko:**

*Soma umwandiko "Yahabaye intwari" ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo .*

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo .

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu afatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo umunyeshuri ashobora kudasobanukirwa n'ibisobanuro byayo:**

- **Intwari**: Umuntu ukora cyangwa wakoze ibikorwa by'intangarugero.
- **Ikiraramisagara**:umuntu udafite imyitwarire myiza mu bandi. Ubuza amahoro n'umutekano abandi.
- **Kwiruka amasigamana**: kwiruka cyane uhunga ikikuri inyuma ushaka kugisiga ngo kitakugeraho.
- **Amwoma inyuma***:* aramukurikirana cyangwa amwirukaho.
- **Guhohotera:** kwiyenza ku muntu utakwakuye, kubuza uburenganzira cyangwa gukorera imibonano mpuzabitsina umuntu mutabyumvikanyeho.

**3. Imyitozo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akabasaba gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakorera imyitozo mu matsinda, maze abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu n'abanyeshuri bayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo**

a) Simbuza amagambo atsindagiye ari muri izi nteruro andi bihuje inyito dusanga mu mwandiko.

- Ubwangavu bwateye Mahoro gusesa **ibishishi** mu maso. (ibiheri)
- Mahoro yashakaga gukomeza **kugira inama** Goriyati. (guhanura)
- Yewe! Kwiga **bisa naho byananiye burundu.** (byanteye ku butaka)
- Uyu muvandimwe **umira adakanjakanje** afite ikibazo cy'amenyo. (bunguri)

b) Uzurisha izi nteruro amagambo ukuye mu mwandiko

- Uwariboye cyane bavuga ko yariboye kugera **aho ubugondo bugera ingwe.**
- Iyo bashaka kuvuga umuntu w'ihoho, mwiza cyane bavuga ko ari **ihogoza.**
- Iyo umuntu agiye gusagarirwa afatwa ku ngufu bavuga ko agiye gukorerwa ihohoterwa **rishingiye ku gitsina.**

## Isomo rya munani: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo**

**a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

Umwandiko duheruka kwiga ni "Yahabaye intwari."

**b) Ni iyihe ngingo nyamukuru umwandiko wubakiyeho?**

Ingingo nyamukuru umwandiko wubakiyeho ni uko Goriyati yashatse guhohotera Mahoro, ariko ntabigereho kuko Mahoro yatabawe n'abaporisi.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu **ntangiriro rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira.

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo .

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu abafasha kubinoza, bikandirwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

1. **Tanga impamvu yatumye Goriyati ata ishuri.** Impamvu zatumye ata ishuri: gukunda amafaranga, kunywa ibiyobyabwenge, imyitwarire mibi y'ababyeyi, kudahabwa ibikoresho.

2. **Amagambo Goriyati abwira Mahoro ko ari we muti w'ibishishi afite ishingiro? Sobanura**. Nta shingiro afite, yirengagizaga nkana iby'imihindagurikire y'umubiri w'umuntu igihe ageze mu gihe cy'ubugimbi cyangwa cy'ubwangavu; yashaka gushuka Mahoro ngo baryamane.
3. **Ni iki kerekana ko Mahoro ari umukobwa wihagazeho mu ishuri no mu muryango nyarwanda?** Ibyerekana ko yihagazeho: ni umuhanga mu ishuri, agira inama abandi, asobanurira bagenzi be, yimye amatwi Goriyati, yasabwe imbabazi yemera kuzitanga.
4. **Sobanura icyo ihohoterwa ari cyo, unagaragaze ibiritera bivugwa mu mwandiko.** Ihohoterwa ni igikorwa cyose kigambirira kugiririra undi nabi, haba ku mubiri cyangwa mu bitekerezo. Bimwe mu bishobora kuba intandaro y'ihohoterwa: ibiyobyabwenge, itoteza, inzangano n'amakimbirane mu miryango.
5. **Muri rusange, abaporisi bafite izihe nshingano?** Abaporisi bafite inshingano zo kurinda umutekano w'abantu n'ibintu byabo.
6. **Erekana igikorwa kibi Goriyati yakoze, uvuge n'ikindi kiza yaje gukora nyuma.** Igikorwa kibi yakoze ni uguta ishuri, no kugerageza gufata ku ngufu Mahoro. Ikiza yakoze ni ukwemera icyaha no gusaba imbabazi.

## Isomo rya kenda: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.<br>- Gusesengura ingingo z'ingenzi zigize umwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'ibisubizo byatangwa**

a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?

Umwandiko duheruka kwiga ni "Yahabaye intwari."

b) Ni iki cyatumye Goriyati adafata ku ngufu Mahoro?

Icyatumye Goriyati adafata ku ngufu Mahoro ni uko Mahoro yirutse agahura n'abaporisi bakamutabara.

### 2. Uko amasomo atangwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu ntangiriro **rusange kuri 2.6.**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira.

**Igikorwa**

Ongera usome umwandiko"Yahabaye intwari" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo .

Iyo abanyeshuri bamaze kubimurika, umwarimu afatanya na bo kubinonosora bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe**

1. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?** Kurwanya ihohoterwa.
2. **Tanga ingingo z'ingenzi n'izingereka usanga mu mwandiko.**

   **Ingingo z'ingenzi:** imyitwarire myiza ya Mahoro, ubugome bw'umuhungu Goriyati, inshingano z'abashinzwe umutekano, ibyiza byo kwemera icyaha no gusaba imbabazi.

   **Ingingo z'ingereka :** Gusobanurira abandi ibyo batumva, gutanga inama, kumenya ubuzima bw'imyororokere, gukora inama nkemurampaka.
3. **Uhereye ku mateka, sobanura ibindi bikorwa ndengakamere by'ihohoterwa byabaye mu Rwanda.**

   Jenoside Yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri Mata 1994: yagaragayemo kwicwa urubozo, gufatwa ku ngufu, gutotezwa, gutwikirwa, gusenyerwa n'ibindi.
4. **Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo?** Tugomba kwiga tukamenya ubuzima bw'imyororokere; tukamenya ko amakimbirane mu miryango no kunywa ibiyobyabwenge bishobora kuba intandaro y'ihohoterwa. Igihe cyose tuguye mu cyaha tuge twemera icyaha kandi twihutire kugisabira imbabazi…

## IV. 5.4. Inshinga : Uturemajambo tw'inshinga twungirije

### Isomo rya cumi: Inshoza n'ubwoko by'uturemajambo twungirije

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kuvuga inshoza no gusesegura inshinga, hagaragazwa uturemajambo tw'inshinga twungirije. |

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo k'ikibonezamvugo

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo bize ku nshinga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni irihe somo duherutse kwiga ku nshinga?

Ku nshinga twize uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga.

b) Ni utuhe turemajambo tw'ibanze tw'inshinga?

Uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga ni indanganshinga, indangagihe/ igenantego, umuzi n' umusozo.

Nyuma y'ibyo bibazo n'ibisubizo, umwarimu yandika ku kibaho inshinga zifite utundi turemajambo, agashyiraho n'intego yazo, maze akabaza abanyeshuri ibibazo ku ntego y'izo nshinga.

**Urugero rw'inshinga n'intego yazo:**

- **Nimugende: ni-mu- ø-gend-e**
- **Ntundeke: nti-u**-ø-n-rek-e
- **Utazamwanga**: u-ta-za-mu-ang-a

**Urugero rw'ibibazo:**

**a) Ni akahe karemajambo/uturemajambo tutari utw'ibanze muri buri nshinga?**

- Akaremajambo katari ak'ibanze muri ni-mu- ø-gend-e ni: **ni-**
- Uturemajambo tutari utw'ibanze muri nti-u-ø-n-rek-e ni: **nti-** na **-n-**
- Uturemajambo tutari utw'ibanze muri u-ta-za-n-ang-a ni: **-ta-** na **-mu-**

**b) Utwo turemajambo tumaze iki muri izo nshinga**

- **ni-** iratsindagira igitekerezo kiri mu nshinga.
- **nti-** na **ta** zirahakana igitekerezo kiri mu nshinga.
- **-n-** na **-mu-** zisimbuye amazina yakabaye icyuzuzo k'inshinga.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga uturemajambo twungirije tw'inshinga: akano, impakanyi, n'indangacyuzuzo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda no gukora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Soma interuro zikurikira witegereza amagambo atsindagiye, hanyuma ugaragaze intego z'ayo magambo atsindagiye. Hera ku ntego z'ayo magambo maze ukore ubushakashatsi, utahure inshoza n'ubwoko by'uturemajambo tw'inshinga twugirije ni ukuvuga uturemajambo tutari indanganshinga, indangagihe, umuzi n'umusozo.*

a) **Nimumushyire** ibitabo by'inkuru ndende kuko akunda kubisoma.

b) **Ntidukore** nabi **mutabura** ibihembo byanyu.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukorera icyo gikorwa mu matsinda. Abagenera igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya itsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

Intego z'amagambo atsidagiye:

| Inshinga | Uturemajambo |
|---|---|
| Nimushyire | ni-mu-mu-ø-shyir-e |
| Ntidukore | nti-tu-ø-kor-e |
| mutabura | mu-ta-ø-bur-a |

**a) Inshoza y'uturemajambo twungirije**

Uturemajambo twungirije ni uturemajambo dushobora kugaragara mu nshinga iyo bibaye ngombwa kugira ngo tuyihindurire inyito. Bene utwo turemajambo iyo tutagaragaye ntidusimbuzwa ø.

**b) Ubwoko bw'uturemajambo twungirije**

Uturemajambo twungirije ni akano, impakanyi, indangacyuzuzo n'ingereka. Muri iri somo turibada ku kano, ku mpakanyi no ku ndangacyuzuzo.

**Akano (KN/TN)**

Akano ni akaremajambo kaza imbere y'indanganshinga. Hari bamwe bakita mbanza, imbanzirizangenga, imbimburiranteko, interuranteko cyangwa inyomekwambere. Izi nyito zose zihuriye ku kuba zerekana ko aka karemajambo gafata umwanya w'imbere. Utuno rero turimo amoko atatu: akaziganya, agategeka (**ni**) n'agahakana (**si** na **nti**).

**- Akano ni- (akano kaziganya kakanategeka)**

Akano ni- gakoreshwa iyo bateganya (kagira isaku nyejuru) cyangwa bategeka

(kagira   isaku nyesi).

- Nibasora :   **ni**-ba-ø-sor-a                              ( akano  ”**ni”** kaziganya)
- Nubabona : **ni**-u-ø-ba-bon-a    i→ø/-J;       ( akano “**ni”**  kaziganya)
- Nimubikore : **ni**-mu-ø-bi-kor-e                   ( akano “**ni”** gategeka)

**Ikitonderwa : «ni»** y'akano itandukanye na **«ni»** y'inshinga nkene.

**Akano "si-" (akano gahakana)**

Akano si- gakora muri ngenga ya mbere y'ubumwe mu ndango ihakana.

**Ingero :**

- Sinumva : **si**-n-ø-umv-a
- Sinzakwa (iriya shashi) : si-n-za-ko-a      o→w/-J

**- Akano "nti-" (akano gahakana)**

Akano nti: gakoreshwa mu ndango  ihakana muri ngenga zose usibye iya mbere y'ubumwe.

**Ingero:**

- Ntimwariye: **nti**-mu-a-ri-ye                                  u→w/-J
- Ntituziba (imisoro): nti-tu-za-ib-a                        a→ø/-J;
- Ntuzirengagize (amahoro): **nti**-u-za-ii-reng-ag-ir-y-e    i→ø/-J;       a→ø/-J; r+y→z

**Impakanyi (imp.)**

- Impakanyi ni akaremajambo gahakana ingingo ibumbiye mu nshinga.
- Impakanyi ni **–ta-, -i-** na **–i-ku-.**

**- Impakanyi -ta-**

Impakanyi –ta- ni yo ikoreshwa muri rusange.

**Ingero:**

- Kutiga (ni bibi):  ku-**ta**-ig-a            a→ Ø/-J
- Nimudakorana (umwete muzagawa):  ni-mu-**ta-**Ø-kor-an-a        t→d/-GR

**- Impakanyi -i-**

Impakanyi -i- ikoreshwa mu ntegeko ihakana ari yo bita **intarengwa.**

Impakanyi -i- ikoreshwa iyo umuzi w'inshinga utangiwe n'ingombajwi.

**Ingero:**

- Wikinira (umupira mu busitani):  u-i-Ø-kin-ir-a       u→w/-J
- Mwivuga (ururimi tutumva):  mu-**i**-Ø-vug-a             u→w/-J

Impakanyi **-i-** igira impindurantego **-i-ku-,** ikoreshwa iyo umuzi w'inshinga utangiwe n'inyajwi.

**Ingero:**

- Wikwandika (amakosa): u-i-ku-Ø-andik-a , u→w/-J
- Mwikwambara (imyenda y'ishuri mutoze): mu-**i-ku**-Ø-amb-ar-a, u→w/-J

**Ikitonderwa:** Mu rwego rw'uturemajambo **nti** na **si** ni mbanza si impakanyi.

**Indangacyuzuzo/ Inyibutsacyuzuzo/ Indangasano y'icyuzuzo ( RUZ/ RSUZ)**

Indangacyuzuzo ni akaremajambo kajya mu nshinga kagasimbura kandi kakibutsa icyuzuzo k'iyo nshinga. Kibutsa ngenga cyangwa inteko by'ijambo ribereye inshinga icyuzuzo. Indangacyuzuzo ziri ukubiri: hari indangacyuzuzo zisanzwe n'indangacyuzuzo ngaruka.

**- Indangacyuzuzo zisanzwe**

Indangacyuzuzo zisanzwe ziboneka muri ngenga zose no mu nteko cumi n'esheshatu.

**Imbonerahamwe y'indangacyuzuzo zisanzwe**

| Ngenga/ Inteko | Indanga-Cyuzuzo | Urugero rw'inshinga | Intego/uture-majambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|
| Ng.1 bu | -n- | **Azankorera** uriya mutwaro. | a-za-n-kor-ir-a | i→e/ Co- |
| Ng.1 bw | -tu- | Twe **aradukunda** cyane. | a-ra-tu-kund-a | t→d/-GR |
| Ng.2 bu | -ku- | Nyamara b**azaguhana.** | ba-za-ku-han-a | k→g/-GR |
| Ng.2 bw | -ba- | Mwe **azabahana.** | a-za-ba-han-a | |
| Nt.1 | -mu- | Uza**mubwira** amakuru yacu. | u-za-mu-bwir-a | |
| Nt.2 | -ba- | **Ndababaza** ibibazo byinshi. | n-ra-ba-bar-y-a | r→d/n-; r+y→z |
| Nt.3 | -wu- | Wa murima **arawuhinga.** | a-ra-wu-hing-a | |
| Nt.4 | -yi- | Ya mirima **arayigura.** | a-ra-yi-gur-a | |
| Nt.5 | -ri- | Rya gare **ararigura.** | a-ra-ri-gur-a | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Nt.6 | -ya- | Ya masaka **arayagura.** | a-ra-ya-gur-a | |
| Nt.7 | -ki- | Cya kigori **aragica.** | a-ra-ki-ci-a | k→g/-GR , i→ø/ -J |
| Nt.8 | -bi- | Bya bigori **arabica.** | a-ra-bi-ci-a | i→ø/ -J |
| Nt.9 | -yi- | Ya nka **turayiragira.** | tu-ra-yi-ragir-a | |
| Nt.10 | -zi- | Izi nka **araziragira.** | a-ra-zi-ragir-a | |
| Nt.11 | -ru- | Uru rurabo **ararukata.** | a-ra-ru-kat-a | |
| Nt.12 | -ka- | Aka kanyoni **uragafata.** | u-ra-ka-fat-a | k→g/-GR |
| Nt.13 | -tu- | Twa dufi b**araturoba**. | ba-ra-tu-rob-a | - |
| Nt.14 | -bu- | Bwa bwato **arabugura.** | a-ra-bu-gur-a | - |
| Nt.15 | -ku- | Kwa kuboko **barakuvura.** | ba-ra-ku-vur-a | - |
| Nt.16 | -ha- | **Aha hantu arahanyura.** | a-ra-ha-nyur-a | |

**- Indangacyuzuzo ngaruka**

Indangacyuzuzo ngaruka ni –ii- na -iy-. Indangacyuzuzo ngaruka -ii- ikorana n'inshinga zifite imizi itangirwa n'ingombajwi. Indangacyuzuzo ngaruka -iy- ikorana n'inshinga zifite imizi itangirwa n'inyajwi.

**Ingero z'inshinga zikoreshejwemo indangacyuzuzo ngaruka –ii- na -iy-**

| Indangacyuzuzo | Ingero z'inshinga | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|
| **ii-/-iy-** | Uwera **arikunda.** | a-ra-ii-kund-a | a→ø/-J |
| | Bariya bana **barikunda.** | ba-ra-ii-kund-a | a→ø/-J |
| | Aba bantu **bariyica.** | ba-ra-iy-ic-a | a→ø/-J |
| | Wowe **uriyubaha.** | u-ra-iy-ubah-a | a→ø/-J |

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bakora umwitozo, abafite ibibazo akabafasha. Iyo barangije gukora uwo mwitozo, umwarimu afatanya n'abanyeshuri, bagakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho,

abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:**

Garagaza intego z'inshinga zitsindagiye n'amategeko y'igenamajwi.

a) Akanyoni katagurutse **ntikamenya** iyo **bweze**.
- Ntikamenya: nti-ka-meny-a
- Bweze: bu- ø -er-ye u→ w/-J r+y→ z

**b) Wituma** ibyo bikoresho mu mahanga kuko mu Rwanda **tubikora**.
- Wituma: u- i- ø tum-a u→ w/-J
- Tubikora: tu- ø -bi-kor-a

**c) Nuhura** na Petero uzanabimwibutse.
- Nuhura: ni- u- ø-hur-a i→ ø/-J

**d) Uzahagere bidatinze**.
- Uzahagere: u-za-ha-ger-e
- Bidatinze: bi-ta-tind-y-e t→ d/-GR d+y→ z

**e) Ndishimye** kuko uri kumwe n'umugabo ukomeye.
- Ndishimye: n- ra-ii-shim-ye: r→d/n- a→ø/ -J

## Isomo rya cumi na rimwe: Ingereka (GRK)

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo twize ubushize?**
- Ubushize twize uturemajambo twungirije tw'inshinga.

**b) Ni utuhe turemajambo twungirije tw'inshinga**
- Uturemajambo twungirije tw'inshinga twize ni akano, impakanyi n'indangacyuzuzo.

Nyuma y'ibyo bibazo n'ibisubizo, umwarimu yandika ku kibaho inshinga zifite ingereka agashyiraho n'intego yazo, maze akabaza abanyeshuri ibibazo ku ntego y'izo nshinga.

**Urugero rw'inshinga n'intego yazo:**

- Nimwigendere: ni-mu- ø-ii- gend-ir-e
- Ntuvunike ndahakubereye: nti-u-ø-vun-ik-e n- ra-ha-ku-ba-ir-ir-ye
- Ntimuzangane: nti-mu-za-ang-an-e

**Urugero rw'ikibazo:**

Ni akahe karemajambo tutize kari muri buri nshinga?

- Akaremajambo tutize kari mu nshinga Akaremajambo tutize kari mu nshinga nti-u-ø-vun-ik-e ni: **-ik-**
- Akaremajambo tutize kari mu nshinga n- ra-ha-ku-ba-ir-ir-ye ni: **-ir-ir-**
- Akaremajambo tutize kari mu nshinga nti-mu-za-ang-an-e ni: **-an-**

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga akaremajambo kungirije k'inshinga kitwa ingereka.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira

**Ikigorwa**

*Soma interuro zikurikira witegereza amagambo atsindagiye hanyuma ugaragaze intego z'ayo magambo atsindagiye. Muhere ku ntego z'ayo magambo maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza n'ubwoko bw'ingereka zikorana n'inshinga.*

a) **Twakoranaga** umurava tukiri bato.
b) **Ntimwihingire** nabi **mutarumbya.**
c) Amakimbirane yo mu muryango **aterwa** no kudashyira imbere ibiganiro.
d) **Ntimutererane** ababagana bifuza ko **mubagira** inama.

Abanyeshuri bakorera iki gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo .

Umwarimu arabagenera igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya amatsinda abiri akamurikira abandi ibyo yakoze, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**Inshoza y'ingereka**

Ingereka ni akaremajambo kajya hagati y'umuzi n'umusozo by'inshinga, kakayizanira ingingo nshya. Iyo umuzi wiyunze n'ingereka bibyara igicumbi gishya kikitwa **intima**.

Ingereka zirimo ibyiciro bibiri: Ingereka zihora zibanziriza izindi n'ingereka zifata umwanya ubonetse wose.

**a) Ingereka zihora zibanziriza izindi**

**- Ingereka nsubira**

Izi ngereka ziha inshinga inshoza y'igikorwa kisubiramo inshuro zirenze imwe.

**Ingereka nsubira n'ingero z'inshinga:**

| Inshinga | Umuzi | Ingereka | Intima | Inshinga shya | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Kwandika | -and- | -ik-ur- | -andukur- | kwandukura | ku-and-ik-ur-a | u→w/-J |
| Kubagara | -bag- | **-ar-ur-** | -bagarur- | Kubagarura | ku-bag-ar-ur-a | |
| Kuvuna | -vun- | **-ag-ur-** | -vunagur- | Kuvunagura | ku-vun-ag-ur-a | |
| kurya | -ri- | **-ag-ag-ur-** | -ryagagur- | Kuryagagura | ku-ri-ag-ur-a | i→y/ -J |
| Gucura | -cur- | **-ang-** | -curang- | Gucuranga | ku-cur-ang-a | k→g/-GR |

**- Ingereka ngirura/ ngiruka**

Ingereka ngirura ni ingereka iha inshinga inyito ibusana n'ibumbatiwe n'umuzi.

**Ingereka ngirura/ngiruka n'ingero z'inshinga:**

| Inshinga | Umuzi | Ingereka | Intima | Inshinga shya | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Kudoda | -dod- | -ur- | -dodor- | Kudodora | ku-dod-ur-a | u→o/Zo- |
| kudoda | -dod- | -uk | -dodok- | Kudodoka | ku-dod-uk-a | u→o/Zo- |

**- Ingereka z'inyabune**

Ingereka z'inyabune ni uturemajambo dukunda kugendana ari tune, tukiyomeka ku muzi utihagije (udafite inyito yumvikana). Iyo mizi igira inyito iyo yiyunze n'ingereka z'inyabune. Ingereka z'inyabune zishobora kugenda ari enye, eshatu cyangwa ebyiri.

Imwe mu mizi itihagije ikoresha ingereka z'inyabune ni iyi ikurikira: -han-, -ramb-, -hir- -ter-, -cuk-, -hag-;-bamb-; -eg-; -jand-; -gar-; -ub-; -heng-...

**Ingero z'imizi itihagije n'ingereka z'inyabune**

| Umuzi utihagije | Ingereka | Intima | Inshinga Shya | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| - han- | -am- | -hanam- | Guhanama | ku-han-am-a | k→g/-GR |
| | -uk- | -hanuk- | Guhanuka | ku-han-uk-a | k→g/-GR |
| | -ik- | -hanik- | Guhanika | ku-han-ik-a | k→g/-GR |
| | -ur- | -hanur- | Guhanura | ku-han-ur-a | k→g/-GR |
| -ramb- | -ik- | -rambik- | Kurambika | ku-ramb-ik-a | - |
| | -uuk- | -rambuuk- | Kurambuuka | ku-ramb-uuk-a | - |
| | -uur- | -rambuur- | Kurambuura | ku-ramb-uur-a | - |
| -hir- | -im- | -hirim- | Guhirima | Ku-hir-im-a | k→g/-GR |
| | -ik- | -hirik- | Guhirika | ku-hir-ik-a | k→g/-GR |
| -ter- | -ik- | -terek- | Gutereka (ikintu) | ku-ter-ik-a | k→g/-GR i→e/ Ce- |
| | -ur- | -terur- | Guterura (ikintu) | ku-ter-ur-a | k→g/-GR |
| -cuk- | -uuk-, -uk- | -cukuuk-<br>-cukuk- | Gucukuuka<br>Gucukuka | ku-cuk-uk-a<br>ku-cuk-ur-a | k→g/-GR |
| | -uur-, -ur- | -cukuur-<br>-cukur- | Gucukuura<br>Gucukura | ku-cuk-uur-a<br>ku-cuk-ur-a | k→g/-GR |

**- Ingereka ngirika**

Ingereka ngirika ivuga ko igikorwa kibumbatiwe n'igicumbi k'inshinga gishoboka cyangwa se kitaruhanyije kugerwaho.

**Ingereka ngirika n'ingero z'inshinga**

| Inshinga | Umuzi | Ingereka | Intima | Inshinga shya | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|---|
| guhinga | -hing- | **-ik-** | -hingik- | Guhingika | ku-hing-ik-a | k→g/GR |
| kureba | -reb- | | -rebek- | Kurebeka | ku-reb-ik-a | i→e/Ce- |
| kumva | -umv- | -it | -umvit- | numvise | n- ø- umv-it-ye | t+y→ s |
| guhera | -her- | -it-uk- | -hereduk- | guhereduka | Ku-her-it-uk-a | i→ e/Ze-, t→ d/-GR |

**b) Ingereka zifata umwanya ubonetse wose.**

**- Ingereka ingirana: -an-**

Ingereka ngirana -an- ifite ingingo y'ibanze yo gukorera icyarimwe.

**Ingero:**

- Gukundana: ku-kund-an -a k→ g/-GR
- Gukorana: ku-kor-an-a k→ g/-GR

**- Ingereka ngirira: -ir-**

Ingereka ngirira **-ir-** ifite ingingo y'ibanze yo gukora mu mwanya w'undi.

**Ingero:**

- Gukinira: ku-kin-ir-a k→ g/-GR
- Gukorera: ku-kor-ir-a k→ g/-GR i→ e/Co-

**- Ingereka ngirisha: -ish-/-sh-**

- Ingereka ngirisha **-ish-/-sh-** igira inyito y'ibanze yo kwifashisha ikintu ukora ikindi.
- Ingereka **-sh-** ikorana gusa n'imizi y'imvugwarimwe mu gihe ingereka **-ish-** ikorana n'imizi isanzwe.

**Ingero:**

- Guhingisha: ku-hing-ish-a k→ g/-GR
- Gukosha: ku-ko-sh-a k→g/-GR

**- Ingereka ngiza: -y-**

Ingereka ngiza **-y-** igira inshoza y'ibanze yo gutera ikintu kubaho cyangwa kugitegeka.

**Ingero:**

- Gukubuza: ku-kub-ur-y-a r+y→ z k→ g/-GR
- Kubyaza: ku-byar-y-a r+y→ z k→ g/-GR

**- Ingereka ngirwa: -w-/-bw-**

Ingereka ngirwa yerekeza amaherezo y'igikorwa kuri ruhamwa aho kuyerekeza ku cyuzuzo.

Ingereka **-bw-** ikorana n'imizi y'imvugwarimwe mu gihe ingereka **-w-** ikorana n'imizi isanzwe.

**Ingero:**

- Gukubitwa: ku-kubit-w-a k→ g/-GR
- Kwigwa: ku-ig-w-a u→ w/-J
- Gukobwa: ku-ko-bw-a k→ g/-GR
- Gutabwa: ku-ta-bw-a k→ g/-GR

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri, babiribabiri. Umwarimu agenda afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo

abanyeshuri barangije gukora iyo myitozo, bafatanya n'umwarimu kuyikosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo byanogejwe:**

**a) Tahura inshinga ziri mu nteruro zikurikira, ugaragaze intego zazo n'amategeko y'igenamajwi.**

| Inshinga | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Muzamumbwirire | mu-za-mu-n-bwir-ir-e | n→ m/-b |
| Ntazampemukire | nti-a-za-n-hem-uk-ir-e | i→ ø/-J<br>n→ m/-h mh→ mp mu myandikire. |
| Wikwikorera | u-i-ku- ø-ii-kor-ir-a | u→ w/-J i→ e/Zo- |
| Utavunika | u-ta-ø-vun-ik-a | - |
| Witumiza | u-i- ø-tum-ir-y-a | u→ w/-J r+y→ z |
| Nuhura | ni- u-ø-hur-a | i→ ø/-J |
| Uzabimwibutse | u-za-bi-mu ib-uk-y-e | u→ w/-J k+y→ ts |
| Uzahampingishirize | u-za-ha-n-hing-ish-ir-ir-y-e | n→ m/-h mh→ mp mu myandikire. r+y→ z |
| Bidatinze | bi-ta- ø-tind-y-e | t→ d/-GR d+y→ z |

**b) Kora interuro irimo inshinga itondaguye igaragamo uturemajambo twose uko ari umunani. Sesengura iyo nshinga ugaragaze uturemajambo twayo maze uvuge amazina yatwo.**

**Urugero rw'interuro:**

**Nibatazahamugurira** nzahaha inshuti yange Petero:

| **Nibatazahamugurira**: ni-ba-ta-za-ha-mu-gur-ir-a | |
|---|---|
| **Akaremajambo** | **Izina ry'akaremajambo** |
| Ni- | Akano |
| -ba | Indangangenga/indanganshinga |
| **-ta**-: | Impakanyi |
| **-za-** | Indangagihe/Igenantego |
| **-ha**-, **mu-** | Indangacyuzuzo/Inyibutsacyuzuzo |
| **-gur**: | Umuzi |
| -ir- | Ingereka ngirira |
| -a | Umusozo |

### IV.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw' umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kane, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro, ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Ugendeye ku mabwiriza agenga ihangamwandiko, hanga umwandiko ntekerezo w'imrongo mirongo itatu, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Gukumira amakimbirane ni imwe mu ngamba zo kugera ku iterambere rirambye"

**Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:**

Uyu mwitozo uzakorwa na buri munyeshuri ku giti ke. Umwarimu yibutsa abanyeshuri kubanza gushaka ingingo z'ingenzi bazahangaho umwandiko, zijyanye n'insanganyamatsiko yo kubaka umuco w'amahoro. Umwarimu abibutsa kandi kubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.

## IV.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kane

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kane, bityo bikabafasha gukora inshamake**.**

**Urugero rw'inshamake yakorwa**

- Muri uyu mutwe, twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo kumenya intandaro n'ingaruka by'amakimbirane.
- Twunguranye ibitekerezo ku bitera amakimbirane, kungaruka z'amakimbirane n'uburyo twakumira amakimbirane hagamijwe kubaka umuco w'amahoro.
- Twize kandi inshinga, turayisesemgura, twerekana uturemajambo tw'ibanze n'utwungirije ndetse n'amategeko y'igenamajwi.

## IV.7. Isuzuma risoza umutwe wa kane

**Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kane**

- Gusoma no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi.
- Guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yatanzwe.
- Gusesengura inshinga no kugaragaza amategeko y'igenamajwi yakoresjwe.

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iri suzuma buri wese ku giti ke. Iyo barangije umwarimu akosora buri munyeshuri akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

I. Ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko

1. **Jenoside ni iki?**

Jenoside ni ubwicanyi bwibasira imbaga y'abantu bafite icyo bahuriyeho, bugamije kuyirimbura, hashyirwa mu bikorwa umugambi uba warateguwe.

2. **Intambwe jenoside inyuramo kugira ngo igerweho ni zingahe? Zivuge uzikurikiranyije**.

Intambwe jenoside inyuramo kugira ngo igerweho ni umunani.

Izo ntambwe ni izi: gutandukanya abaturage babacamo ibice; guhabwa izina ryihariye hatangwa inyigisho z'urwango; kwamburwa ubumuntu; gutegura abazayikora banigishwa, hanashakwa ibikoresho; kwibasira abatagira aho babogamiye; kugaragaza abagomba kwicwa bakora urutonde; kwica hagamijwe kubamaraho; guhakana no kwibasira abatangabuhamya.

3. **Vuga nibura uburyo butatu bwo gukumira jenoside bugaragara mu mwandiko**.

Ubuyo bwo gukumira jenoside ni ugushyiraho itegeko muri buri gihugu rihana buri wese wambura ubumuntu mugenzi we; kwirinda ivangura iryo ari ryo ryose; kwigisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

4. **Ni iyihe nama wagira buri muntu mu rwego rwo kwirinda no kurwanya jenoside?**

Mu rwego rwo kwirinda no kurwanya jenoside buri wese akwiye gukunda mugenzi we, kumva ko ari ikiremwa k'Imana no kwamagana ubuyobozi bucamo ibice abaturage.

5. **Garagaza uburyo bunyuranye bwo gukumira no kurwanya jenoside butavuzwe mu mwandiko**.

Aha umwarimu areba niba uburyo abanyeshuri batanze bushoboka, akabafasha kubunonosora.

6. **Ingingo z'ingenzi zigaragaragara mu mwandiko:**
   - Igisobanuro cya jenoside;
   - Abayitegura n'intambwe zo kuyishyira mu bikorwa;
   - Ingamba n'inama zo kuyirwanya no kuyikumira.

II. Ibibazo n'ibisubizo by'inyunguramagambo

1. **Sobanura amagambo akurikira:**
   - **Ubumuntu:** kamere muntu.
   - **Guta agaciro:** gusubira inyuma mu kamaro cyangwa mu gushimwa.
   - **Umugambi mubisha:** inama yo gukora ikintu cy'ubugome.

- **Guhana umugambi:** kumvikana n'umuntu ku kintu mushaka gukora, ku buryo cyangwa ku gihe kizakorwa

2. **Koresha aya magambo ukore interuro ukurikije inyito afite mu mwandiko: ubumuntu, kwibasira, agaciro**.
- Si byiza kwambura abandi **ubumuntu**.
- Uriya mugabo **yibasiwe** n'ubukene.
- Karake yataye **agaciro** aho bamwirukaniye ku kazi.

3. **Andika impuzanyito z'aya magambo yanditse atsindagiye ziri mu mwandiko:**
- Ni ngombwa gutabara abantu bibasiwe na jenoside **bidatinze**. (**mu maguru mashya**)
- Mudacogora **yaboneranywe** n'abajura. (yibasiwe)

**III. Ibibazo n'ibisubizo by'ikibonezamvugo**

1. Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze tungahe? Tuvuge. Inshinga isanzwe itondaguye igira uturemajambo tw'ibanze **tune**
- **Ari two: indanganshinga, indangagihe, umuzi, umusozo**.

2. **Erekana uturemajambo twungirije inshinga igira? Ese inshinga itondaguye igira uturemajambo tungahe? Andika amazina yatwo**.
- Inshinga igira uturemajambo twungirije ari two: akano, inyibutsacyuzuzo, impakanyi
- n'ingereka. Inshinga itondaguye ishobora kugira uturemajambo umunani ari two: akano, indanganshinga, impakanyi, ingenantego, indangacyuzuzo, umuzi, ingereka n'umusozo.

3. **Hari ubwoko bungahe bw'ingereka mu nshinga itondaguye?**
- Mu nshinga hari ubwoko bubiri bw'ingenzi ari bwo ingereka zihora zibanziriza izindi n'ingereka zifata umwanya ubonetse wose.

4. **Sesengura inshinga itondaguye ugaragaza amazina y'uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe**.
- Kamanzi ati: "Mu bucuruzi bwange, nkoresha abantu benshi".
- Ese Petero arakishonjesha iyo bamubwiye kujya mu mirimo isaba ingufu.
- Za ngabo zaracumbukuye, ubu zigeze hakurya ya Nyabarongo.
- Kera Abanyarwanda bamesheshaga imigwegwe. Ese ubu baracyakora batyo?

**Uturemajambo tw'inshinga n'amategeko y'igenamajwi**

| Inshinga | Uturemajambo | Amategeko |
|---|---|---|
| Nkoresha | **n-ø-kor-ish-a** | i→e/Co- |
| arakishonjesha | **a-ra-ki-ii-sonz-ish-a** | i→y/-J a→ø/-J i→e/Co- s→sh (ihuzashusho) |
| Bamubwiye | **ba-ø-mu-bwir-ye** | r + y → y |
| Isaba | **i-ø-sab-a** | - |
| zaracumbukuye | **zi-a-ra-cumb-uk-ur-ye** | i→ø/-J r + y → y |
| Zigeze | **zi-ø-ger-**ye | r + y → z |
| Bamesheshaga | **ba-a-mes-ish-aga** | a→ø/-J i→e/Ze s→sh (ihuzashusho) |
| Baracyakora | **ba-ra-ki-a-kor-a** | i→y/-J ky→cy mu Kinyarwanda |
| Umumbwirire | **u-ø-mu-n-bwir-ir-e** | n→m/-b |
| Yahampereye | **a-a-ha-n-ha-ir-ir-ye** | a→y/-J n→m/-h mh→mp r + y → y |

## IV.8. Ibikorwa by'inyongera

### IV.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

Umwarimu ategura ibibazo akabiha abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke mu ishuri kugira ngo bibafashe kuzamura urwego rwabo.

**Umwandiko: « Tubeho mu bworoherane: urugero rwa Martin Luther King »**

[…] Ku wa Kane, tariki ya 1 Ukuboza 1955, Roza Pariko wari uvuye mu kazi, yinjiye muri otobisi aricara, umushoferi aza kumusaba kwimukira umuzungu wari ubuze umwanya, Roza aranga, ni bwo bamufunze. Abirabura bishyize hamwe barwanya ako karengane mu mahoro. Biyemeje kureka kugendera muri otobisi, bakajya bigendera n'amaguru cyangwa bagatega tagisi. Mu gitondo cyo ku wa 5/12/1955, habaye igitangaza: za otobisi zirimo ubusa zatangiye kuzenguruka umugi, abirabura bagenda n'amaguru.

Muri uwo mugoroba, Pasitori Maritini Luteri Kingi (Martin Luther King), yigishije mu rusengero mu ijwi riranguruye n'urukundo rwinshi agira ati: « Dushaka ko ikibazo cyacu cyumvikana nta we duhohoteye. Ibikorwa byacu bigomba kugendera ku **mahame** y'ukwemera kwacu kwa gikiristu. Urukundo ni rwo rugomba kugenga ibikorwa byacu. Nyuma y'ibinyejana n'ibinyejana, amagambo ya Yesu agomba kwirangira mu mitima yacu « Mukunde ababanga, musingize ababavuma, musabire ababatuka n'**ababatoteza**. »

[….] Maritini Luteri Kingi (Martin Luther King) yaje gucirwa urubanza nabi

aratsindwa, ariko yitabaza urukiko rw'ikirenga rw'i Washingitoni(Washington), rwo rwemeza ko kuvangura amoko binyuranye n'Itegeko Nshinga ryo muri icyo gihugu. Bityo urukiko ruba ruhagaritse akarengane k'Abirabura nyuma y'iminsi Magana atatu na mirongo inani n'itanu (385) babiharanira.

1. **Soma agace k'umwandiko « Tubeho mu bworoherane: urugero rwa Maritini Luteri Kingi (Martin Luther King) », maze usubize ibibazo byakabaijweho**

   Subiza **yego** ku bisubizo biri byo.

**a) Abirabura bamaze kwiyumvisha akarengane kabo:**

- Bateye abazungu amabuye
- Bafunze umuhanda babuza imodoka kugenda
- Bagenderaga muri otobisi bakanga kwishyura
- Banze kugendera muri otobisi **(yego)**
- nta gisubizo kiri cyo

**b) Kubera akarengane abirabura bagirirwaga:**

- Banze Abazungu
- Bakomeje kubakunda (yego)
- Barahunze bava muri ako karere
- Bemeye kurenganywa kubera ko nta kundi byari kugenda
- Nta gisubizo kiri cyo

**c) Martin Luther King amaze gutsindwa mu rukiko:**

- Yarajuriye (yego)
- Yacitse intege
- Yatanze ruswa
- Yatorotse gereza
- Nta gisubizo kiri cyo

**d) Kubera ko batakoresheje ingufu no kwihimura, abirabura :**

- Bakomeje kurenganywa
- Baje kurenganurwa (yego)
- Batsinzwe mu nkiko
- Barafunzwe
- Nta gisubizo kiri cyo

2. **Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) **Amahame**: ukuri kunonosoye

b) **Ababatoteza**: ababarenganya, ababarwanya

3. **Subiza ibibazo bikurikira:**

**a) Muri uyu mwandiko, abirabura bagiriwe akahe karengane?**

Abirabura bagiriwe akarengane k'ivangura rishingye ku ibara ry'uruhu

**b) Maritini Luteri Kingi (Martin Luther King) twamwigiraho iki?**

Twamwigiraho:

- Kurwanya akarengane mu mahoro
- Kugira ukuri,
- Kugira ubutwari…

### 1.8.2 Umwito nyagurabushobozi

Soma umwandiko « Tubeho mu bworoherane: urugero rwa Maritini Luteri Kingi (Martin Luther King) » maze wungurane ibitekerezo na mugenzi wawe ku buryo Martin Luther King yahisemo mu kurwanya akarengane.

### 1.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. Shaka uturemajambo, ugaraze n'amategeko y'igenamajwi mu mpine ku magambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira:

a) Munyana **yorohera** abandi; ntakunda amahane.

b) Nkiri muto **narwanaga** n'abandi bana none ubu nsigaye ndi umunyamahoro

c) Ni ngombwa **guhuza** abantu **bagiranye** amakimbirane

2. Tanga ingero ebyiri z'inshinga zitondaguye kuri buri tegeko, unazisesengure.

**a) r+y→z**

- Ejo indege **yageze** i Kigali i-a-ger-ye
- Umunyeshuri **yaguze** ishati a-a-gur-ye

**b) k+y→ts**

- **Natutse** mugenzi wange musaba imbabazi n-a-tuk-ye
- Maze kubacunaguza **basutse** amaririra mbasaba imbabazi ba-a-suk-ye

**c) g+y→z**

- Kera Abanyarwanda **barahunze** kubera ubuyobozi bubi ba-a-a-ra-hung-ye
- Umubyeyi **yaraze** abana be ishuri a-a-rag-ye

**d) t +y→s**

- Yanyagiwe none amakayi ye **yatose** a-a-tot-ye
- Mariko **twaramuruse** turansura. Tu-a-a-ra-mu-rut=ye

3. Tahura inshinga ziri mu nteruro zikurikira, ugaragaze intego zazo n'amategeko y'igenamajwi.

- Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.
- Muzamumbwirire rwose ntazampemukire.
- Wikwikorera ibyo bintu byose utavunika.
- Witumiza ibintu mu mahanga.
- Nuhura na Petero uzanabimwibutse.
- Uzahampingishirize bidatinze.

| Inshinga | Uturemajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Katagurutse | ka-ta-gur-uk-ye | k+y→ ts |
| Ntikamenya | nti-ka-meny-a | - |
| Bweze | bu-a-er-ye | u→ w/-J a→ ø/-J r+y→ z |
| Muzamumbwirire | mu-za-mu-n-bwir-ir-e | n→ m/-b |
| Ntazampemukire | nti-a-za-n-hem-uk-ir-e | i→ ø/-J<br>n→ m/-h mh→ mp mu myandikire. |
| Wikwikorera | u-i-ku-ii-kor-ir-a | u→ w/-J i→ e/Co- |
| Utavunika | u-ta-vun-ik-a | - |
| Witumiza | u-i-tum-ir-y-a | u→ w/-J r+y→ z |
| Nuhura | ni- u- ø-hur-a | i→ ø/-J |
| Uzabimwibutse | u-za-bi-mu ib-uk-y-e | u→ w/-J k+y→ ts |
| Uzahampingishirize | u-za-ha-n-hing-ish-ir-ir-y-e | n→ m/-h mh→ mp mu myandikire. r+y→ z |
| Bidatinze | bi-ta- ø-tind-y-e | t→ d/-GR d+y→ z |

4. Erekana intego y'inshinga "ntuzamundamukirize" hanyuma uvuge izina rya buri karemajambo.

| Ntuzamundamukirize: nti-u-za-mu-n-ram-uk-ir-ir-y-e | |
|---|---|
| **Akaremajambo** | **Izina ry'akaremajambo** |
| nti- | Akano |
| -u- | Indangangenga/Indanganshinga |
| -za- | Indangagihe/Igenantego |
| -mu-, -n- | Indangacyuzuzo |
| -ram- | Umuzi |

| | |
|---|---|
| -uk- | Ingereka y'inyabune |
| -ir-ir- | Ingereka ngirira |
| -y-e | Ingereka ngiza |
| -e | Umusozo |

## IV.9. Amakuru y'inyongera

### 1. Urutonde rw'amategeko y'igenamajwi akorana n'umusozo -ye.

- **c+y→c (y→Ø/c-)**: nahacoce: n-a-ha-co**c**-**y**e
- **c+y→sh**: yishe ikibazo: a-a-i**c**-**y**e
- **d+y→z**: yahadoze: a-a-ha-do**d**-**y**e
- **g+y→z**: navuze: n-a-vu**g**-**y**e
- **h+y→shy**: birabishye: bi-ra- bi**h**-**y**e
- **sh+y→sh**: urabihishe: u-ra-bi-hi**sh**-**y**e
- **j+y→j:** harakonje: ha-ra-kon**j**-**y**e
- **k+y→ts**: batetse: ba-a-te**k**-**y**e
- **k+y→s**: baronse (babonye): ba-a-ron**k**-**y**e
- **n+y→nny**: nakinnye: n-a-ki**n**-**y**e
- **r+y→y (r→Ø/-y):** yabyaye: a-a-bya**r**-**y**e
- **r+y→z**: murakoze: mu-ra-ko**r**-**y**e
- **r+y→j**: burije: bu-ra-i**r**-**y**e
- **s+y→sh**: bameshe: ba-a-me**s**-**y**e
- **t+y→s**: irahise: i-ra-hi**t**-**y**e
- **t+y→sh**: yamufashe: a-a-mu-fa**t**-**y**e
- **y+y→y (y→Ø/-y)**: nabagaye :n-a-ba-ga**y**-**y**e
- **z+y→j**: arashaje :a-ra+sa**z**-**y**e ( shaje: s→sh: ihuzashusho)
- **w+y→w (y+w→ w), ( y→Ø/-w):** byatawe: bi-a-ta-w-ye

  byarariwe: bi-a-ra-ri-w-ye
  bi-a-a-ra-ta-w-ye **w+y→w**
  bi-a-a-ra-ta-w-y…e( itandukana ry'umusozo)
  bi-a-a-ra-ta-**y-w**…e (ihinduranya ry[myanya)
  **(y+w→ w),( y→Ø/-w)**

### 2. Uturemajambo tw'Inshinga nkene/mburabuzi

Zimwe mu nshinga nkene zigira uturemajambo nk'utw'inshinga zisanwe

**Ingero:**

- Arakamufitiye (akamaro)
- Bafitanye amakimbirane
- Baraziranye
- Turaruzwi
- Ntaruzwi
- Mutaziranye
- **Nari** umugabo ntihabwa intebe.

UMUTWE WA 5

# KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE

## V.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku bihumanya ikirere agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko yahawe.
- Kwandika interuro agaragaza ubutinde n'amasaku.

## V.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Gusobanura ibidukikije ibyo ari byo no gutanga urugero rw'ibidukikije.
- Gusobanura uburyo bwo kubungabunga ibidukikije biri aho atuye.
- kwandika amagambo agaragaza ubutinde n'amasaku.

## V.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragarira muri uyu mutwe |
|---|---|
| Kubungabunga ibidukikije | Igaragarira mu mwandiko «Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe» aho bakangurira abantu kubungabunga ibidukikije cyanecyane ikirere. |
| Umuco wo kuzigama | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu mwandiko "Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe" ahagaragara ingingo zikangurira abantu kubungabunga ibidukikije kuko ari inyungu ya buri wese iyo hatabayeho ihumana ry'ikirere. |
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Igaragarira mu bikorwa umwarimu atanga, mu bibazo abaza, mu gukora amatsinda aho yibanda ku bitsina byombi. |
| Uburezi budaheza | Igaragara igihe umwarimu yigisha yita kuri buri munyeshuri. |

## V.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Akoresheje uburyo bw'ikusanyabikorwa, umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Ku bwanyu murumva hakorwa iki ngo ikirere kidahumana? Garagaza uruhare rwa muntu mu kubungabunga ibidukikije n'uburyo buboneye bwo kurinda ikirere.*

Ikigomba gukorwa ni ugufatwa neza ku ibidukikije. Buri muntu wese aho ava akagera yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, umwana cyangwa umukuru agomba kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije. Kudakoresha ibisohora ibyuka byangiza ikirere n'ibindi.

Umwarimu arartega amatwi ingingo abanyeshuri batanga ku bihumanya ikirere maze agende abafasha kunoza ibitekerezo batanga.

## V.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe agenewe

| Umutwe wa gatanu: Kubungabunga ibidukikije | | Umubare w'amasomo: 12 |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe.** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'igenzi ziwukubiyemo kandi ahuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe. | **Isomo 1** |
| Amasaku mbonezanteruro | | |
| **Isomo rya kane:** Amasaku mbonezanteruro. | Gutahura inshoza n'amahame agenga amasaku mbonezanteruro | **Amasomo 4** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.** | | **Isomo 1** |
| **Isuzuma risoza umutwe wa gatanu.** | | **Amasomo 2** |

**Ikitonderwa:**

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimu abanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyenshuri.

## V.5.1. Umwandiko: Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe.

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku bihumanya ikirere, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho n'izindi nyandiko zivuga ku bidukikije. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko yo mu mwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo:**

1. Ni iki mubona kuri iyi shusho?
   - Inyubako z'uruganda rucunshumura ibyotsi bigatumbagira mu kirere.
2. Ni ibihe bikorwa bindi bigaragara byangiza ibidukikije?
   - Abatwitsi b'amakara batangiye gutema ishyamba. Mu ntangiriro y'ishyamba haragaragara inkongi y'umuriro, uwitwa rutwitsi arahunga arenze umusozi uruganda rwubatseho.
3. Uretse inganda na ba rutwitsi, ni ibiki byangiza ibidukikije cyanecyane ikirere?
   - Ibindi bishobora kwangiza ikirere ni imyotsi iva mu binyabiziga.
4. Muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki ?
   - Uyu mwandiko uraza kuvuga ku kubungabunga ibidukikije turwanya ibihumanya ikirere.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe", ushakemo amagambo*

*udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko, wifashishije inkoranyamagambo.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo abayeshuri bashobora kudasobanukirwa:**

- **Urusobe:** uruvange.
- **Amapfa:** igihe imvura yabuze hagacana izuba ryinshi rikangiza ibimera.
- **Intandaro:** inkomoko y'ikintu/impamvu itera ikintu kubaho.
- **Amapfa:** igihe imvura yabuze hagacana izuba ryinshi rikangiza ibimera.
- **Ingaruka ziziguye:** ingaruka za kure.
- **Ingaruka zitaziguye:** ingaruka za hafi, z'ako kanya.
- **Kwibasira:** kubonera umuntu umukorera ikintu ubutaruhuka, gushaka kwangiza ikintu.
- **Akangaratete:** ibyago, ibibazo.
- **Ahantu habaye isibaniro:** ahantu hibasiwe n'ikintu kibi.
- **Ubuzima bukaba ingume:** ubuzima bukagorana.
- **Ubumara:** uburozi.
- **Ubuhangange:** ubwamamare, igitinyiro.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba buri munyeshuri ku giti ke gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu n'abanyeshuri bakosorera hamwe imyitozo, bafatanya kunoza ibisubizo maze bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo**

**a) Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:**

- Iyo ibidukikije byibasiwe, abantu basigara mu **kangaratete** bakicwa n'inzara.
- Ibihumanya ikirere bitera amapfa kubera ko ibimera byuma hakabaho **imihindagurikire y'ibihe** imvura ikabura.
- **Amashyamba** afite akamaro ku kuyungururara umwuka duhumeka no kubika urusobe rw'ibinyabuzima.
- Ibihugu byateye imbere bicura ibitwaro bya kirimbuzi kubera kurwanira **ubuhangange**.

**b) Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye: ubumara, amapfa,**

**ibidukikije, ikirere.**

- **Ubumara**: Inzoka ni inyamaswa zigira **ubumara**.
- **Amapfa**: Iyo izuba ryacanye cyane **amapfa** aratera.
- **Ibidukikije**: Kurengera **ibidukikije** ni ukwizigamira ejo hazaza.
- **Ikirere**: Turinde **ikirere** ibigihumanya kugira ngo duhumeke umwuka mwiza.

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?**

- Umwandiko duheruka kwiga ni "Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe".

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

- Uwo mwandiko wavugaga ku kubungabunga ibidukikije cyanecyane.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.*

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Mu mwandiko batubwira ko ibidukikije birimo ibice bingahe? Tanga urugero.**

Ibidukikije bikubiyemo ibice bibiri, birimo ibidukikije kamere umuntu atagizemo uruhare n'ibiva ku bikorwa bya muntu. Urugero: Ibidukikije kamere: imisozi, ibibaya, inyoni, ibirunga, inzuzi karemano,…

Ibidukikije biva ku bikorwa bya muntu: inganda, ibikorwa by'ubukungu,…

**b) Ni ibiki bibangamira ibidukikije bivugwa mu mwandiko?**

Ibinyabiziga, inganda, ubwato, indege, gutema amashyamba…

**c) Sobanura uburyo inganda zishobora gutera imihindagurikire y'ibihe.**

Kubera ko ibyotsi biva mu nganda bicucumuka bijya mu kirere bikacyangiza. Kwandura kw'ikirere ntibisigana no kwandura k'umwuka. Kubera ko umwuka ugira uruhare mu kugena ibihe by'imvura n'izuba, urumuri, ubushyuhe cyangwa ubukonje bikaboneka mu rugero rushimishije nubwo hari aho bikabya; umwuka wanduye, uhumanye, utuma ibihe bigenda bihindagurika.

**d) Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo ibinyabiziga bitangiza ikirere?**

Ni ukugabanya ibinyabiziga bisohora ibyotsi bikoresha risansi hagakoreshwa irindi koranabuhanga ribungabunga ibidukikije.

**e) Sobanura uburyo gutema amashyamba bitera imihindagurikire y'ibihe.**

Ni ukubera ko ibyotsi byanduye biva mu nyanja biyungururwa n'amashyamba ntibishobore gukomeza ngo byangize ikirere. Iyo nta mashyamba ahari birakomeza bikajya kwangiza ikirere ku buryo na byo bigira uruhare runini mu mihindagurikire y'ibihe.

**f) Ni gute ubushakashatsi na bwo bushobora kugira uruhare mu mihindagurikire y'ibihe?**

Abashakashatsi bagiye bashaka uburyo bayobya imiyaga imwe n'imwe ikomoka mu nyanja maze ugasanga na bo bateje imihindagurikire y'ibihe. Ubusanzwe iyo miyaga igira gahunda yayo itera imvura kugwa ku mugabane uyu 'uyu n'igihe iki n'iki. Ubwo bushakashatsi rero buvanze n'ibyuka binyuranye byoherezwa mu kirere bitera ibihe guhindagurika mu buryo budasobanutse igihe abantu bari biteze imvura bakayibura, yanagwa ikaza itunguranye.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego yihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku kubungabunga ibidukikije. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Umwandiko twize ubushize wavugaga ku ki?

- Ubushize twize umwandiko uvuga ku bihumanya ikirere.

b) Ni izihe ngaruka z'imyotsi isohoka mu nganda no mu binyabiziga?

- Ingaruka ni nyinshi, zirimo guhumanya ikirere bitera ihindagurika ry'ibihe. Kwanduza umwuka ibinyabuzima bihumeka n'izindi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

a) Garagaza ibindi bintu bitavuzwe mu mwandiko ubona byakwangiza ikirere.

- Imiti y'ubutabire ikorerwa mu nganda ishyirwa mu bintu bitandukanye ikangiza ikirere.
- Ibyatsi bimera mu mazi nk'amarebe bikamya imigezi, yakama amapfa agatera.
- Kuragira inka ku gasozi bituma imisozi itenguka igatwarwa n'isuri kandi yadukingiraga umuyaga w'ishuheri.

b) Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.

- Inkomoko yo kwangirika kw'ikirere; ingaruka ziterwa n'iyangizwa ry'ibidukikije, ukuntu iterambere rituma ikirere gihumana bigatera akaga, ingamba Leta y'u Rwanda yafashe zo kwita ku bidukikije.

c) Huza ibivugwa mu mwandiko "Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe" n'ubuzima busanzwe ubamo.

- Umwarimu arafasha abanyeshuri guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe babamo.

d) Ni ubuhe buryo bwiza bwo kubungabunga ibidukikije?

- Umwarimu afatanya n`abanyeshuri kwerekana uburyo bwiza bwo

kubungabuga ibidukikije, harimo: gufata neza amashyamba, gufata neza inzuzi n'ibiyaga, kugabanya ibyuka bihumanya ikirere...

**Umwitozo**

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri nk'umukoro buri wese akawukora ku giti ke, akazawukosora mu isomo rizakurikiraho ku wundi munsi.

**Urugero rw'umwitozo:**

Ushingiye ku mabwiriza y'ihinamwandiko, hina umwandiko "Ikirere n'imihindagurikire y'ibihe" mu mirongo icumi.

Umwarimu areba ko inshamake abanyeshuri bakoze zubahirije amabwiriza y'ihinamwandiko.

### V.5.2. Amasaku mbonezanteruro

### Isomo rya kane: Amasaku mbonezanteruro

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusobanura inshoza y'amasaku mbonezanteruro.<br>- Gusobanura amategeko agenga ubutinde n'amasaku mu nteruro.<br>- Kwandika interuro agaragaza ubutinde n'amasaku. |
| **Imfashanyigisho:**Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, igitabo k'ikibonezamvugo. |

**1. Intangiriro**

Mbere yo gutangira isomo rishya, umwarimu agenzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, agafata ibyo bakoze kugira ngo azabikosore.

Iyo umwarimu arangije kugenzura umukoro, yandika ku kibaho interuro zirimo ubutinde n'amasaku hanyuma agasaba abanyeshuri kuzisoma no kuzitegereza, akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo rishya.

**Urugero rw'interuro:**

- Abo nî Kamaâri na Rûgaâmba baâteeye ibitî.
- Iby'uûwo mukôro wô kuriinda ikirêerê biraanshiimiishije.

**Urugero rw'ibibazo**

a) Murabona izo nteruro zanditse gute?

- Izi nteruro zanditse zikurikije ubutinde n'amasaku.

b) Ese uramutse ufashe buri jambo ukwaryo ritari mu nteruro, ukaryandika ugaragaza ubutinde n'amasaku by'amagambo yose byaba bimeze nk'ibyo afite ari mu nteruro?

- Oya. Ubutinde n'amasaku by'amagambo amwe n'amwe birahiduka iyo ashyizwe mu nteruro.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri bamusubije akababwira ko bagiye kwiga ubutinde n'amasaku mu nteruro.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

Soma interuro zikurikira wubahiriza ubutinde n'amasaku, hanyuma usubize ibibazo byazibajijweho.

a) Ikirêerê n'ûmwuûka duhuumêeka byaangiizwa n'îibyôotsi.
b) Umugorê n'ûmugabo barafâtanya mu kurêengera ibidûkiikije.
c) Karaangwâ yahûguuye abatûuranyi bê kuu ngârukâ z'aâko kaânya cyâangwâ zizigûye zikomôoka ku kwâangiiza amashyaamba.
d) Muu nzêego z'ûbuyobozi biitoondera ibyaâkwaanduza umwuûka mwiizâ

**Ibibazo**

1. Mukurikije imivugirwe y'izo nteruro murumva ari ayahe masaku yaje mu myanya atari asanzwemo? Kubera iki?
2. Mukore ubushakashatsi mutahure inshoza y'amasaku mbonezanteruro, mugaragaze impamvu amagambo agenda ahindura amasaku kamere iyo ari mu nteruro.
3. Mushake andi masaku mbonezanteruro atagaragajwe muri izo nteruro.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha. Nyuma y'igihe cyagenwe, hatoranywa itsinda rimwe rikamurika ibyo ryagezeho maze andi matsinda agakurikira, abayagize bagenda bafatanya n'umwarimu kunoza ibyo itsinda ribagezaho. Ibimaze kunozwa byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'amasaku mbonezanteruro**

Amasaku mbonezanteruro ni amasaku avuka iyo ijambo rihinduye isaku kamere

ryari rifite bitewe n'ubwoko bw'ijambo biri kumwe mu nteruro. Mu nteruro amagambo agenda ahindura amasaku kamere bitewe n'uko yakoreshejwe. Hari amoko y'amagambo atuma habaho imihindagurikire y'amasaku. Ayo ni nk'ibyungo **na** na **nka,** ndetse n'**ibinyazina ngenera bifite igicumbi –a.**

**a) Amasaku mbonezanteruro ashingiye ku byungo cyangwa ku binyazina ngenera.**

- Iyo ijambo rikurikira icyungo cyangwa ikinyazina ngenera ridafite isaku nyejuru muri kamere yaryo, amasaku yaryo ntahinduka. Ibyo ariko bishoboka iyo iryo jambo ridatangiwe n'inyajwi.

**Ingero:**

- Ishyaamba ryiitaabwahô **na Mugisha.**
- Kanyâna **na Kagabo** bafatanya kuriinda ibihûmaanya ikirêerê.
- Umukôro **wa Mugabo.**

Ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ijambo ridatangiwe n'inyajwi, gihita kigira ubutinde, kereka iyo ijambo gisobanura riri mu nteko 1, 3, 4, 6, 9.

**Ingero**:

- Abâana **baa Nkû**bito bi**î**tabiiriye umugaanda wô gutêera ibitî
- Ageendana **na Cyûu**ma.
- Mukuungwâ **na Ntâruka** bireegeranye.

Iyo icyungo cyangwa ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ijambo rifite isaku nyejuru ku mugemo wa kabiri, iryo saku nyejuru riri kuri wa mugemo wa kabiri ryimukira ku mugemo wa mbere w'iryo jambo.

**Ingero:**

- Saavê ituuwe **nka Kî**buungo.
- Umukôro **wa Mû**tesi

Iyo ibyungo "**na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi -**a**, bikurikiwe n'izina ridafite indomo, ariko rifite isaku nyejuru ku mugemo wa gatatu, iryo zina rifata isaku nyejuru ku mugemo waryo wa mbere ariko na ryarindi rikaguma aho ryari riri.

**Ingero:**

- Kiizâ **na** M**û**gorê baravûukana.
- Umujyî **wa** K**î**galî urasukuuye.

Iyo ibyungo **"na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi **-a** bikurikiwe n'izina ridafite indomo, ku mugemo wa kabiri rifite isaku nyesi nyejuru, iryo saku rirahaguma, umugemo wa mbere na wo ugafata isaku nyejuru.

**Ingero:**

- Inzu **ya Kâriîsa** sî iy'îbyaâtsi.
- Kamaâri yiigiisha **nka Mûhiîre** kubûungabuunga ibidûkiikije.

Buri gihe iyo ibyungo "**na**" na "**nka**"n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi - **a** bikaswe bikurikiwe n'izina ritangiwe n'indomo, iyo ndomo itangira iryo zina ihita ifata isaku nyejuru.

**Ingero:**

- Umugorê **n'û**mugabo
- Abâana **b'â**bakoôbwa

Buri gihe iyo ibyungo "**na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi **–a** bikaswe bikurikiwe n'izina rifite isaku nyejuru cyangwa nyejuru nyesi ku mugemo wa kabiri, bituma indomo y'iryo zina igira isaku nyejuru nyesi.

**Ingero:**

- Afatwa **nk'îintwâari.**
- Miniisîtiri **w'îintêbe** yasuuye/yasûuye Icyaânya cy'Âkagêra

Iyo ibyungo "**na**" na "**nka**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi **–a** bikaswe bikurikiwe n'ikinyazina nyereka, icyo kinyazina nyereka gifata isaku nyesi nyejuru ku nyajwi ibanza.

**Ingero:**

- Abatô bageendana **n'iîki** gihe.
- Yiitwaara **nk'aâba** babyêeyi bê.

Guhumaanya ikirêerê biteeza ingârukâ **z'aâko** kaânya.

**b) Amasaku mbonezanteruro adashingiye ku byungo cyangwa ku binyazina ngenera.**

Ikinyazina mbanziriza gihorana isaku nyejuru ku gicumbi cyacyo.

**Ingero:**

- **Uwô** mvugâ yaaje.
- **Ibyô** akorâ birakwîiye.

Indangahantu **ho, yo, mo/mwo** bifatana n'inshinga n'akajambo **ko** bifata buri gihe isaku nyejuru.

**Ingero:**

- Si **kô** bavuzê.
- Yagiiyey**ô.**
- Namuboonyem**ô**/ Namûboonyem**ô.**

Inshinga mburabuzi "**ni /si"** ikoreshejwe mu nteruro buri gihe ifata isaku nyejuru. Nyamara iyo itangiye interuro iryo saku riratakara.

**Ingero:**

- Amasuunzu **sî** amasakâ.
- Uwô nshâakâ **nî** uwo.
- **Ni** umwâana nk'âbaândi.
- **Si** nge ujyayô.

Indangahantu "**i** " na yo ishobora guhindura amasaku kamere y'amagambo.

**Ingero:**

- Saavê
- Avuuka **i** Sâavê.

Iyo mu nteruro hakoreshejwe ibyungo "**no**" na "**nko**" n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi-**o**, bifata isaku nyejuru.

**Ingero:**

- Kunywâ **nô** kuryâ birajyaana.
- Umurimâ **wô** guhîinga nî uwo.
- Iyo nyâna **yô** gukwâ nî iyi.

Impakanyi **(ta)** igira isaku nyejuru kandi ntigira integuza ndetse ntishobora na yo kuba integuza.

**Ingero:**

- Ku**dâ**korâ biravûna.
- Ku**tâ**zâajya**yô** bizaatubabaza.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo byatangwa:**

Soma neza kandi wandike izi nteruro ugaragaza ubutinde n'amasaku ugabanya ibinyetso.

a) Gutera ibiti biranga umuturage w'ibikorwa by'impuhwe n'ineza.
- Gutêera ibitî biraanga umutuûrage w'îbikorwâ by'împuhwe n'îinêezâ.

b) Iterambere rirambye turigezwaho no kurinda ikirere ibigihumanya.
- Iteerambere riraambyê turigezwahô nô kuriinda ikirêerê ibigîhumaanya.

c) Ni ngombwa kugabanya ibyotsi biva mu modoka n'ikoreshwa ry'inkwi.

- Ni ngoombwâ kugabanya ibyôotsi bivâ muu môdokâ n'îikôreeshwa ry'îinkwî.

d) Kagabo na Mutoni bahawe igihembo kuko bafashe neza ibidukikije.

- Kagabo na Mûtoni bahaawe/baâhaawe igihêembo kukô baâfashe nêezâ ibidûkiikije.

e) Nyiri amahirwe amenya iby'imihindagurikire y'ibihe.

- Nyirî amahîirwê amenya iby'îmihiîndagurikire y'îbihe.

### V.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

(Igitabo cy'umunyeshuri, urupapuro rwa....)

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatanu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo.

Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Ugendeye ku mabwiriza y'ihangamwandiko, hanga umwandiko ufite uburebure buri hagati y'imirongo mirongo itatu na mirongo ine ku nsanganyamatsiko ivuga ku bihumanya ikirere.

**Uko umwitozo ukosorwa:**

Mu gukosora imyandiko itandukanye abanyeshuri bahanze, umwarimu asuzuma ubwoko bw'umwandiko buri wese yahanze. Umwarimu agenzura ko umwandiko uvuga ku bihumanya ikirere. Umwarimu akosora agendeye ku mabwiriza agenga ihangamwandiko ( imbata, uburebure, isuku, imigaragarire, imyandikire, inozamvugo…).

## V.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatanu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatanu bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

- Muri uyu mutwe twasomye kandi dusesengura umwandiko uvuga ku bihumanya ikirere. Twabonye ko iyo ikirere gihumanye bitera imihindagurikire y'ibihe, bityo imvura n'izuba ntibikurikirane uko bikwiye. Ibyo bigatera amapfa n'imyuzure bidasanzwe. Hagomba gufatwa ingamba zo kurengera ibidukikije, harimo kurinda ubutaka, amashyamba,... bikozwe n'inzego zose harimo uruhare rwa buri wese.
- Muri uyu mutwe kandi twabonye amasaku mbonezanteruro, uko amagambo ashobora guhinduka mu mivugirwe bitewe n'ubwoko

bw'amagambo biri kumwe mu nteruro. Bityo ijambo rishobora kugira isaku cyangwa ubutinde ritari rifite mbere yuko rijya mu nteruro.

## V.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatanu |
|---|
| - Gusoma no gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.<br>- Guhanga umwandiko ku bidukikije.<br>- Gusoma no kwandiko interuro yubahiriza ubutinde n'amasaku. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma buri wese ku giti ke riri mu gitabo cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

**1. Garagaza akamaro k'ibimera.**

Ibimera bifite akamaro kanini mu buzima bw'abantu ndetse n'inyamaswa kuko biyungururura umwuka duhumeka. Amashyamba atuma imvura igwa, atuma duhumeka umwuka mwiza. Ibimera kandi birwanya isuri bigatunga abantu ndetse n'inyamaswa.

**2. Andika ibintu byangiza ikirere.**

Ibitwaro bya kirimbuzi bijunditse ubumara, imyanda ivuye mu nganda ijugunywa mu mazi cyangwa mu kirere kubera ibyotsi biva muri izo nganda n'ibyotsi biva mu binyabiziga.

**3. Ni iyihe sano igaragara hagati yo kwandura kw'ikirere n'umwuka?**

Kwandura kw'ikirere bijyana no kwandura k'umwuka kubera ko umwuka ugira uruhare mu kugena ibihe by'imvura n'izuba, urumuri, ubushyuhe cyangwa ubukonje bikaboneka mu rugero rushimishije, umwuka wanduye, uhumanye, utuma ibihe bigenda bihindagurika, imyaka ikarumba, izuba rigacana imisozi ikaka, ibimera n'amashyamba bikaba umuyonga, abantu, inyamaswa n'amatungo bikahazaharira.

**4. Hari icyo ubutegetsi bw'Igihugu bwakoze mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije? Sobanura neza igisubizo cyawe**.

Abayobozi b'Igihugu bashyizeho ikigo k'Igihugu gishinzwe kubibungabunga kitwa «REMA». Abantu benshi basobanuriwe akamaro k'ibidukikije hakoreshejwe abajyanama b'ubuzima, bafashamyumvire, bafatanyije

n'abashinzwe gufata neza ubutaka, imiturire no kurengera ibidukikije. Ubuyobozi bwashyizeho uburyo hasuzumwa ubuziranenge bw'ibinyabiziga.

**5. Buri wese mu batuye iyi si arasabwa iki? Tanga ingingo eshatu.**

Buri wese asabwa guhagurukira kubungabunga ibidukikije. Yabikora yamagana ba rutwitsi, atera ibiti kandi akabirinda, buri wese yaharanira ko inganda n'ibinyaziga bitahumanya ikirere.

**6. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

Uyu mwandiko utumye menya ibihumanya ikirere, menya kandi uko nabungabunga ibidukikije.

**Umwarimu areba ibyo umunyeshuri yasubije.**

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

**1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) **Umutungo kamere:** iteraniro ry'ibintu umuntu atunze bituruka mu byo abantu basanze ku isi kandi bakenera buri munsi. Urugero: amazi, amabuye y'agaciro, ibimera, umwuka,…

b) **Kujundika ubumara**: kujundika ni kuba ufite ikintu mu kanwa; ubumara ni uburozi basiga ku kintu ntibuhagarike. Uburozi buba muri kamere y'ibisimba bimwe na bimwe bwica cyangwa bigwangaza uwo birumye.

c) **Imirase:** imyambi y'izuba.

d) **Gusugira:** kujya kera k'umuntu, ikintu cyangwa inyamaswa, kuramba igihe kirekire.

e) **Uruganda:** inzu cyangwa ahantu umucuzi akorera umwuga we, ahantu bakorera ibintu byagenewe gucuruzwa.

**2. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo biri mu ruhushya B**

| A | B |
|---|---|
| 1. Guhumanya | a. akaga; ibibazo bikomeye.. |
| 2. Akangaratete | b. kujya ku mirongo by'intore. |
| 3. Ingamba | c. kuba hafi y'uwo usanga. |
| 4. Gutera ingamba | d. ibyemezo bifatika kandi bihamye. |
| 5. Gusatira | e. gutera indwara, kwanduza indwara. |

1. e
2. a
3. d
4. b
5. c

3. **Simbuza amagambo yanditse mu mukara tsiri impuzanyito zayo ziri mu mwandiko.**

   a) Twabonye **imyambi** y'izuba tumenya ko bukeye.
   - Twabonye **imirasire** y'izuba tumenya ko bukeye.

   b) Imyuka isohorwa n'inganda **yanduza** ikirere
   - Imyuka isohorwa n'inganda **ihumanya** ikirere

**III. Ikibazo ku butinde n'amasaku**

Andika neza interuro zikurikira wifashishije ubutinde n'amasaku kandi ugabanye ibimenyetso.

a) Mu muco nyarwanda kirazira gukora ubushakashatsi wangiza ibidukikije.
- Mu mucô nyarwaanda kirazira gukôra ubushaakashaatsi bwaangîiza ibidûkiikije.

b) Leta y'u Rwanda yashyizeho ingamba zo kubungabunga ahantu nyaburanga.
- Leeta y'û Rwaanda yashyîzehô ingaâmba zô kubûungabuunga ahaantu nyaburaanga.

c) Ibyotsi biva mu nganda n'imodoka bihungabanya ibinyabuzima n'umwuka duhumeka.
- Ibyôotsi bivâ muu ngaânda n'îimôdokâ bihuungabanya ibinyabuzima n'ûmwuûka duhuumêeka.

d) Iby'iki gihe bisaba gusigasira ubuzima bwacu.
- Iby'iîki gihe bisaba gusîgasira ubuzima bwâacu.

e) Nyiri ibyago ni rubanda rugufi rutazi iby'umutungo kamere.
- Nyirî ibyâago nî rubaanda rugufî rutaazî iby'ûmutûungo kamerê.

**IV. Ihangamwandiko**

Hitamo insanganyamatsiko imwe maze uyiramburemo umwandiko w'imirongo mirongo itatu (30).

a) Kubungabunga ibidukikije ni inkingi y'ubuzima buzira umuze.

b) Kurwanya ibihumanya ikirere ni inshingano ya buri wese.

Umwarimu areba imyandiko abanyeshuri bahanga maze akayikosora ashingiye ku byitabwaho mu ihangamwandiko. Asuzuma kandi ko imyandiko y'abanyeshuri yubakiye ku nsanganyamatsiko bahawe agakosora ashingiye ku mabwiriza agenga ihangamwandiko.

## V.8. Ibikorwa by'inyongera

### V.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

**a) Andika imimaro itanu y'ibidukikije.**

**Urugero rw'ibisubizo byatangwa:**

Akamaro k'ibidukikije:

- Bimwe bikurura umwuka mwiza duhumeka bikanawuyungurura.
- Bimwe byifashishwa mu mirimo itandukaye ya buri munsi.
- Bivamo ibikoresho dukoresha nkenerwa mu buzima.
- Bikingira umuyaga w'ishuheri kandi bigakurura imvura.
- Bitwikira ubutaka kandi bikarwanya isuri.
- Ni ubwihisho n'intaho ku nyamaswa, ibiguruka n'ibikururanda.
- Bikurura ba mukerarugendo bakazana amadovize.

**b) Andika interuro zikurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku**

1. **Uyu mwaka hazaterwa ibiti byinshi.**
   - Uyu mwâaka hazaateerwa ibitî byiînshi.
2. **Ibikorwa by'inganda bibangamira umwuka mwiza duhumeka.**
   - Ibikorwâ by'îngaânda bibaangamira umwuûka mwiizâ duhuumêeka.
3. **Turwanye gutema amashyamba ateze kuko biteza ingaruka z'ako kanya.**
   - Turwaanyê gutêma amashyaamba atêezê kukô biteezâ ingârukâ z'aâko kaânya.

### V.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

**Shyira ubutinde n'amasaku ku nteruro zigize igika gikurikira.**

Amashyamba afite akamaro kanini mu buzima bw'abantu. Ayungurura umwuka duhumeka kandi akanabika urundi rusobe rw'ibinyabuzima nk'inyamaswa, inyoni n'ibindi. Ibihugu byinshi birwana urugamba rukomeye rwo kugaragaza ubuhangange, bigacura ibisasu bya kirimbuzi byoreka imbaga bikarimbura amazu n'imisozi.

Ibi bisasu biri mu bya mbere byangiza ikirere, aho byasibaniye ubuzima bukaba ingume. Abahanga bemeza ko ahantu habaye isibaniro ry'ibitwaro bya kirimbuzi, abagore baho baba bashobora kubyara abana babura ingingo zimwe na zimwe kubera ubumara buba bugize ibyo bisasu buba bwarakwirakwiriye mu mwuka bahumeka.

**Igisubizo:**

Amashyaamba afite akamaro kanîni mu buzima bw'âbaantu. Ayuungurura umwuûka duhuumêeka kaândi akanabiika uruûndi rusobê rw'îbinyabuzima nk'înyamâaswa, inyoni n'îbiîndi. Ibihûgu byiînshi birwaana urugaâmba rukomêye rwô kugaragaza ubuhaângaange, bigacura ibisaâsu byaa kiriimbuzi byoorêka imbagâ bikariimbura amazu n'îmisôzi. Ibi bisaâsu biri mu byaa mbere byaangîiza ikirêerê, ahô byaasibâniye ubuzima bukaba ingumê. Abahaânga beemeza kô ahaantu haabaayê/ haâbaaye isibaniro ry'îbitwâaro byaa kiriimbuzi, abagorê bâaho babâ bâshobora kubyâara abâana babûra ingiingo zimwê na zîmwe kubêera ubumara bubâ bûgize ibyo bisaâsu bubâ bwaarakwîirakwiiriye mu mwuûka bahuumêeka.

### V.8.3 Imyitozo y'inyongera

**a) Andika neza interuro zikurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku:**

1. Kwirinda ibihumanya ikirere bigaragazwa n'ibikorwa by'ineza ya muntu.
   - Kwîiriinda ibihûmaanya ikirêerê bigaragazwa n'îbikorwâ by'îinêezâ ya muuntu.
2. Imihindagurikire y'ibihe byo muri iyi si iterwa n'ibyotsi biva mu nganda za rutura.
   - Imihiîndagurikire y'îbihe byô murî iyi sî iteerwa n'îibyôotsi bivâ muu ngaânda nîni.
3. Tubungabunge ubuzima bwacu twirinda kwangiza ibinyabuzima.
   - Tubuungâbuunge ubuzima bwâacu twîiriinda kwâangiiza ibinyabuzima.

**b) Hanga umwandiko w'imirongo mirongo itatu (30) ku nsanganyamatsiko ikurikira:**

"Gufata ingamba zo kurwanya ibihumanya ikirere ni inshingano ya buri wese".

Umwarimu asuzuma imyandiko abanyeshuri bahanga ko yubakiye ku ngingo zifitanye isano n'insanganyamatsiko bahawe hanyuma agakosora ashingiye ku mabwiriza agenga ihangamwandiko.

## V.9. Amakuru y'inyongera

**Izindi ngingo z'amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda**

1. Ibimenyetso by'amasaku n'ubutinde

Mu myandikire ya gihaânga (mu mashuri no mu nyandiko z'ubushakashatsi) amasaku agaragazwa n'agasharu ndyomoso (^) kameze nk'agatemeri ku masaku nyejuru; ku masaku nyesi nta kimenyetso bakoresha keretse mu nyandiko

nyejwi ni ho bakoresha akarongo kaberamiye ibumoso hejuru y'inyajwi.

**Ingero :**

- Umus**ô**re, umug**a**bo
- Umusore [ùmûsôrè], [ùmùgàbò]

Ubutinde bugaragazwa n'inyajwi ebyiri zisa zikurikiranye ku migemo miremire.

**Ingero :**

- Gateêra
- Guhaaha

2. Imyandikire y'amasaku n'ubutinde

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 3, mu myandikire isanzwe, amasaku n'ubutinde byandikwa ku magambo atandukanywa n'amasaku cyangwa ubutinde ku buryo ashobora guteza urujijo cyangwa gusomwa nabi iyo bitagaragajwe.

**Ingero:**

- **Gutaka:** gut**a**ka (ububabare) ≠ gut**aa**ka (inzu)
- **Umusambi: u**mus**aâ**mbi (igisiga) ≠ **u**mus**aa**mbi (bicaraho)

3. Amwe mu magambo fatizo agenderwaho kugira ngo imyigire y'ubutinde n'amasaku yoroheje.

| **Amagambo fatizo** | **Ingero z'andi magambo bihuje amasaku** |
|---|---|
| Umugabo | umugayo, umugano, umutavu, ikigega, ibiheri,… |
| Umugaati | umugaanda, urugeendo, ubugiingo,… |
| Kwaagaaza | kweegeera, kuuvuura, koondoora, kweereera… |
| **U**mugorê | umukirê, ubugomê, urukizâ, umugerî, ihenê, umukenê, ishyarî, isî, indâ, ugê, kô, sô, ndê,… |
| Umusôre | umukôro, uruhâre, igikênya, gasôre, musôni, isâro, matâma,shyôgwe, shâmi, kôra... |
| Reerô | mbeesê, geewê, bwiizâ, keezâ, nteerâ, ngeengâ... |
| umwaâmi | umwaâse, umwaâri, ubwoône, urwiîri... |
| Umwâana | ubwâato, icyâaha, icyûuho, urwêego, ukwêezi... |
| Imbêehê | isâahâ, inzîizâ, imbûundâ... |
| Indôgobê | isâbunê, ingâmiyâ, imôdokâ... |
| Isâhaâne | ikâraâyi, itâfaâri, ingûfuûri... |

| | |
|---|---|
| Guhîingiisha | gukôondoora, guhîinguura... |
| Umwiîĝiisha | icyoôkeere, isaânzuure, umpiîngiishe... |
| Uzâansuûre | uzâambwiîre, ibâambaâsi, uzâabyoôtse... |
| Mwaârabyîize | baârashâaje, byaârahîiye, kaârabâaye... |
| Utwuûnguceênge | Maâma sheênge, akaândi  iwaâbo... |

# UMUTWE WA 6

# GUKUNDA IGIHUGU

## VI.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe**

- Gusesengura umwandiko ku kurwanya ruswa n'akarengane atahura ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gukora inyandikomvugo y'inama.
- Gusesengura amazina y'amatirano agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

## VI.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Ibinjyanye n'nsanganyamatsiko yo gukunda igihugu yize mu mwaka uheruka.
- Ubumenyi buciririste ku misesengurire y'amazina mbonera n'amategeko y'igenamajwi akoreshwamo.

## VI.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Ntumpeho", ku mashusho ari mu myandiko yo muri uyu mutwe cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi. |
| Umuco w'amahoro n'indangagaciro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Ntumpeho" Ahagenda havugwa ingingo zo kwirinda akarengane. |
| Umuco wo kuzigama | Iyi ngingo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Ntumpeho" aho umuhanzi ahwiturira abamwumva kurwanya ruswa, kudasesagura no kwitabira umurimo. |

| | |
|---|---|
| Jenoside | Mu mwandiko "Ntumpeho", aho umuhanzi agaya abateraya amoko ngo bamashane, bagasumbanya uturere n'abantu. |

## VI.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Mukurikije uko muzi ingaruka za ruswa n'akarengane ni iki mwakora kugira ngo uwo muco mubi ucike burundu mu Gihugu. Musobanure uruhare rwanyu nk'urubyiruko mu guca ruswa n'akarengane.*

Umwarimu areba ko abanyeshuri bagenda bagaruka ku ngingo zijyanye no kurwanya ruswa n'akarengane harimo: kwitabira umurimo, kudakunda iby'ubusa, kutavangura...

## VI.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe agenewe

| **Umutwe wa gatandatu: Gukunda Igihugu** | | Umubare w'amasomo: 18 |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Ntumpeho** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | Amasomo 2 |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | Amasomo 2 |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | Amasomo 2 |
| **Amazina gakondo** | | |
| **Isomo rya kane:** Amazina gakondo | Gusesengura amazina gakondo agaragaza uturemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi. | Amasomo 2 |
| **Amazina y'amatirano** | | |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya gatanu:** Amazina y'amatirano | - Gutahura imvano y'amazina y'amatirano no kugaragaza zimwe mu ndimi zatije Ikinyarwanda.<br>- Gusesengura amazina y'amatirano agaragaza intego yayo n'amategeko y'igenamajwi. | Amasomo 3 |
| **Inama** | | |
| **Isomo rya gatandatu:** Inama | - Gusobanura uko inama itegurwa no gusobanura ibikorwa byo kuyiyobora. | Amasomo 2 |
| **Inyandiko mvugo** | | |
| **Isomo rya karindwi:** Inyandiko mvugo | - Gukora inyandiko mvugo y'inama yagiyemo. | Amasomo 2 |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.** | | Isomo 1 |
| **Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu.** | | Amasomo 2 |

### VI.5.1. Umwandiko: Ntumpeho

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atarasobanukiwe ari mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko ku gukunda Igihugu, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Ntumpeho" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

- Kuri iyi shusho hariho umugore n'umugabo bari mu biro. Umugabo ari guha amafaranga umugore ariko umugore yayanze.

**b) Kubera iki uyu mugore atarimo kwakira ayo mafaranga ahabwa? Ese hari ingaruka zabaho aramutse ayakiriye?**

- Ni uko uyu mugabo arimo kumuha amafaranga atakoreye, bisa n'aho ari ay'ubuntu. Uyu mugore aramutse ayakiriye abagenzacyaha bakamufata arimo kurya ruswa yahanwa n'amategeko kimwe n'uwayimuhaye.

c) **Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

- Uraza kuvuga ku kurwanya ruswa n'akarengane.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurukira:

**Igikorwa:**

*Musome umwandiko "Ntumpeho", mushakemo amagambo mudasobanukiwe hanyuma muyasobanure mwifashishije inkoranya.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abikorera ubugororangingo. Bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

- **Imena**: umuhanga mu bintu byose.
- **Imihigo**: intego.
- **Ubupfura**: imyitwarire y'umuntu w'indakemwa mu migirire cyangwa mu myifatire.
- **Ugashengurwa**: ukababazwa cyane cyangwa ukagira agahinda kenshi.
- **Umunyoni**: umujura cyangwa igisambo.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Koresha buri jambo mu magambo akurikira mu nteruro yumvikanisha icyo risobanura

- **Imena**: Kamana ni imena kuko ari umuhanga muri byose.
- **Imihigo**: abakozi ba leta bose basinya imihigo
- **Ubupfura**: Ni ngombwa kugira ubupfura mu byo dukora byose tugirira

neza abndi.

- **Ugashengurwa**: Nabonye uburwayi bwe nshengurwa agahinda.
- **Umunyoni**: Karangwa ni umunyoni kuko yiba iby'abandi.

b) Shaka muri iki kinyatuzu mu merekezo yacyo yose amagambo arindwi afitanye isano na ruswa n'akarengane yakoreshejwe mu ndirimbo "Ntumpeho".

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| A | Z | E | R | E | Y | N | U | R | O |
| N | Y | E | M | I | J | L | M | A | K |
| A | U | N | E | G | U | R | A | U | D |
| B | T | U | A | K | E | S | U | S | U |
| M | Y | K | H | B | I | S | H | E | N |
| A | O | T | Z | I | M | A | G | N | O |
| G | A | I | M | U | R | U | N | Y | A |
| U | R | U | S | W | A | N | S | A | J |
| Z | E | N | E | K | A | U | C | U | F |
| U | M | U | H | A | Z | B | O | N | G |

Amagambo babona ni: ruswa, unyereza, usenya, usumbanya, ugambana, unegura, useka

c) Simbuza amagambo y'umukara tsiri ari mu nteruro zikurikira impuzanyito zayo dusanga mu mwandiko.

- **Umujura** ukoresha ikoranabuhanga ni umwanzi w'ibyiza.
- **Umunyoni** ukoresha ikoranabuhanga ni umwanzi w'ibyiza.
- Si ubupfura guteranya abantu ngo **barasane**.
- Si ubupfura guteranya abantu ngo **bamashane**.

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

- Umwandiko duheruka kwiga ni **“Ntumpeho** ”.

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

- Uwo mwandiko wavugaga ku kurwanya ruswa n’akarengane.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurukira:

**Igikorwa:**

*Mwongere musome umwandiko “Ntumpeho”, hanyuma musubize ibibazo byawubajijweho.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw‘ibibazo n’ibisubizo:**

1. **Ni iki umuririmbyi avuga ko adashaka ko bamuha?**
   - Umuririmbyi ntashaka ko bamuha ruswa ndetse n’indi mico idakwiye Umunyarwanda.
2. **Rondora ibintu bidakwiye gukorwa mu rwego rwo kurwanya ruswa n’akarengane muri iyi ndirimbo.**
   - Ntibikwiye kugira ishyari, guteranya abuzuye, gutungwa na ruswa, kunebwa, gukunda bamwe ukanga abandi, gushukwa, kwifuza iby’abandi, gushirira mu maraha.
3. **Sobanura ibyo umuntu akwiye gukora arwanya ruswa n’akarengane.**
   - Umuntu ushaka kurwanya ruswa n’akarengane akwiye gukorera ku mihigo, gukunda ibyiza birimo ubutabera, amahoro, urukundo n’ubupfura. Akwiye kandi kudasumbanya uturere, kudaca uduco, kudasumbanya, kudasenya no kugendera kure ibifutamye.
4. **Ni ibiki bishobora kuba intandaro ya ruswa n’amakimbirane?**
   - Ibishobora kuba intandaro ya ruswa n’akarengane ni ubunebwe, ishyari, amacakubiri, kwikubira, urwango n’ivangura.
5. **Ni iyihe nama umuhanzi agira abakobwa n’abahungu?**
   - Abakobwa arabagira inama yo kutishinga ababashuka naho abahungu arabagira inama yo kudashirira mu maraha.

6) Bimwe mu bivungwa mu mwandiko bihuriye he n’umuco wo kuzigama cyangwa kurwanya jenoside?

- Kuzigama: arakangurira abantu kudasesagura

- Kurwanya jenoside: arakangurira abantu kudateranya amoko.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.<br>- Gusobanura indangagaciro nyarwanda ziri mu mwandiko no kugaragaza ubutumwa burimo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

- Mu isomo duheruka kwiga twasomye umwandiko"Ntumpeho" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

**b) Ni iki twasomye mu mwandiko gishobora kuba intandaro ya ruswa n'akarengane?**

- Ibishobora kuba intandaro ya ruswa n'akarengane ni ubunebwe, kwironda, kwikubira, kutita ku bo uyobora ...

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurukira:

**Igikorwa:**

*Mwongere musome umwandiko "Ntumpeho", hanyuma musubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.*

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

1. **Ni izihe ngingo z'ingenzi dusanga mu mwandiko?**
   - Mu mwandiko harimo: guhamagarira abantu kujijukira gukora neza.

Gukangurira abantu kudakora ibibi bikurura ruswa n'akarengane, kwamagana abakora ibidahuje n'indangagaciro nyarwanda.

2. **Ni izihe ndangagaciro nyarwanda usanga muri uyu mwandiko ?**
   - Zimwe mu ndangagaciro wasanga mu mwandiko ni ubupfura, ukuri, ubumuntu, ubutwari, ishyaka, ubumwe, urukundo, ubwitange n'umurava.
3. **Ese ubutumwa buri muri uyu mwandiko ubona bumaze iki mu buzima bwa buri munsi ku Banyarwanda.**
   - Ubutumwa buri muri uyu mwandiko bwafasha Abanyarwanda kugira indangagaciro z'umuco, kutikubira, kutarenganya bagenzi babo, kutarya ruswa, gukangukira gukora no kwiteza imbere.
   - Ni iyihe nama ukuye muri uyu mwandiko injyanye n'umuco w'amahoro?
   - Ni ukurwanya akarengane na ruswa.

### VI.5.2. Amazina gakondo

### Isomo rya kane: Amazina gakondo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura inshoza n'uturemajamboby'amazina gakondo.<br>- Gusesengura amazina gakondo agaragaza ututemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo k'ikibonezamvugo kirimo amazina gakondo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo kibibutsa umwandiko baheruka kwiga.

**Urugero rw'ikibazo:**

**Ni ubuhe butumwa umuhanzi atanga ku basore n'abakobwa mu ndirimbo "Ntumpeho"?**

Mu ndirimbo "ntumpeho", umuhanzi asaba abasore kwirinda gusesagura, abakobwa akabasaba kwirinda gushukwa n'ababoshya.

Nyuma y'icyo kibazo, umwarimu yandika ku kibaho interuro zirimo amazina atandukanye akayagaragaza cyane, maze akabaza abanyeshuru ibibazo kuri ayo magambo.

**Urugero rw'interuro:**

- **Urutoke** uhondda ku rundi rubuzemo ubupfura

- Niba uneguza **amazuru** ukazura **umugara** ntumpeho.
- Nuteranya abuzuye, ubwo uratata nturi **imfura.**
- Niba uhora utanya **amoko**, ngo **abantu** bamashane, nusumbanya n'**uturere.**

**Urugero rw'ibibibazo:**

**a) Amagambo agaragara cyane murabona ari ubuhe bwoko?**

- Amagambo agaragara cyane turabona ari amazina

**b) Nihagire ujya imbere anyereke uturemajambo tw'izina "urutoke", amazuru, umugara,...**

- U-ru-toki, a-ma-zuru, u-mu-gara,...

**c) Murabona ariya mazina afite uturemajambo tungahe?**

- Turabona ariya mazina afite uturemajambo dutatu.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga izina gakondo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda hanyuma akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

Hera ku bumenyi usanzwe ufite ku mazina kandi ukore ubushakashatsi maze usubize ibibazo bikurikira:

- Amazina gakondo ni iki?
- Amazina gakondo ateye ate?
- Amazina gakondo atandukaniye he n'andi mazina?
- Ni iki wavuga ku ntêgo y'amazina gakondo?

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu afata amatsinda atandukanye, rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku kibazo cya mbere, irindi ku kibazo cya kabiri, irindi ku kibazo cya gatatu, irindi ku cya kane. Igihe itsinda rimurika ibyo ryakoze ku kibazo runaka, abagize andi matsinda baba bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe**

**a) Inshoza y'amazina gakondo**

Mu Kinyarwanda, izina ni ubwoko bw'ijambo bita umuntu, inyamaswa, ikintu n'ahantu, rikabiranga. Izina risobanurwa ku buryo butandukanye biturutse ku

nyito cyangwa inyurabwenge, ku ntego ndetse no ku nkomoko.

Izina gakondo ni izina rusange rivuga abantu benshi, ibintu byinshi cyangwa inyamaswa. Ni izina ry'umwimerere w'Ikinyarwanda ritari iritirano. **R**igizwe n'uturemajambo dutatu gusa (indomo, indanganteko n'igicumbi).

**b) Uturemajambo tw'izina gakondo**

Intego y'izina gakondo ni: indomo, indanganteko (indangazina) n' igicumbi: D+RT+C

**- Indomo (D)**

Ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi iterura (ibanziriza) izina. Indomo buri gihe isa n'inyajwi y'akaremajambo kayikurikira iyo gahari. Ni ko karemajambo kabanziriza utundi turemajambo twose tugize izina.

Mu Kinyarwanda inyajwi zishobora kuba indomo ni eshatu: i, u, a.

**Ingero**:

- **i**kivuguto
- **a**masaka
- **u**muvure

**Indomo n'inteko z'amazina zikoreshwamo:**

**Indomo i-**: ikoreshwa mu nteko zikurikira: 4, 5, 7, 8, 9, 10

**Ingero**: **i**minsi (nt.4), **i**rebe (nt.5), **i**kivuguto (nt.7), **i**bishyimbo (nt.8), **i**mbuto (nt.9), **i**nzuzi (nt.10)

**Indomo u-:** ikoreshwa mu nteko zikurikira: 1, 3, 11, 13, 14, 15

**Ingero**: **u**mugabo (nt.1), **u**munsi (nt.3), **u**rugo (nt.11), **u**buro (nt.14), **u**kuboko (nt.15)

**Indomo a-:** ikoreshwa mu nteko zikurikira: 2, 6, 12, 16

**Ingero:** abagabo (nt.2); **a**mazina (nt.6), **a**kana (nt.12), **a**hantu (nt.16)

- **Indanganteko/ Indangazina : RT/Rzn**

Indanganteko ni akaremajambo kerekana inteko izina ririmo. Ako karemajambo ni ko kagena uturemajambo tw'isanisha. Indanganteko zihinduka bitewe n'inteko izina ririmo.

**Urugero**: A**ma**tara **ma**nini **a**raka.

**- Igicumbi (C)**

Ni igice k'izina kidahinduka mu igoragoza kibumbatiye inyito y'ibanze y'izina.

Mu Kinyarwanda izina mbonera gakondo iryo ari ryo ryose rifite iyo ntego.

**Ikitonderwa:**

Amazina adafite indanganteko igaragara na yo intego yayo ni D+RT+C uretse ko muri ayo mazina RT ari ikimenyetso Ø gihagararira akaremajambo kabura mu turemajambo tw'ibanze.

**Urugero:**

Ishyari: i- Ø-shyari -Ø- Indanganteko

## c) Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina gakondo

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina gakondo ni akoreshwa mu izina mbonera.

**Ingero:**

Umwana**: u-mu-ana** bisomwa ngo **u** ihinduka w iyo iri imbere y'inyajwi u→w/-J**.**

Icyatsi**: i-ki-atsi, i** ihinduka **y iyo** iri imbere**'inyajwi i→y/ -J,** ky→ cy mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Abantu**: a-ba-antu** a→ø/ -J, **a** yaburijwemo iri imbere'inyajwi.

**Imbonerahamwe y'amwe mu mategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyawi n'ingombajwi mu izina gakondo.**

| Iteko ya | Izina | Uturemajambo | Amategeko y'igeamajwi |
|---|---|---|---|
| 1 | Umwami | u-mu-ami | u→w/-J |
| 2 | Abantu | a-ba-antu | a→ø/-J |
| 3 | Umwuko | u-mu-uko | u→w/-J |
| 4 | Imyuko | i–mi-uko | i→y/-J |
| 5 | Iryinyo | i-ri-inyo | i→y/-J |
| 6 | Amenyo | a-ma-inyo | a+i→e |
| 7 | Igiti | i-ki-ti | k→g/-GR |
| 8 | Ibyondo | i-bi-ondo | i→y/-J |
| 9 | Imfura | i-n-fura | n→m/-f p→ø/m-f |
| 10 | Impapuro | i-n-papuro | n→m/-p |
| 11 | Urupapuro | u-ru-papuro | - |
| 12 | Akana | a-ka-ana | a→ø/-J |
| 13 | Atwana | u-tu-ana | u→w/-J |
| 14 | Ubwanwa | u-bu-anwa | u→w/-J |
| 15 | Ukwaha | u-ku-aha | u→w/-J |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 16 | Ahantu | a-ha-ntu | - |
| 9/10 | Inzoga | i-n-yoga | y→z/n- |
| 9/10 | Insibo | i-n-tsibo | t→ø/n-s |
| 9/10 | Inshuro | i-n-curo | c→sh/n- |
| 10 | Inzuzi | i-n-uzi | Igicumbi gifata z mu nt 10. |
| 11 | Urugi | u-ru-ugi | u→ø/-J |
| 9/10 | Inama | i-n-nama | n→ø/-n |
| 10 | Inyanya | i-n-nyanya | n→ø/-ny |
| 9/10 | Imungu | i-n-mungu | n→ø/-m |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo buri wese ku giti ke. Umwarimu agenzura ko abanyeshuri bari gukora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha. Iyo barangije gukora iyo myitozo, bakosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

a) Tahura amazina gakondo muri aka gace k'indirimbo.

- Ayo mazina gakondo ni inzira, intore, umunyoni

b) Wifashishije ingero gira icyo uvuga ku biranga izina gakondo.

- Izina gakondo ni izina rusange rivuga abantu benshi (abana: a-ba-ana) ibintu byinshi (impapuro: i-n-papuro: n→m/-p) cyangwa inyamaswa (intare: i-n-tare), ry'umwimerere w'Ikinyarwanda ritari iritirano. Ntirikomoye ku nshinga kandi rigira uturemajambo tw'ibanze dutatu.

c) Garagaza intego y'amazina mbonera gakondo akurikira n'amategeko y'igenamajwi. Yakoreshejwe: amenyo, umuhungu, imfuruka, umweyo, inzuzi (imigezi)

| Amazina | Intego (Uturemajambo) | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Amenyo | a-ma-inyo | a+i→e |
| Umuhungu | u-mu-hungu | - |
| Imfuruka | i-n-pfuruka | n→m/-p; p→ **ø** /m-f |
| Umweyo | u-mu-eyo | u→w/-J |
| Inzuzi | i-n-uzi. | Igicumbi gifata z mu mazina amwe yo mu nt 10 |

### VI.5.3. Amazina y'amatirano

**Isomo rya gatanu: Amazina y'amatirano**

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gutahura amazina y'amatirano.<br>-Kugaragaza imvano, amategeko agenga itira na zimwe mu ndimi zatije Ikinyarwanda.<br>- Kugaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'izina ry'iritirano. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku mazina y'amatirano. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo twize ubushize?**

- Ubushize twize amazina gakondo.

**b) Izina gakondo ni iki?**

- Ni izina ry'umwimerere mu kinyarwanda ritari iritirano.

**c) Uturemajambo dutatu tw'izina gakondo ni utuhe?**

- Indomo, indanganteko n'igicumbi.

**d) Mutange ingero z'amazina gakondo.**

- Ingero z'amazina gakondo: umuntu, umugezi, ukuboko, ubuririri...

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

*Soma iki kiganiro hagati ya Kagabo na Mucyo maze utahuremo amazina gakondo n'amazina atari gakondo arimo. Hera ku miterere yayo, ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'amazina y'amatirano, ugaragaze imvano y'amazina y'amatirano na zimwe mu ndimi zatije Ikinyarwanda amagambo ndetse ugaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi by'ayo mazina.*

**Ikiganiro: Kagabo na Mucyo mu isoko**

**Mucyo:** Kagabo, bite se? Ngwino hano ntundenze ibyashara!

**Kagabo:** Rekanze ariko ninsanga ibyo nshaka utabitite ndajya ahandi.

**Mucyo:** Banza wicare wice akanyota.

**Kagabo:** Oya. Ntumpa ruswa ngo nemere**.** Ubu icyo nshaka ni ukugura ishati ifite amaboko magufi n'ipantaro y'umukara.

**Mucyo:** Humura hano birahari; wijya kure.

**Kagabo:** Ese ko nta giciro gihari?

**Mucyo:** Dore byanditseho. Ishati ni amafaranga ibihumbi umunani naho ipantaro ni ibihumbi icumi.

**Kagabo:** Ndabona bidahenze. Ese amasogisi yo n'iri koti na karuvati byo bigura bite?

**Mucyo:** Amasogisi ni amafaranga ibihumbi bitanu, ikoti ni bitanu naho karuvat ni igihumbi.

**Kagabo:** Reka nkwishyure kashi ndabona nta sheke nazanye.

**Mucyo:** Urakoze Kaga, unsuhurize mwarimu wange.

**Kagabo:** Urakoze nawe. Ni aho ubutaha!

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba amatsinda yose yakosoye neza interuro yabahaye hanyuma agatoranya amatsinda atatu rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku inshoza y'amazina y'amatirano, irindi rikamurika ibyo ryakoze ku mvano y'amazina y'amatirano na zimwe mu ndimi zatije Ikinyarwanda amagambo irya gatatu rikamurika ku ntego n'amategeko y'igenamajwi by'ayo mazina.

Igihe ayo matsinda amurika ibyo yakoze abagize andi matsinda baba bakurikiye, umwarimu abayobora abanyeshuri mu kunoza ibyo buri tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**Amazina gakondo:** amaboko, umukara, igihumbi, umunani.

**Amazina atari gakondo:** ibyashara, ruswa ishati, ipantaro, amafaranga, ikoti, karuvati, amasogisi, kasha, sheke, umwarimu.

### a) Inshoza y'amazina y'amatirano

Izina ry'iritirano ni izina ritari karemano muri urwo rurimi, ni izina ryavuye mu zindi ndimi cyangwa izina ryahawe ikintu ubusanzwe kitari gisanzwe muri urwo rurimi. Izina ry'iritirano iyo rigeze mu Kinyarwanda, rishakirwa inteko, yaba ari inshinga igashakirwa umuzi, kandi bikisanisha n'ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda mu rwego rwo gushakirwa uturemajambo.

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Mu itira ry'amazina kandi, ushobora

gufata ijambo ukariterura uko ryakabaye, ukaryinjiza mu rurimi kamere rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe. Indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo kubera imihahirane n'imibanire yo guturana no gushyingirana. Indimi z'i Burayi zatije Ikinyarwanda amagambo kubera ubukoroni, ubucuruzi n'amadini.

**b) Imvano y'amazina y'amatirano**

Kuva kera Abanyarwanda bashyikiranaga n'abaturage b'ibihugu bidukikije, bitewe n'ubucuti, ubuhake, guhaha cyangwa gushyingirana. Ibi byatumye Ikinyarwanda kinjiza amagambo avuga ibintu bimwe byabaga byadutse mu Rwanda. Byongeye kandi, kuva mu ntangiriro y'ikinyejana cya makumyabiri, abanyaburayi batangiye kuza mu Rwanda bazanywe n'amadini, ubukoroni, ubucuruzi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ubuhinzi n'ibindi. Ibyo byatumye zimwe mu ndimi z'i Burayi zinjiza amagambo mu Kinyarwanda.

**c) Zimwe mu ndimi zatije Ikinyarwanda amagambo**

Imbonerahamwe ikurikira iratugaragariza zimwe mu ngero z'amazina y'amatirano yinjiye mu rurimi rw' Ikinyarwanda.

**- Indimi nyafurika**

| Ururimi | Izina ry'iritirano | Izina ry'amahanga |
|---|---|---|
| **Iringara** | Umusoro (byo gusora)<br>Inkaranka (ubunyobwa)<br>Umusara (umurimo) | Mosolo<br>Kalanga<br>Mosala |
| **Ikigande** | Igikaju (igisheke)<br>Indogobe<br>Igikwasi<br>Amashanyarazi… | Ekikajo<br>Endogoyi<br>Ekikwasi<br>Amasanyarazi… |
| **Igiswayire** | Ibyashara<br>Umwarimu<br>Itara<br>Umusingi<br>Inema<br>Ikizibaho (igitambaro)<br>Urukuta<br>isaha... | Biashara<br>Mwalimu<br>Taa<br>Msingi<br>Neema<br>Kisbau<br>Ukuta<br>Saa… |

**- Indimi z'i Burayi**

| Ururimi | Izina ry'iritirano | Izina ry'amahanga |
|---|---|---|
| **Ikidage** | Ishuri<br>Ibobere<br>Umudage… | Schule<br>Büber<br>Dag… |
| **Igifaransa** | Sheki<br>Ruswa<br>Ipantaro<br>Amafaranga<br>Karuvati<br>Ikamyoneti<br>Iferi<br>Umushwari<br>Puwaro<br>Ishashi<br>Ishakoshi<br>Akabari<br>Itushi<br>Gukoroniza… | Chèque<br>Recois<br>Pantalon<br>Francs<br>Cravate<br>Camionnette<br>Frein<br>Mouchoir<br>Poireau<br>Sachet<br>Sacoche<br>Cabaret<br>Touche<br>Coloniser… |
| **Icyongereza** | Ishati<br>Amasogisi<br>kashi<br>Umuboyi<br>Mitingi | Shirt<br>Soks<br>cash<br>boy<br>Meeting |
| **Ikiratini** | Misa<br>Umufaratiri<br>Kiriziya<br>Isakaramentu<br>Abusorosiyo<br>Itegura (bubakisha) | Missa<br>Frater<br>Ecclesia<br>Sacramentum<br>Absolution<br>Tegula |
| **Igifurama** | Gasopo<br>Gafurudomo (igitutsi)<br>Kongoreshi (indwara y'inka)… | Gas op<br>God fur dom<br>Congoleesch… |

**d) Amategeko agenga itira ry'amazina**

Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Ni ukuvuga ko utira ijambo ubusanzwe utari ufite mu rurimi rwawe. Iyo atari ibyo uba ukoze ikosa ry'inozamvugo ryo kuvanga indimi mu gihe bitari ngombwa, bitewe n'impamvu zinyuranye;

ubwirasi, kugaragaza ko wize, kwereka undi ko ururimi azi nawe uruzi... Ijambo ritiwe rigenekerezwa ku nyemvugo z'Ikinyarwanda, rigafata amasaku nk'ay'Ikinyarwanda, ryaba ari izina rikagenerwa inteko, yaba ari inshinga ikagenerwa umuzi. Niba ijambo ritiwe ari icyongereza cyangwa ikidage, bitewe n'uko izo ndimi zisanzwe zifite amasaku atandukanye n'ay'Ikinyarwanda, rigomba kwinjira mu Kinyarwanda rifite amasaku abenerurimi dusanzwe tumenyereye. Mu itira ry'amazina kandi, ushobora gufata ijambo ukariterura uko ryakabaye, ukaryinjiza mu rurimi kamere rigafata intego n'imiterere y'amazina y'urwo rurimi uryinjijemo. Riba rishobora kwinjirana inyito risanganywe cyangwa guhabwa indi itandukanye n'isanzwe.

**Ingero**

- Driver umuderevu
- Blanket ikiringiti
- Chauffeur umushoferi
- Shirt ishati…

**e) Uturemajambo tw'amazina y'amatirano n'amategeko y'igenamajwi akoreshwamo.**

Muri rusange amagambo akunze gutirwa mu Kinyarwanda ni amazina. Iyo amazina y'amatirano yinjiye mu Kinyarwanda, yisanisha ku miterere y'andi mazina asanzwe mu Kinyarwanda. Bityo akavugwa nka yo kandi akagira amasaku n'intego nk'iy'amazina asanzwe mu Kinyarwanda. Amenshi mu mazina y'amatirano, iyo yinjiye ahita afata intego rusange y'izina ry'Ikinyarwanda;

ni ukuvuga indomo, indanganteko n'igicumbi, bityo bene ayo mazina biranagorana kuyatandukanya n'amazina gakondo kuko na yo ahita afata intego nk'iy'amazina asanzwe kandi uko imyaka igenda ihita inkomoko yayo ikagenda yibagirana. Ikindi kandi uvuga ntabanza kubaza inkomoko y'izina iri n'iri.

**Ingero:**

- Umushoferi/abashoferi: u-mu- shoferi/ a-ba-shoferi
- Umuderevu/abaderevu : u-mu-derevu/ a-ba-derevu
- Umuboyi/ababoyi: u- mu-boyi/ a-ba-boyi
- Umwarimu/abarimu: u-mu-arimu/a-ba-arimu… a→ ø **/J**

Andi mazina y'amatirano ntagaragaza indanganteko. Akenshi na kenshi, amazina y'amatirano atagaragaza indanganteko (indangazina), aba ari mu nteko ya gatanu. Cyakora iyo agiye mu bwinshi agaragaza uturemajambo twose.

**Urugero:**

- Ishati/amashati: i- ø -shati/ a-ma-shati

- Isaha/amasaha: i- ø -saha/ a-ma-saha…

Hari andi mazina y'amatirano yinjira mu Kinyarwanda, ntashobore kugira indomo n'indaganteko ahubwo akagira igicumbi gusa (ø - ø -c). Bene ayo mazina akunze kuba ari mu nteko ya kenda agafata ubwinshi mu nteko ya cumi n'iya gatandatu.

**Ingero:**

- Terefoni (imwe)/ za terefoni (nyinshi): ø - ø -terefoni
- Tereviziyo (imwe) / za tereviziyo (nyinshi): ø - ø -tereviziyo
- Radiyo (imwe) / za radiyo (nyinshi): ø - ø - radiyo…

**Ikitonderwa:**

Amazina y'amatirao yemera kandi gufata ubwinshi mu nteko ya gatandatu. Iyo yafashe ubwinshi mu nteko ya gatandatu agira indomo n'indanganteko.

**Ingero:**

- Terefone: **ø - ø -terefone** amaterefone: **a-ma- terefone**
- Tereviziyo: **ø - ø -tereviziyo** amatereviziyo **a-ma-tereviziyo** radiyo / amaradiyo: **ø - ø - radiyo/ a-ma-radiyo…**

Amazina y'amatirano agira amategeko y'igenamajwi ateye nk'ay'amazina gakondo.

**Ingero:**

**Intêgo Itegeko ry'igenamajwi**

- Ibyashara: i-bi-ashara i→ y/-J
- Icyashara: i-ki-ashara i→ y/- J; ky→cy mu myandikire y'Ikinyarwanda.
- Agaterefoni: a-ka-terefoni k → g/ - GR
- Umwarimu: u-mu-arimu u→ w/- J

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri babiribabiri. Umwarimu agendagenda mu ishuri afasha abafite ibibazo byihariye. Iyo abanyeshuri barangije gukora iyo myitozo bafatanya n'umwarimu kuyikosora. Ibisubizo byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:**

**a) Ni irihe tandukaniro riri hagati y'amazina y'amatirano n'amazina gakondo?**

- Amazina y'amatirano ni amazina afite inkomoko mu ndimi z'amahanga. Iyo indimi zihuriranye, ururusha urundi ingufu ni rwo rurutiza amagambo

menshi bitabujije ko n'urundi na rwo rurutira. Gutira bishingira ku mushyikirano w'imico, ku madini, ku butegetsi, ku bukungu n'ibindi hagati y'indimi zinyuranye. Amazina gakondo yo ni amazina aba ari karemano mu rurimi runaka ataratiwe mu zindi ndimi.

**b) Tanga ingero z'indimi nyafurika zatije Ikinyarwanda amagambo.**

- Urugero rw'indimi nyafurika zatije amagambo Ikinyarwanda ni Igiswahiri, Iringara...

**c) Ni izihe mpamvu z'ingenzi zatumye zimwe mu ndimi nyafurika zitiza Ikinyarwanda amagambo?**

- Impamvu z'ingenzi zatumye zimwe mu ndimi nyafurika zitiza amagambo Ikinyarwanda ni kubera imihahirane n'imibanire yo guturana no gushyingirana.

## Isomo rya gatandatu: Inama

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kuvuga inshoza y'inama.<br>- Kugaragaza uko bategura n'uko bayobora inama. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zigaragaza ibikorwa b'inama. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo bize rijyanye n'amazina y'amatirano.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo twize ubushize?**

- Ubushize twize amazina y'amatirano.

**b) Tanga ingero eshanu z'amazina y'amatirano.**

- Amazina y'amatirano: ibyashara, ruswa ishati, ipantaro, amafaranga, ikoti, karuvati, amasogisi, kashi, sheke, umwarimu…

**c) Vuga muri make amategeko agenga itira ry'amagambo mu Kinyarwanda.**

- Kugira ngo ijambo ritirwe ryemerwe, rigomba kuba rikenewe n'abenerurimi kandi rishobora kuvugika bitagoranye. Ni ukuvuga ko utira ijambo utari ufite mu rurimi rwawe.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa:**

Iyo umuyobozi ashaka kugira icyo ageza ku bo ayobora akoresha inama. Nimukore ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'inama musubiza ibibazo bikurikira:

a) Inama ni iki?
b) Inama itegurwa ite?
c) Inama iyoborwa ite?

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze agasaba amatsinda amwe gukora ubushakashatsi ku kibazo cya mbere cyo kuvuga inama icyo ari cyo, andi ku itegurwa ry'inama naho andi ku miyoborere y'inama.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, abwira itsinda rimwe kuri buri kibazo rikamurikira abandi ibyo ryakoze. Abagize andi matsinda barakurikira, bagafatanya n'umwarimu kunoza ibyo abandi bamurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:**

**a) Inshoza y'inama**

Inama ni ikoraniro ry'abantu bateraniye hamwe bafite ingingo bigaho. Hashobora kubaho inama idasanzwe; iba itateguwe bihambaye cyangwa inama isanzwe iba yateguwe cyane kubera ko idatunguranye.

**b) Uko inama itegurwa**

Igihe umuntu ategura inama isanzwe, agomba kwita cyangwa gutekereza ku ntego zayo; icyo inama izaba igamije, icyo izageraho na gahunda y'ibizigirwamo. Ni yo mpamvu agomba gutegura ibikoresho bizamufasha kuyinoza. Bimwe mu bigomba kwitabwaho ni ibi bikurikira:

- Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
- Gutegura icyumba k'inama (intebe, ameza ndetse no kuhagirira isuku) ukurikije aho abazaza mu nama bazicara nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga n'aho abayobozi bicara.
- Guteganya icyo kwandikaho niba ari ngombwa; ikibaho, amakaye cyangwa ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira (nko kwitabaza ikoranabuhanga niba ari ngombwa).

Nyuma yo gutekereza no gutegura ibikoresho bikenewe, utegura inama akurikizaho gutegura inama nyirizina. Agomba kwibanda ku bintu bikurikira:

- Gutegura ibizigirwa mu nama bikorwa n'umuyobozi cyangwa se bigakorwa n'akanama runaka yashyizeho.
- Mu gutegura ingingo z'ingenzi ni byiza kuzitondekanya uhereye ku zifite agaciro kurusha izindi kuko iyo igihe kibaye gito, iby'ingezi biba byarangiye.
- Gutumiza inama no kohereza gahunda yayo mbere y'igihe (hari igihe abatumiwe batanga ibitekerezo cyangwa bakibutsa indi ngingo yagombaga kuzigirwamo.)
- Ni byiza ko hagati yo gutumiza inama n'inama ubwayo habonekamo igihe kugira ngo abantu babashe kuyitegura.

**c) Ibikorwa byo kuyobora inama**

Kuyobora inama ni umurimo ukorwa na nyiri ukuyitumiza cyangwa umubereye mu mwanya (umuyobozi mu rwego rwe). Buri muntu wese uba yitabiriye inama aba afite icyo ashinzwemo: abayitumiwemo baba bafite inshingano zo kumva no gutanga ibitekerezo byabo. Umuyobozi w'inama atangiza inama kandi akanayiyobora.

Inama igira ibice by'ingenzi bigenda bikurikirana, kandi uyiyoboye akaba agomba gukurikirana neza ngo hatagira igisimbukwa, cyanecyane ko ari we ugomba kurangiza kimwe agatangiza ikindi.

Muri rusange ibice by'inama bikurikirana bitya:

- Gusuhuzanya no gutanga ikaze;
- Kuvuga igihe inama iza kumara no kuvuga urwego inama yatumiwemo;
- Kurebera hamwe ko umubare w'abayitumiwemo bahageze uhagije kugira ngo ibe yatangira byemewe n'amategeko (iyo bitatu bya kane by'abatumirwa bahari nta cyayibuza gutangira);
- Kumva impamvu z'abataje niba bahari;
- Gutangira inama nyirizina: kuganira ku mirongo mikuru mikuru no kubyemeranyaho. Abitabiriye inama bashobora no kongeraho izindi ngingo iyo bisabwe.
- Inama nyirizina irarimbanya ari nako ikorerwa inyandikomvugo, inama ikorwa hasuzumwa ingingo bemeranyijweho kandi higwa ingingo imwe ku yindi.
- Uwatumije inama cyangwa umuhagarariye atanga inshamake y'ibyemezo byumvikanyweho mu nama.
- Inama isozwa n'uwayitumije cyangwa umuhagarariye igihe uwayitumije

yabimuhereye uburenganzira: ashimira abayitabiriye akanabasezerera ariko akabanza kubaha amatangazo iyo ahari.

**Ikitonderwa:**

1. Kugira ngo inama ishyirwe mu bikorwa uyobora inama agomba kugira izi ndangagaciro igihe ayoboye inama:
   - Kwirinda kuba umunyagitugu;
   - Kutagira uruhande abogamiramo;
   - Kumva ibitekerezo by'abatumirwa akabijora kandi akabigorora igihe ari ngombwa;
   - Agomba kuba ari umuhanga mu byo avuga adahuzagurika icyo atazi agasaba ukizi mu batumirwa kugisobanura.
2. Imyanzuro y'inama ifatwa nk'aho ari ikemezo cya buri wese mu baje mu nama.
3. Inama igomba kurangwa n'ikinyabupfura, ubworoherane n'umusanzu wa buri wese mbega inama ntabwo ari igihe cy'amatangazo.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**Erekana uko wategura inama n'uko wayikoresha.**

**Uko nategura inama:**

Kugira ngo inama igende neza nakora ibi bikurikira:

- Gutegura ibizigwa mu nama, nkurikije inama yabanje niba ihari.
- Gushyiraho urutonde rw'abazatumirwa, impamvu batumiwe no kubatumira;
- Gutegura, ahantu, ibikoresho, n'ibindi bizakerwa.

**Uko nakoresha inama:**

- Guha ikaze abashyitsi ndetse n'abasangwa no kubaha umwanya wo kwibwirana;
- Kubagezaho ibiri ku murongo w'ibyigwa no kubabaza niba hari ibyo bongeraho; hanyuma tukiha igihe iri bumare kugira ngo itarambirana;
- Kubagezaho ibyateguwe;

- Kubaha umwanya wo gutanga ibitekerezo ku ngingo zavuzweho;
- Gusaba umwanditsi w'inama gusoma imyanzuro y'inama no gusaba ko abari mu nama bayikorera ubugororangingo aho biri ngombwa;
- Gusoza inama mbashimira ubwitange bwabo.
- Abaje mu nama bashyira umukono ku nyandikomvugo y'iyo nama.

## Isomo rya karindwi: Inyandiko mvugo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku rugero rw'inyandiko mvugo yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusobanura inyandiko mvugo icyo ari cyo.<br>- Gukora inyandiko mvugo y'inama yagiyemo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zirimo inyandiko mvugo mvugo. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo:**

a) Ni irihe somo twize ubushize?
- Ubushize twize inama, uko bayitegura n'uko bayiyobora.

b) Kuyobora inama bikorwa na nde?
- Kuyobora inama ni umurimo ukorwa na nyiri ukuyitumiza cyangwa umubereye mu mwanya (umuyobozi mu rwego rwe).

c) Ni izihe nshingano z'abatumiwe mu nama?
- Buri muntu wese uba yitabiriye inama aba afite icyo ashinzwemo: abayitumiwemo baba bafite inshingano zo kumva no gutanga ibitekerezo byabo. Umuyobozi w'inama atangiza inama kandi akanayiyobora.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu amatsinda maze akabasaba gukora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

**Igikorwa**

*Nimusome inyandiko iri mu gitabo cy'umunyeshuri imiterere yayo maze mukore ubushakashatsi mutahure inshoza y'inyandiko mvugo, ibice by'inyandiko mvugo n'uko inyandiko mvugo ikorwa.*

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakoresha. Iyo igihe yabahaye kirangiye, abwira itsinda rimwe kumurika ibyo ryakoze ku nshoza, irindi ku bice by'inyandiko mvugo, irindi uko inyandiko mvugo ikorwa, abagize andi matsinda bagakurikira, umwarimu akabayobora mu kunoza ibyo iryo tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyanogejwe**

**a) Inshoza y'inyandiko mvugo**

Inyandiko mvugo ni umwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yanagizemo uruhare mu nama. Iyo urebye abo inyandiko mvugo igenewe, usanga hari uburyo bubiri ikorwamo:

- Inyandiko mvugo igenewe umuntu wari uhari igihe ibikorwaho inyandiko mvugo byabaga, kugira ngo atibagirwa ibyabaye abone uko abyigaho neza cyangwa ashyire mu bikorwa ibyumvikanweho.
- Inyandiko mvugo igenewe umuntu utari uhari kugira ngo amenye ibyavugiwe cyangwa ibyakorewe aho atari ari.

**b) Ibice bigize inyandiko mvugo n'uko ikorwa**

Inyandiko mvugo y'inama igaragaza ibice bine by'ingezi: umutwe, abari mu nama, ibyari ku murongo w'ibyigwa n'uko inama yagenze muri make.

**- Umutwe**

Ugaragaramo iyo nama iyo ari yo n'igihe yabereye mu magambo make.

**- Abari mu nama**

Muri iki gice inyandiko mvugo igaragaramo urutonde rw'abitabiriye inama bose. Iyo atari benshi cyane bagaragazwa mu ntagiriro y'inyandiko mvugo. Ariko iyo abitabiriye inama ari benshi cyane bashyirwa ku mugereka w'inyandikomvugo y'iyo nama. Muri iki gice kandi hashobora no gushyirwamo abatarayitabiriye bafite impamvu cyangwa batayifite.

**- Ibyari ku murongo w'ibyigwa**

Muri iki gice, ukora inyandiko mvugo arondora ibyo inama yagombaga kwigaho byose nk'uko biba byavuzwe n'umuyobozi w'inama ndetse n'ibindi byifujwe n'abari mu nama ko byajya mu tuntu n'utundi bitari byateganyijwe n'umuyobozi w'inama.

**- Uko inama yagenze**

Muri iki gice ukora inyandiko mvugo yandika muri make icyo bumvikanye kuri buri ngingo. Ntiyandika ibyo buri muntu yavuze, ahubwo yandika gusa umwanzuro wafashwe kuri buri ngingo yari ku murongo w'ibyigwa kandi bikandikwa ku buryo bwumvikana neza adashyiramo ibitekerezo bye.

**Ikitonderwa**

Ibindi bigomba kugaragara mu nyandiko mvugo ni aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiriye n'igihe yarangiriye.

Inyandiko mvugo ntijyamo ibitekerezo bwite by'uyikora. Ni umwandiko uvuga ibyabaye utagize icyo uhindura.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'umwitozo n'uko wakosorwa:**

Itabire inama runaka maze uyikorere inyandiko mvugo.

**Uko uwo umwitozo ukorwa:**

Uyu mwitozo ukorerwa mu matsinda.

Kubera ko abanyeshuri bahagarariye abandi ari bo bemerewe kwitabira inama z'ababyeyi, umwarimu azasabira uburenganzira abanyeshuri b'ishuri rye maze bitabire inama y'ababyeyi ku kigo (ashobora ariko nanone kureka abanyeshuri bakajya mu nama ahandi yaba yabaye bakwemererwa kuyijyamo). Inama abanyeshuri bitabiriye ni yo bakorera inyandiko mvugo.

Umwarimu na we agomba kuba yitabiriye iyo nama kugira ngo azabashe gukosora inyandikomvugo abanyeshuri bakoze.

Iyo barangije gukora inyandikomvugo, buri tsinda risomera imbere y'abandi inyandiko mvugo ryakoze, umwarimu akareba ko bubahirije amabwiriza ijyanye no kwandika inyandiko mvugo. Umwarimu afatanya n'abanyeshuri gutanga ubujyanama ngarukirane kuri buri nyandikomvugo.

## VI.5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa gatandatu, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Ishyire mu mwanya w'umuyobozi w'ikigo k'ishuri maze utegura gahunda y'inama y'abarimu kandi uyiyobore. Iyo nama iraba ifite insanganyamatsiko yo kwirinda ruswa n'akarengane. Kora inyandiko mvugo y'iyo nama.

**Uko umwitozo uzakorwa n'uko uzakosorwa:**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, agasaba abanyeshuri gutegura inama y'abarimu. Mu matsinda yabo basobanuririrana uko bayobora iyo nama.

Nyuma y'ibyo, umunyeshuri wo mu itsinda rimwe arishyira mu mwanya w'umuyobozi w'ikigo, abandi bage mu mwanya w'abarimu. Abarimu bose baraba ari abanditsi b'inama. Umwarimu araba ari muri iyo nama akurikirana uko uri mu mwanya w'umuyobozi w'ikigo ayobora inama n'uko abandi bagira uruhare mu nama batanga ibitekerezo binyuranye ku nsanganyamatsiko yo kwirinda ruswa n'akarengane.

Ibyo birangiye, abanyeshuri basubira mu matsinda yabo maze bagakora inyandiko mvugo bazasomera abandi.

## VI.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa gatandatu bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

- Muri uyu mutwe twasomye tunasesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo kurwanya ruswa n'akarengane.
- Twungutse amagambo menshi avuga ku nsanganyamatsiko yo kurwanya no gukumira ruswa n'akarengane.
- Muri uyu mutwe kandi twabonye inshoza y'amazina y'amatirano, amategeko agenga itirwa ry'amazina, indimi zatije Ikinyarwanda n'uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi ku mazina y'amatirano.
- Twasobanukiwe inama icyo ari cyo, uko itegurwa n'uko iyoborwa.
- Twabonye kandi uko bakora inyandiko mvugo y'inama.

## VI.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatandatu |
|---|
| Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo ziwukubiyemo.<br>- Gukoresha mu buryo bunyuranye amazina gakondo n'amatirano no kuyasesengura.<br>- Gutegura inama no kuyiyobora.<br>- Gukora inyandiko mvugo y'inama yakurikiye. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma buri wese ku giti ke riri mu gitabo cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni akahe kamaro k'uburere mboneragihugu?**
   - Uburere mboneragihugu bufite akamaro ko gutoza abaturage gukunda Igihugu.
2. **Ni ibihe bintu bitanu byibuze biranga umuturage ukunda igihugu ke?**
   - Bimwe mu bintu biranga umuntu ukunda Igihugu, birimo: guhorana ingamba zo guhindura abandi, abaganisha ku mikorere ya kirwanashyaka; kubahiriza uburenganzira bw'abandi nk'uko yifuza ko ubwe bwubahirizwa; kuzirikana ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko; kuzirikana ko hari byinshi byiza byasizwe n'Abakurambere bityo akumva ko agomba kwishyura iryo deni nawe akagira icyo asiga akoze abazavuka nyuma bakazabiheraho. Agomba kandi kugikorera nta kwiganda; gushishikazwa no gushaka ibisubizo by'ibibazo biriho; kutagambanira Igihugu; kwitangira Igihugu ukaba wanagipfira bibaye ngombwa; n'ibindi.
3. **Erekana inkingi uburere mboneragihugu bwubakirwaho.**
   - Inkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu ni amateka y'igihugu, umuco w'igihugu, indangagaciro z'igihugu hamwe n'ikerekezo k'igihugu.
4. **Muri uyu mwandiko ni iyihe nsangamatsiko nkuru irimo?** Insanganyamatsiko irimo muri uyu mwandiko ni ugukunda igihugu
5. **Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?**
   - Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko:
   - Icyo gukunda igihugu ari cyo;
   - Umunyagihugu ugaragaraho gukunda igihugu abikuye ku burere

mboneragihugu;

- Intego ya buri gihugu yo kugira umunyagihugu watojwe neza uburere mboneragihugu;
- Indangagaciro zinyuranye ziranga umunyagihugu ugikunda;
- Inkingi zubakirwaho uburere mboneragihugu;
- Agaciro k'uburere mboneragihugu mu kubanisha umunyagihugu n'igihugu ke.

**6. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?**

- Isomo nkuye muri uyu mwandiko ni uko gukunda Igihugu atari ugukunda ubutaka bwambaye ubusa ahubwo ari ugukunda abagituye n'ibidukikije, umuco wacyo no guharanira iterambere ryacyo aho ndi hose.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

**1. Sobanura aya magambo uhereye ku mwandiko**

a) **Uburere mboneragihugu:** uburere bubereye igihugu, bugihesha ishema, butuma gikundwa, cyubahwa, kikanagendwa. Uburere mboneragihugu bugamije kubaka, gushimangira, gukomeza ubumenyi bw'abanyagihugu ku bireba Igihugu cyabo.

b) **Igihugu:** Kirangwa n'ubutaka bufite imbibi zizwi, amateka n'ubutegetsi buhuriweho n'abagituye, ibirango bose bibonamo, umuco, ururimi n'imyemerere bitandukanye n'iby'abandi, umutungo kamere usangiwe ariko kandi cyane, igihugu kikarangwa n'abagituye.

c) **Guhuga:** Kwibagirwa by'umwanya muto; kuba wibanze ku murimo by'akanya gato ntihagire ikikurangaza.

d) **Uruhererekane:** Ikintu cyabaye karande kiva ku muntu umwe kijya ku wundi, kiva ku kintu kijya ku kindi ntigicike, inyigisho abakera bagiye basigira abandi ho umurage.

e) **Amacakubiri:** Ubwumvikane buke buvuka hagati y'abantu bari basanzwe bumvikane; inzira zibyaye amahari.

**2. Koresha buri jambo mu nteruro ugendeye ku nyito rifite mu mwandiko: Guhuga, gusohoza, guhunga.**

Umwarimu areba niba interuro abanyeshuri bakoze ari zo.

**3. Tanga ingwizanyito byibura eshatu z'ijambo agaciro kandi uzisobanure.**

a) Icyubahiro umuntu afite

b) Uburemere bw'ifaranga

c) Agakombe umwami yaciragamo

**III. Ibibazo by'ikibonezamvugo**

**1. Subiza ukoresheje "ni byo"cyangwa "si byo"**

a) Kuvuga uvanga indimi byerekana ko uzi gutira bisanzwe. **Si byo.**

b) Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka rikunanira kuvuga neza bityo bigatuma udashobora kwisobanura uko bikwiye. **Si byo.**

c) Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka ari rirerire cyane mu rurimi rwawe. **Si byo.**

d) Utira ijambo iyo irivuga icyo ushaka, riri mu rurimi rwawe. **Si byo.**

e) Utira ijambo ry'icyo ushaka, ariko kidasanzwe mu muco no mu rurimi rwawe. **Ni byo**.

f) Izina ry'iritirano buri gihe ryinjirana inyito yaryo risanganywe mu rundi rurimi ntihinduke. **Si byo.**

**2. Tahura amazina gakondo nibura 6 mu nteruro zikurikira, ugaragaze intego yayo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.**

a) Umwami Kigeri IV Rwabugili ni umwe mu ntwari z'u Rwanda.

b) Mu mutungo kamere w'Igihugu cyacu harimo ubutaka, amabuye y'agaciro, amazi n'ibidukikije.

c) Abaturarwanda bagomba kurangwa n'ishyaka ryo gukunda Igihugu.

| Amazina gakondo | Intego/Uturamajambo | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| Umwami | u-mu-ami | u→w/-J |
| Igihugu | i-ki-hugu | k→g/-GR |
| Ubutaka | u-bu-taka | - |
| Amabuye | a-ma-buye | - |
| Ishyaka | i-ø-shyaka | - |
| Amazi | a-ma-zi | - |

**IV. Ibibazo ku nyandiko mvugo n'inama**

1. **Rondora ibiranga inyandiko mvugo.**
   - Umwarimu areba ko abanyeshuri banditse ibiranga inyandiko mvugo nk'uko babibonye.
2. **Hari uburyo bwo kuyobora inama, ese ni ubuhe?**
   - Umwarimu areba ko abanyeshuri bavuze uburyo bwo kuyobora inama nk'uko babibonye.
3. **Ni ryari imyanzuro y'inama ifatwa kandi ni bande bayigiramo uruhare?**

- Imyanzuro y'inama ifatwa iyo hari 3/4 by'abagombaga kuyitabira. Abayigiramo uruhare ni abitabiriye inama.

## VI.8. Ibikorwa by'inyongera

### VI.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite. Iyo birangiye, abagaragaje ubushobozi buke muri buri kiciro ashobora kongera kubaha iyi myitozo ikurikira:

*Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.*

**Umwandiko: Umusanzu ubereye u Rwanda**

Hariho umugabo w'umuhinzi wa kawa, akagira abana babiri ari bo Buhanga na Karenzi. Nuko abo bahungu be bamaze gukura bamubaza impamvu abaturage bamutangarira. Se abasubiza ko mu mabyiruka ye yaranzwe no gukunda umurimo, kubana neza n'abandi no kuganira bungurana ibitekerezo, ubunyangamugayo, ubutwari n'ishyaka ryo gukunda Igihugu.

Yakomeje ababwira ko ubwo babashije kwiga bagomba kujya biga kubaho no kubana kuko ari byo nkingi y'ubumwe mu bantu. Umuntu nyawe arangwa n'ubupfura mu bandi akamenya gutandukanya ikibi n'ikiza, akavugisha ukuri, akicisha bugufi kandi akagira urugwiro aho ari hose. Ubuhinzi bwe bwatumye abarihira amashuri bose barangiza kwiga.

Ntibyatinze, Karenzi arangije amashuri yabaye umunyamabanga nshingwabikorwa w'akagari maze ayobora neza abaturage abashishikariza gukorera ku mihigo, gukunda umurimo no kuwunoza maze akagari gatera imbere. Ku rundi ruhande, Buhanga na we abaye umuporisi maze aharanira ko umutekano w'abaturage wabungabungwa. Yarwanyaga ruswa n'igisa na yo cyose mu murenge yakoreragamo. Uwabonaga aba bana bari kumwe mu bihe bisanzwe yahitaga abyibwira kuko bakurikije imico ya se ubabyara maze babaho mu buzima bubereye abaturage bose. Uyu ni wo musanzu ubereye u Rwanda.

**I. Ibibazo byo gusoma no kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni iki wigiye kuri uyu mwandiko?**
   - Uyu mwandiko unyigishije ibi bikurikira: kugira ubutwari, kuba inyangamugayo, kurwanya ruswa, kuvugisha ukuri no gukorera ku mihigo.
2. **Umugabo uvugwa mu mwandiko yakoraga murimo ki?**
   - Umugabo uvugwa muri uyu mwandiko yari umuhinzi wa kawa.
3. **Ni izihe ngaruka za ruswa?**
   - Ruswa imunga ubukungu bw'igihugu, iteranya abantu, itesha agaciro.

4. **Ese kuba inyangamugayo ni byiza? Sobanura.**
   - Kuba inyangamugayo ni byiza. Bituma wubahwa, ugirirwa ikizere, ukundwa, ubana neza n'abandi, ubaho neza ugasaza utandavuye.
5. **Imihigo ni kiki?**
   - Imihigo ni intego cyangwa imigambi y'ubutwari umuntu yiyemeza kugeraho. Ni ibikorwa by'ibanze umuntu ateganya kuzakora bikarangira abigezeho.

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

Uzurisha amagambo akwiriye dusanga mu mwandiko (ruswa, inyangamugayo, imihigo, igihe, umusanzu)

**a) Imihigo** yihutisha iterambere.

b) Kuvugisha ukuri, umurava n'ubutwari ni byo biranga **inyangamugayo.**

c) Ni byo koko **ruswa** imunga ubukungu bw'Igihugu.

d) Iyo dukoresheje neza **igihe**, tugatanga amakuru ku gihe bituma dutera imbere.

e) Gutanga **umusanzu** mu kubaka Igihugu ni inshingano za buri wese.

**III. Ibibazo ku nama n'inyandiko mvugo**

1. **Vuga bimwe mu bigomba kwitabwaho mu gutegura inama.**
   - Gutegura mbere aho inama izabera, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
   - Gutegura icyumba k'inama (intebe, ameza ndetse no kuhagirira isuku) ukurikije aho abazaza mu nama bazicara nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga n'aho abayobozi bicara.
   - Guteganya icyo kwandikaho niba ari ngombwa; ikibaho, amakaye cyangwa ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira (nko kwitabaza ikoranabuhanga niba ari ngombwa).
2. **Tondeka neza izi nteruro ukurikije igitekerezo gikwiye kubanza n'icyakurikiraho.**

| |
|---|
| Uko inama yagenze |
| Abitabiriye inama |
| Utuntu n'utundi |
| Ibyari ku murongo w'ibyigwa |
| Inyandiko mvugo y'inama ya Komite Nyobozi y'Akarere na Bwakira yo ku wa 12 Gashyantare 2016 |

**Ibisubizo**

1. Inyandiko mvugo y'inama ya Komite Nyobozi y'Akarere na Bwakira yo ku

wa 12 Gashyantare 2016.
2. Abitabiriye inama
3. Ibyari ku murongo w'ibyigwa
4. Uko inama yagenze
5. Utuntu n'utundi

### VI.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe kuri iyi nsanganyamatsiko ikurikira maze uzaganirire bagenzi bawe mutari kumwe mu itsinda uvuge umwanzuro mwafashe: "Kurwanya ruswa n'akarengane ni umusingi w'iterambere rirambye ry'igihugu."

Umwarimu arareba niba mu mwanzuro abanyeshuri bafashe hagaragaramo ingingo zerekeye akamaro ko kurwanya ruswa n'akarengane no gukunda igihugu.

**Urugero rw'ibisubizo**

- Abantu bagomba kurwanya ruswa bitabira umurimo.
- Gukunda igihugu bigomba kugaragarira mu bikorwa byo kwiteza imbere ,
- [...]

### VI.8.3 Imyitozo y'inyongera

1. **Shaka mu nteruro zikurikira amagambo y'amatirano, maze werekane intego n'itegeko ry'igenamajwi.**

a) Ishuri ryacu rihora ryesa imihigo kuko abanyeshuri bose bagize impamyabushobozi zibemerera kujya muri kaminuza za Leta.

b) Muri iki gihe intwari aho kwambikwa impeta nk'umudende, bambikwa imidari inyuranye.

c) Imisoro ni ngombwa kuko ikoreshwa mu kubaka amashuri, ibibuga by'indege, kwishyura imishahara... bityo Igihugu kigatera imbere mu buryo bwihuse.

| Izina | Intêgo | Itegeko ry'igenamajwi |
|---|---|---|
| Ishuri | i-ø-shuri | Nta tegeko |
| Abanyeshuri | a-ba-nya-i-ø-shuri | a + i →e |
| Inota | i-ø-nota | Nta tegeko |
| Amashuri | a-ma-shuri | Nta tegeko |
| Leta | ø - ø – leta | Nta tegeko |
| Imidari | i-mi-dari | Nta tegeko |

| | | |
|---|---|---|
| Imisoro | i-mi-soro | Nta tegeko |
| Indege | i-n-dege | Nta tegeko |

**2. Hanga umwandiko utarengeje imirongo mirongo itatu ku nsanganyamatsiko zikurikira:**

a) Gukunda Igihugu no kuzirikana ibyiza ba sogokuru badusigiye byerekana umwenegihugu mwiza.

b) Erekana ibikorwa bigaragara biranga umuntu urwanya ruswa n'akarengane.

c) Igihugu cy'u Rwanda cyashyizeho uburyo bwo guha icyubahiro intwari ziba zarakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu gukunda Igihugu. Byerekane ushingiye ku mateka.

d) Umwarimu areba ko abanyeshuri bagaragaje ingingo zisabwa kandi ko umwandiko wubahirije uturango tw'ihimbamwandiko.

**3. Inama n'inyandikomvugo**

Erekana ibice bigize inyandiko mvugo y'inama yabereye mu ishuri ryanyu.

Aha ngaha umwarimu ashobora kubwira abanyeshuri be gutegura no kuyobora inama maze bakayikorera inyandiko mvugo nyuma yo gusura ahabereye inama ku ishuri cyangwa ahandi. Ibi bishobora kuba byasimbura kuba bajya ahandi hantu.

## VI.9. Amakuru y'inyongera

**Izindi ngingo z'amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda**

1. Mu myandikire y'amagambo mashya y'amatirano atarabonerwa Ikinyarwanda yandikwa hagati y'utwuguruzo n'utwugarizo hakurikijwe uko yandikwa muri urwo rurimi.

**Urugero:**

Ibyo babisomye kuri "Whatsapp".

2. Imyandikire y' amazina bwite y'amanyamahanga

Amazina bwite y'amanyamahanga yanditswe mu Kinyarwanda bayandika mu ndimi akomokamo ari mudukubo nyuma yo kuyandika uko avugwa mu Kinyarwanda.

**Ingero:**

- Bisimariki (Bismarck)
- Koreya (Korea)
- Kamboje (Cambodge)

UMUTWE WA

7

# GUKUNDA UMURIMO

## VII.1. Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe

- Gusesengura indirimbo ivuga ku gukunda umurimo atahura ingingo z’ingenzi n’uturango twayo.
- Guhanga indirimbo zitandukanye zivuga ku gukunda umurimo.
- Kwandika mu nyandiko nyejwi na nyemvugo amagambo n’interuro.

## VII.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Inshoza y’indirimbo n’uturango twayo.
- Kuririmba indirimbo runaka.
- Gukoresha ubutinde n'amasaku no kwandika amajwi y'inyabumwe mu nyandiko nyejwi na nyemvugo.

## VII.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n’ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu bivugwa mu mwandiko “ Umurunga w’iminsi” aho umuhanzi abwira ikibondo ke. Buri mwana wese ararebwa n’iyi nshingano yo kwitabira umurimo. Yaba umukobwa cyangwa umuhungu arabishoboye kandi ni inshingano za buri wese. Igaragarira kandi mu buryo bw'imyigishirize aho umwarimu yita ku bitsina byombi igihe abaza abanyeshuri ibibazo. |
| Uburezi budaheza | Iyi ngingo nsanganyamasomo iragaragarira mu myigishirize igihe umwarimu yigisha yita kuri buri mu nyeshuri wese n’abafite ibibazo byihariye. |

| | |
|---|---|
| Umuco w'amahoro n'indangagaciro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Umurunga w'iminsi" umuhanzi ashishikariza urubyiruko imibanire myiza n'abandi. |

## VII.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Ushingiye ku mwandiko ukurikira, sobanura impamvu gukunda umurimo ari ingirakamaro mu mibereho y'abantu muri rusange.*

Gukunda umurimo ni ingirakamaro kuko bituma abantu batera imbere ari na byo bituma Igihugu gitera imbere muri rusange. Iyo abantu biteje imbere, bituma abantu babana mu mahoro kuko akenshi iyo abantu badafite icyo bakora ubukene burabokama maze ugasanga abantu bishora mu bikorwa by'urugomo n'ubugizi bwa nabi basagarira abagize icyo bafite. Ni yo mpamvu buri wese akangurirwa gukora n'udafite icyo akora akagishakisha yihangira umurimo.

## VII.5. Amasomo ari mu mutwe wa karindwi n'igihe agenewe

| **Umutwe wa karindwi: Gukunda umurimo** | | **Umubare w'amasomo: 30** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Umurunga w'iminsi** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura mu mwandiko. | **Amasomo 2** |

| Indirimbo | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya kane:** Indirimbo | Gusesengura indirimbo agaragaza uturango twayo no kugaragaza akamaro kayo. | **Amasomo 4** |
| **Inyandiko nyejwi** | | |
| **Isomo rya gatanu :** Amajwi y'ibihekane. | Gusobanura imihekanire y'amajwi y'Ikinyarwanda no kwandika mu nyandiko nyejwi amagambo arimo ibihekane. | **Amasomo 8** |
| **Isomo rya gatandatu :** Imyandikire y'interuro mu nyandiko nyejwi. | Gusoma no kwandika interuro zirimo ibihekane mu nyandiko nyejwi. | **Amasomo 2** |
| **Inyandiko nyemvugo** | | |
| **Isomo rya karindwi :** Inyandiko nyemvugo. | Gusoma no mu nyandiko nyemvugo kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane. | **Amasomo 6** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.** | | **Amasomo 2** |
| **Isuzuma risoza umutwe wa karindwi.** | | **Amasomo 2** |

### VII.5.1. Umwandiko: Umurunga w'iminsi

Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>• Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko.<br>• Gukora imyitozo inyuranye y'inyunguramagambo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri kirimo umwandiko "**Umurunga w'iminsi**", igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "**Umurunga w'iminsi**" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Murabona iki kuri iyi shusho?** Turahabona umusaza ufite gitari aririmbira umwana wicaye ku musambi.

**b) Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?** Uraza kuvuga ku ndirimbo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "***Umurunga w'iminsi***", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

**1. Ibisobanuro by'amagambo**

**a)Umurunga:** umugozi uboshye kandi ufite umugongo munini.

**b) Gusahurwa:** kwamburwa ibyo wari utunze ku gahato cyangwa ku mbaraga.

**c) Kwiyuha akuya:** gukora cyane ukananirwa ugamije kugera kuri byinshi.

**d) Intwaro:** ikintu umuntu yitwaza cyangwa se kikaba cyaragenewe kurwanishwa nk'umuhoro, umuheto, icumu, inkoota, ubuhiri, imbunda... Igikoresho cyangwa ibikoresho umuntu yifashisha kugira ngo abashe gutsinda urugamba runaka. Uregero hano mu mwandiko urugamba ruvugwa

ni urwo gutsinda ubukene. Kugira ngo utsinde ubukene rero ni ngombwa kwifashisha umurimo.

**e) Imikaka:** amenyo y'inyamaswa y'inkazi.

**f) Ubukaka**: ubutwari, ishema.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bagakora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Gukora interuro wifashishije amagambo akurikira:**

**a) Umurunga**

Kamana yaboshye umurunga wo kuzirika inka ye .

**b) Ikibondo**

Mukaruziga afite ikibondo kiza cyane.

**c) Gusahurwa**

Umusaza Kanamugire yasahuwe umutungo we wose .

**d) Kwiyuha akuya**

Abantu bagomba kwiyuha akuya bakora amanywa n'ijoro kugira ngo babashe kwiteza imbere.

**e) Intwaro**

Intwaro yo gutsinda ikibi ni ugusenga ubutitsa.

**2. Tahura muri iki kinyatuzu amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **I** | **O** | I | S | N | I | M | I |
| **I** | **N** | K | **O** | **N** | **G** | **I** | **I** |
| I | K | I | B | O | N | D | O |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **R** | **W** | N | **R** | **Z** | **U** | **I** | **O** |
| **W** | **I** | Y | **O** | **D** | **R** | **K** | **D** |
| M | **H** | O | **V** | **N** | **U** | **S** | I |
| B | **A** | N | **V** | I | **D** | **Y** | S |
| I | **N** | **I** | O | N | **U** | **O** | H |
| K | **A** | **E** | M | T | **W** | **R** | A |
| U | **N** | **G** | I | W | **E** | **H** | T |
| B | **G** | **N** | R | A | **T** | **R** | I |
| W | **I** | **A** | U | R | **T** | **T** | **O** |
| I | **R** | **Y** | M | O | **G** | **K** | **K** |
| Y | **I** | **C** | U | **R** | **T** | **J** | **I** |
| E | **U** | M | U | R | I | M | O |
| **Y** | **E** | **I** | **T** | **U** | **M** | **Y** | **E** |

Amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ari mu kinyatuzu: iminsi, ikibondo, mbikubwiye, intwaro, ishati, umurimo, inyoni, cyange.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) **Ni nde wanyibutsa umwandiko duheruka kwiga?** Umwandiko duheruka kwiga ni "Umurunga w'iminsi".

b) **Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Kwitabira gukora murimo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange**

**kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Mwongere musome umwandiko **"Umurunga w'iminsi"',** hanyuma musubize ibibazo byawubajijweho*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo byatangwa:**

**1. Ni nde uvuga muri uyu mwandiko? Erekana imikarago isobanura igisubizo cyawe.**

Ni umusaza.

**Imikarago ibyerekana:**

Burya gusaza ni ugusahurwa

Kuko iyo tujya ni habi

Nariye iminsi ndayiyongeza

Nsigara nyitera inyoni ziguruka

None iranze iranyigabije

Iranyiganzuye yo gapfusha

**2. Ni nde ubwirwa muri uyu mwandiko? Erekana imikarago isobanura igisubizo cyawe.**

Ni umwana.

Imikarago ibyerekana:

Cyo rero kibondo cyange

Igira hino nkurage intwaro

**3. Muri uyu mwandiko, hari aho umuhanzi atukana? Ni iki atuka? Sobanura impamvu atukana?**

Uyu muhanzi aratuka iminsi kuko itumye asaza kandi yari agifite byinshi ashaka gukora. Nyamara kandi akaba atagishoboye gukora kuko amaze gucika intege

kubera ubusaza.

**4. Umuhanzi aradushishikariza iki mu mwandiko we?**

Aradushishikariza kwitabira umurimo.

**5. Mu mwandiko umuhanzi arasobanura ko ikibeshaho umuntu ari iki?**

Ikibeshaho umuntu ni umurimo

**6. Umusaza arigisha iki umwana mugika cya gatatu?**

Aramugira inama yo kwirinda kuba umutekamutwe

**Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Mu isomo duheruka kwiga, twasomye umwandiko"**Umurunga w'iminsi**" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

**b) Ni ba nde bavugwa mu mwandiko guheruka kwiga?** Mu mwandiko havugwamo umusaza n'umwana we.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Mwongere musome umwandiko "***Umurunga w'iminsi***", hanyuma musubize*

*ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

**1. Ni izihe ngingo z'ingenzi dusanga mu mwandiko?**

**Ingingo z'ingenzi ni izi:**

- Gukoresha igihe neza ugifite imbaraga.
- Kwiteganyiriza ejo hazaza witabira umurimo.
- Ubunyangamugayo buzanwa no gukora umurimo. Iyo umuntu adakoze bimuzanira umugayo kuko hari ibyo akenera bituma abishakira mu mzira zitaboneye.
- Kwita ku nshingano umuntu aba afite yitabira umurimo nta kurangara.

**2. Ni iyihe mpamvu ituma uyu musaza agira inama umwana we?**

Aramugira inama kuko afite ubunararibonye mu buzima kandi akaba yarabonye ko iyo umuntu akoze hakiri kare ari bwo biba bifite umumaro. Aragira ngo umwana akore agifite imbaraga kuko bizamurinda guteka imitwe cyane ko bihira bake.

**3. Izina ikibondo rihagarariye nde ubwirwa mu mwandiko?**

Rihagarariye urubyiruko.

**4. Uyu mwandiko urakwigisha iki?**

Uyu mwandiko uranyigisha gukunda umurimo, kutaba umunebwe ngakora nkiteza imbere kuko umurimo ari wo soko y'ubuzima bwiza.

### VII.5.2. Indirimbo

Isomo rya kane: Indirimbo

| Intego zihariye |
| --- |
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gutahura inshoza n'uturango by'indirimbo.<br>• Kugaragaza akamaro k'indirimbo mu buzima bwa buri munsi. |

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku ndirimbo.

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko bize bibafasha kwinjira mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Ni uwuhe mwandiko twize ubushize?** Umwandiko twize ubushize ni "Umurunga w'iminsi"

2. **Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa muri uwo mwandiko?**
   Insanganyamatsiko ivugwa muri uwo mwandiko ni umurimo.

3. **Umwandiko "Umurunga w'iminsi"ni bwoko ki?**
   Uyu mwandiko ni indirimbo.

4. **Ni iki kigaragaza ko umwandiko "Umurunga w'iminsi"ari indirimbo?**

   Ikigaragaza ko umwandiko"Umurunga w'iminsi" ari indirimbo ni ibice biwugize ari byo: ibitero ndetse n'inyikirizo.

   Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga indirimbo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Umurunga w'iminsi" witegereza imiterere yawo. Uhereye ku miterere yawo, kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'indirimbo ndetse n'akamaro k'indirimbo mu buzima bwa buri munsi.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe umwarimu yatanze kirangiye, asaba abagize itsinda rimwe kumurika ibyo bakoze, abagize andi matsinda bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo bagenzi babo bamurika. Iyo bimaze kunozwa byandikwa ku kibaho,

abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe:**

**a) Inshoza y'indirimbo**

Indirimbo ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. Ni amajwi afite injyana yungikana n'amagambo. Indirimbo zivuga ku ngingo zitandukanye zigusha ku buzima bwa buri munsi; hari indirimbo z'urukundo, indirimbo zisingiza umuntu cyangwa ikintu, hari izigisha, izibara inkuru n'izindi.

**b) Uturango tw'indirimbo**

Indirimbo irangwa n'**imiterere** yayo ndetse n'**ikeshamvugo**.

- **Imiterere y'indirimbo**

Ahanini indirimbo irangwa n'ibice bibiri by'ingenzi: ibitero n'inyikirizo. Uko igitero kirangiye, umuririmbyi ashyiraho inyikirizo ariko hari indirimbo zitagira inyikirizo.

**Urugero rw'indirimbo ifite inyikirizo:**

Umurunga w'iminsi.

**Urugero rw'indirimbo itagira inyikirizo:**

Indirimbo yubahiriza Igihugu.

Uburyo ibi bice bihimbwa usanga ari nk'umuvugo ariko byo bigashyirwa mu majwi aryoheye amatwi no mu njyana runaka yatoranyijwe. Indirimbo ishobora kuba iy'amajwi y'umuntu cyangwa urusobe rw'amajwi y'abantu.

- **Ikeshamvugo mu ndirimbo**

Ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo ni rimwe n'iryo mu mivugo: uzasangamo isubirajwi, isubirajambo, imizimizo y'ubwoko bunyuranye bitewe n'urwego rw'ihanikarurimi umuhanzi yashatse gushyiramo indirimbo ye.

**c) Akamaro k'indirimbo**

Indirimbo zifite uruhare rukomeye mu mibereho y'umuntu muri rusange. Ubushakashatsi bunyuranye bwemeza ko indirimbo zongerera ubushobozi ubwonko bwo gutekereza neza mu buryo bwiza kandi bworoshye.

Indirimbo zorohereza abana bakiri bato bafite ikibazo cyo kuvuga no kwandika. Birumvikana ko bituma umwana agerageza gusubiramo ibyo yagiye yumva ndetse no kubisobanukirwa mu buryo bworoshye **. ( Bifatiye ku nkuru yatangajwe n'imirasire ku rubuga rwa: www.imirasire.com)**

Bitewe n'ikivugwa mu ndirimbo , uzasanga indirimbo zigira uruhare rukomeye mu guhindura imyumvire y'abantu ndetse no kubakangurira gukora ibikorwa runaka.

**Ingero:**

- Indirimbo zivuga kuri Sida ndetse n'ibindi byorezo, uburyo byandura n'uko byakwirindwa, zituma abantu birinda kwandura virusi itera Sida.
- Indirimbo zivuga ku butwari zituma abazumva bagira ubutwari bakagira ishyaka n'umurava wo gukunda Igihugu...
- Indirimbo zivuga ku murimo zituma abazumva bitabira umurimo.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo ku bibazo by'imyitozo :**

**a) Indirinbo irangwa n'utuhe turango? Twerekane.**

Indirimbo irangwa no kuba ifite inyikirizo n'ibitero. Cyakora hari indirimbo zitagira inyikirizo.

**b) Sesengura indirimbo imirunga y'iminsi ugaragaza uturango twayo.**

- Indirimbo "Imirunga y'iminsi" ifite ibitero n'inyikirizo.

Ifite ibitero bitatu:

**Igitero cya mbere:** Burya gusaza ni ugusahurwa (...) Kura ishati witege iminsi

**Igitero cya kabiri :** Ntugahaburwe n'ibyo hanze aha (…) Ubundi kandi bihira bake.

**Igitero cya gatatu:** Uramenye, uramenye, uramenye (…) Cyane abo mu kigero cyawe.

**Inyikirizo:** Aho wenda, aho wenda (…) Niyo mpamvu itumye mbikubwiye nkwihanangirije.

- Indirimbo "Imirunga y'iminsi" ifite ikeshamvugo ritandukanye.

Bumwe mu bwoko bw'ikeshamvugo/iminozanganzo bwakoreshejwe mu ndirimbo "Imirunga y'iminsi":

**Isubirajambo**

**Urugero:**

Aho wenda, aho wenda,

Aho wenda kibondo cyange

Aho wenda ntuzibuka y'uko

**Isubirajwi**

**Ingero:**

Burya gu**sa**za ni ugu**sa**hurwa

Utazazira iyo mi**kaka**

Irindwa abagifite ubu**kaka**

**Injyana mu isoza ry'umukarago/Isoza kimwe**

**Urugero:**

Aho wenda kibondo **cyange**

Aho wenda buto **bwange**

**Ishushanya:** ni uburyo bwo gusobanura cyangwa kwerekana ikintu wifashishije imvugo isa n'ica amarenga ukurikije uko icyo usobanura giteye cyangwa se uko ukiyumvisha.

**Ingero:**

- Nariye iminsi ndayiyongeza

Muri uyu mukarago harimo ishushanya: nta muntu urya iminsi. Bishushanya ko amaze igihe kirekire, imyaka myinshi.

- Umurunga w'iminsi ari umurimo.

Muri uyu mukarago harimo ishushanya: iminsi ntigira umurunga/ikiziriko. Bishushanya ko inshingano za buri munsi ku muntu ari umurimo.

**Iyitirira:** rishingiye ku gufata ikintu ukakitirira ikindi bitewe n'isano bifitanye.

**Urugero:**

- Imikaka y'iminsi irarindwa aaaa.

Muri uyu mukarago harimo iyitirira: nta minsi igira imikaka. Imikaka igirwa n'inyamaswa y'inkazi. Bivuga ko iminsi ari mibi.

**d) Ririmba indirimbo "Umurunga w'iminsi" wubahiriza injyana yayo.**

Umwarimu ashobora kwifashisha aho yafatiye amajwi y'indirimbo "Umurunga w'iminsi" maze akumvisha abanyeshuri injyana yayo. Abanyeshuri bakurikiza iyo njyana na bo bakaririmbira hamwe iyo ndirimbo.

### VII. 5. 3. Inyandiko nyejwi

Isomo rya gatanu: Amajwi y'ibihekane

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gutahura mu nteruro amagambo arimo amajwi y'ibihekane.<br>• Gusobanura imihekanire y'amajwi y'Ikinyarwanda.<br>• Kwandika amagambo arimo amajwi y'ibihekane mu nyandiko nyejwi. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yandika igitero ku kibaho kirimo ibihekane byanditswe ku buryo bugaragara maze agasaba abanyeshuri gusoma icyo gitero no gusoma by'umwihariko amagambo arimo ibihekane hanyuma akababaza ikibazo kiganisha ku isomo rishya.

Urugero rw'igitero yabandikira ku kibaho:

**Ntugahaburwe** n'ibyo **hanze** aha

Ibi **bizanwa n'abagenzi**

Ngo **bigutware** umutima wawe

**Bikwibagize** umurimo

**Burya** ga ni uko utabizi

Guteka **umutwe** ni **umwanda**

**Ntibitinda**, nta n'ubwo **byizerwa**

**Ubundi kandi** bihira bake.

**Urugero rw'ikibazo cyabazwa n'igisubizo cyatangwa:**

**a) Garagaza amajwi yanditse afatanye?**

Amajwi yanditse afatanye ni aya: nt, rw, nz, nw, tw, kw, na nd .

**b) Ni irihe zina rihabwa ingombajwi zanditse zifatanye?**

Ingombajwi zanditse zifatanye zitanga ijwi rimwe ryitwa igihekane.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga ibihekane mu nyandiko nyejwi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Mwitegereze ibihekane biri mu mwandiko "Umurunga w'iminsi" maze mwandike amajwi yose mwumva yabonetse habayeho gusobekeranya ingombajwi. Mukore ubushakashatsi mutahure inshoza y'igihekane, uburyo amajwi y'Ikinyarwanda ahekana n'uburyo amajwi y'ibihekane yandikwa mu nyandiko nyejwi.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe:**

**1. Inshoza y'igihekane**

Igihekane ni ijwi ry'inyunge ryandikishwa ingombajwi zirenze imwe: ingombajwi n'ingombajwi cyangwa ingombajwi n'inyerera. Niba **G** ari ingombajwi na **N** ikaba inyerera, mu Kinyarwanda amajwi y'ibihekane ashobora guhekana muri ubu buryo:

G: ingombajwi imwe ariko igizwe n'amajwi abiri mu nyandiko nyejwi

G+G: ingombajwi + ingombajwi

G+N: ingombajwi + inyerera

G+G+N: ingombajwi + ingombajwi + inyerera

G+N+N: ingombajwi + inyerera + inyerera

G+G+N+N: ingombajwi + ingombajwi + inyerera + inyerera

G+G+G+N+N: ingombajwi + ingombajwi + ingombajwi + inyerera + inyerera

**2. Ibihekane by'Ikinyarwanda n'uburyo byandikwa mu nyandiko nyejwi**

Mu Kinyarwanda, igihekane kigizwe n'ingombajwi ihindurirwa urwego rw'imivugire igafata urundi bitewe n'ikiciro irimo (Ingombajwi ihindurirwa urwego bitewe n'inyerera cyangwa inyamazuru bihekanye). Ihekana ry'amajwi y'ingombajwi n'inyerera rikubiye mu byiciro bikurikira bitewe n'aho zivugirwa:

- Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere;
- Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'inyuma;
- Ingombajwi zishyirwa mu mazuru;
- Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'imbere;
- Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'inyuma;
- Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere n'urw'inyuma;
- Ingombajwi zishyirwa mu mazuru, mu rusenge rw'imbere no mu rusenge rw'inyuma;
- Ikiciro kihariye.

**a) Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere**

Iki kiciro dusangamo ingombajwi zose zishobora kujyana n'inyerera y'imbere **[j/y]**. Ibyo bihekane ni: inturike z'inyaminwa **[pkj] [bgj]**, inturike y'inyamenyo **[tkj]**, inturike y'inyenkanka **[kj].** Harimo kandi inkubyi y'inyamwinyo **[vgj]**, inkubyi y'inyesongashinya **[skj]**, inkubyi z'inyarusenge **[gj]**, inkarage y'inyamenyo **[rgj],** inturike nkubyi y'inyamwinyo **[pfkj],** inyamazuru y'inyaminwa **[mɲ],** inyamazuru y'inyamenyo **[nɲ]**

**Ingero z'amagambo:**

- **[rgj]:** [àrà**rgj**àà**rgj**à]
- **[gj]:** [àmà**gj**ààmbèèrè]
- **[kj]:** [î**kj**ûùmà]

- **[tkj]:** [î**tkj**âàzò]
- **[skj]:** [gù**skj**à]
- **[pkj]:** [gù**pkj**òòndà]
- **[bgj]:** [î**bgj**âàgò]
- **[vgj]:** [zààrâhòò**vgj**è]
- **[mɲ]:** [ì**mɲ**ààndà]
- **[ nɲ]:** [ùmùkì **nɲì**]

**b) Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'inyuma**

Iki kiciro dusangamo ingombajwi zose zishobora kujyana n'inyerera y'inyuma **[w].** Ibyo bihekane ni: inturike z'inyaminwa **[pk][bg],** inturike z'inyamenyo **[tkw][dgw],** inturike z'inyenkanka **[kw][gw],** inkubyi z'inyamwinyo [**fk][vg]**, inkubyi z'inyesongashinya **[skw][zgw],** inkubyi z'inyarusenge [**ʃkw**][ ʒgw], inkubyi y'inyenkanka **[hw]**, inkarage y'inyamenyo **[rgw],** inturike nkubyi y'inyamwinyo **[pfkʰ]** inturike nkubyi y'inyesongashinya **[tskw],** inturike nkubyi y'inyarusenge **[tʃkw],** inyamazuru y'inyaminwa **[mŋ**], inyamazuru y'inyamenyo **[nŋw],** inyamazuru y'inyenkanka **[ŋw]/ ɲŋw.**

**Ingero z'amagambo:**

- **[dgw]:** [rùràmùd**gw**ìììŋgà]
- **[zgw]:** [àzààhàà**zgw**à]
- **[rgw]:** [kù**rgw**ààǹà]
- **[ʒgw]:** [ìkjî**ʒgw**âàŋgâ**ʒgw**âà**ŋ**gà]
- **[gw]:** [àzàà**gw**à]
- **[kw]:** [**kw**èèndèrèzà]
- **[ʃkw]:** [kùrù**ʃkwà**]
- **[tkw]:** [gû**tkw**âàrà]
- **[hw]:** [àmâ**hw**â].
- **[pk]:** [ìtʃà**pk**à]
- **[fkʰ]:** [îgwû**fk**ʰà].
- **[bg]:** [û**bg**â**àt**ò]
- **[vg]:** [gùhôò**vg**à].
- **[mŋ]:** [û**mŋ**âànzì]
- **[nŋw]:** [ùmù**nŋw**à]
- **[pfk]:** [gwûkʰâàpfàkʰàà**pfkʰ**à]
- **[ŋw]/[ɲŋw]:** [àrâŋwâ]/[àrâɲŋwâ]

- **[tskw]:** [kwòò**tskw**à]
- **[tʃkw]:** [ gût**ʃkw**êèkèèrà]
- **[skw]: [gw**ùs**à**s**kw**à]

**c) Ingombajwi zishyirwa mu mazuru**

Iki kiciro dusangamo ingombajwi zose zishobora kubanzirizwa n'inyamazuru **[n/m].** Ibyo bihekane ni: inturike z'inyaminwa **[mp$^h$][mb]**, inturike z'inyamenyo **[nt$^h$][nd],** inturike z'inyenkanka **[ŋk$^h$][ ŋg],** inkubyi z'inyamwinyo **[mf][mv]**, inkubyi z'inyesongashinya **[ns]** **[nz],** inkubyi z'inyarusenge **[nʃ] [n**ʒ**].**

**Ingero z'amagambo:**

- **[ŋkh]:** [î**ŋk**$^h$ôôrî]
- **[mf]: [** ì**mf**ûrà]
- **[nt$^h$]: [**ì**nt$^h$**òôrè]
- **[ns]: [**î**ns**înà]
- **[nʃ]: [**î**nʃ**ûrò]
- **[mp$^h$]: [**î**mp$^h$**û]**/[** ì**mp$^h$**ààmbà]
- **[mb]:** [î**mb**ââhô**]**
- **[mv]:** [î**mv**î]
- **[nd]:** [î**nd**î]
- **[nz]:** [ì**nz**ù]
- **[n**ʒ**]:** [ì **n**ʒìʒì]
- **[ŋg]:** [î**ŋg**ô].

**d) Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'imbere**

Iki kiciro dusangamo ingombajwi zishobora kubanzirizwa n'inyamazuru [n/m], zikajyana icyarimwe n'inyerera y'imbere [j/y]. Ibyo bihekane ni: inturike z'inyaminwa **[mpʃ$^<$] [mbgj],** inturike z'inyamenyo **[nt$^h$**ŋk**$^h$j] [nrgj],** inturike y'inyenkanka **[ŋk$^h$j],** inkubyi y'inyamwinyo [**mvgj]**, inkubyi y'inyesongashinya **[nskj],** inkubyi z'inyarusenge [nʃ$^<$] **[ngj].**

**Ingero z'amagambo:**

- **[nrgj]:** [ì**nrgj**ààrgjà]
- **[mbgj]:** [î**mbgj**înò]
- **[ ŋk$^h$j ]:** [îŋk**$^h$j**ûùrò]
- **[nt$^h$**ŋk**$^h$j ]:** [ì**nt$^h$**ŋk**$^h$j**òôzà]
- **[mpʃ$^<$]:** [ì**mpʃ**$^<$îsî]

- **[ngj]:** [ì**ngj**ààǹà]
- **[nskj]:** [ì**nskj**ò]
- **[nʃ˂]:** **[**î**n**ʃ˂ûûʃ˂û**]**
- **[mvgj]:** **[j**ààâ**h**ôòmvòò**mvgj**è]

**e) Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'inyuma**

Iki kiciro dusangamo ingombajwi zishobora kubanzirizwa n'inyamazuru **[n/m],** zikajyana icyarimwe n'inyerera y'inyuma **[w].** Ibyo bihekane ni: inturike z'inyaminwa **[mpʰ**ŋkʰ**w] [mbg],** inturike z'inyamenyo **[ntʰ**ŋkʰ**w][ndgw],** inturike z'inyenkanka **[ŋkʰw] [ŋgw],** inkubyi z'inyamwinyo **[mfk] [mvg],** inkubyi z'inyesongashonya **[nskw] [nzgw],** inkubyi z'inyarusenge **[n∫kw]** **[n**ʒgw**].**

**Ingero z'amagambo:**

- **[mbg]:** [ì**mbg**èêbgè]
- **[nzgw]:** [jàâhêè**nzgw**è]
- **[n**ʒgw]: [î**n**ʒgwîìrì]
- **[ndgw]:** [rgwàà**ndgw**ììnzè]
- **[n∫kw]:** [**n∫kw**èêkêèrè]/[wììn**∫kw**âràà tùrà**]**
- **[ŋkʰw]:** [î**ŋkʰw**âànò]
- **[ntʰŋkʰw]:** [î**ntʰŋkʰw** âàrò]
- **[nskw]:** [kôò**nskw**à]
- **[ndgw]:** [î**ndgw**âàrà]
- **[ŋgw]:** [ìŋgwè]
- **[mpʰ**ŋkʰ**w]:** [ì**mpʰ**ŋkʰ**w**èè**mpʰ**ŋkʰ**w**è]
- **[mvg]:** [àzùù**mvg**à]
- **[mfk]:** [ì**mfk**ààtì**]**

**f) Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere n'urw'inyuma**

Iki kiciro dusangamo ingombajwi zishobora kujyana icyarimwe n'inyerera y'imbere n'iy'inyuma **[j/y na w**]. Ibyo bihekane ni: inturike y'inyaminwa **[bgjgw]**, inkubyi y'inyamwinyo **[vgjgw]**, inkubyi z'inyarusenge [**∫˂kw**] **[gjgw]**, inkarage y'inyamenyo **[rgjgw]**, inyamazuru y'inyamunwa **[m] [mɲŋw].**

**Ingero z'amagambo:**

- **[∫˂kw]:** [kùrù**∫˂kwà**]
- **[kubgjgw]:** [gùtùù**bgjgw**à].
- **[vgjgw]:** [bwààâhôò**vgjgw**è]

- **[gjgw]:** **[k**ù**gj**òò**gjgw**à]
- **[rgjgw]:** [àrà**rgj**àà**rgjgw**à]
- **[mɲŋw]:** **[k**ù**r**à**mɲŋw**à]

**g) Ingombajwi zishyirwa mu mazuru, mu rusenge rw'imbere no mu rusenge rw'inyuma**

Iki kiciro dusangamo ingombajwi zishobora kubanzirizwa n'inyamazuru [n/m] kujyana icyarimwe n'inyerera y'imbere n'iy'inyuma [j/y na w]. Ibyo bihekane ni: inturike y'inyaminwa **[mbgjgw],** inkubyi y'inyamwinyo **[mvgjgw]**, inkubyi z'inyarusenge [nʃ<**kw**]

**[ ngjgw].**

**Ingero z'amagambo:**

- **[mvgjw]:** [ù**r**âhôòmvòò **mvgjw**à] n'îîk î?
- **[mbgjgw]:** [gùhòò**mbgjgw**à]
- **[nʃ<kw]:** [ în**ʃ<kw**â]
- **[ngjgw]:** [kûgjôò**ngjgw**à]

**h) Ikiciro kihariye**

Muri iki kiciro habonekamo ibihekane bituruka ku ihura ry'indagi y'inyamunwa [p] ihura n'indagi y'inyamwinyo [f] bigatanga igihekane [pf], indagi y'inyamenyo [t] ihura n'indagi y'inyesongashinya [s] bikabyara igihekane **[ts],** indagi y'inyamenyo [t] ihura n'indagi y'inyarusenge [ʃ] bikabyara igihekane [tʃ].

**Ingero z'amagambo**

- **[pf]:** [ùmû**pf**âàkàzì].
- **[ts] :** [umû**ts**îma],
- **[tʃ] :** [ùmù**tʃ**àâ**tʃ**à].

**Imbonerahamwe rusange y'ibihekane byose mu nyandiko nyejwi**

| Imvugiro/ umwanya<br><br>Imivugirwe | Inyaminwa | Inyamwi-nyo | Inyame-nyo | Inyesona-shinya | Inyaruse-nge | Inyenka-nka |
|---|---|---|---|---|---|---|

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Inturike** | **1** | [pkj]<br>[bgj] | | [tkj] | | | [kj] |
| | **2** | [pk]<br>[bg] | | [tkw]<br>[dgw] | | | [kw]<br>[gw] |
| | **3** | [mp$^{h}$]<br>[mb] | | [nt$^{h}$]<br>[nd] | | | [ŋk$^{h}$]<br>[ ŋg] |
| | **4** | [mpkj/ mpʃ$^{<}$]<br>[mbgj] | | [nt$^{h}$ŋk$^{h}$j]<br>[ndgj] | | | [ŋk$^{h}$j] |
| | **5** | [mp$^{h}$ŋk$^{h}$w]<br>[mbg] | | [nt$^{h}$ŋk$^{h}$w]<br>[ndgw] | | | [ŋk$^{h}$w]<br>[ŋgw] |
| | **6** | [bgjgw] | | | | | |
| | **7** | [mbgjgw] | | | | | |
| **Inkubyi** | **1** | | [vj] | | [skj] | [ʃ$^{<}$]<br>[gj] | |
| | **2** | | [fk]<br>[vg] | | [skw]<br>[zgw] | [ʃkw]<br>[ 3gw] | [hw] |
| | **3** | | [mf]<br>[mv] | | [ns]<br>[nz] | [nʃ]<br>[n3] | |
| | **4** | | [mvgj] | | [nskj] | [nʃ$^{<}$]<br>[ngj] | |
| | **5** | | [mfk]<br>[mvg] | | [nskw]<br>[nzgw] | [nʃkw]<br>[n3gw] | |
| | **6** | | [vgjgw] | | | [ʃ$^{<}$kw]<br>[gjgw] | |
| | **7** | | [mvgjgw] | | | [nʃ$^{<}$kw]<br>[ngjgw] | |
| | **8** | | [pf] | | | | |
| **Inkarage** | **1** | | | [rgj] | | | |
| | **2** | | | [rgw] | | | |
| | **6** | | | [rgjgw] | | | |
| **Inturike nkubyi** | **1** | | [pfkj] | | | | |
| | **2** | | [pfk$^{h}$] | | [tskw] | [tʃkw] | |
| | **8** | | | | [ts] | [tʃ] | |
| **Inyamazuru** | **1** | [mɲ] | | [nɲ] | | | |
| | **2** | [mŋ] | | [nŋw] | | | [ŋw] |
| | **6** | [mɲŋw] | | | | | |

**Ibisobanuro ku misomere y'imbonerahamwe**

1. Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere.
2. Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'inyuma.
3. Ingombajwi zishyirwa mu mazuru.

**Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'imbere.**

4. Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'inyuma.
5. Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere n'urw'inyuma.
6. Ingombajwi zishyirwa mu mazuru, mu rusenge rw'imbere no mu rusenge rw'inyuma.
7. Ikiciro kihariye.

**3. Umwitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, gukora umwitozo uri mu gitabo cy'umunyeshuri,uri wese kugitike. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:**

**1. Igihekane gitandukaniyehe n'ingombajwi?**

Aho bitandukaniye ni uko ingombajwi iyo ivuzwe humvikana ijwi rimwe gusa mu gihe igihekane cyumvikanamo urwunge rw'amajwi menshi.

Urugero: - Ingombajwi: g, t, m, shy, ny

- Igihekane: rw, bw, c, tw.

**Andika amagambo akurikira mu nyandiko nyejwi : inshwaratura, impyisi, intwaro, inshushyu inkori, nshwekure.**

a) Winshwaratura: [wììnʃ**kw**âràààtùrà**]**

b) Impyisi: [ì**mp**$^{h}$**kj** îs î]

c) Intwaro: [î**nt**$^{h}$**kw**âàrò]

d) Inshushyu: **[**î**n**ʃ$^{<}$ûûʃ$^{<}$û**]**

e) Inkori**: [**î**nk**$^{h}$ôôrî]

c) Nshwekure: **[nʃkwèèkwûùrè]**

Isomo rya gatandatu: Imyandikire y'interuro mu nyandiko nyejwi

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane mu nyandiko nyejwi. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kugira ngo bibafashe kwinjira mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a)Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Twize uko ingombajwi zihekana.

- Isomo duherutse kwiga ni ibihekane n'uko byandikwa mu nyandiko nyejwi.

**b) Igihekane gitandukaniye he n'ingombajwi?**

Igihekane ni ijwi ry'inyunge rituruka ku kwiyunga kw'ingombajwi ebyiri cyangwa nyinshi, zishobora kuba ingombajwi gusa cyangwa ingombajwi n'inyerera zihuje. Naho ingombajwi yo ni ijwi shingiro rikenera inyajwi kugira ngo ribashe kugira igisobanuro.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga imyandikire y'interuro mu nyandiko nyejwi.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Kora umwitozo wo gusoma amagambo agize interuro zinyuranye ziri*

*mu mwandiko "Umurunga w'iminsi", n'andi magambo cyangwa interuro bigaragaramo ibihekane byose by'Ikinyarwanda maze ukore ubushakashatsi ugaragaze uko interuro zandikwa mu nyandiko nyejwi.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe:**

**Kwandika interuro mu nyandiko nyejwi.**

Iyo bandika interuro mu nyandiko nyejwi ntibapfa kubikora uko babonye. Hari ibyitabwaho mu kwandika interuro mu nyandiko nyejwi. Ni byiza gukurikiza uburyo bukurikira kugira ngo ubashe kwandika interuro mu nyandiko nyejwi.

Bisaba ko umuntu yandika ijwi ryose ryumvikana iyo avuga ijambo cyangwa interuro runaka. Ni ngombwa ko umuntu yandika agaragaza ibimenyetso byose byumvikana. Bityo rero, amasaku yose agomba kugaragazwa ni ukuvuga ko yaba amasaku y'integuza, amasaku nyejuru n'amasaku nyesi yose arandikwa. Ni ngombwa kwita ku migemo igize amagambo kuko umugemo waba utinda cyangwa ubanguka yandikwa yose. Ni ngombwa kwandika ibimenyetso byose byihariye nk'uko byagiye bigaragazwa mu myandikire y'amagambo mu nyandiko nyejwi.

Burya iyo umuntu avuga, amajwi asohoka mu kamwa afatanye ni yo mpamvu iyo bandika interuro mu nyandiko nyejwi bafatanya amagambo yose uko yakabaye**.** Interuro yose ishyirwa hagati y'udusodeko [ ].

**Urugero:**

Uko amajyambere agenda yiyongera ni ko ikitwa umutungo kamere twasigiwe n'abakurambere bacu ugenda ukoreshwa rimwe na rimwe neza cyangwa nabi hirengagijwe abavuka uko bwije n'uko bukeye.

[ûkwâmàgjààmbèràgjèêndâjîìjòŋgjèèrànîkwîkjìîtkwùmûtûùŋgòk$^{h}$àmêrê tkwà âsigjìwênâßâkûrààmbèrèßatʃùgjèèndûkôrèèʃkwàrîmŋênârîmŋènêêzâkjââŋg wânàâßîhîìrèèŋgàgjìʒgwàßâvûùkwûkwôbgìîʒênûûkwôßùkjèêjê]

**3. Imyitozo**

Mu matsinda ya babiribabiri, umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo.

Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bayikora kandi akajya afasha abafite

ibibazo.

Iyo barangije gukora iyo myitozo, umwarimu ayikosorera hamwe n'abanyeshuri, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo :**

**a) Vuga muri make icyo wagenderaho wandika interuro mu nyandiko nyejwi.**

Icyo nagenderaho ni ukwandika amagambo yose agize interuro nyafatanya kandi nkandika ibimenyetso byose byuvikana iyo umuntu avuga. Amasaku yose agomba kugaragazwa kandi ahari ubutinde na bwo bukagaragazwa. Ni ngombwa kandi gushyira ibyanditswe mu dusodeko kuko ari cyo kimenyetso k'inyandiko nyejwi.

**b) Iyo witegereje usanga imyandikire y'amagambo arimo ibihekane mu nyandiko nyejwi ihuriye he n'imyandikire y'interuro mu nyandiko nyejwi? Sobanura igisubizo cyawe.**

Imyandikire y'amagambo mu nyandiko nyejwi ifite aho ihuriye n'imyandikire y'interuro kuko iyo umuntu yandika interuro ahera ku magambo. Ibimenyetso byandikishwa amagambo ni na byo umuntu yifashisha iyo yandika interuro. Itandukaniro rihari ni uko kubera ko iyo umuntu yandika interuro afatanya amagambo yose kuko umuntu aba yandika uko avuga, usanga hari impinduka zigenda zigaragara ku magambo. Urugero imiterere y'amasaku igenda ihinduka igatandukana n'uko isanzwe ku magambo yigenga/ari yonyine bitewe n'uko hari inyajwi zigenda ziburira muri iryo fatana ry'amagambo agize interuro.

**c) Andika izi nteruro mu nyandiko nyejwi:**

- Voma vuba uze tuzamuke burije, ejo iwacu batazabura amazi yo kubobeza imigozi kuko bafite abakozi bazabubakira urugo. [vòòmàvûβûzêt$^h$ùzàâmûùk$^h$èβûrîìʒêʒîwàâtʃùβàt$^h$àzàâβûrâmâàzîjô kùβòβèèzìmìgwôzîkûkôβàfî thâβâkôzìβàzàâβûùβàkjìrùrûgô]
- Umunyeshuri usoma ibitabo ajijuka vuba. [ùmûnêèʃùûrûsômìβìt$^h$àβàʒ ìʒùùk$^h$àvûβâ]
- Yewe waranahababahingiye! [jèêwèwârânâhâbâhììŋgjìjè!]

## VII. 5. 4. Inyandiko nyemvugo

Isomo rya karindwi: Inyandiko nyamvugo

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusoma no kwandika amagambo n'interuro birimo ibihekane mu nyandiko nyemvugo.<br>• Gutandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo riheruka kugira ngo bibafashe kwinjira mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a)Ni irihe somo duheruka kwiga ubushize?**

Ubushize twize uko bandika interuro mu nyandiko nyejwi.

**b) Inyandiko nyejwi irangwa n'iki?**

Inyandiko nyejwi irangwa n'ibimenyetso byinshi: amasaku nyesi n'amasaku nyejuru, amasaku y'integuza, amagambo cyagwa interuro bishyirwa mu dusodeko...

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri maze akababwira ko bagiye kwiga inyandiko nyemvugo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Itegereze amagambo akurikira yanditswe mu mpushya ebyiri maze witegereze amajwi yanditse atsindagiye. Kora ubushakashatsi utahure inshoza y'inyandiko nyemvugo n' uko bandika ibihekane mu nyandiko nyemvugo kandi utandukaye uko bandika ibihekane mu nyandiko nyejwi no mu nyandiko nyemvugo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo.

| | |
|---|---|
| Gu**pfuu**ra | Ku**myoo**ra |
| Gu**shy**ira | Gu**cu**ra |
| Ku**rya** | Gu**pfa** |

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bikandikwa ku kibaho n'abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibyavuye mu matsinda byanogejwe:**

**a) Inshoza y'inyandiko nyemvugo**

Inyandiko nyemvugo ni inyandiko ishyira mu bikorwa amategeko yo kugabanya ibimenyetso byandika ibihekane mu nyandiko nyejwi. Ibimenyetso bisigaye biba byihagije ku buryo bidatera kwitiranya amagambo no kujijinganya ku bisobanuro by'ijambo ryanditse. Ibimenyetso bisigaye bibarirwa mu rwego rw'iyigamvugo, bibarirwa gutyo mu nyandiko nyemvugo.

Iyo umaze kugabanya utyo ibimenyetso by'inyandiko nyejwi uba uvuye mu rwego rw'iyigamajwi ugiye mu rwego rw'iyigamvugo. Icyo gihe, ibimenyetso bisigaye bikurwa mu dusodeko bigashyirwa mu hagati mu **dukoni tubiri tuberamye**, ari na two turanga **inyandiko nyemvugo.**

**b) Imbonerahamwe rusange y'ibihekane byose mu nyandiko nyemvugo**

| | **Inyami-nwa** | | **Inyamwi-nyo** | **Inyame-nyo** | **Inyesonga-shinya** | **Inyaru-senge** | **Inyenka-nka** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **1** | /pj/ /bj/ | | / tj/ | | | /kj/ |
| | **2** | /pw/ /bw/ | | /tw/ /dw/ | | | /kw/ /gw/ |
| | **3** | /mp/ /mb/ | | /nt/ /nd/ | | | /nk/ /ng/ |
| | **4** | /mpj/ /mbj/ | | /ntj/ /ndj/ | | | [nkj/ |
| | **5** | /mpw/ /mbw/ | | /ntw/ /ndw/ | | | /nkw/ /ngw/ |
| | **6** | /bjw/ | | | | | |
| | **7** | /mbjw/ | | | | | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Inkubyi** **Aho zivugirwa** **Uko zivugwa** | **1** | | /vj/ | | /sj/ | /shy/ /gj/ | |
| | **2** | | /fw/ /vw/ | | /sw/ /zw/ | /shw/ /Ʒw/ | /hw/ |
| | **3** | | /mf/ /mv/ | | /ns/ /nz/ | /nsh/ /nʒ/ | |
| | **4** | | /mvj/ | | /nsj/ | /nshy/ /ngj/ | |
| | **5** | | /mfw/ /mvw/ | | /nsw/ /nzw/ | /nshw/ / nƷw/ | |
| | **6** | | /vjw/ | | | /shyw/ /gyw/ | |
| | **7** | | /mvjw/ | | | /nshyw/ /ngyw/ | |
| | **8** | | /pf/ | | | | |
| **Inkarage** | **1** | | | /rj/ | | | |
| | **2** | | | /rw/ | | | |
| | **6** | | | /rjw/ | | | |
| **Inturike nkubyi** | **1** | | /pfj/ | | | | |
| | **2** | | /pfw/ | | /tsw/ | /tʃw/ | |
| | **8** | | | | /ts/ | / tʃ/ | |
| **Inyamazuru** | **1** | /mj/ | | /nny/ | | | |
| | **2** | /mw/ | | /nw/ | | | /njw/ |
| | **6** | /mjw/ | | | | | |

Ibisobanuro ku misomere y'imbonerahamwe

1. Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere.
2. Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'inyuma.
3. Ingombajwi zishyirwa mu mazuru.
4. Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'imbere.
5. Ingombajwi zishyirwa mu mazuru no mu rusenge rw'inyuma.
6. Ingombajwi zishyirwa mu rusenge rw'imbere n'urw'inyuma.
7. Ingombajwi zishyirwa mu mazuru, mu rusenge rw'imbere no mu rusenge rw'inyuma.
8. Ikiciro kihariye.

**c) Gutandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo**

**Inyandiko nyejwi**

- Mu nyandiko nyejwi bandika amajwi yose yumvikana batagabanya ibimenyetso.
- Ibyo banditse bishyirwa mu dusodeko [ ]
- Mu nyandiko nyejwi iyo bandika interuro bandika bafatanije amagambo yose ayigize.
- Bandika bashyiraho amasaku nyesi n’amasaku nyejuru ndetse n’amasaku y’integuza.

**Inyandiko nyemvugo**

- Bandika bagabanya ibimenyetso ntibandika amajwi yose yumvikana.
- Ibyo bandika bishyirwa hagati y’uturongo tubiri / /.
- No mu nyandiko nyemvugo bandika bafatanije interuro.
- Amasaku y’integuza ntiyandikwa n’amasaku nyesi ntiyandikwa.

**Ingero:**

| Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|
| [ìtʃà**pkà**] | /itʃa**pwa**/ |
| [ìgwû**fkâ**] | /igu**fwâ**/ |
| [ì**m**ɲààndà] | /i**mja**anda/ |
| [û**mŋ**ââǹzì] | /û**mw**ââǹzì/ |

**Ikitonderwa:**

Iyo ugenzuye neza usanga inyandiko nyemvugo y’ibihekane by’Ikinyarwanda ijya gusa n’inyandiko isanzwe ariko inyandiko isanzwe yo ikoresha ibimenyetso bike cyane kugira ngo bidatera urujijo**.**

Mu rwego rwo kuvanaho urujijo abantu bashobora kugira kuri izi nyandiko zose, ni ngombwa kugaragaza n’ inyandiko isanzwe y’ibihekane by’Ikinyarwanda.

**Kugereranya amajwi y’ibihekane mu nyandiko isanzwe, nyejwi na nyemvugo**

| Inyandiko isanzwe | Inyandiko nyejwi | Inyandiko nyemvugo |
|---|---|---|
| 1. py | 1. [pkj] | 1. /pj/ |
| 2. by | 2. [bgj] | 2. /bj/ |
| 3. ty | 3. [tkj] | 3. / tj/ |
| 4. cy | 4. [kj] | 4. /kj/ |
| 5. pw | 5. [pk] | 5. /pw/ |
| 6. bw | 6. [bg] | 6. /bw/ |
| 7. tw | 7. [tkw] | 7. /tw/ |
| 8. dw | 8. [dgw] | 8. /dw/ |
| 9. kw | 9. [kw] | 9. /kw/ |
| 10. gw | 10. [gw] | 10. /gw/ |
| 11. mp | 11. [$mp^h$] | 11. /mp/ |
| 12. mb | 12. [mb] | 12. /mb/ |
| 13. nt | 13. [$nt^h$] | 13. /nt/ |
| 14. nd | 14. [nd] | 14. /nd/ |
| 15. nk | 15. [$ŋk^h$] | 15. /nk/ |
| 16. ng | 16. [ ŋg] | 16. /ng/ |
| 17. mpy | 17. [mpkj/mp$ʃ^<$] | 17. /mpj/ |
| 18. mby | 18. [mbgj] | 18. /mbj/ |
| 19. nty | 19. [$nt^hŋk^hj$] | 19. /ntj/ |
| 20. ndy | 20. [ndgj] | 20. /ndj/ |
| 21. ncy | 21. [$ŋk^hj$] | 21. [nkj/ |
| 22. mpw | 22. [$mp^hŋk^hw$] | 22. /mpw/ |
| 23. mbw | 23. [mbg] | 23. /mbw/ |
| 24. ntw | 24. [$nt^hŋk^hw$] | 24. /ntw/ |
| 25. ndw | 25. [ndgw] | 25. /ndw/ |
| 26. nkw | 26. [$ŋk^hw$] | 26. /nkw/ |
| 27. ngw | 27. [ŋgw] | 27. /ngw/ |
| 28. byw | 28. [bgjgw] | 28. /bjw/ |
| 29. mbyw | 29. [mbgjgw] | 29. /mbjw/ |
| 30. vy | 30. [vj] | 30. /vj/ |
| 31. sy | 31. [skj] | 31. /sj/ |
| 32. shy | 32. [$ʃ^<$] | 32. /shy/ |
| 33. jy | 33. [gj] | 33. /gj/ |
| 34. fw | 34. [fk] | 34. /fw/ |
| 35. vw | 35. [vg] | 35. /vw/ |
| 36. sw | 36. [skw] | 36. /sw/ |
| 37. zw | 37. [zgw] | 37. /zw/ |
| 38. shw | 38. [ʃkw] | 38. /shw/ |
| 39. jw | 39. [ ʒgw] | 39. /ʒw/ |
| 40. hw | 40. [hw] | 40. /hw/ |
| 41. mf | 41. [mf] | 41. /mf/ |

| | | |
|---|---|---|
| 42. mv | 42. [mv] | 42. /mv/ |
| 43. ns | 43. [ns] | 43. /ns/ |
| 44. nz | 44. [nz] | 44. /nz/ |
| 45. nsh | 45. [n∫] | 45. /nsh/ |
| 46. nj | 46. [n3] | 46. /nʒ/ |
| 47. mvy | 47. [mvgj] | 47. /mvj/ |
| 48. nsy | 48. [nskj] | 48. /nsj/ |
| 49. nshy | 49. [n∫<] | 49. /nshy/ |
| 50. njy | 50. [ngj] | 50. /ngj/ |
| 51. mfw | 51. [mfk] | 51. /mfw/ |
| 52. mvw | 52. [mvg] | 52. /mvw/ |
| 53. nsw | 53. [nskw] | 53. /nsw/ |
| 54. nzw | 54. [nzgw] | 54. /nzw/ |
| 55. nshw | 55. [n∫kw] | 55. /nshw/ |
| 56. njw | 56. [n3gw] | 56. /n3w/ |
| 57. vyw | 57. [vgjgw] | 57. /vjw/ |
| 58. shyw | 58. [∫<kw] | 58. /shyw/ |
| 59. jyw | 59. [gjgw] | 59. /gyw/ |
| 60. mvyw | 60. [mvgjgw] | 60. /mvjw/ |
| 61. nshyw | 61. [n∫<kw] | 61. /nshyw/ |
| 62. njyw | 62. [ ngjgw] | 62. /ngyw/ |
| 63. pf | 63. [pf] | 63. /pf/ |
| 64. ry | 64. [rgj] | 64. /rj/ |
| 65. rw | 65. [rgw] | 65. /rw/ |
| 66. ryw | 66. [rgjgw] | 66. /rjw/ |
| 67. pfy | 67. [pfkj] | 67. /pfj/ |
| 68. pfw | 68. [pfkh] | 68. /pfw/ |
| 69. tsw | 69. [tskw] | 69. /tsw/ |
| 70. cw | 70. [t∫kw] | 70. /t∫w/ |
| 71. ts | 71. [ts] | 71. /ts/ |
| 72. c | 72. [t∫] | 72. / t∫/ |
| 73. my | 73. [mɲ] | 73. /mj/ |
| 74. nny | 74. [nɲ] | 74. /nny/ |
| 75. mw | 75. [mŋ] | 75. /mw/ |
| 76. nw | 76. [nŋw] | 76. /nw/ |
| 77. nyw | 77. [ŋw] | 77. /njw/ |
| 78. myw | 78. [mɲŋw] | 78. /mjw/ |

### 3. Imyitozo

Mu matsinda ya babiribabiri, umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo. Afasha abafite ibibazo iyo bahari. Iyo barangije gukora imyitozo, umwarimu arabakosora, maze bagakosorera hamwe, ibisubizo biboneye bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:**

**a) Vuga muri make icyo wagenderaho wandika amagambo cyangwa interuro mu nyandiko nyemvugo.**

Mu gihe ngiye kwandika amagambo cyangwa interuro mu nyandiko nyemvugo, nakora ibi bikurikira:

Kugabanya ibimenyetso byandika ibihekane mu nyandiko nyejwi. Ngasigaza ibimenyetso byihagije kandi bidatera kwitiranya amagambo no kujijinganya ku bisobanuro by'ijambo ryanditse. Kuvana ibimenyetso bisigaye mu dusodeko no kubishyira mu dukoni tubiri tuberamye kuko ari na cyo kiranga cyane inyandiko nyemvugo.

**b) Andika amagambo akurikira mu nyandiko nyemvugo: ubwato, ukwaha, igihwagari guhovwa, umwana.**

- **Ubwato** /ubwâato/
- **Ukwaha** /u**kw**âaha/
- **Igihwagari** /igi**hw**aagari/
- **Guhovwa** /guhoovwa/
- **Umwana** /umwâana/

**c) Andika interuro zikurikira mu nyandiko yemvugo.**

- Umunyeshuri usoma ibitabo ajijuka vuba.
  /umunɲêeʃuûrusômiβitaβaʒiʒuukavuβâ/
- Yewe waranasaze!
  /jeêwewarânasâze!/

**d) Interuro ikurikira iri mu nyandiko nyejwi. Yandike mu nyandiko nyemvugo:**

[vòòmàvûβûzêthùzàâmûùkhèβûrîìʒeʒîwàâtʃùβàthàzààβûrâmâàzîĵô kùβòβèèzìmìgôzîkûkôβàfî thàβâkôzìβâzââβûùβàkjìrùrûgô]

/voomavuβûzêthuzaâmûukheβurîiʒeʒîwaâtʃuβatazaaβûramâazijôkuβoβeezimigozîkukôβafi taβakôziβazâaβûuβakjirurugô/

## VII.5.5. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kenda, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

**Hanga indirimbo ku nsanganyamatsiko wihitiyemo wubahiriza uturango tw'indirimbo, uzayiririmbire imbere ya bagenzi bawe.**

**Uko umwitozo ukosorwa:**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda anyuranye. Buri wese mu itsinda rye aririmba indirimbo ye. Abanyeshuri bagize itsinda bahitamo indirimbo imwe nziza kuruta izindi, bakayiga, bakayiririmbira bagenzi babo.

## VII.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa karindwi

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa karindwi bityo bikababafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

- Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'umurimo.
- Twabonye akamaro indirimbo zifite mu muryango w'abantu muri rusange.
- Twabonye inshoza y'ibihekane n'interuro n'uko byandikwa munyandiko nyejwi na nyemvugo.

Ibi byose bikaba byaramfashije gushimangira indangagaciro yo gukangurikira no gukangurira abandi kwitabira umurimo mbinyujije mu ndirimbo zivuga ku mirimo itandukane nifashishije amajwi akoreshwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

## VII.7. Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa karindwi** |
|---|
| • Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:<br>• Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo ziwukubiyemo.<br>• Gukoresha neza amagambo yungutse mu nteruro.<br>• Kwandika interuro n'amagambo arimo ibihekane mu nyandiko nyejwi na nyemvugo. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma buri wese ku giti ke riri mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

**1. Ushingiye ku mwandiko sobanura uburyo gukoresha neza igihe bigira uruhare mu iterambere.**

Nk'uko umuhanzi abigaragaza mu mwandiko icyo umuntu yaba akora cyose, agikoreye ku gihe kandi mu bwubahane bw'abo abikorera, bizamura iterambere ry'igihugu kandi vuba.

**2. Aho umuhanzi avuga ngo "nzaritahe mpundwa impundu" yashakaga kuvuga iki, ni iriki azataha, kubera iki?**

Umuhanzi yashakaga kuvuga ijuru, azaritaha kubera ko ku isi yakoze neza agakorera ku gihe, abana n'abantu neza yirinda gukora icyaha.

**3. Rondora ibyiciro by'abantu umuhanzi yavuze werekane uburyo ibyo bakora babikorera ku gihe no ku iterambere muri rusange.**

Abahinzi, aborozi, abanyeshuri, abashinzwe umutekano, abaganga, abarimu. Umuhanzi yagiye yerekena uburyo iyo bakoze neza imirimo bashinzwe bagera ku iterambere.

**4. Uyu mwandiko uri mu yihe ngeri? Kora isesengura ry'uyu mwandiko wasomye kandi unagaragaze tumwe mu turango tw'imyandiko nk'iyi.**

Uyu mwandiko uri mu bwoko bw'imivugo. Umuvugo ni umwandiko wa gisizi wanditswe mu buryo bw'imikarago ukaba ugaragaramo uturango tw'ikeshamvugo tunyuranye.

Umuvugo urangwa rero n'interuro ngufi bita imikarago cyangwa intondeke. Iyo mikarago iba ifite injyana nk'iyo mu ndirimbo. Iyo mikarago kandi iba igabanyijemo ibika. Umuvugo kandi urangwa n'injyana, isubirajwi, isubirajambo n'ubundi bwoko butandukanye bw'ikeshamvugo nk'imibangikanyo, ihwanisha, iyitirira, igereranya n'ibindi.

## II. Ibibazo by'inyunguramagambo

**a) Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko "Mu gihe ngihumeka".**

- **Kuganda:** kutumvira cyangwa kutayoboka umutegetsi
- **Gukorera ijisho:** kwitabira umurimo ari uko umukoresha akureba
- **Kwirozonga:** gukora umurimo utabishaka, uvunisha abandi
- **Ubworo:** indwara yo kubura amata ku muntu wigeze kuyabona

- **Kurumanza:** guha amatungo ubwatsi /kuragira amatungo ariko ukayima amazi yo kunywa.

**b) Koresha mu nteruro ayo magambo umaze gusobanura.**

Umwarimu areba ko abanyeshuri batanze interuro zuzuye kandi zumvikanisha igisobanuro k'ijambo.

**a) Tanga inshoza y' igihekane kandi utange n'ingero ebyiri.**

Igihekane ni ijwi ry'inyunge rituruka mu kwihuza kw' ingombajwi ebyiri cyangwa nyinshi , ingombajwi n'inyerera imwe cyangwa nyishi .

**b) Wifashishije ingero ebyiri, sobanura uko amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ahekana.**

- Ingombajwi izo ari zo zose zihekana n'ingombajwi z'inyankanka zitaburabura bihuje uburyo bw'imivugirwe. Ingombajwi y'inyarusenge y'inyuma [k] ihekana n'ingombajwi z'indagi bihuje uburyo bw'imivugirwe .Urugero [**p**]: [**pk**].
- Indagi iyo zihekanye n'inyarusenge y'inyuma [**k**] bitanga ibihekane bitabaho bikaba ngombwa kwitwerereza inyerera [**w**] cyangwa[**j**].

Urugero: [**tkw**], **[ʃkw**], [ʃ<**kw**], [**skj**].

**c) Tandukanya inyandiko nyejwi n' inyandiko nyemvugo**

Gutandukanya inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo

Inyandiko nyejwi n'inyandiko nyemvugo ni inyandiko zitandukanye kuko mu nyandiko nyejwi hibangwa kuri izi ngingo:

Bandika amajwi yose yumvikana batagabanya ibimenyetso kandi ibyo banditse bigashyirwa mu dusodeko [ ]. Bandika interuro bafatanije amagambo yose ayigize. Bandika kandi bashyiraho amasaku nyesi n'amasaku y'integuza.

**Na ho mu nyandiko nyemvugo ho, hibandwa ku ngingo zikurikira:**

Kugabanya ibimenyetso ntakwandika amajwi yose yumvikana. Ibyo bandika bishyirwa muri utu tumenyetso / /. Ariko kandi no mu nyandiko nyemvugo bandika bafatanije interuro. Nyamara

amasaku y'integuza n'amasaku nyesi ntiyandikwa.

**d) Andika interuro zikurikira mu nyandiko nyejwi:**

- **Amakimbirane ni imvano y'intambara.**

[ àmàkjìîmbììrànènììmvàànòjîntʰâàmbàrà]

- **Nta mpamvu yo gupyonda iyo mashini**

[ ntʰàmpʰàâmvùjôgwùpkjòòndàìjòmâʃììnì]

## IV. Ihangamwandiko

**Hitamo umwuga wishakiye maze uwuhimbeho indirimbo ngufi itarengeje ibitero bitatu n'inyikirizo yabyo. Ntiwibagirwe gushyiramo ikeshamvugo rigomba kuboneka mu ndirimbo.**

Umwarimu agenzura ko umunyeshuri yahanze indirimbo akurikije amabwiriza yahawe kandi yubahirije umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo.

## VII.8. Ibikorwa by'inyongera

### VII.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

**Subiza ibibazo bikurikira:**

1. Amajwi shingiro y'Ikinyarwanda ahekana ate?

2. Tanga inshoza y'igihekane maze utange uruhero.

3. Sobekeranya ingombajwi zikurikira maze utange ingero z'amagambo yose yabonekamo ibihekane bigizwe n'izo ngombajwi mu nyandiko isanzwe:w,n,m,d,s,b,j,k na y

### VII.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

Hanga indirimbo ku nsanganyamatsiko yerekeranye n'umurimo maze uzabanze uyandike mu nyandiko nyejwi mbere yo kuyirimbira bagenzi bawe.

Iyo umwarimu akosora abanyeshuri, areba ko bahimbye bubahiriza amabwiriza bahawe bakareba kandi ko umunyeshuri yashyizemo indangagaciro z'umuco nyarwanda.

### I.8.3 Imyitozo y'inyongera

**1. Andika iyi nteruro mu nyandiko isanzwe.**

/kaaNtarâmawâvugakôßisaßâkwîizeeriteeraNbererjûmurimowaawe/.

/ijôwiijême3ekwîihaaNgirumurimokaâNdiwûNvuwukuuNzebjaNgâabikuuNduteriN-bere/

2. **Hanga indirimbo ivuga ku nsanganyamatsiko y'ibyiza byo kwitabira ishuri maze nurangiza wandike igitero k'iyo ndirimbo mu nyandiko nyemvugo**

## VII.9 Amakuru y'inyongera

### Inshoza y'interuro

Interuro ni itsinda ry'ubwoko butandukanye bw'amagambo ashyirwa hamwe kugira ngo atange igitekerezo cyuzuze kandi cyumvikana. Urugero rw'interuro:

- Ngewe nariye iminsi ndayiyongeza.
- Ni yo mpamvu itumye mbikubwiye nkwihanangirije.
- Intwaro ishumika iminsi ni umurimo.

Iyo ugenzuye neza usanga inyandiko isanzwe y'ibihekane by'Ikinyarwanda isa ahanini n'inyandiko nyemvugo yacyo. Watekereza ko inyandiko isanzwe y'Ikinyarwanda yahimbwe mbere cyane y'uko abahanga mu by'iyigandimi bashyira ahagaragara inyandiko nyejwi n'inyandiko nyamvugo zacyo nko guhera mu mwaka wa 1960, umuntu atangazwa n'uko gusa kw'izo nyandiko zombi. Iyo umuntu abyibajijeho asanga kuba inyandiko isanzwe y'Ikinyarwanda yarahimbwe n'abanyamahanga(abanyamadini b'Abera) bakomoka mu bihugu bya kure (i Burayi)ari byo bituma isa n'inyandiko nyemvugo y'Ikinyarwanda.

Kubera ko intangamajwi yabo yabaga imenyereye kuvuga indimi z'ubundi bwoko,byarabatondaga kuvuga ururimi rushya ,n'amatwi yabo ntabashe gutora neza amajwi y'ururimi atamenyereye kumva.No kumva nabi amajwi y'Ikinyarwanda bigatuma bayasubiramo nabi,mu kuyandika bakoresha itonde ry'Ikilatini bakandika uko bayiyumviye. Nk'uko Umunyarwanda yavuga ati: "**Umutkware**"bo bakiyumvira **umutware** akaba ari na byo bandika. Mbese icyo bafashe,nko ku gihekanek'ibanze cyanditse mu nyandiko nyejwi, akaba ari intangiriro y'impera y'imivugirwe yacyo.

Ikiza k'inyandiko isanzwe dukesha abanyamadini b'abera kandi ari na cyo cya ngombwa,ni uko ikoresha ibimenyetso bike nk'inyandiko nyemvugo, bidatumye itera kwitiranya amagambo yanditse. Koko rero tugiye twandika nk'uko tuvuga (dukoresha inyandiko nyejwi),ni bwo twakoresha ibimenyetso byinshi,maze ahubwo akaba ari byo byadutera urujijo.

Cyakora,ku bihekane by'ijwi ry'inyamazuru n'ingombajwi,kimwe no ku bihekane by'ibanze,inyandiko isanzwe ikoresha inyuguti ya "**n**"mu kwandika

rya jwi ry'inyamazuru [**N**],uretse ko no mu bihekane iryo jwi ry'inyamazuru [**N**],rikurikiwe n'ingombajwi y'inyamunwa cyangwa y'inyamwinyo,inyandiko isanzwe ikoresha inyuguti ya "m" mu kwandika iryo jwi .

Ungombajwi y'inyamunwa /b/ yumvikanaho koko ari ijwi [**b**] ryatuye iyo rikurikiye ijwi ry'inyamzuru [**N**], nko mu gihekane [**Nb**]cyangwa mu bihekane by'ijwi by'inyamazuru n'ibihekane by'ibanze bikomoka ku ngombajwi y'inyamunwa/b/, ari byo [**Nbg**], [**Nbgj**], [**Nbgjw**],

Ariko nko mu ijambo nk'iri ryanditse mu nyandiko isanzwe: "ibaba" ntihumvikanamo ijwi[**b**]ryatuye nk'iryo twumva iyo tuvuga ijambo [i**Nbaata**]. Ahubwo wumva mu ijambo "ibaba" harimo amajwi abiri ya [**b**]avugitse kiu buryo bunonera, bworohereye, nk'uko twavuga n'irindi jambo "kubobeza". Bene iyo [**b**]itatuye bakunze kuyigaragarisha ikimenyetso [**v**] cyangwa[ß] mu nyandiko nyejwi: iba iri yonyine mu mugemo, idahekanye n'indi ngombajwi cyangwa ijwi ry'inyamazuru.

Kubera ko ijwi shingiro/**b**/ ryumvikana ku buryo butandukanye(bubiri), bitewe n'imvugiro ririmo, bavuga ko [**v**]cyangwa [ß]na [b]ari **insubirajwi** z'ijwi shingiro rimwe[b].

UMUTWE WA

8

# UMUCO WO KUZIGAMA

## VIII.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko ku muco wo kuzigama, agaragaza ingingo z'ingenzi ziwukubiyemo.
- Gusesengura raporo no kuyikora.
- Kuzuza neza impapuro zabugenewe.

## VIII.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Bize imyandiko ifatiye ku nsanganyamatsiko y'umuco wo kuzigama guhera mu mashuri abanza kugeza mu kiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye, bagenda basobanukirwa ibijyane n'umuco wo kuzigama.
- Kuba yumva neza icyo kuzigama ari cyo n'akamaro kabyo n'uko byakorwa.

## VIII.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragara muri uyu mutwe |
|---|---|
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama", ku mashusho ari mu myandiko yo muri uyu mutwe cyangwa igihe umwarimu yigisha yita ku bitsina byombi. |
| Umuco w'amahoro n'indangagaciro | Iyi ngingo nsanganyamasomo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama" aho bigaragara ko abavugwa mu mwandiko baganiriye mu mahoro . |
| Umuco wo kuzigama | Iyi ngingo igaragarira mu bivugwa mu mwandiko "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama" aho umwandiko ugaruka cyane ku gushishikariza abakiri bato kuzigama duke babona kugira ngo bazagere ku byisumbuye. |

| | |
|---|---|
| Uburezi budaheza | Iyi ngingo igaragarira mu kwita ku banyeshuri bose nta vangura. |

## VIII.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Igikorwa cy'umwinjizo:**

*Uhereye ku bumenyi usanzwe ufite ku kuzigama, ubona umuco wo kuzigama uteye ute aho utuye n'aho ugenda? Mukora ubushakashatsi maze mwerekane akamaro ko kuzigama mu iteranbere ry'Igihugu.*

Raporo ni igikorwa cyo kugaragaza ibyagezweho n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu. Naho impapuro zagenewe kuzuzwa ni impapuro zikoreshwa mu nzego bwite za Leta n'umuntu ukeneye ibyangombwa kugirango nyirazo ahabwe serivisi runaka.

## VIII.5. Amasomo ari mu mutwe wa munani n'igihe agenewe

| **Umutwe wa munani: Umuco wo kuzigama** | | **Umubare w'amasomo: 18** |
|---|---|---|
| **Umwandiko: Barayasesa afata umugambi wo kuzigama** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:**<br>Gusoma no gusobanura umwandiko | Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu mwandiko. | Amasomo 2 |
| **Isomo rya kabiri:**<br>Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. | Isomo 2 |
| **Isomo rya gatatu:**<br>Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusesengura ibivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe. | Isomo 2 |
| **Isomo rya kane:**<br>Kungurana ibitekerezo. | Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo. | Amasomo 2 |

| Raporo | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya gatanu:** Raporo | - Gutanga inshoza ya raporo<br>- Gusobanura imitere ya raporo no kugaragaza uko raporo ikorwa<br>- Kugereranya raporo n'inyandiko mvugo | Amasomo 3 |
| **Impapuro zagenewe kuzuzwa** | | |
| **Isomo rya gatandatu:** Impapuro zagenewe kuzuzwa | - Kugaragaza zimwe mu mpapuro zuzuzwa n'ibyuzuzwamo<br>- Gusobanura amakuru y'ingenzi akenewe mu kuzuza izo mpapuro | Amasomo 4 |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.** | | Isomo 1 |
| **Isuzuma risoza umutwe wa munani.** | | Amasomo 2 |

## VIII.5.1. Umwandiko: Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama

### Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusoma umwandiko adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa.<br>- Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'inkoranyamagambo. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama" bagiye gusoma akayibabazaho ibibazo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Murabona iki kuri iyi shusho?**

- Kuri iyi shusho, hariho abagabo n'abagore bari muri SACCO. Hari abari gutanga amafaranga, hari n'abari kwakira amafaranga. Bamwe baricaye abandi bari ku murongo.

**b) Kubera iki abantu bamwe babaha amafaranga abandi bakayatanga?**

- Ni uko bamwe bari kubitsa abandi bakaba bari kubikuza ayo babikije.

c) **Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?**

- Uyu mwandiko uraza kuvuga ku kugira umuco wo kuzigama.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma umwandiko ya "Barayasesa afata umugambi wo kuzigama", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatannya n'abanyeshuri kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe**

- **Kuyaga:** Kuganira umuntu ibyago cyangwa akababaro wagize.
- **Kokamwa n'umuruho:** Kugira ibibazo biguhoraho.
- **Gukira ibya Mirenge:** Kugira ubukire bwinshi.
- **Ubwirabure:** Ibihe by'akababaro abantu bapfushije umuntu babamo.
- **Umunywanyi:** Umuntu w'inshuti magara.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, bakore imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora umwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandika mu makayi.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1) Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yo mu mwandiko: kubyutsa umutwe, kugendererwa.

a) Mfite impungenge ko naba nagenderewe na wa mwanzi utera abimitse ubusambanyi.

b) Nyuma yo guhomba igihe kirekire, nongeye kubyutsa umutwe maze kubona igishoro nkuye muri banki.

2) Koresha amagambo akurikira mu nteruro zumvikanisha neza icyo ashaka kuvuga: inzozi, kuyaga, kokamwa n'umuruho, kwera, umunywanyi, umuze.

- **Inzozi:** Kuva kera nari mfite inzozi zo kuziga kaminuza none nazigezeho niga muri kaminuza y' u Rwanda.
- **Kuyaga :** Nagiye gusura masenge tumara umwa nya munini tuyaga ambwira ibizazane yahuye na byo.
- **Kokamwa n'umuruho:** Si byiza kokamwa n'umuruho wo guhora ukora imirimo ivunanye cyane ukiri muto.
- **Ubwirabure:** Iyo abantu bapfushije bava mu bwirabure nyuma y'icyumweru.
- **Umunywanyi:** Yabuze uko abigenza yitabaza umunywanyi we amurwanaho.
- **Umuze:** Si byiza mu buzima kugira umuze wo gusabiriza.

## Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma adategwa umwandiko no gusubiza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**

- Umwandiko duheruka kwiga ni "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama".

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

- Uwo mwandiko wavugaga ku nsanganyamatsiko yo kugira umuco wo kuzigama.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatannya n'abanyeshuri kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1. Kuki tugomba kuzigama?**

Tugomba kuzigama kugira ngo:

- Tugere ku ntego twiyemeje no ku byo twifuza.
- Tugire imitungo maze dukore imishinga yatubeshaho twe n'imiryango yacu mu gihe kizaza.

**2. Ni iyihe nyungu Mitima abona mu kwizigamira?**

Inyungu Mitima abona mu kwizigamira ni uko iyo uwizigamiye agwije ubwizigame ushobora gukuraho igice k'imari ukagishora mu bikorwa bibyara inyungu, kandi ibigo by'imari bishobora kumugirira ikizere agakorana na byo bimuha inguzanyo.

**3. Ni ba nde bashobora kwizigamira?**

Buri wese ashobora kwizigama hatitawe ku myaka umuntu afite cyangwa ku mafaranga yinjiza.

**4. Mu mwandiko baravuga ko kuzigama bigomba gutangira ryari?**

Mu mwandiko baravuga ko kuzigama bigomba gutangira umwana akiri uruhinja, ababyeyi be bamuzigamira, yamara guca akenge agakomerezaho yizigamira.

**5. Ni iki kibabaza Barayasesa?**

Barayasesa ababajwe n'uko atatangiriye kwizigamira no gukorana n'ibigo by'imari abitsa kandi aguza.

**6. Ni uwuhe mugambi Barayasesa yafashe nyuma yo kumva inama za Mitima?**

Nyuma yo kumva inama za Mitima, Barayasesa yafashe umugambi wo kwizigamira no kugana ibigo by'imari n'amabanki.

## Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize no guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.<br>- Kugaragaza ubutumwa buri mu mwandiko. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu n'igitabo cy'umunyeshuri. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

a) Ni irihe somo duheruka kwiga?

Duheruka gusoma umwandiko "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama" dusubiza n'ibibazo byo kumva umwandiko.

b) Ni iki amabanki n'ibigo by'imari bifasha abizigamiye?

Amabanki n'ibigo by'imari bifasha abizigamiye kubika amafaranga yabo, kubaguriza bagakora imishinga ibateza imbbere no kubaha inyugu ku mafaranga bizigamiye.

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Barayasesa yiha umugambi wo kuzigama", hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bikanndikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

1. **Ni zihe ngingo z'ingenzi zigize uyu mwandiko?**
   - Ikiganiro hagati ya Mitima na Barayasesa ku bijyanye no gukurikiza inama yo kuzigama yahawe n'uwamureraga.

- Inama Mitima agira Barayasesa ku bijyanye no kuzigama.
- Ikiganiro hagati ya Mitima, Barayasesa na Maharane, kubijyanye no gutangira kuzigama hakiri kare.
- Barayasesa ababazwa n'uko we atabashije kwizigamira.
- Barayasesa afata umugambi wo kugana ibigo by'imari akazajya abitsa akanaguza, ubundi agakora akiteza imbere.

2. **Gereranya ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima bw'aho uruye?** Hari abantu uzi bizigamiye bagatera imbere nka Mitima? Hari abo se uzi basesaguye ibyabo bigatuma basigara inyuma? Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye bakurikije aho batuye n'abo babonye bameze nk'abo banyarubuga.
3. **Gutoza abakiri bato kuzigama bifite kamaro ki kuri bo no ku Gihugu muri rusange?** Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye, umwarimu abafashe kubinoza.
4. **Umaze kumva ibyiza byo kuzigama, ni yihe nama wagira abanyeshuri bagenzi bawe n'abandi bantu muri rusange?** Maze kumva ibyiza byo kuzigama nagira inama abanyeshuri gutangira kwizigamira bahereye ku mafaranga ababyeyi babaha yo kwifashisha, maze bagatangira gutekereza uburyo bazihangira umurimo uzabafasha gukomeza amashuri yabo barangije amashuri yisumbuye.

Nashishikariza abandi bantu, baba abafite amafaranga menshi baba abafite make kugana ibigo by'imari, kwizigamiramo amafaranga yabo yamara kugwira bakayashora mu mishinga minini ibyara inyungu.

## Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| **Intego zihariye** |
| --- |
| Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura insanganyamatsiko zatanzwe no kuzunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.<br>- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku muco wo kuzigama. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw'ibibazo:**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko duheruka kwiga?**

- Ni ukuzigama.

**b) Vuga mu nshamake akamaro ko kuzigama.**

- Kuzigama bituma umuntu adasesagura, yiteza imbere, amafaranga y'umuntu agira umutekano.

Umwarimu ahera ku bisubizo ahawe n'abanyeshuri akababwira ko bagiye kwiga "Raporo".

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Iyo umuntu agiye mu butumwa ahantu runaka agamije kwereka uwamutumye ko icyo yagiye gukora yagikoze, amukorera raporo. Nimukore ubushakashatsi, mutahure raporo icyo ari cyo, uko ikorwa, imiterere yayo n'ibyitabwaho mu kuyikora.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyo bunguranyeho ibitekerezo mu matsinda yabo, bafatanya n'umwarimu maze bagatanga umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

**Urugero rw' insanganyamatsiko n'urugero rw'umwanzuro:**

Insanganyamatsiko: Kuzigama ni umusingi w'iterambere rirambye.

Umwanzuro bageraho hagomba kugaragaramo ibyiza byo kuzigama n'uburyo kuzigama bigeza nyirabyo n'igihugu ku iterambere.

### III.5.3. Raporo

### Isomo rya gatanu: Raporo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora :<br>- Gusobanura ibice bigize raporo n'uko ikorwa.<br>- Gukora raporo y'igikorwa yagiyemo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko za raporo zinyuranye. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibafasha kuvumbura isomo rishya bagiye kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Iyo umuntu yatumwe n'umuyobozi we kwitabira inama runaka, iyo avuyeyo akorera iki kugira ngo umuyobozi we amenye ibyavugiwe mu nama?**
   - Iyo umuntu yatumwe kwitabira inama runaka n' umuyobozi we, iyo avuyeyo akorera umuyobozi we inyandiko mvugo y'inama yagiyemo.
2. **Iyo umuntu agiye mu butumwa ahantu runaka, mu gikorwa runaka, ni iki akorera uwamutumye kugira ngo amenye ko icyo yagiye gukora yagikoze?**
   - Iyo umuntu agiye mu butumwa ahantu runaka, mu gikorwa runaka, iyo avuyeyo akorera uwamutumye raporo.

Umwarimu ahera ku bisubizo by'abanyeshuri, akababwira ko bagiye kwiga ibijyanye na raporo.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Iyo umuntu agiye mu butumwa ahantu runaka agamije kwereka uwamutumye ko icyo yagiye gukora yagikoze, amukorera raporo. Wumva raporo ari iki? Nimukore ubushakashatsi, mutahure inshoza ya raporo, uko ikorwa imiterere yayo n'ibyitabwaho mu kuyikora.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyavuyemo. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa. Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba amatsinda yose yakoze igikorwa yabahaye hanyuma agatoranya tsinda rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze. Igihe iryo tsinda rimurika ibyo ryakoze, abagize andi matsinda baba bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo itsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza ya raporo**

Raporo ikorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu. Iba ifite intego igamije,

ikajyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro igomba gufatwa. Raporo iba igenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho.

**b) Imbata ya raporo**

Raporo, igira imbata nk'iy'umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

**Umutwe:** Umutwe wa raporo ni insannganyamatsiko raporo nyiri zina yerekeyeho. Umutwe wa raporo witarura intangiriro, ukagaragazwa cyane cyangwa ugacibwaho umurongo.

**Intangiriro:** Muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.

**Igihimba:** Muri iki gice, ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.

**Umusozo:** Muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k' ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka. Mbere yo gutangira kwandika raporo, uba wabanje gutekereza ku byo uvuga mu myanzuro.

Raporo nziza igomba gutuma uwo yandikiwe yemera ibitekerezo biyikubiyemo, agafata ibyemezo ku myanzuro yagejejweho, ariko ntigomba kubogama.

**c) Uburyo raporo ikorwa**

Ukora raporo agomba kwita kuri ibi bikurikira:

- Gukoresha imvugo itunganye kandi yumvikana.
- Kugaragaza ibyerekeye icyo uvuga muri raporo yawe: itariki, isaha, igihe, abari bahari n'abo ari bo, ingingo zizweho, ibyemezo byafashwe…
- Kugaragaza ibitekerezo by'ingenzi kugira ngo uyisoma abone vuba ibyo uwakoze raporo aha agaciro kanini.
- Gushyiraho amazina n'umukono by'uwakoze raporo.

**d) Urugero rwa raporo**

KAMANA Aloyizi

Mirenge, ku wa 12 Ugushyingo 2001

Umuyobozi w'Umurenge wa Bwiza

Akarere ka Mirenge

Agasanduku k'iposita 50 Mirenge

**Raporo ku mikoreshereze y'amafaranga y'ubudehe**

Nk'uko byakozwe mu mirenge yose, hari amafaranga Leta y'u Rwnda yageneye buri murenge kugira ngo afashe abaturage kwiteza imbere mu bikorwa remezo. Kubera ko byagaragaye ko hari aho yakoreshejwe nabi, Nyakubahwa Muyobozi w'Akarere ka Mirenge, mboherereje iyi raporo mbamenyesha ikibazo cyagaragaye mu Kagari ka Mugurano kugira ngo mugire umwanzuro mwabitangaho kugira ngo iterambere ry'abaturage ridakomeza kudindira.

Muri buri kagari, hatanzwe miriyoni makumyabiri zagombaga gukoreshwa mu bikorwa remezo binyuranye. Nyuma y'igenzura nakoze, nasanze mu tugari two mu Murenge nyobora, abayobozi batwo barakoresheje inama abaturage, bigira hamwe icyo ayo mafaranga azakora. Mu igenzura nakoze nasanze byaragenze neza usibye mu kagari kamwe. Mu Kagari ka Muguramo, bari bahisemo kubaka amavomero abiri, bashaka rwiyemezamirimo, bamuha isoko arayubaka. Byatwaye amafaranga miriyoni cumi n'eshanu. Asigaye miriyoni eshanu, bumvikanye ko bayaguriramo inka za kijyambere abana b'imfubyi birera batatu n'abapfakazi barindwi, ibyo babyemeranywaho batyo. Mu bugenzuzi nakoze, nasanze amavomero ahari, rwiyemezamirimo yarayakoze uko byasabwaga, aranishyurwa. Amatungo yagombaga kugurirwa abaturage, yaraguzwe ariko yaguzwe mu buryo butari bwo. Umuyobozi w'akagari yagiye kuyagura ubwe ku giti ke, nta soko ritanzwe. Amatungo yaguze ntabwo afite agaciro gakwiye. Inka ya kijyambere yagombaga kugurwa, ni ifite agaciro k'ibihumbi magana atanu. Nyamara inka zaguzwe si iza kijyambere, ni inka zisanzwe, ubona zifite agaciro k'ibihumbi magana abiri kuri buri nka. Uburyo zaguzwe na bwo ntibwumvikana, kuko ari nta soko ryatanzwe ngo ba rwiyemezamirimo baripiganirwe. Ikigaragara ni uko amafaranga y'ubudehe yatanzwe mu Kagari ka Muguramo atakoreshejwe neza.

Nk'Umuyobozi w'Umurenge wa Bwiza, Akagari ka Muguramo kabarizwamo, mbahaye iyi raporo kugira ngo muyigane ubushishozi, mugire umwanzuro mufatira Umuyobozi w'ako kagari. Ashyikirizwe inkiko, aryozwe amafaranga yakoresheje nabi, kandi afatirwe ibindi bihano bijyanye no kutuzuza neza inshingano ze.

KAMANA Aloyizi,

Umuyobozi w'Umurenge wa Bwiza



**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bagakora umwitozo wa mbere uri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakawukosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:**

**a) Gereranya raporo n'inyandiko mvugo.**

| Inyandiko mvugo | Raporo |
|---|---|
| Uyikora yandika muri make uko byagenze, imyanzuro yafashwe mu nama nta bitekerezo bye cyangwa umwanzuro we yongeyemo. | Uyikora yandika ku buryo burambuye mu bitekerezo bye uko abona ibyo akorera raporo n'uko byakemuka. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo wa kabiri uri mu gitabo cy'umunyeshuri babiribabiri. Umwarimu aha abanyeshuri uwo mwitozo nk'umukoro, bakazagaruka mu ishuri barangije kuwukora.

**Urugero rw'umwitozo n'uko uzakosorwa:**

**b)** Umucungamutungo wa Koperative Twitezimbere yoherejwe gukurikirana amahugurwa yo gucunga neza imikoreshereze y'umutungo w'abanyamuryango b'iyo koperative. Ishyire mu kigwi cy'uwo mucungamutungo, maze ukore raporo washyikiriza umuyobozi wa koperative wakohereje kuyakurikirana.

Umwarimu areba niba abanyeshuri bubahirije imbata ya raporo bakoze.

## Isomo rya gatandatu: Impapuro zagenewe kuzuzwa

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusobanura uko buzuza impapuro zagenewe kuzuzwa.<br>- Kuzuza impapuro z'ubutegetsi n'izindi mpapuro zagenewe kuzuzwa. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, mudasobwa, murandasi n'urubuga irembo. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo ku isomo baheruka kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

- Isomo duheruka kwiga ni raporo, uko bakora raporo.

**b) Ni ryari umuntu akora raporo?**

- Umuntu akora raporo iyo yoherejwe mu butumwa akaba agombba kubwira uwa mutumye uko yakoze ibyo yatumwe, uko igikorwa yatumwemo cyagenze.

**c) Imbata ya raporo iteye ite?**

- Imbata ya raporo igizwe n'umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

Umwarimu ahera ku bisubizo abanyeshuri batanze, akababwira ko bagiye kwiga ibijyanye n'impapuro zuzuzwa.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya mu **ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri gukora igikorwa gikurikira:

**Igikorwa**

*Soma iki gika maze ukore ubushakashatsi, usubize ibibazo bizikurikira:*

*Ikoranabuhanga ryoroheje byinshi. Zimwe mu mpapuro z'ubutegetsi zo kuzuza zisigaye zuzurizwa kuri murandasi hakoreshejewe terefoni cyangwa mudasobwa. Muri banki, iyo utujuje urupapuro rwo kubikuza,ushobora no kubikuza amafaranga ku cyuma cyabugenewe cyangwa ukabikuza ukoresheje terefoni.*

**Ibibazo:**

a) Ni izihe mpapuro z'ubuyobozi zuzuzwa?

b) Impapuro zabugenewe kuzuzwa, zuzuzwa hakoreshejwe iki?

c) Urupapuro rwo kubikuza rwuzuzwaho iki?

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu asaba amatsinda amwe gukora ubushakashatsi ku kibazo cya mbere cyo kuvuga impapuro zuzuzwa n'ibyuzuzwa kuri zo, ayandi ku cya kabiri cyo kuvuga icyo bakoresha kugira ngo huzuzwe impapuro zabugenewe, ayandi icya gatatu cyo kuvuga ku rupapuro rwo kubikuza n'ibyuzuzwa kuri rwo.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora. Iyo igihe yabahaye kirangiye, abwira itsinda rimwe kuri buri kibazo kugaragaza ibyaganiriweho. Abagize andi matsinda bagenda bafatanya n'umwarimu kunoza ibyo andi matsinda abagezaho. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibyava mu matsinda byanogejwe:**

**a) Impapuro zo mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta**

Mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta, hari impapuro zabugenewe zo kuzuzwa zituma

nyirazo ahabwa serivisi runaka. Zimwe muri izo mpapuro ni izi zikurikira:
- Ikemezo cy'amavuko
- Ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu by'agateganyo
- Icyangombwa cyo gushyingirwa
- Icyangombwa cy'ubupfakazi,
- (...)

Mu buryo bwo gutanga serivisi inoze impapuro zimwe na zimwe zuzuzwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego, zimwe muri izi impapuro zisabwa hifashishijwe urubuga Irembo: www.irembo.gov.rw

**- Imikorere y'urubuga Irembo**

Mu muco wacu, "irembo" ni ijambo rifite agaciro, haba gufata irembo, haba gutanga irembo, igihe cyose rivuga guhabwa ikaze mu muryango.

Uru rubuga kandi rukora nk'uburyo bw'ikoranabuhanga, butunganya ibikorwa bigamije gutanga serivisi hagati y'Ibigo bya Leta n'abaturage. Imikoreshereze n'imitunganyirize y'urwo rubuga, ikaba igengwa n'Ihuriro ry'Imirongo Nyarwanda (Rwanda Online Platform Ltd).

Mu gihe umuturage akoresha urubuga irembo, agomba kubanza gusoma neza amabwiriza n'inshingano ze mu byerekeranye no gukoresha uru rubuga.

Ku bijyanye n'impapuro akeneye zuzuzwa, umuturage agomba kubanza kwishyura. Kwishyura serivisi ku rubuga Irembo, bishobora gukorwa hifashishijwe uburyo butatu aribwo: terefoni ngendanwa, ikarita yo kubitsa no kubikuza n'andi makarita akoreshwa mu ma banki bakorana.

Hari kandi umuyoboro wo kwishyura ukoresheje murandasi, washyizweho kugira ngo kwishyura bikorwe mu buryo bworoshye.


Uwasabye serivisi, agomba kandi kumenya ko umwirondoro we winjijwe neza, ko yishyuye kandi ko yahawe serivisi.

Kugira ngo usubizwe amafaranga wishyuye bitewe n'uko utahawe serivisi wasabye, ugomba kugeza ikibazo cyawe ku Ihuriro ry'Imirongo Nyarwanda (Rwanda Online Platform Ltd).

**- Gusaba ikemezo ukoresheje Irembo**

Kugira ngo ubone ikemezo, bisaba kuba ufite mudasobwa cyangwa terefoni

irimo murandasi. Wifashisha inshakisho (browser), hanyuma ukandika ahabugenewe www.irembo.gov.rw , hagahita haza ibi bikurikira:




Iyo umaze kubona iyi mbonerahamwe, ushakisha ahanditse **inzego z'ibanze**, ugahitamo ikemezo ushaka, hanyuma ukanyura mu ntambwe zikurikira:

**Intambwe ya mbere: Gusaba**

- Gukoresha Irembo: Niba utariyandikishije ku rubuga Irembo, kanda ahanditse "Kwiyandikisha" hejuru iburyo maze wiyandikishe ukoresheje indangamuntu yawe na nomero ya terefoni igendanwa yanditse ku ndangamuntu yawe.
- Gusaba ukoresheje terefoni igendanwa (USSD): Kanda *909# ,ukurikize amabwiriza, cyangwa ushobora no kwegera uhagarariye Irembo.
- Nyuma yo kohereza dosiye isaba, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) yawe, bwemeza ko dosiye yoherejwe, kandi ugahabwa kode yo kwishyuriraho.

**Intambwe ya kabiri: Kwishyura**

- Ushobora guhita wishyura unyuze ku rubuga Irembo ugakoresha amakarita (VISA cyangwa MasterCard), cyangwa se ugahitamo kwishyura ukoresheje terefoni (MTN Mobile Money *182#, Airtel*182#, Tigo *310#), mobikashi (Mobicash), cyangwa ukajya ku ishami rya Banki ya Kigali cyangwa uyihagarariye ukorera hafi yawe.
- Nyuma yo kwishyura, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni

cyangwa kuri imeri (Email) bwemeza ko wishyuye. Nutabona ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri mu gihe k'iminota 30, wahamagara kuri 9099 umukozi w'Irembo akagufasha.

**Intambwe ya gatatu: Igihe cyo kujya gufata ikemezo**

Iyo umukozi ushinzwe irangamimerere abonye dosiye yawe, arayisuzuma, akayemeza cyangwa akayihakana, hanyuma ukohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) bukumenyesha ko dosiye yawe yemewe cyangwa yanzwe. Iyo utabonye ubutumwa bugufi nyuma y'iminsi itatu y'akazi wohereje dosiye isaba, uhamagara ku biro by'umurenge wahisemo, cyangwa ukajyayo kugira ngo bagusobanurire.

**Intambwe ya kane: Kujya gufata icyangombwa**

Jya kureba Umukozi Ushinzwe Irangamimerere ku murenge wahisemo, witwaje impapuro zerekana ko wishyuye (ubutumwa bugufi bwoherejwe n'Irembo cyangwa inyemezabwishyu ya banki), kandi ujyane n'imigereka isabwa kuri iyi serivisi (niba isabwa).

Iki kemezo gishobora gukoreshwa nk'imwe mu nyandiko ziherekeza dosiye isaba serivisi, nko kwiyandikisha mu ishuri, kurera umwana utari uwawe, gusaba ikemezo cy'umwirondoro wuzuye, kwiyandikisha kugira ngo ushyingirwe, n'ibindi...

**- Urugero rw'ikemezo wahabwa umaze gukoresha Irembo:**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IBIRO BY'IRANGAMIMERERE**
**IKEMEZO CY'AMAVUKO**

---

**Inomero: D214563TKRB**

**Gewe………………………………………………………………..Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge**

**wa ……………………………………………………….. Nemeje ko**

**Kanaka (Nyirakanaka) ………………………………………………………………………………**

**Mwene …………………………………………………. na…………………………………………….**

**Wo mu Karere ka ………………………. yavukiye ………………………………………………..**

**Ku wa ………………………………………..**

**Gitangiwe …………………………………………………. ku wa ……………………………………**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

**……………………………………………………………………….**

**Igiciro** 500 FRW



**Iki kemezo kemejwe hakurikijwe nomero D214563TKRB kandi gishyizweho umukono na**

**……………………………………………………………………**


**Gifite agaciro kugeza ku wa ………….**

**b) Sheki**

Sheki ni urupapuro rwuzuzwa muri banki kugira ngo uwo ihawe abikuze amafaranga kuri konti y'uyimuhaye. Biragoye kubona sheki yo mu Kinyarwanda, gusa kubera ko banki ziganwa n'Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga. Iby'ingenzi byuzuzwa kuri sheki ni ibi bikurikira:

- Amazina y'uri bubikuze ahawe sheki,
- Umubare w'amafaranga abikuzwa,
- Uhawe sheki,
- Itariki sheki itangiweho,
- Umukono wa nyiri konti.

**Urugero rwa sheki**




**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiri babiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora iyo myitozo abafite ibibazo byihariye akababafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**Shushanya sheki ugaragaze neza amakuru yose uyuzuza akenera, maze uyuzuze.**

Kugira ngo abanyeshuri bakore iki kibazo neza, umwarimu azana sheke maze abanyeshuri bakayishushanya bayireba, bagashushanya imbere n'inyuma. Iyo barangije kuyishushanya barayuzuza. Umwarimu agendagenda areba ko bayuzuza neza, abafite ibibazo akabafasha**.**

d) Ishyire mu kigwi cy'uwataye irangamuntu wo Murenge wa Ngoma maze umwandikire amakuru yose akenewe kugira ngo yuzuzwe ku kemezo gisimbura ikarita y'irangamuntu by'agateganyo.

Amakuru abanyeshuri bazakenera ni aya akurikira:

- Amazina y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge
- Amazina yawe (asanzwe n'ay'idini)
- Amazina ya so n'amazina ya nyoko
- Akarere, umurenge n'akagari wavukiyemo
- Intara uvukamo, intara utuyemo
- Ubwenegihugu
- Umwuga
- Itariki y'amavuko
- Aho ikemezo gitangiwe
- Itariki gitangiweho
- Inumero y'inyemezabwishyu n'amafaranga ari ku nyemezabwishyu n'amazina y'uyakiriye
- Aho ikemezo gitangiwe
- Itariki gitangiweho

### VIII.5.4. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa munani, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

Umaze kwiga inyandiko zuzuzwa, ifashishe mudasobwa maze uge ku rubuga www.irembo.gov.rw uhitemo ahanditse inzego z'ibanze, urebe ibyemezo bihari, muri byo uhitemo bitanu, usobanure inzira wacamo ubyuzuza. Hera kuri ibyo byemezo ugaragaze uko amakuru akenewe yuzuzwa kuri byo.

**Uko umwitozo ukosorwa:**

Umwarimu asaba abanyeshuri bamwe gusobanurira abandi ibyo babonye ku rubuga Irembo, inzira banyuzemo, ibibazo bahuye na byo n'uko babikemuye.

## VIII.6 Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa munani

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa munani bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

- Muri uyu mutwe twasomye tunasesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo kugira umuco wo kuzigama.
- Twungutse amagambo menshi avuga ku nsanganyamatsiko yo kuzigama.
- Muri uyu mutwe kandi twabonye inshoza ya raporo, uko ikorwa tunatandukanya raporo n'inyandiko vugo.
- Twasonanukiwe inyandiko zuzuzwa zirimo ikemezo cy'amavuko n'ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu by'agateganyo.
- Twabonye kandi uko buzuza sheki ndetse tunabona ko zimwe mu nyandiko zuzuzwa hakoreshejwe ibikoresho by'ikoranabuhanga.
- Ibi byose bikaba byaramfashije kujya ndangwa no gushishikarira kugira umuco wo kuzigama no kwigira. No kwitabira kumenya no gukoresha ibikoresho by'ikoranabuhanga mu buzima bwa buri munsi.

## VIII.7. Isuzuma risoza umutwe wa munani

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa munani |
|---|
| Kugira ngo umunyeshuri akore isuzuma agomba kuba afite ubushobozi bwo:<br>- Gusoma no gusesengura umwandiko<br>- Gukora raporo y'igikorwa runaka<br>- Kuzuza impapuro zabugenewe. |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma, buri wese ku giti ke, riri mu gitabo cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Kumva no gusesengura umwandiko**

**a) Muri uyu mwandiko baratubwiramo imiryango ibiri. Tandukanya imibereho yayo.**
- Umwe urakize kandi ufite umuco wo kuzigama, undi urakennye kandi urasesagura.

**b) Iterambere ryo mu muryango wa Kamana rikomoka ku ki?**
- Rikomoka ku gukunda umurimo no kugira umuco wo kuzigama.

**c) Ni iyihe ndangagaciro iranga Abanyarwanda dusanga muri uyu mwandiko?**
- Ni indangagaciro yo gufashanya no kugirana inama.

**d) Ni ikihe gihe k'ihinga kivugwa mu mwandiko?**
- Garagaza nibura ibindi bihe bibiri by'ihinga bitavuzwe mu mwandiko.

Muri uyu mwandiko haravugwamo urugaryi. Ibindi bihe ni iki, umuhindo n'itumba.

**e) Sobanura ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko.**

- Ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko ni ukwiteza imbere mu buryo bunyuranye.

**f) Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka dusanga mu mwandiko.**

| Ingingo z'ingenzi | Ingingo z'ingereka |
|---|---|
| - Imiterere y'imiryango ya Kamana n'uwa Gasana.<br>- Gukunda umurimo.<br>- Akamaro k'umuco wo kuzigama.<br>-Ingaruka zo kutitabira umurimo no gusesagura. | - Gufashanya.<br>- Kuremerana.<br>- Kugirana inama.<br>- Kumvira no gukurikiza inama. |

**g) Gereranya imyitwarire y'abanyarubuga n'ubuzima bw'aho utuye.**

- Umwarimu arareba ibisubizo abanyeshuri batanga, abafashe kubinonosora.

**II. Ibibazo n'ibisubizo by'inyunguramagambo**

**a) Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.**

- **Urugaryi**: igihe k'ihinga gihera mu mpera z'ukwezi kwa mbere kikagera mu ntangiriro z'ukwa gatatu.
- **Kwiyuha akuya**: gukorana umurava umurimo uvunaye.
- **Kugarizwa (n'inzara**): kwibasirwa n'inzara.
- **Kuboneza:** kugenda.

**b) Shaka amagambo yakoreshejwe mu mwandiko avuga kimwe n'amagambo atsindagiye muri izi nteruro:**

- Agezeyo, **arakomanga** nuko bamuha ikaze.
- Agezeyo, aravunyisha nuko bamuha ikaze.
- Bwacya **bagakomeza** imirimo yabo.
- Bwacya bakarimbanya imirimo yabo.

**c) Huza ijambo n'igisobanuro cyaryo ukurikije inyito rifite mu mwandiko.**

| Ijambo | Igisobanuro |
|---|---|
| a) Guca inshuro | Kwerekeza ahantu runaka |
| b) Kudamarara | Guhingira ibiribwa |
| c) Kuboneza | Gutuza ntihagire ikindi kintu ukorera urugo rwawe/kwirata. |

- Guca inshuro: guhingira ibiribwa
- Kudamarara: gutuza ntihagire ikindi ukorere urugo/kwirata.
- Kuboneza: kwerekeza ahantu runaka

**III. Ibibazo ku mpapuro zuzuzwa, sheki na raporo**

**a) Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu kubikura amafaranga kuri banki?**

- Abanyeshuri baravugamo uburyo bunyuranye bavugemo ko mu buryo bashobora gukoresha harimo sheki, gukoresha ikarita n'icyuma cyabugenewe, terefoni...

**b) Sheki umuntu ayitanga uko yakabaye cyangwa hari ibyo yuzuzaho?**

- Abanza kuyuzuza ashyiraho amazina, amafaranga abikuza ndetse agashyiraho n'umukono.

**c) Usibye sheki nta zindi mpapuro muzi buzuza?**

- Abanyeshuri barazirondora.

**d) Kubera iki umuntu yandika raporo?**

- Wandika raporo kugira ngo usobanure impamvu y'ubutumwa ubu n'ubu ugamije intego runaka.

**e) Sobanura ibyitabwaho mu kujora raporo yakozwe.**

Dore ibyitabwaho mu kujora iyo raporo yakozwe:

- Kureba niba mu ntangiriro ukora raporo yanditsamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.
- Kureba niba mu gihimba ukora raporo yagaragaje ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Haranarebwa niba muri iki gice ukora raporo yatanzemo ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho.
- Kureba niba mu musozo ukora raporo yatanzemo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka cyangwa ibyifuzo bye.

## VIII.8. Ibikorwa by'inyongera

### 8.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

Umwarimu atahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri ahereye ku manota bagize mu isuzuma risoza umutwe akabashyira mu matsinda akurikije ingorane bafite. Ibyo birangiye, abagaragaje ubushobozi buke muri buri kiciro ashobora kongera kubaha iyi myitozo ikurikira:

Kubafite ikibazo cyo kuzuza impapuro zabugenewe umwarimu abaha impapuro zinyuranye zabugenewe akabasaba kuzuzuza. Ashobora kubaha ikemezo cy'amavuko, ikemezo gisimbura irangamuntu, sheki,…

### 8.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

Ungurana ibitekerezo na bagenzi bawe muvuge akamaro ko kuzuza neza impapuro zagenewe kuzuzwa muvuge n'ingaruka umuntu yahura na zo mu gihe yatanze amakuru atari yo kuri izo mpapuro.

**Urugero rw'ibisubizo**

Umwarimu arareba niba abanyeshuri bungurana ibitekerezo bavuga ingaruka zirimo kuba umuntu yafungwa mu gihe yatanze amakuru atari yo ku mpapuro zuzuzwa.

### 8.8.3 Imyitozo y'inyongera

Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho:

**Umwandiko: Bakame n'impyisi**

Kera Bakame yacuditse n'impyisi, biranywana, birabana bishyira kera. Ariko Bakame ikababazwa n'uko impyisi iyirusha ubukungu.

Bukeye Bakame ibwira impyisi iti: "Reka ducuruze impu, ubukungu bwawe burusheho kwiyongera, ndetse ungurize ibintu byo gutangiza, nzage nkungukira." Impyisi irabyemera.

Bitangira gucuruza impu, zimaze kugwira, bijya kuzicuruza mu mahanga, inyungu ikabikwa kwa Bakame. Bakame imaze gukungahara irirwaza. Bwa bucuruzi burahagarara ariko impyisi ntiyabyitaho.

Hashize iminsi, Bakame irazinduka no kwa Mpyisi iti: "Yemwe abo kwa Mpyisi mwaramutseho!" Impyisi iti: "Bwakeye Baka!" Bakame irihangana irarikocora iti: "Nta miramukire yange, baraye baducucuye, badusahuye ntibadusigira na busa." Ubwo impyisi igwa mu kantu, mbese isa n'ikubiswe n'inkuba. Bakame ibonye ko impyisi ibuze aho irigitira irayishukashuka, iyibwira ko izabiyishyura.

Bakame iragenda ifukura icyuzi, yororeramo amafi, amaze gukura ikajya ijya

kuroba ayo yirira. Hashize ukwezi impyisi ijya kwishyuza Bakame ibintu byayo. Bakame iyakira neza, yikoza munsi y'urugo iroba amafi cumi iraza irayateka iyavanamo umufa uryoshye cyane, maze yegereza impyisi. Mu mwanya muto impyisi iba irakomba imbehe.

Irangije iti: "Mbese shahu Bakame, ibi bintu biryoshye bitya, ubikura he ?" Bakame irahaguruka ijya kuyereka icyuzi cyayo iti: "Ugende ufukure nk'iki, amafi azimezamo."

Warupyisi igeze imuhira sinakubwira ukuntu yarimbaguye umusozi mu mwanya muto. Imaze kuyoboramo amazi, itegereza ko amafi yazamo, iraheba. Ni bwo igiye kwa Bakame iyirakariye cyane. Igeze yo, Bakame iyisomya ku nkangaza y' akataraboneka. Kwibuka icyari kiyizinduye biragatabwa! Imaze kuryoherwa cyane, iti: "Mama we! Ibi se byo wabikuye he?" Bakame iti: "Ukagira rwa rutoki rwose, ukabura inzoga y'ubuki? Hoshi genda utemagure za nsina zose, amakakama azivuyemo uyashyire mu kabindi, amaremo ibyumweru bitatu, maze uzasomeho wiyumvire."

Impyisi iragenda ibigenza uko Bakame yayibwiye. Ibyumweru bitatu bishize, igotomeraho, maze ururimi rurababuka, inkanka ziratenguka. Umujinya urayica, ifata umufuka no kwa Bakame ntiyasuhuza, ihita igafata igashyira muri wa mufuka, ngo ige kukaroha mu manga. Igeze mu nzira yibuka ko yibagiriwe urujigo rwayo kwa Bakame, iratura, isubira inyuma yiruka.

Ingeragere iza kunyura hafi y'uwo mufuka, Bakame iti: "Uraho Ngeragere!" Iti: "Uracyabaho Baka! Ese urakora iki muri uwo mufuka shahu Baka?" Bakame iti: "Ntiwamenya ibyange. Ubu banshyize muri iyi ngobyi ngo bage kunyimika, nge ntegeka utunyamaswa turi hariya hakurya, ni cyo gituma bagiye bampetse! Nyamara simbishaka, ariko ntibabyumva !" Ingeragere iti: " Shyuuu! Ukivutsa umugisha nk'uwo! Reka nigiremo niba utabishaka."

Bakame ibanza kwangira, nyuma iti: "Ngaho jyamo ariko nawe urampemba!" Ingeragere ihambura wa mufuka, ivanamo Bakame, maze iwinagamo. Bakame si ukuwukanira iradanangira. Irangije iti: "Ngiye kuguteguriza."

Muri ako kanya impyisi iba iraje, ibatura umufuka ngo diridiri...! Igeze hirya iti: "Ariko noneho ko biremereye cyane, iyi nkenya iriye iki? Ayubusa ariko ndakuroha, dore igihe wambeshyeye!"

Ingeragere ngo ibyumve iti: "Reka Mpyisi sindi Bakarne, nshyira hasi nigendere." Iraboroga cyane ariko impyisi ntibyumve, ahubwo ikayisubiza ngo dore aho wambeshyeye, ubwenge bwawe ndabuzi, umunsi ntarengwa ni uyu! Iragenda no mu manga ngo pooo! Ingeragere iniha rimwe gusa, igera mu kabande itakirashya.

Impyisi itaha yizeye ko igiye kwirira ya mafi ya Bakame no kwinywera ya nzoga

y'ubuki. Ku mugoroba ntitarabukiyeyo, isanga ka Bakame kidundaritse ku nkombe y' icyuzi cy'amafi yako kararoba.

Bihehe igihinguka aho, Bakame iba yayibonye. Bakame iti: "Warupyisi ntunyegere, ntabwo abatarapfa nka we bagomba kwegera abavuye ikuzimu nka nge !" Impyisi irumirwa igira ngo koko Bakame yazutse, ishya ubwoba itekereje ko wenda ihamye aho yapfa, irirukanka irahunga izinukwa ityo kuzongera kwikorereza Bakame no gucudika na yo.

**Si ge wahera hahera umugani.**

**I. Kumva no gusesengura umwandiko**

**1. Bakame yasabye impyisi ko bacuruza impu, mbese ni ko yari iyikunze? Sobanura.**

Nta bwo ari uko yari iyikunze kuko buri gihe Bakame yababazwaga n'uko impyisi iyirusha ubukungu.

**2. Bakame n'impyisi bacuruje impu barunguka inyungu ikajya ibikwa na Bakame. Muri iki gihe, ni byiza ko ubika amafaranga wungutse mu rugo? Kubera iki?**

Muri iki gihe nta bwo ari byiza kubika amafaranga wungutse mu rugo kuko nta mutekano yaba afite kandi ibigo by'imari n'amabanki yo kubibikamo birahari.

**3. Ni izihe ngaruka zabaye ku Mpyisi yabikirwaga inyungu na Bakame?**

Impyisi yahombye inyungu ndetse inahomba n'ibyo yacuruzaga kubera kwizera Bakame ikayibitsa byose.

**4. Muri iki gihe ufatanyije n'umuntu ubucuruzi wabigenza ute kugira ngo utazahemukirwa nk'uko impyisi yahemukiwe?**

Ngewe mfatanyije n'umuntu ubucuruzi sinakwemera ko uwo muntu ari we ubika inyungu ahubwo inyungu twajya tuyijyana kuri banki cyangwa ku kigo k'imari kitwegereye, bityo imari yacu ikaba ifite umutekano.

**5. Ibyo Bakame yakoze n'ibyo impyisi yakorewe hari aho wabibonye ku mu buzima busanzwe? Niba hahari tanga ingero z'uko byari bimeze.**

Aha abanyeshuri batanga ingero zitandukanye bakurikije uguhemukirwa/ ubuhemu babonye mu buzima busanzwe.

**II. Inyunguramagambo**

**1. Sobanura amagambo akurikira: ukurikije inyito afite mu mwandiko:**

**a) Gucucura**: Kwiba umuntu ibintu byose ukamusiga iheruheru.

**b) Kudanangira**: Guhambira/gufungirana ikintu ku buryo umuntu

atashobora kugihambura cyangwa kugifungurira bitamugoye.

c) **Urujigo:** Inkono y'itabi

d) **Imbehe:** Igikoresho gito gikoze mu giti giteye nk'umuvure bariragaho. Imbehe zasimbuwe n'amasahane, ubu zikoreshwa nk'umutako zibutsa umuco.

**2. Koresha mu nteruro amagambo akurikira ku buryo bwumvikanisha ko uzi icyo asobanura: kugotomera, gukomba, gukubitwa n'inkuba.**

a) Yageze mu rugo afite inzara n'inyota bamuha amata **aragotomera.**

b) Abana iyo bamaze ibiryo ku isahane **barayikomba** bigashiraho neza.

c) Yumvise ayo magambo amera nk**'ukubiswe n'inkuba** kuko yari amutunguye.

**III. Ibibazo kuri Raporo no ku mpapuro zagenewe kuzuzwa**

a) Uri umunyeshuri mu mwaka wa kabiri w'indimi n'uburezi. Umuyobozi w'ikigo cyawe agusabye kujya mu mwaka wa mbere kureba ikibazo cyahabereye cy'ubwumvikane buke buri mu banyeshuri babiri b'iryo shuri. Ukurikije, ibiranga raporo, kora raporo waha umuyobozi wagutumye uvuyeyo.

Dore bimwe mubyashyirwa muri raporo umunyeshuri azatanga uko byaba biteye :

- **Umutwe:** Icyo raporo iravugaho
- **Intangiriro:** Itariki, ukwezi, umwaka n'isaha igikorwa cyabereye, abari bahari, amazina y'abanyeshuri babiri bagiranye ikibazo n'ikibazo bagiranye muri make.
- **Igihimba:** Uburyo ikibazo cyatangiye uko cyagiye gikura n'aho kigeze.
- **Umusozo:** Uburyo ikibazo cyakemuka.

Amazina n'umukono by'uwakoze raporo.

b) Fatanya bagenzi bawe kwishyira mu mwanya w'umukozi w'irembo, umukozi w'umurenge ushinzwe irangamimerere, umukozi wa banki n'abaturage basaba serivise zikurikira: uruhushya rwo kubaka, ikemezo cy'ubucuruzi ku bindi bikorwa bibyara inyungu, inyandiko y'ishyingirwa, icyangombwa kiguhesha indangamuntu mu buryo bwihuse no kwiyandikisha gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rw'agateganyo. Mushake mudasobwa ifite interineti n'ibindi bikoresho bikenewe kugira ngo mwisanishe n'abatanga izo serivisi. Mugaragaze kandi uko mwakoresha sheki mubikuza amafaranga akenewe.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akurikije abakinankuru bakenewe. AbaAAfasha kandi gushaka imfashanyigisho zikenewe ndetse

n’igihe gihagije cyo gukina bigana ibyo bikorwa.

## VIII.9. Amakuru y’inyongera

### Impapuro zuzuzwa

Ku bijyanye n’impapuro zuzuzwa hifashishwa urubuga www.irembo.gov.rw.

Amwe mu magambo akoreshwa mu itumanaho n’ikoranabuhanga

- **Platform:** ihuriro
- **Online:** ku murongo
- **USSD:** imibare ikandwa
- **LTD (limited):** bidasesuye
- **Menu:** ibihari
- **Browser:** inshakisho
- **Mobile:** ngenganwa

UMUTWE WA

9

# UBUKORONI

## IX.1. Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura ikinaico atahura ingingo y'ingenzi iyikubiyemo n'uturango twayo.
- Guhanga no gukina ikinamico.

## IX.2. Ibyo umunyeshuri yagombye kuba azi

- Gusobanura ubukoroni icyo ari cyo no kujora ibyiza n'ibibi byabwobwo.
- Gusobanura inshoza y'ikinamico, kugaragaza uturango n'ubwoko byayo.
- Guhanga no gukina ikinamico ahuza imvugo n'ingiro.

## IX.3. Ingingo nsanganyamasomo

| Ingingo nsanganyamasomo | Aho igaragarira muri uyu mutwe |
|---|---|
| Umuco w'amahoro n'indingagaciro | Iyi ngingo nsanganyamasoko iragaragarira mu ikinamico"Abatanye badatata barasubiranye" mu ngingo ndangamuco karande. |
| Kubungabunga ibidukikije | Igaragarira mu ikinamico « Abatanye badatata barasubiranye » aho batera ubwoko bunyuranye bw'ihihingwa. |
| Umuco wo kuzigama | Iyi ngingo nsanganyamasoko iragaragarira mu ikinamico"Abatanye badatata barasubiranye" ahagaragara iterwa ry'ibihingwa binyuranye. |
| Uburinganire n'ubwuzuzanye | Igaragarira mu bikorwa umwarimu atanga, mu bibazo abaza, mu gukora amatsinda aho yibanda ku bitsina byombi. Na none tuyisanga mu ikinamico aho umugore Nyirashiku n'umugabo Rumashana baganira bungurana ibitekerezo. |

| | |
|---|---|
| Uburezi budaheza | Igaragara igihe umwarimu yigisha yita kuri buri munyeshuri. |

## IX.4. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe

**Urugero rw'igikorwa n'urugero rw'ibisubizo:**

*Ushingiye ku bumenyi ufite, sobanura mu magambo yawe bwite ubukoroni icyo ari cyo, unavuge ibibi n'ibyiza ubukoroni bwagize ku Banyarwanda no ku Banyafurika muri rusange.*

Ubukoroni ni imitegekere y'igihugu kigaruriye ikindi cyangwa igihe ubwo butegetsi bumara. Bimwe mu byiza by'ubukoroni mu Rwanda ni imiyoborere ishingiye kuri demokarasi, kwadukana ibihingwa ngengabukungu bishya, kubaka ibikorwaremezo,...naho ibibi byawo ni akarengane gashingiye ku ikandamiza, gukora uburetwa, gukubitwa, kwicwa kw'Abanyarwanda n'Abanyafurika, ivangura n'ibindi.

Umwarimu arategа amatwi ingingo abanyeshuri batanga ku bukoroni n'inkurikizi zabwo mu Rwanda no muri Afurika maze agende abafasha kunoza ibitekerezo batanga.

## IX.5. Amasomo ari mu mutwe wa kenda n'igihe agenewe

| **Umutwe wa kenda: Ubukoroni** | **Umubare w'amasomo: 15** | |
|---|---|---|
| **Ikinamico: Abatanye badatata barasubiranye** | | |
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Isomo rya mbere:** Gusoma no gusobanura umwandiko. | Gusoma ikinamico no gusobanura amagambo adasobanukiwe ari mu ikinamico. | **Amasomo 3** |
| **Isomo rya kabiri:** Gusoma no kumva umwandiko. | Gusoma ikinamico no gusubiza ibibazo byayibajijweho. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatatu:** Gusoma no gusesengura ikinamico. | Gusesengura ibivugwa mu ikinamico | **Amasomo 1** |

| | | |
|---|---|---|
| **Isomo rya kane:** Kungurana ibitekerezo. | Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no gutanga ibitekerezo mubwubahane kandi ashize amanga. | **Amasomo 1** |
| **Ikinamico** | | |
| **Isomo rya gatanu**: Inshoza, uturango, imyubakire n'ibice by'ikinamico | Gutahura inshoza , kugaragaza, uturango, imyubakire n'ibice by'ikinamico. | **Amasomo 2** |
| **Isomo rya gatandatu:** Amoko n'amateka by'ikinamico. | Gusobanura ubwoko n'amateka by'ikinamico. | **Amasomo 1** |
| **Isomo rya karindwi:** Uko ikinamico yandikwa n'uko ikinwa. | Kugaragaza uko bandika ikinamico n'uko bayikina. | **Amasomo 1** |
| **Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri.** | | **Isomo 2** |
| **Isuzuma risoza umutwe wa gatanu.** | | **Amasomo 2** |

**Ikitonderwa:**

Mbere yo gutangira isomo rya mbere, umwarimuabanza gukoresha igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

### IX.5.1. Umwandiko: Abatanye badatata barasubiranye

Isomo rya: mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusoma ikinamico adategwa yubahiriza utwatuzo n'iyitsa, ahuza imvugo n'ingiro kandi asesekaza.<br>• Gusobanura no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo atari asobanukiwe ari mu ikinamico. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo, amashusho n'izindi nyandiko zivuga ku bukoroni. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari mu bitabo byabo, akabasaba kuyitegereza, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko y'umwandiko bagiye gusoma.

**Urugero rw'ibibazo:**

**1. Ni iki mubona kuri iyi shusho?**

- Abasaza n'abakecuru, Abirabura n'abazungu, abantu bafite intwaro gakondo n'abafite imbunda,…

**2. Mukurikije aho abo bantu bari ni mu Burayi cyangwa ni muri Afurika ?**

- Ni muri Afurika.

**3. Muratekereza ko abazungu baje gukora iki muri Afurika?**

- Abazungu baje muri Afurika gukoroniza abatuye uyu mugabane.

**4. Mushingiye ku mutwe w'umwandiko n'ibyo mubona kuri iyi shusho, muratekereza ko iyi kinamico iza kuvuga ku ki?**

- Iyi kinamico iraza kuvuga ku nsanganyamatsiko y'ubukoroni.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya **mu ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Soma umwandiko "Abatanye badatata barasubiranye", ushakemo amagambo udasobanukiwe, hanyuma uyasobanure ukurikije inyito afite mu mwandiko wifashije inkoranyamagambo.*

Abanyeshuri bakorea icyo gikorwa mu matsinda hanyuma bakamurika ibyayavuyemo.

Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, bafatanya n'umwarimu kubinoza, bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'amagambo abayeshuri bashobora kudasobanukirwa:**

**Amagi y'umuzungu**: amagi abaturage bagemuriraga Ababirigi baraye ku

gasozi runaka.

**Inka z'umugogoro**: ni inka zakamirwaga umuzungu waraye ku gasozi kariho abatunzi, bashoboraga gukama zahumuza bakazicyura, bitashoboka bakiyemeza kujya bagemura.

**Amajune:** ibyago, ibibazo, akaga.

**Ntagisimbuka akatsi**: nta cyo ngishoboye, ntagishoboye kugenda, nshaje.

**Urushingo:** agati k'umuko bakoreshaga bashaka umuriro.

**Urushingati**: agati k'umuko bakubagamo urushingo kugira ngo haboneke umuriro.

**Kubyinira ku rukoma**: kwishima cyane, kwizihirwa, kumva utuje.

**Ubutegetsi bwa kiboko**: ubutegetsi bukandamiza, ubutegetsi bukoresha igitugu.

**Ubuvivi n'ubuvivure**: abana bakomoka ku gisekuru k'inyuma cyane, uhereye ku mwana w'umwuzukuruza wawe.

**Badatata**: Bataneka ngo bamenye amakuru anyuranye ava mu bo barwana.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba buri munyeshuri ku giti ke, gukora imyitozo y'inyunguramagambo iri mu bitabo byabo. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo, abafite ibibazo byihariye akabafasha. Umwarimu n'abanyeshuri bayikosorera hamwe bagafatanya kunoza ibisubizo maze bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ikibazo n'ibisubizo**

**a) Simbuza ijambo ritsindagiye irindi bivuga kimwe dusanga mu mwandiko.**

- **Rugigana/ Kabirigi/umukoroni/Gashakabuhake** yaratuzengereje duta umutwe kugeza ku bwigenge, ubu turaho.
- **I Bwotamasimbi** haturutseyo Abakoroni b'ingeri zose.
- Bantu mukinisha **imyuko isohora amashaza** muge mwitonda mutazatumaraho urubyaro.
- **Abamaze kubona igufwa ry'umuyaga**, bazi byinshi ku mateka y'Abakoroni bigababagabanyije Afurika.

- Kugera ku bwigenge **byarwaniwe inkundura.**
- **Ururimi rwacu gakondo** ntirwigeze rwitabwaho mu mashuri ku ngoma ya Gashakabuhake w'umukoroni.

**b) Ubaka interuro ukoresheje amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira ku buryo wumvikanisha icyo asobanura.**

- Nyirashiku ahora mu **majune** yo kubura uko akorera urugo rwe.
- Nataniyeri **yabyiniye ku rukoma** abonye ko Padiri Dippo abasuye.
- Kanyamateka ni umugabo w'**intyoza**.
- Ruhakana yangaga urunuka **ubukoroni**.

Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa ibyo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde wanyibutsa umwadiko duheruka kwiga?**

Umwadiko duheruka kwiga ni "Abatanye badatata barasubiranye".

**b) Uwo mwandiko wavugaga ku yihe nsanganyamatsiko?**

Uwo mwandiko wavugaga ku bukoroni.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo kuri iri somo ibiteganya **mu ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Abatanye badatata barasubiranye" hanyuma usubize*

*ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu abafasha kubinoza bikadikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Vuga abakinnyi bose bavugwa muri uyu mwandiko.**

Ruhakana Gamariyeri, Rumashana, Kanyarufunzo, Nyirashiku, Turikubwigenge, Natanayeri, Padiri Dippo, Umusirikare mukuru, Abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa b'abaririmbyi.

**b) Mu mwandiko baratubwiramo umusaza ukuze cyane. Uwo ni nde, umubwirwa n'iki?** Umusaza uvugwa ni Rumashana. Yuzuye iminkanyari mu gahanga, umusatsi wose ni uruyenzi; yarwanye iy'Abamayimayi n'Abamawumawu aharanira ko Abakoroni badakomeza kudutsikamira no kudupyinagaza.

**c) Abakoroni bafite ibintu bibiri by'ingenzi bitwaje bakoroniza Afurika. Ibyo bintu ni ibihe?** Kwigisha ijambo ry'Imana, guhagarika ubucuruzi bw'abacakara.

**e) Ingaruka mbi kurusha izindi za gikoroni, yashegeshe Igihugu cyacu cy'u Rwanda ni iyihe?**

Ingaruka mbi ya gikoroni yashegeshe Igihugu cyacu kurusha izindi ni Jenoside Yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

**d) Vuga imitwe ibiri y'abarwanyi yari yarazengereje Abakoroni mu bihugu by'iburasirazuba bw'u Rwanda.**

Iyo mitwe y'abarwanyi ni Abamawumawu muri Kenya n'Abamayimayi mu magepfo ya Tanzaniya.

**e) Tanga amazina y'imigi yashinzwe n'Abakoroni n'abo yitiriwe.**

Twavuga Kongo Burazavile yashinzwe na Savorunya do Buraza (Savorgnan De Brazza), Kigali yo mu Rwanda ishingwa na Rishari Kante (Richard Kant)...

Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko

| Intego yihariye |
| --- |
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gusesengura umwandiko agaragaza ingingo z'ingenzi ziwugize kandi ahuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku bukoroni |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa umwandiko baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Umwandiko twize ubushize uvuga ku ki?**

Ubushize twize umwandiko uvuga ku bukoroni n'ingaruka zabwo.

**b) Ni izihe ngaruka z'ubukoroni?**

Ingaruka z'ubukoroni ni nyinshi harimo gusahura igihugu, kwangiza umuco wacyo, kubiba amacakubiri mu baturage... Mu Gihugu cyacu by'umwihariko hari ingaruka yashegeshe Igihugu cyacu kurusha izindi ari yo jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iri somo mu ntangiriro **rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira:

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Abatanye badatata barasubiranye" hanyuma usubize ibibazo byawubajijweho.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?**

Insanganyamatsiko ivugwamo ni ubukoroni.

**b) Tanga ingingo z'ingenzi zibanzweho mu mwandiko wasomye.**

- Akarengane kakorewe Abanyafurika;
- Abanyafurika batumvikanaga n'abakoroni;
- Abanyafurika bumvikanaga n'abakoroni;
- Ibihugu by'afurika byakoronijwe;
- Intambara zo kwigobotora Abakoroni;
- Ubuhemu bw'abakoroni.

**c) "Abakoroni badusigiye ibikomere n'agashashi katumurikira kujya mbere." Sobanura iyo mvugo.**

**Agashashi katumurikira kujya imbere:**

- Abakoroni bashinze amashuri bigisha gusoma no kwandika.
- Basize bimwe mu bihingwa ngengabukungu.
- Bazanye ifaranga.
- Bazanye idini rishingiye ku kwemera Kirisitu.

**Ibikomere:**

- Batubibyemo amacakubiri.
- Basahuye imitungo y'ibihugu bakoronije.
- Bahohoteye Abanyafurika.

**d) Ingamba ababyiruka bagomba gufata kugira ngo bakomeze gusigasira ibyagezweho nyuma yo kwiyuha akuya ni izihe?** Bagomba kwiga bashyizeho umwete, bagomba kwivuza mu mavuriro akomeye, mu yandi magambo bagomba kumva ko bagomba kujijuka bagakomeza gukumira icyatuma Afurika yongera guhungabana, by'umwihariko mu Rwanda rwacu.

**e) Gereranye ibivugwa mu ikinamico n'ubuzima urimo muri iki gihe.**

Umwarimu areba niba abanyeshuri bagereranya ubuzima bw'ubukoroni n'ubuzima bwa nyuma y'ubukoroni. Areba ko abanyeshuri bavuga ku bijyanye na politiki, ubukungu n'imibanire muri rusange.

Isomo rya kane: Kungurana ibitekerezo

| **Intego zihariye** |
|---|
| Ahereye ku nsanganyamatsiko yahawe, nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>• Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yahawe atanga ibitekerezo bye mu bwubahane, kandi avuga ahawe ijambo.<br>• Gutinyuka kuvugira mu ruhame ashize amanga. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku bidukikije. |

### 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku nsanganyamatsiko y'umwandiko baheruka gusesengura kugira ngo bibinjize neza mu mwitozo wo kungurana ibitekerezo.

**Urugero rw'ibibazo:**

**a) Ni iki wasigaranye mu isomo duheruka kwiga?**

**Nasigaranye ko ubukoroni bwazanye iterambere n'ubwo hari ibibi bwasize.**

**b) Ni iki ugomba gukora kugira ngo urwanye ubukoroni?**

Ngomba guharanira kujijuka, kwigira, guteza umuryango wange n'Igihugu cyange imbere.

**c) Ni nde watwibutsa ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko "Abatanye badatata barasubiranye"?**

Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bamubwira ingingo z'ingenzi z'umwandiko "Abatanye badatata barasubiranye"

### 2. Uko isomo ryigishwa

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira

**Igikorwa:**

*Ongera usome umwandiko "Abatanye badatata barasubiranye" hanyuma mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira.*

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

Umwarimu akoresha ishuri ryose mu kungurana ibitekerezo. Abanyeshuri batera urutoki akabaza umwumwe, bagasimburana batanga ibitekerezo byabo ku nsanganyamatsiko, nyuma umwarimu agafatira hamwe na bo umwanzuro.

**Urugero rw' insanganyamatsiko:**

"Uburyo bwo guhangana n'ingaruka z'ubukoroni."

**Urugero rw'umwanzuro:**

**Uburyo bwo guhangana n'ingaruka z'ubukoroni ni:**

- Guharanira kwigira;
- Guharanira ubumwe bw'abaturage;
- Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo;
- N'ibindi.

### IX.5.2. Ikinamico

Isomo rya gatanu: Inshoza, uturango, imyubakire n'ibice by'ikinamico

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>• Gutahura inshoza n'uturango by'ikinamico.<br>• Gusobanura imyubakire y'ikinamico n'ibice byayo. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo cyangwa inyandiko bivuga ku ikinamico. |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa isomo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize mu isomo rishya.

**a) Ni irihe somo duheruka kwiga?**

Ubushize twunguranye ibitekerezo ku nsanganyamatsiko "Uburyo bwo guhangana n'ingaruka z'ubukoroni."

**b) Ni gute Abanyarwanda bahangana n'ingaruka z'ubukoroni?**

Abanyarwanda bahangana n'ingaruka z'ubukoroni baharanira kwigira, baharanira ubumwe bw'abaturage; baharanira kwiteza imbere, barwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo...

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira

**Igikorwa:**

*Mwongera musome umwandiko "**Abatanye badatata barasubiranye**"mwitegereza imiterere yawo, uko abakinankuru bateye n'uko basimburana bavuga maze mukore ubushakashatsi, mutahure inshoza, uturango, imyubakiere n'ibice by'ikinamico.*

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha.

Abanyeshuri bakorera icyo gikorwa mu matsinda, hanyuma bakamurika ibyayavuyemo. Iyo abanyeshuri bamaze kumurika ibyavuye mu matsinda, umwarimu afatanya na bo kubinoza, bikandikwa ku kibaho, bakabyandukura mu makayi yabo.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya amatsinda ane, rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku nshoza, irindi ku turango, irindi ku myubakire irindi na ryo ku bice by'ikinamico. Igihe ayo matsinda amurika ibyo yakoze abagize andi matsinda baba bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo buri tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo:**

**a) Inshoza y'ikinamico**

Ikinamico ni umukino ushingiye ku gikorwa abantu berekanira imbere y'abandi, abantu bihindura ukundi, bagerageza gusa na bo cyangwa ibyo bakina haba mu mvugo, mu mico no mu migirire, kandi bagamije gushimisha ababibona, rimwe

na rimwe bagaherwamo inyigisho zishobora kuba intandaro yo gukira bimwe mu bikomere by'umutima umuntu agendana buri munsi cyangwa gukemura bimwe mu bibazo bihora biziritse bagenzi bacu mu miryango natwe ubwacu tutiretse. Ikinamico ishobora kukunywesha umuti urura, ukakubera urukingo ruzima rwo guca ukubiri n'ikitwa ingeso mbi zose zoreka imbaga y'abantu mu migirire no mu bikorwa by'urukozasoni. Ikinamico ni ikigega k'ikoraniro ry'ingeri z'ubuvanganzo zitandukanye, kuko ikinamico ubwayo atari ingeri y'ubuvanganzo.

Mu ikinamico, abakinnyi bashobora gutebya, gusakuza, guca imigani, kuririmba, guhoza abageni n'abana, kuvugira inka, yewe n'abahigi bashobora kuzitura intozo zabo nyuma amahigi bakayaroha. Ikinamico ni akayobera. Usibye akamaro ko gushimisha abayireba, irigisha abantu bakanyurwa. Ikinamico iravura; ikuramo abantu ububabare baba bafite, ikagerageza na none gukemura bimwe mu bibazo baba bafite ku mutima. Hashingiwe ku nsanganyamatsiko z'ikinamico twavuga ko ikinamico ari **ikinabuzima.**

**b) Uturango tw' ikinamico**

Ikinamico ihimbye neza, igomba kuba igaragaramo uturango dukurikira:

**Umutwe w'ikinamico:** umutwe w'ikinamico ugomba kuba ari mugufi kandi uteye amatsiko.Insanganyamatsiko rusange igomba kuba ifitanye isano n'umutwe wahisemo. Biba byiza iyo usomye umutwe adahita yumva neza ibikubiye mu ikinamico.

**Umwinjizo:** ni amagambo atangira umukino, aba asa n'akebura abagiye gukurikira ikinamico, ndetse abakururira gukurikira neza umukino.

**Abanyarubuga:** ni abakinnyi bakina umukino, bagaragaza imyifatire itandukanye, bagenda bumvikana, ndetse bakagaragara mu mukino. Mu ikinamico, cyanecyane mu ikinamico nyarwanda, usanga amazina y'abakinnyi ashushanya imico yabo, uko bateye n'uko bitwara.

**Ibice by'umukino:** ni umukino wose uba ugabanyijemo ibice bitandukanye, bitewe n'uko umuhanzi yabigennye.

**Agakino:** igice cy'umukino, gishobora kugira imiseruko itandukanye, bitewe n'igitekerezo gikubiye mu gice cy'umukino.

**Urukiniro/akabugankuru:** ni aho agakino cyangwa igice cy'umukino kiba kiri bukinirwe. Urukiniro baruha umuteguro, bakarutaka cyangwa bakaruha imirimbishirize, bitewe n'ibyifuzo by'umuhanzi cyangwa umutoza.

**Umuseruko:** tuvuga umuseruko, iyo hari umukinnyi mushya winjiye mu rukiniro cyangwa igihe hari usohotse mu rukiniro.

Mu makinamico avugirwa kuri tereviziyo cyangwa kuri radiyo, si ngombwa ko urukiniro rurangiriraho igice cyose cy'umukino kuko ho biba byoroshye kubikora. Mu mikino yerekanwa, ntabwo washobora kwerekana abantu bari mu Kiriziya, ngo mu kanya wongere uberekane baryamye imbere y'imbaga ibarebera kandi ari mu gice kimwe. Aha ngaha byagusaba kubanza gufunga umwenda, ugategura akandi kabugankuru. Amategeko y'ikinamico avuga ko bafunga umwenda gusa iyo igice cy'umukino kirangiye.

**Inyobozi:** ni ibisobanuro bigaragara mu ikinamico, biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino. Bikunze gushyirwa mu dukubo.

**Imvugo nkana:** ni amagambo umunyarubuga ashobora kuvuga mu gihe ari kugirana ikiganiro na mugenzi we, ariko mugenzi we akigiza nkana ko atayumvise.

**Imvugano:** ni ikiganiro kiba hagati y'abanyarubuga igihe bahererekanya amagambo.

**Inyishyu:** ni amagambo umunyarubuga runaka asubiza mugenzi we mu ikinamico.

**Umwivugisho:** ni amagambo avugwa n'umunyarubuga igihe ari wenyine yivugisha.

**Ururondogoro:** ni imvugo itinze y'umunyarubuga runaka.

**Iherezo:** ikinamico igira iherezo. Iherezo ry'ikinamico rishobora kumara amatsiko abayikurikiye, cyangwa rigasiga abayikurikiye mu gihirahiro bibaza uko byagenze cyangwa uko bizagenda.

**c) Imyubakire y'ikinamico**

Ikinamico nk'inkuru ikinnye, igira imyubakire iteye itya:

**Intango**: muri iki gice, hagaragaramo uko ubuzima buba busanzwe muri rusange, abantu babanye neza nta kibazo bafitanye.

**Kidobya**: nko mu nkuru, kidobya ni akantu kaza, kakaba imbarutso, kagahindura ibintu uko byari bimeze. Icyo gihe uko ibintu byari bisanzwe birahinduka, niba ari nk'ikibazo kivutse, kigashakirwa igisubizo.


**Inkubiri y'ibikorwa**: muri iki gice, ni ho dusobanukirwa inkuru koko.

Abanyarubuga bakagaragaza ya myifatire cyangwa imico itandukanye baba bakina.

**Umwanzuro:** muri iki gice, ni ho tubona uko inkuru irangiye. Mu mwanzuro ikinamico ishobora kurangira imaze amatsiko cyangwa igasiga mu rujijo abayiteze amatwi cyangwa abayireba.

**Amaherezo**: muri iki gice, hagaragaramo uko byagenze nyuma y'ikemuka ry'ikibazo runaka cyangwa se nyuma y'uko ikibazo gikomeza kuba insobe. Aha ni na ho hagaragara abagiriye inyungu muri kwa gukemuka cyangwa kudakemuka kw'ikibazo.

Imyubakire y'ikinamico ishingira ku banyarubuga. Ibikorwa bigaragara mu ikinamico bishingira ku banyarubuga cyanecyane ku banyarubuga b'imena. Abanyarubuga b'imena bafatanyije n'abungirije bayobora imigendekere y'ibikorwa mu ikinamico kugeza ku ndunduro y'ikinamico. Nko mu nkuru ngufi cyangwa ndende, umusesenguzi w'ikinamico ashobora gushushanya ibikorwa yifashishije igishushanyo giteye gitya:




**Nyiri ubwite:** ni bo ikinamico iba ishingiyeho. Aba bashobora kugera ku ntego bagamije cyangwa ntibayigereho.

**Ugenerwa:** ni umuntu wese waba afite inyungu, ukurikije ikivugwa mu ikinamico.

**Abafasha:** ni abakinamico cyangwa ibindi bintu bishobora gutuma nyir'ubwite cyangwa ba nyir'ubwite mu ikinamico bagera ku kigamijwe cyangwa ntibakigereho, ariko byagaragaye ko ba nyiri ubwite bari bashyigikiwe.

**Ugenera:** ni umuntu cyangwa ikintu gituma nyiri ubwite agira intego runaka mu ikinamico.

**Ikigamijwe:** ni intego abakinamico b'ingenzi baba bahawe n'umuhimbyi

w'ikinamico.

**Imbogamizi:** ni abakinamico cyangwa ibintu bishobora kubangamira umukinnyi cyangwa abakinnyi b'imena kugera ku ntego cyangwa ku kigamijwe.

**Ikitonderwa:**

Mu ikinamico, ibikorwa bishobora gukurikirana nk'uko byagiye biba mu njyabihe yabyo. Cyokora ibyo si ihame, kuko hari ubwo usanga ibikorwa bidakurikiranye uko byagiye biba mu mateka yabyo, bitewe n'ubuhanga bw'umuhanzi w'ikinamico.

**d) Ibice by'ikinamico**

Ikinamico nyinshi zizwi, zigira ibice bitatu. Mu gice cya mbere, usanga ari nk'igice cy'umwirondoro no kugaragaza muri rusange imiterere y'abakinnyi n'inshamake y'ibikorwa bizagaragara mu ikinamico yose. Mu gice cya kabiri ni ipfundo ry'ikinamico. Muri iki gice, ibintu biba bitangiye gusobanuka, abakinnyi bakuru bigaragaje kimwe n'abungirije. Igice cya gatatu, habonekamo ikemuka ry'ikibazo cyari kiraje ishinga umukinnyi mukuru. Muri iki gice, ikibazo gishobora gukemuka cyangwa kikaburirwa umuti, abasomyi, abatega amatwi kimwe n'ababa babirebera ku byuma bigaragaza amashusho, bakaguma mu rungabangabo bibaza ikizakurikiraho. Iyo bigenze bitya, umukino urangira ugiteye amatsiko. Ku birebana n'ibice bigize ikinamico, ntawashidikanya ko hari ikinamico yagira ibice bibiri cyangwa bine, bitewe n'umuhanzi uwo ari we n'icyo agamije.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Urugero rw'ibisubizo byatangwa:**

**a) Sobanura ishushanyabikorwa ry'ikinamico "Abatanye badatata barasubiranye"?**

Ni ugenera(nyakugaba), ikigamijwe(ikifuzo)ugenerwa(nyiri inyungu), imbogamizi, nyiri ubwite(ruhamwa) n'abafasha( inyunganizi).

Ugenera: Ruhakana

Ikigamijwe: kurwanya ubukoroni

Ugenerwa:Nyirashiku, Kanyarufunzo, abana ba Ruhakana na Nyirashiku..

Imbogamizi: Abazungu, Padiri Dippo, Abasirikare b'abazungu

Nyiri ubwite: Ruhakana, Kanayarufunzo,...

Abafasha: Abataramyi n'umusaza Rumashana

**b) Ikinamico ifite akahe kamaro mu buzima bw'Abanyarwanda?**

Ikinamico irashimisha ,irigisha, irakosora, iraurira, igira abantu inama,...

**c) Sobanura muri make uturango dutanu tw'ikinamico.**

Umwarimu areba niba abayeshuri batanze uturango tw'ikinamico.

**d) Tandukanya inkubiri y'ibikorwa na kidobya.**

**Inkubiri y'ibikorwa** ni igice dusangamo imihindagurikire y'ibikorwa mu ikinamico naho **kidobya** ni ikintu kiza kikaba imbarutso kigahindura ibintu uko byari bimeze

**e) Tahura ibice by'ikinamico "Abatanye badatata barasubiranye".**

Ibice by'ikinamico "Abatanye badatata barasubiranye".

- Umwirondoro: ni igice kigaragaza kandi kigasobanura abakinnyi b'ikinamoco. Muri iyi kinamico harimo abakinnyi ikenda n'abandi bari mu matsinda.
- Ipfundo ry'ikinamico: imibereho y'abairabura n'imibanire yabo n'abazungu mu gihe cy'ubukoroni na nyuma y'ubukoroni.
- Ikemuka ry'ikibazo: kwiga uburyo bushya bwo kubaho nyuma y'ubukoroni hitawe ku byiza ubukoroni bwasize hatirengangijwe ingaruka bwasize ku Banyarwanda. Urugero: Kubacamo amoko yagejeje u Rwanda kuri Jeniside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Isomo rya gatandatu: Amoko n'amateka by'ikinamico

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gusobanura amoko n'amateka by'ikinamico. |

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'igitabo cyangwa inyandiko bivuga ku ikinamico.

## 1. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa ibyo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni nde wanyibutsa isomo duheruka kwiga?**

Isomo duheruka ni inshoza, uturango, imyubakire n'ibice by'ikinamico.

**b) Iryo somo ryagusigiye iki?**

Umwarimu areba ibisubizo bitangwa n'abanyeshuri anabafasha kubihuza n'isomo ryizwe.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira

**Igikorwa:**

*Mukore ubushakashatsi maze mutahure amoko y'ikinamico n'amateka yayo.*

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa cy'umwinjizo kiri mu gitabo cy'umunyeshuri.

Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo gukora icyo gikorwa, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu atoranya amatsinda abiri, rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku moko, irindi na ryo ku mateka y'ikinamico. Igihe ayo matsinda amurika ibyo yakoze abagize andi matsinda baba bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo buri tsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo:**

**a) Amoko y'ikinamico**

Amoko y'ikinamico agenwa hakurikije ibyiciro bine: ahantu ikinamico ibera n'inzira ikinamico inyuzwamo kugira ngo igere ku bantu, ibikorwa njyamutima ikina, imiterere n'insanganyamatsiko ivugaho.

- Dukurikije ahantu ikinamico ibera n'inzira cyangwa umuyoboro ikinamico inyuzwamo kugira ngo igere ku bantu, ikinamico ibamo amoko abiri: ikinamico yo ku kabugankuru n'ikinamico inyuzwa mu bikoresho by'itumanaho n'ikoranabuhanga, kuri radiyo cyangwa tereviziyo.
- Dukurikije ibikorwa njyamutima ikina, ikinamico igira amoko atatu: ikinamico nterabitwenge, ikinamico nteragahinda n'ikinamico mberabyombi.
- Dukurikije imiterere, ikinamico tuyisangamo amoko abiri: ikinamico isanzwe n'ikinamico y'uruhererekane (Ururnana, Museke weya,... )
- Dukurikije insanganyamatsiko, ikinamico tuzisangamo amoko menshi: ikinamico y'amateka, ikinamico nyobokamana, ikinamico ya poritiki, Ikinamico gakondo,, ikinamico y'urukundo, ikinamico y'imibereho…

**b) Amateka y'ikinamico**

Ikinamico yatangiranye n'ukubaho kwa muntu, guhera mu gihe cya kera kitazwi neza no mu gihe k'indigiti. Habagaho **imikino nterabitwenge** na nteragahinda (**zamwibasire)**. Hakomeje kubaho imihango yo gutamba ibitambo n'indi minsi mikuru yo gusenga ibigirwamana ku buryo byagereranywa n'ikinabuzima. Ahayinga mu wa 1950, ni bwo hatangiye ikinamico nshya. Kimwe n'ahandi hose, mu Rwanda ikinamico yatangiranye n'imibereho y'Umunyarwanda, aho yiganaga iby'ubuzima bwa buri munsi, nk'imyemerere gakondo, iyobokamana mvamahanga, imico, imyifatire, ubukoroni,…

Aho Abanyarwanda bamenyeye iby'impinduramatwara, batangiye kwandika imikino yuzuyemo imbamutima zabo, dore ko bari baramenye no kwandika. Ikinamico ya mbere mu Gihugu cyose yanditswe mu mwaka wa **1954**. Ubwo bugeni bwatangiranye n'uwitwa **Nayigiziki Saveriyo** mu mukino yise "**L'optimiste",** aho yatangaga ikizere ko ibintu byose bishoboka. Hashize imyaka cumi n'itanu(15),ikinamico yanditse mu rurimi rw'Ikinyarwanda yagaragaye mu Rwanda ni iy'uwitwa **Mubashankwaya I**. yitwa"**Diyosezi y'i Mvejuru izigondera Seminari"**n'abandi bakurikiraho. Mu ntangiriro Insanganyamatsiko zibanzweho mu Rwanda ni umwami n'ubwami, iyobokamana, umuryango, intambara, inka, isuka, imihigo n'izindi.

Uretse mu mashuri hirya no hino mu Rwanda no kuri Radiyo Rwanda

ntiyahatanzwe, ubwo mu mwaka wa 1982 hatangizwaga teyatere (théatre) yaje guhindura izina ikitwa “ Ikinamico”. Ijambo ikinamico ryadutse mu Rwanda ahagana mu mwaka wa 1983. Umukino wa mbere ukaba warahitishijwe ku wa 21 Gashyantare 1983. Mu itangazamakuru, habonetse inkomarume n’ibimenyabose nka **Nyabyenda Narcisse** watoje abakinnyi, nka **Sebanani Andereye**, **Mukeshabatware Dismas**, **Mukandego Athanasie,** n’abandi. Uretse Nayigiziki na Mubashankwaya wamugwaga mu ntege, hakurikiyeho **Kabeja, T.** na **Ndasingwa, L.** bajyaga mu irushanwa ryategurwaga n’Iradiyo Mpuzamahanga y’Abafaransa (RFI) bakamurika “**Hirwa ou un homme seul”** na “**L’incompris”** ndetse na “**Une folie en vaut une autre”** yamuritswe n’itsinda ry’ikinamico mu Rwanda.

Ikinamico zabiciye bigacika kuri Radiyo Rwanda ni **Icyanzu cy’ Imana (Iya Uwera), Inseko ya Kiberinka**, **Mazi ya Teke** n’izindi. Nk’uko byamye ikinamico inyura kuri Radiyo Rwanda, akenshi itegurwa kandi igakinwa n’Itorero Indamutsa.

Uko ibihe byagiye bisimburana, ikinamico ndende yagiye ibangikanwa n’ikinamico y’uruhererekane cyangwa yo mu byiciro, ikinwa buhorobuhoro mu duce duto. Ikinamico y’uruhererekane yatangiye mu **1999** itangijwe n’umuryango utari uwa Leta w’Abongereza witwa “**Health Unlimited”** mu ikinamico **Urunana**. Hari na **Museke Weya** ya “**La Benevolençija**,” n’**Umurage urukwiye**, hari n’izanyuze kuri tereviziyo nka **Nta we umenya aho bwira ageze**…

**Bamwe mu banditsi b’ikinamico n’ibihangano byabo.**

| **Amazina** | **Ikinamico** | **Umwaka** |
|---|---|---|
| Mukahigiro P. | Si bo shyashya<br>N’ubuzima ni ikinamico<br>Akamasa kazaca inka kazivukamo<br>Ni urugamba nk’urundi | 1988<br>1987<br>1990<br>2003 |
| Banyurwanabi O. | Impumuro y’isano<br>Urunana rw’umuvumo | 1988<br>1995 |
| Bahinyuza I. | Urwabya rwa Nyabyenda<br>Icyanzu cy’Imana | 1985<br>1988 |

| | | |
|---|---|---|
| Amani A. | Agasaro ka Nsiga<br><br>Umutima ukunda | 1995<br><br>2000 |
| Rukundo C.L. | Yose ni ay'inka<br><br>Muroge magazi<br><br>Umwari Nyampinga | 1990<br><br>2000<br><br>2002 |

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi.

**Ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Umaze kubona amoko y'ikinamico, "Abataye badatata barasubiranye" wayishyira mu buhe bwoko bw'ikinamico?**

Ni ikinamico y'amateka.

**b) Ni ayahe mazina y'Umunyarwanda wabimburiye abandi kwandika ikinamico? Hari mu wuhe mwaka? Izina ry'iyo kinamico ni irihe?**

Ni Nayigiziki Saveriyo. Hari mu mwaka wa 1954. Iyo kinamico yari mu Gifaransa ikitwa " L'optimiste".

**c) Ikinamico ya mbere yahitishijwe kuri Radiyo Rwanda ryari?**

Ikinamico ya mbere yahitishijwe kuri Radiyo Rwanda ku wa 21 Gashyantare 1983

**d) Huza abanditsi n'ikinamico banditse.**

| Umwanditsi | Ikinamico |
|---|---|
| Mukahigiro P. | Umwari Nyampinga |
| Bahinyuza I. | N'ubuzima ni ikinamico |
| Rukundo C.L | Icyanzu cy'Imana |

**Mukahigiro P.:** N'ubuzima ni ikinamico

**Bahinyuza I:** Icyanzu k'Imana

**Kamugunga C.:** Umwari Nyampinga

Isomo rya karindwi: Uko ikinamico yandikwa n'uko ikinwa

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora:<br>• Kugaragaza imyandikire y' ikinamico.<br>• Kugaragaza uko ikinamico ikinwa.<br>• Guhanga ikinamaco bubahiriza uturango twayo no kuyikinira imbere y'abantu. |
| **Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi bitabo bitabo bivuga ku ikinamico |

**1. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bibibutsa ibyo baheruka kwiga kugira ngo bibinjize neza mu isomo rishya.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ni iki isomo duheruka kwiga ryagusigiye?**

Umwarimu aratega amatwi ibisubizo bitangwa n'abanyeshuri abafashe kubinoza no kubihuza n'isomo baheruka kwiga.

**b) Kugira ngo ikinamico yawe isomwe cyangwa yumvwe n'Abanyarwanda benshi, wayihanga mu ruhe rurimi?**

Nayihanga mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**2. Uko isomo ryigishwa**

Reba uko imbonezamasomo ibiteganya kuri iki gice **mu ntangiriro rusange kuri 2.6**

Saba abanyeshuri bakore igikorwa gikurikira

**Igikorwa:**

*Mukore ubushakashatsi mutahure uko mwahanga ikinamico n'uko mwayikina.*

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda maze bagakora igikorwa kiri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu aha abanyeshuri igihe cyo kubikora, akanabarangira ibitabo binyuranye bakwifashisha.

Iyo igihe yabahaye kirangiye, umwarimu areba niba abanyeshuri bose babikosoye neza hanyuma agatoranya amatsinda abiri. Rimwe rikamurikira abandi ibyo ryakoze ku buryo bwo guhanga ikinamico, irindi ku mikinire y'ikinamico. Igihe buri tsinda rimurika ibyo bakoze abandi na bo baba bakurikiye, umwarimu abayobora mu kunoza ibyo itsinda rimurika. Iyo bamaze kunoza ibyamuritswe, byandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibisubizo:**

**a) Uko ikinamico yandikwa**

- Umuhanzi w'ikinamico agomba kubanza guhitamo insanganyamatsiko agiye kwandikaho kuko imico y'abantu aba agiye gushyira mu mukino igomba kuba ifite intego runaka yo kwigisha, gucyaha, kunenga, kugira inama n'ibindi.
- Iyo amaze guhitamo insanganyamatsiko, ahitamo abanyarubuga akabatwerera imyifatire n'imiterere igaragaza neza ibyo agiye gukina.
- Mu kwandika ikinamico umuhanzi agomba kuzirikana uko atangira umukino we n'uko aza kuwusoza, atanze igisubizo k'ikibazo cyari ingutu cyangwa asigiye abawukurikiye umukoro wo gukomeza kwibaza uko bizagenda.
- Ikinamico igomba kwandikwa mu buryo bw'ikiganiro, aho usanga abakinnyi bahererekanya amagambo, ndetse hakagenda hagaragazwa izina ry'ugiye kuvuga. Gusa aho biri ngombwa usanga umukinnyi ashobora gukina yivugisha we ubwe.
- Umuhanzi w'ikinamico kandi bitewe n'ibyifuzo by'uko ashaka ko umukino we ukinwa agenda agaragaza inyobozi, zandikwa mu dukubo, zigaragaza uko abakinnyi bagomba kwitwara, aho umukino runaka ubera n'imirimbo ihatatse. Inyobozi kandi zituma umutoza w'abakinnyi abafasha kwitwara uko umuhanzi w'ikinamico yabyifuje.

**Ibyitabwaho mu kwandika ikinamico**

- Umuhanzi agomba kwita cyane ku nsanganyamatsiko agiye kwandikaho bityo akayishakira umutwe bifitanye isano. Umutwe w'ikinamico ugomba kuba uteye amatsiko abagiye kuyikurikira cyangwa abasomyi.
- Umuhanzi agomba kwita cyane ku bo ageneye umukino we, mu rwego rwo kugena imvugo (iy'ubusabane, isanzwe, ihanitse, iya gisizi...) aza gukoresha. Agomba kumenya kandi ikigero barimo, imico yabo n'uko babayeho kugira ngo agene uburyo aza gukoresha ababwira, bityo umukino ugire icyo ubamarira, bitewe n'icyo agamije kugeraho.

- Umuhanzi agomba kuzirikana igihe ikinamico igomba kumara, bitewe n'aho igomba kunyuzwa n'icyo igamije. Hari amakinamico ashobora kugira uduce dutoduto tugenda dutangazwa mu gihe runaka, ikaba yamara igihe kirekire, nk'urunana, museke weya...Umuhanzi anazirikana ko igihe ikinamico ikinwa itagomba kurambirana cyane.
- Umuhanzi w'ikinamico agomba kwita ku buryo agena abanyarubuga mu ikinamico ye.

Mu ikinamico abanyarubuga barimo ibice bibiri by'ingenzi. Habamo umunyarubuga mukuru. Umunyarubuga mukuru ashobora kuba ari umwe cyangwa ari benshi. Habamo kandi abanyarubuga bungirije bashobora kuba bunganira umunyarubuga mukuru kugira ngo agere ku ntego yiyemeje ( abunganizi) cyangwa se bakaba bamubangamira ngo atagera ku ntego yiyemeje ( imbogamizi). Ni ukuvuga ko mu ikinamico dusangamo umunyarubuga mukuru n'abanyarubuga bungirije. Ariko hashobora no kubamo abanyarubuga batari ngombwa. Abo banyarubuga mu by'ukuri nta gikorwa gifatika bakora, ndetse bashobora no kuva mu ikinamico cyangwa mu nkuru ntibigire icyo bitwara (nk'igihe umukino ubera mu isoko, abaremye isoko bose si ko bagira uruhare mu mukino).

- Umuhanzi w'ikinamico agomba kugena uko abanyarubuga bitwara, cyane ko baba bagomba kugaragaza imico y'abantu basanzwe mu buzima bwa buri munsi. Rimwe na rimwe usanga abanyarubuga bahabwa amazina ahita aranga imyitwarire yabo, nk'abo bita ba Rubundakumazi, Nzavugankize, Rusisibiranya, Kajarajara, Kirikumaso n'andi. Gusa abacengeye neza iyi nganzo y'ikinamico bemeza ko atari byiza kwita bene aya mazina kuko biba bisa no kumara amatsiko abakurikiye ikinamico. Bavuga ko byaba byiza abanyarubuga bagiye bahabwa amazina asanzwe atagaragaza imyitwarire yabo, noneho uko bakina, ababakurikiye akaba ari bo batahura imyitwarire y'abakinnyi. Ni yo mpamvu mu guhitamo abakinnyi hagomba kurebwa umuntu uri bwigane neza umunyarubuga runaka.

**b) Uko ikinamico ikinwa**

Ikinamico iba igabanyijemo ibice. Iyo ari ikinamico yo ku rubuga aho ikinirwa (urukiniro) hagenda hahinduka uko buri gice kirangiye. Buri gice na cyo kiba kigabanyijemo uduce (imiseruko) tugenda duhindagurika, buri gihe uko hinjiye umukinnyi mushya cyangwa se hagize usohoka ku kabuga nkuru. Abakinnyi b'ikinamico ku rukiniro baba bagomba gusa neza nk'uko abanyarubuga bagaragajwe mu myifatire yabo. Mu gukina ikinamico kandi inyobozi ni ngombwa cyane zigomba kubahirizwa kugira ngo umukino ugende neza nk'uko umuhanzi wayo yabyifuje.

Abakinnyi babagomba kwisanisha neza n'ibyo bakina haba mu mvugo ndetse no mu ngiro.

**3. Imyitozo**

Umwarimu asaba abanyeshuri, bari mu matsinda ya babiribabiri, gukora imyitozo iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Umwarimu agenzura uko abanyeshuri bakora imyitozo abafite ibibazo byihariye akabafasha, hanyuma bakayikosorera hamwe, ibisubizo bikandikwa ku kibaho, abanyeshuri bakabyandukura mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**a) Kuki atari byiza guha abanyarubuga amazina ahita agaragaza imyifatire yabo?**

Guha abanyarubuga amazina ahita agaragaza imyifatire yabo si byiza kuko aba ari ukumara amatsiko abakurikiye ikinamico cyangwa abayisoma.

**b) Ukurikije ikinamico n'izindi ngeri z'ubuvanganzo, ni uwuhe mwihariko ikinamico ifite ku mikorere y'abakinnyi n'imyandikire yayo?**

Abanyarubuga bo mu ikinamico batanga ibitekerezo ubwabo binyuze mu biganiro bagirana hagati yabo, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo usanga hari umubarankuru wundi akenshi uba atanazwi uvuga ku banyarubuga. Mu myandikire y'ikinamico hagaragazwa buri mukinnyi n'amagambo avuga, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo nko mu mugani, ibitekerezo cyangwa ibarankuru rikorwa hifashishijwe inyandiko yanditswe mu bika.

**c) Garagaza ibyo umwanditsi w'ikinamico yibandandaho igihe ayandika.**

**Umwanditsi w'ikinamico:**

- Ahitamo neza insanganyamatsiko agiye kwandikaho.
- Ahitamo abanyarubuga.
- Azirikana uko atangira umukino we n'uko aza kuwusoza.
- Yandika ikinamico mu buryo bw'ikiganiro.
- Agaragaza inyobozi mu dukubo ahantu ha ngombwa
- Yita cyane ku bo ageneye umukino we, n'urwego rwabo.
- Asanisha neza abakinnyi n'ibyo bakina.
- Azirikana igihe ikinamico igomba kumara.

**d) Wifashishije ingero ebyiri z'abanyarubuga bari mu ikinamico "Abatanye badatata barasubiranye, jora uburyo umuhanzi w'iyo kinamico yubatse**

**abanyarubuga.**

Mu ikinamico nyarwanda amazina y'abanyarubuga ajyana n'imyitwarire yabo mu ikinamico. Ingero: Rumashana agaragara nk'uwarwanye intambara nyishi, Ruhakana agaragara nk'umuntu utemera iby'abazungu, Nyirashiku agaragara nk'umuntu wishwe n'imirimo y'abakoroni, Turikubwigenge agaragara nk'umuntu wagutse mu bitekerezo kandi uzi neza ibyo avuga,...

Hari amazina adahita agaragaza imyitwarire y'abanyarubuga. Twavuga nka Kanyarufunzo, Nataniyeri,...

**e) Tahura ibice by'ikinamico "Abatanye badatata barasubiranye".**

Ibice by'ikinamico "Abatanye badatata barasubiranye".

- **Umwirondoro**: ni igice kigaragaza kandi kigasobanura abakinnyi b'ikinamoco. Muri iyi kinamico harimo abakinnyi ikenda n'abandi bari mu matsinda.
- **Ipfundo ry'ikinamico**: imibereho y'abairabura n'imibanire yabo n'abazungu mu gihe cy'ubukoroni na nyuma y'ubukoroni.
- **Ikemuka ry'ikibazo**: kwiga uburyo bushya bwo kubaho nyuma y'ubukoroni hitawe ku byiza ubukoroni bwasize hatirengangijwe ingaruka bwasize ku Banyarwanda. Urugero: Kubacamo amoko yagejeje u Rwanda kuri Jeniside yakorewe Abatutsi mu 1994.

### IX.5.3. Umwitozo w'ubushobozi ngiro bw'umunyeshuri

Mbere yo gufatanya n'abanyeshuri gukora inshamake y'umutwe no gutanga isuzuma risoza umutwe wa kenda, umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo gusuzuma ubushobozi ngiro bwabo. Uyu mwitozo awubaha nk'umukoro ukazakosorwa mbere yo gutanga isuzuma.

**Urugero rw'umwitozo:**

**Muhange ikinamico ku byiza n'ibibi by'ubukoroni mu Rwanda kandi muyifate mu mutwe muyikinire imbere ya bagenzi banyu muhuza imvugo n'ingiro ndetse mugaragaze n'isesekaza.**

Umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda kandi akabibutsa amabwiriza agenga ihangamwandiko n'imyandikire y'ikinamico.

Buri tsinda rizafata mu mutwe umukino ryahanze maze riyikinire imbere y'abandi. Abanyeshuri bagomba gutegura ibikoresho byose bikenewe mu ikinamico yabo. Aho bishoboka umwarimu abwira abandi barirmu, abayobozi bo mu kigo bakaza kureba ikinamico abanyeshuri  bakina.

## IX.6. Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kenda

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma basobanukirwa iby'ingenzi bikubiye mu mutwe wa kenda bityo bikabafasha gukora inshamake.

**Urugero rw'inshamake yakorwa:**

| |
|---|
| Muri uyu mutwe twasesenguye umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'ubukoroni.<br>- Twunguranye ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zivuga ku bubi n'ubwiza bw'ubukoroni muri Afurika by'umwihariko mu Rwanda..<br>- Muri uyu mutwe kandi twabonye inshoza y'ikinamico, amateka yayo, uturango twayo, ubwoko bwayo,ibice twayo n'ibikorwa byo kwandika ikinamico.<br>- Na none twahanze ikinamico ndetse tuyikinira imbere ya bagenzi bacu duhuza imvugo n'ingiro tunagaragaza isesekaza.<br>Ibyo byose byamfashije kubarira abandi ikinamico numvise cyangwa nasomye no kwitabira gukina neza ikinamico mpuza imvugo n'ingiro. |

## IX.7. Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

| Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa gatanu |
|---|
| • Gusesengura ikinamico.<br>• Gukina bigana abanyarubuga.<br>• Guhanga ikinamico |

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora isuzuma buri wese ku giti ke riri mu gitabo cyabo. Iyo barangije kurikora buri wese aramukosora akareba ibibazo byihariye afite kugira ngo amufashe.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

**1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Kubera iki?**

Uyu mwandiko ni igitekerezo kuko ugaragaramo imvugo nyinshi zerekana ko umubarankuru arimo atekerereza abantu inkuru nk'uwayihagazeho ar na ko agaruka kenshi ku magambo y'impamagazi akangurira abamuteze amatwi Gukomeza kumwumva.

**2. Rugigana na Lazima bavugwa mu mwandiko ni bantu ki? Bari bashinzwe iki?**

Rugigana na Lazima bavugwa mu mwandiko ni abazungu. Rugigana ni we padiri Loupias wakoraga imirimo yo kwigisha iyobokama. Bwana Lazima ni we Liyetona Guvedoyus. Yari umusirikari w'Umudage kandi yacaga n'imanza mu Rwanda.

**3. Ni ikihe gisingizo cya Rukara twafata nk'ikivugo ke kigufi.**

Igisingizo cya Rukara twafata nk'ikivugo ke kigufi :

Urw'igikundiro,urwa Semukanya

Ingangurarugo ya Ruhuta

Nyiruruge ruvuga indamutsa.

**4. Uhereye ku mwandiko, amatorero ane yari agize abarashi bo mu Gahunga hafi ya Muhabura bitaga Abakemba ni ayahe?**

Amatorero ane yari agize abarashi bo mu Gahunga hafi ya Muhabura bitaga Abakemba ni: Uruyenzi, Abemeranzigwe, Urukandagira, Abakemba

**5. Kubera iki Rukara yanyonzwe kandi atari we wishe umuzungu?**

Rukara yaranyonzwe kandi atari we wishe umuzungu Kubera ko abishe umuzungu, Manuka na Rukurira, bari ingabo za Rukara.

**6. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko.**

Ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko: Imiterere y'imitegekere mu Rwanda rwo hambere, Kwigomeka ku butegetsi kw'abatware, kwivanga kw'abazungu mu nshingano batahamagariwe, ibikorwa by'urukozasoni abazungu yabiriye Abanyarwanda,…

**7. Ni iki washima Rukara, ni iki wamugaya?**

Rukara rwa Bishingwe yashimirwa ko yaranzwe n'umuco w'ubusabane buseseye n'inshuti n'abavandimwe, gukunda no kubaha umuryango we ndetse no kuvugisha ukuri ku byabaye. Rukara wwa Bishingwe yagayirwa ko atasabye imbabazi.

## II. Ibibazo by'inyunguramagambo

**1. Shaka mu mwandiko ijambo rihuje igisobanuro n'interuro zikurikira:**

a) Igikoresho batwaramo amacumu: **Intagara**

b) Kwicwa amanitswe ku giti hanyuma ukanyongwa: **Kunyongwa**

c) Iromba riba mu bitugu by'ingabo hagati: **Icondo ry'ingabo**

d) Igikoresho kimeze nk'agafuka ingabo zatwaragamo imyambi: **Umutana**

**2. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.**

**a) Kuvuga imyato: k**wivuga ubutwari no gusingiza intwaro watsindishije abanzi ku rugamba:

**b) Indamutsa**: ingoma bavuzaga umwami yibambuye:

**c) Guhegeta ibivuzo:** guhekenya ibivuzo biri mu nzoga y'amarwa:.

**d) Kuraswa urufaya:** kuraswa amasasu menshi mu gihe kimwe:

## III. Ibibazo ku ikinamico


**1. Tandukanya ikinamico nterabitwenge n'ikinamico y'amateka.**

Ikinamico nterabitwenge ni ikinamo igaragaramouturango tw'urwenya naho ikinamico y'amateka ni ikinamico igaragaramo ingingo zicucukumbuye ku mateka ya Afurika, ikarata cyangwa igashimagiza intwari n'ibihangange byanditse amazina yabyo mu muryango nyafurika cyangwa mu mu ryango nyarwanda. Iyi kinamico yerekana ko ubukorinize abwapyinagaje Abanyafurika, by'umwihariko Abanyarwanda.

**2. Ni izihe kinamico z'uruhererekane eshatu uzi zabimburiye izindi mu Rwanda?**

Ni Urumana yatangijwe n'Umuryango utari uwa Leta w'Abongereza witwa Health Unlimited mu 1999, Museke Weya ya La Benevolençija, n'Umurage urukwiye,…

**3. Garagaza igishushanyo k' ishushanyabikorwa mu ikinamico.**




**4. Garagaza izina ry'umwanditsi kuri buri kinamico ikurikira:**

a) Impumuro y'isano: Banyurwanabi O.

b) Ni jye mwiza: Nsabimana E.

c) Rugari rwa Gasabo: Kalisa Rugano

c) Amazi si ya yandi: Mbonimana S.

**5. Ikinamico ifite akahe kamaro mu buzima bw'Abanyarwanda?**

Ikinamico irashimisha ,irigisha, irakosora, iraurira, igira abantu inama,...

**6. Sobanura muri make uturango dutanu tw'ikinamico.**

Umwarimu areba niba abanyeshuri batanze uturango tw'ikinamico.

**7. Tandukanya inkubiri y'ibikorwa na kidobya.**

**Inkubiri y'ibikorwa** ni igice dusangamo imihindagurikire y'ibikorwa mu ikinamico naho **kidobya** ni ikintu kiza kikaba imbarutso kigahindura ibintu uko byari bimeze

### IV.Ihangamwandiko

Ufatiye ku nsanganyamatsiko wize, hanga ikinamico ukurikije uturago twayo n'amawiriza yo guhanga ikinamico.

## IX.8. Ibikorwa by'inyongera

### I.8.1 Umwitozo nzamurabushobozi

**a) Rondora ibintu bitanu bigize imyubakire y'ikinamico**

Ni intango, kidobya, inkubiri y'ibikorwa umwanzuro n'iherezo.

**b) Andika uturango dutatu tw'ikinamico**

Umwarimu arareba ko abanyeshuri badusobanuye neza.

**c) Hanga ikinamico irimo abanyarubuga bane maze uyikinire imbere ya bagenzibawe.**

Umwarimu areba uko abanyeshuri bahanga ikinamico akabafasha kuyinoza haba mu myandikire yayo n'imikinire.

### I.8.2. Umwitozo nyagurabushobozi

**a) Ukurikije ikinamico n'izindi ngeri z'ubuvanganzo, ni uwuhe mwihariko ikinamico ifite ku mikorere y'abakinnyi n'imyandikire yayo?**

Abanyarubuga bo mu ikinamico batanga ibitekerezo ubwabo binyuze mu biganiro bagirana hagati yabo, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo usanga hari umubarankuru wundi akenshi uba atanazwi uvuga ku banyarubuga. Mu myandikire y'ikinamico hagaragazwa buri mukinnyi n'amagambo avuga, mu gihe mu zindi ngeri z'ubuvanganzo nko mu mugani, ibitekerezo cyangwa ibarankuru rikorwa hifashishijwe inyandiko yanditswe mu bika.

**b) Wasobanura ute ukuntu abanditsi ba mbere b'Abanyarwanda bandikaga bakoresheje ururimi rw'Igifaransa kurusha izindi ndimi harimo n'Ikinyarwanda?**

Ni uko ururimi rw'Igifaransa ari rwo rwakoreshwaga cyane kubera ubukoroni,…

Umwarimu azareba impamvu zitangwa n'abanyeshuri zifitanye isano n'amateka y'ubukoroni n'inkurikizi zabwo mu Rwanda.

**c) Tekereza kandi ugaragaza ibyiza abakoroni bagajeje ku Rwanda.**

**Ibisubizo byatangwa:**

- U Rwanda rwagize iterambere ku miyoborere ishingiye ku matwara ya demokarasi.
- Hagiyeho amategeko mpuzamahanga arengera ikiremwa muntu
- U Rwanda rwungutse ibikorwa remezo nk'imihanda, amasoko, amashuri, amavuriro,...
- Abanyarwanda barajijutse kuko bakiriye ubumenyi bushya( Ubutabire, Ubugenge, ...)
- Ubwikorezi n'itumanaho byateye imbere.

- Ubushabitsi, ubuhahirane n'ikoranabuhanga byateye imbere cyane.
- Hatejwe imbere ibikorwa bishingiye ku

### I.8.3 Imyitozo y'inyongera

**a) Ikinamico ubwayo ni ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda? Sobanura.**

Oya. IKinamico ubwayo si ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda ahubwo inyandiko y'ikinamico ni yo ngeri y'ubuvanganzo nyarwanda.

**b) Sobanura inyito zikurikira zikoreshwa mu ikinamico: akabugankuru n'urukiniro**

**Urukiniro**: ni akabugankuru cyangwa aho abakinnyi bakinira umuseruko uyu n'uyu.

**Inyishyu**: ni amagambo umunyarubuga runaka asubiza mugenzi we.

**Inyobozi:** ni ibisobanuro biri mu dukubo bigaragara mu ikinamico biyobora abanyarubuga n'abatoza uko bari bwitware mu mukino.

**c) Kora inshamake y'ikinamico iyo ari yo yose wasomye cyangwa wumvise.**

Umwarimu azaha umwanya abanyeshuri kugira ngo bamurike inshamake zabo.

## IX.9. Amakuru y'inyongera

**Ikigereranyo hagati y'ikinamico yo kuri radiyo na tereviziyo n'ikinamico yo hanze**

| Ibyibandwaho | Ikinamico yo ku kabugankuru | Ikinamico yo kuri radiyo |
|---|---|---|
| Aho umukino werekanirwa | Inzu yabugenewe | Radiyo (sitidiyo) |
| Uko ubutumwa bwakirwa | Amaso (kureba) | Amatwi (kumva) |
| Abakinnyi n'abo bakinira | Amaso ku maso (uburyo buboneye) | Bamwe bari kure y'abandi (Uburyo buziguye) |
| Isano y'abakinnyi n'abo bakinira. | Isangirabiganiro hagati y'abakina, abareba bateze amatwi kandi bashobora kujora ako kanya. | Inzira imwe itega amatwi ibiganiro by'abakina Gukurikira bumva gusa radiyo |
| Ubwitabire bw'abakinirwa | Gukurikira umukino bareba kandi bumva. | Kugezwaho umukino bumva batabona |
| Ingaruka ku bakinirwa | Ukwidagadura bumva, bareba | |